

التَّقْسِيمُ وَالتَّقْعِيدُ لِلْقَوْلِ
الْمُفِيدِ

KUGABANYA

IBIDAFITE

AKAMARO MU

MVUGO Z'INGENZI

NTIBYEMEWE
KUKIGURISHA
لا يباع

اللغة كينيارواندا
Ikinyarwanda

التَّسْيِيمُ وَالتَّعْيِيدُ لِلْقَوْلِ الْمُفِيدِ

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

Cyanditse n'ukeneye impuhwe za Nyagasani we

HAYITHAM MWENE MUHAMADI SARHAAN

Uwahoze ari umwarimu mu ishuri ryisumbuye ry'umusigiti w'intumwa, akaba
n'umuyobozi w'urubuga rwa atasaswil al ilmiy

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda na:

SH. TWAGIRAMUNGU MUDATHIR

<http://attasseel-alelmi.com>

Imana imubabarire ibyaha n'ababyeyi be n'abamufashije bose kugira ngo iki gitabo
gisohoke.

الطبعة الأولى

Ugucapwa kwa mbere

جميع الحقوق محفوظة

إلا من أراد طبعه أو ترجمته لتوزيعه مجَّاناً بعد مراجعة المؤلف

Uburenganzira bwose kuri iki gitabo bwihariwe na nyiracyo Usibye uwaba ashaka kugicapa cyangwa kugisemura agamije kugitangira Ubuntu, ibyo yabikora ari uko abanje kubiharwa uburenganzira n'umwanditsi wacyo.

Ku bindi bisobanuro wa twandikira kuri email:

islamtorrent@gmail.com

فصح وزارة الإعلام

Cyatangiwe uburenganzira na Ministeri y'itangazamakuru.

KU IZINA RY'IMANA NYIRIMPUHWE NYIRIMBABAZI

Ishimwe n'ikuzo bikwiye Imana, niyo dusingiza tukanayishingikiriza tukanayisaba imbabazi z'ibyaha, tukanayikingaho ngo iturinde ibibi by'imitima yacu, n'ingaruka z'ibikorwa byacu bibi, uwahisemo kuyoboka Imana ikamutera inkunga ntawamuyobya, n'uwayobejwe n'irari ry'umutima we nta wamuyobora, ndahamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa mu kuri usibye Allah wenyine nkanahamya ko Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari umugaragu w'Imana akaba n'intumwa yayo, nyuma y'ibyo:

**AMAHAME REMEZO UMUNTU ASABWA KUMENYA MBERE YO
KWIGA IKI GITABO**



- [1] Ningombwa ko umunyeshuri afata mu mutwe intandiko za (Mutuni) mbere yo kwiga (Fata mu mutwe kuko buri wese wafashe mu mutwe ni Imamu).
- [2] Kumenya ahantu hari gihamya muri ayat ya Qor'an, n'impamvu yazanywe muri iryo somo.
- [3] Kumenya isano buri somo ryo mu gitabo cya Tawuhidi rifitanye n'irindi, n'impamvu ryazanywe aho kugira ngo igitabo kijyanirane.
- [4] Turibanda ku bisobanuro bimwe, kandi icyo tugenderaho ni (Qawulul Mufidu), bisobanuye ijamba rifite akamaro, cya Sheikh Ibun Uthayimin (Imana imugirire impuhwe), nitukirangiza turafata ibindi bisobanuro, gutyo gutyo, kugira ngo ibintu bitivanga.

KUKI TWIGA IKI GITABO?



- [1] Ni uko abamenyi batugiriye inama zo kucyiga. [2] Kuko icyi gitabo kiri mu bitabo byiza byanditswe muri uru rwego. [3] Kuko umwanditsi w'igitabo yasenyeye neza gihamya z'uwo bari bahanganye, kandi ibiteye urujijo arukuzamo za gihamya. [4] Kuko Imana yagihaye gukundwa ku isi. [5] Abamenyi batanze inama zo kugifata mu mutwe no kugisobanukirwa. [6] Amasomo yacyo apanze neza kandi arakurikirana. [7] Kuba abamenyi bibanda ku kucyigisha, kikaba cyarasobanuwe na benshi. [8] Kubera ko igitabo cyuzuyemo za gihamya zo muri Qor'an na Hadith. [9] Kuba interuro zacyo zoroshye. [10] Kuba abamenyi bahamya ko umwanditsi wacyo ari umumenyi uhambaye kandi imyemerere ye ikaba ari mizima. [11] Kubera ko icyi gitabo kibanze cyane kuri Tawuhidi y'amasengesho, kubera ko yajemo icyuho kinini, ariko kinavuga Tawuhid Rububiyat na Tawuhidiul y'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo. [12] KUbera ko umwanditsi w'igitabo mu kucyandika yakurikiye inzira y'abakurambere, ntabwo yashyizemo amagambo ye nk'uko Imamu Bukhariy yabikoze mu gitabo cye (Swahihu).

ICYAMAKE Y'AMASOMO AKUBIYE MU GITABO CYA TAWUHIDU (67)

Mbere y'uko dutangira kwiga igitabo icyo aricyo cyose ni ngombwa kubanza gusoma Itangiriro ryacyo n'amashakiro yacyo, kugira ngo tumenye ibikubiye mu gitabo, n'uburyo cyanditse, n'igitekerezo cyose cy'umwanditsi, dushingiye kuri ibyo dushobora kubasha kugabanya igitabo cyacu mo ibice icumi.

IGICE CYA MBERE: KIGIZWE N'ITANGIRIRO (AMASOMO 5)

[1] **(Ibituraje ishingira muri icyi gitabo ni Isoamo ry'uko Tawudi ari ngombwa):** Iryo somo yarizanye mu rwego rwo gusobanura ko Tawuhidi aricyo kintu kibanze ikaba ari nacyo kintu cya mbere cya ngombwa cyategetswe, no kubera ko ariryo vuga butumwa ryakozwe n'intumwa n'abahanuzi (amahoro y'Imana abe kuri bo).

[2] **(Isomo ryigisha agaciro ka Tawuhidi, n'ibyaha ihanagura):** Iri somo yarizanye, kugira ngo rikurure abasomyi, no kugira ngo asobanure ko kuvuga agaciro k'ikintu bitavugaga ko icyo kintu atari itegeko, no kuba hari abantu bangisha abandi kwiga Tawuhidi no kuyigisha.

[3] **(Isomo rivuga ko uwashimangiye Tawuhidi mu mutima we azinjira mu ijuru atabaruriwe):** Iri somo yarizanye mu rwego rwo kweza Tawuhidi ho ibangikanya n'ibihimbano n'ibyaha bindi, bikaba bijyanye no kuzana iri somo nyuma y'isomo rivuga ko Tawuhidi ari ngombwa ndetse n'agaciro kayo.

[4] **(Isomo rivuga ko tugomba gutinya ibangikanya):** Iri somo yarizanye, kubera ko ushaka gushimangira Tawuhidi mu mutima we agomba gutinya kuri we ibangikanya no ku bandi, kuko umuntu ashobora kwibwira ko yashimangiye Tawuhidi mu mutima we kandi atarayishimangiye, na buri somo ryase umwanditsi yazanye nyuma y'iri ryo gushimangira Tawuhidi mu mutima, urugero isomo ryo gutinya ibangikanya, naryo riri mu rwego rwo guhamya Tawuhidi mu mutima.

[5] **(Isomo ryo guhamagarira guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mu kuri usibye Allah wenyine):** Iri somo –Imana niyo ifite ubumenyi kurushaho- yarizanye kubera impamvu ebyiri:

1. Ni uko ushaka gushimangira Tawuhidi mu mutima we, ni ngombwa ko ayihamagarira abantu nk'uko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabigenje we n'abamukurikiye.
2. Ni no gusubiza abavugaga ko ikintu cya mbere umuntu abanza guhamagarira abandi ari Iswala.

**IGICE CYA KABIRI: GUSOBANURA TAWUHIDI ICYO ARICYO
(AMASOMO 9)**

- [6] **(Isomo ryo gusobanura Tawuhidi icyo aricyo no guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa usibye Allah wenyine):** Nyuma y'uko atugezaho ko Tawuhidi ari ngombwa, akanayidukundisha, atugaragariza ko tugomba kuyishimangira mu mitima, tunatinye ikinyuranyo cyayo, kandi tukayihamagarira abandi, birakwiye ko adusobanurira Tawuhidi icyo aricyo, uhereye kuri iri somo kugeza ku mpera y'igitabo.
- [7] **(Isomo rigaragaza ko ari ibangikanya kwambara igikomo cyangwa urudodo n'ibindi kugira ngo bigukize ikibi cyangwa bikikurinde):** Iki nicyo gisobanuro cya Tawuhidi, kumenya ikinyuranyo cyayo.
- [8] **(Isomo ry'ibyavuzwe kuri za Ruqiya n'amahirizi):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura za Ruqiya n'amahirizi by'ibangikanya biciye ukubiri na Tawuhidi.
- [9] **(Isomo ry'ugiye gushakira umugisha ku igiti cyangwa ibuye n'ibindi nka byo):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura ugusaba umugisha kwabujijwe guciye ukubiri na Tawuhidi.
- [10] **(Isomo ry'ibyavuzwe ku kubagira ikitari Imana):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura ko kubagira ikitari Imana mu buryo burimo urukundo no gukuza, byonono Tawuhidi.
- [11] **(Isomo rivuga ko ntawe abaga kubera Imana ahantu habagirwa ibitari ukubera Imana):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura ibikorwa na bamwe mu bantu b'injiji bisanisha kandi bifatanyaga n'ababangikanyamana mu minsi mikuru yabo n'ahantu bakoreraga amasengesho yabo, ko byonona Tawuhidi.
- [12] **(Isomo rivuga ko ari ibangikanyamana gukorera umuhigo ikitari Imana):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura umuhigo wabujijwe, uciye ukubiri na Tawuhidi.
- [13] **(Isomo rivuga ko gusaba kwikinga ku kitari Imana ari ibangikanya):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura ko kwikinga ku kitari Imana kubyo kidafitiye ubushobozi usibye Imana, ko byonona Tawuhidi.
- [14] **(Isomo rivuga ko gusaba ubutabazi ikitari Imana cyangwa gusaba utari Imana ari ibangikanya):** Iri somo yarizanye agamije gusobanura ibikorwa by'ibangikanya birimo gusaba ubutabazi, gusaba ubusabe ikitari Imana mubyo kidafitiye ubushobozi, usibye Imana ko byonona Tawuhidi.

**IGICE CYA GATATU: AMASENGESHO ADAKOREWE IMANA
ABA ARI IMPFABUSA (AMASOMO 4)**

- [15] **Isomo rikomoka ku ijambo ry’Imana rigira riti** “Ese babangikanya (Allah) n’ibidashobora kugira icyo birema, kandi na byo ubwabyo byararemwe?” Iri somo yarizanye agamije guhakana ko nta kigomba gusengwa kitari Imana, yaba intumwa, igishushanyo cyangwa ibindi.
- [16] **Isomo rikomoka ku ijambo ry’Imana rigira riti** “(Iyo Allah avuze, abamalayika barakangarana bakagwa igihumure) kugeza ubwo imitima yabo ishiriye ubwoba, (bamwe) bakavuga bati “Nyagasani wanyu yavuze iki?” (Abandi) bati “(Yavuze) ukuri; kandi ni Uwikirenga, Usumba byose”. Iri somo yarizanye agamije guhakana ugusengwa kw’abamalayika batagatifu.
- [17] **(Isomo ry’ubuvugizi)**: Iri somo yarizanye agamije gusenya no guhakana ubuvugizi abahakanyi biringira mu bigirwamana byabo. [18] **Isomo rikomoka ku ijambo ry’Imana rigira riti** “Rwose, wowe (Muhamadi) ntushobora kuyobora uwo ushatse, ariko Allah ni we uyobora uwo ashatse” Iri somo yarizanye agamije guhakana ko intumwa Muhamadi adafite ubushobozi byo gutanga Tawufiq k’umuntu ngo abashe kuyoboka.

**IGICE CYA KANE: IMPAMVU ITERA UMUNTU UBUHAKANYI
(AMASOMO 4)**

- Umwanditsi amaze gusobanura Tawuhidi akanakana anasenya ugusengwa k’utari Imana, birakwiye ko agaragaza impamvu zituma umuntu agwa mu buhakanyi, kugira ngo tuzirinde:
- [19] **Isomo rivuga ko impamvu y’ubuhakanyi bw’abantu no kureka idini yabo ari ugukabya mu kubaha abantu beza.** Ikaba ari impamvu ihambaye kandi ikomeye ituma abantu bagwa mu buhakanyi, ari naryo bangikanyamana rya mbere ryabaye ku Isi.
- [20] **Isomo rivuga k’ukwamagana bikomeye umuntu usengera Imana ku imva y’umuntu mwiza, ese byaba bimeze bite noneho asenze iyo mva?!** Zimwe mu mpamvu zituma habaho ibangikanya ni ukubaho ibishushanyo n’ibifoto, no kugira amarimbi insengero.
- [21] **Isomo rivuga ko gukabya kubaha imva z’abantu beza, bigera aho bikazihindura ibigirwamana bisengwa mu mwanya w’Imana.** Zimwe mu mpamvu zitera ubuhakanyi, ni ugukabya kubaha imva z’abantu beza.
- [22] **Isomo rivuga ko intumwa Muhamadi yarinze Tawuhidi anafunga inzira zose ziganisha ku ibangikanya.** Intumwa Muhamadi yafunze inzira zose z’ibangikanyamana mu myizerere no mu bikorwa, haraza kuza isomo rivuga uko intumwa Muhamadi yafunze buri magambo yose yageza umuntu ku ibangikanya.

**IGICE CYA GATANU: GUSENYA GIHAMYA Z'ABAVUGA KO
IBANGIKANYA RITAZIGERA RIBAHU MURI UYU MURYANGO
(UMAT) CYANGWA MU KIGUBE CY'ABARABU (ISOMO 1)**

[23] Isomo rivuga ko bamwe mu bantu bo muri uyu muryango (umat) basenga ibigirwamana.

**IGICE CYA GATANDATU: IBIKORWA BYA GISHITANI
(AMASOMO 7)**

[24] **Isomo ry'ibyavuzwe k'uburozi:** Umwanditsi yazanye iri somo, kuko uburozi ntibushobora kubaho budaturutse mu nzira zo guhakana Imana, uburozi bukaba ari inzira ikomeye yo guhamagarira abantu kujya mu buhakanyi.

[25] **Gusobanura amwe mu moko y'uburozi:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo atwigishe ko uburozi burimo amoko, kandi ari ngombwa ko tuyirinda yose uko yakabaye.

[26] **Isomo ry'ibyavuzwe ku abapfumu n'abameze nkabo:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo adusobanurire, itegeko ryo kujya ku abapfumu n'uburyo butandukanye bwo kubajyamo.

[27] **Isomo ry'ibyavuzwe ku ugukura uburozi mu uwarozwe:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo akureho urujijo agaragaza ibibujijwe muri byo n'ibyamwe.

[28] **Isomo ry'ibyavuzwe ku imyaku:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo yamagane iby'abantu bo mu gihe cy'ubujiji bakoraga bijyanye no kwemera imyaku.

[29] **Isomo ry'ibijyanye ko kwemera iby'inzenyeri:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asenye ubumenyi bubeshya ko inzenyeri zigira uruhare mu bibera ku isi.

[30] **Isomo ry'ibijyanye no gusaba imvura inzenyeri:** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asenye ukwiringira gushingiye ku ibangikanyamana.

IGICE CYA KARINDWI: IBIKORWA BY'IMITIMA
(AMASOMO 9)

[31] **Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti** “No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana mu kimbo cya Allah”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo ahakane ko umuntu ukunda ibiremwa urukundo yagakunze Imana cyangwa akarushaho nta Tawuhidi aba afite.

[32] **Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti** “Mu by'ukuri, uwo ni Shitani ubatinyisha abambari be”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo ahakane ko umuntu utinya ibiremwa igitinyiro yagatinye Imana cyangwa akarushaho nta Tawuhidi aba afite.

[33] **Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti** “Kandi mwiringire Allah niba koko muri abemera”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo ahakane ko umuntu wiringira ikitari Imana, nta Tawuhidi aba afite.

[34] **Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti** “Ese bibwira ko batekanye, badashobora kugerwaho n'ibihano bya Allah?”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo akebure umwemera ko mu rugendo rwe rwo kugana ku Mana agomba gufatanya gutinya Imana no kwiringira ibihembo byayo icya rimwe.

[35] **Isomo ryigisha ko kwihanganira igeno ry'Imana biri mu ukwemera Imana.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asobanure uko umwemera agomba kwifata igihe cy'ibyago n'amakuba.

[36] **Isomo ryigisha k'ubyerekereye gukorera ijisho.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asobanure ububi bwo gukorera ijisho k'umwemera kandi ko ari ikintu gitinywa cyane ku bantu beza.

[37] **Isomo ryigisha ko umuntu gukora igikorwa agamijemo indonke z'isi ari ibangikanya (ritoya).** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asobanure ko uzakora igikorwa cy'imperuka agamijemo indonke z'isi gusa, aba aguye mu ibangikanya, igisobanuro cy'ibyo, ni ukuba umuntu yanezwa cyangwa akarakazwa n'iby'isi.

[38] **Isomo ryigisha ko uwumviye abamenyi n'abayobozi mu kuziririza ibyo Imana yaziruye, no kuzirura ibyo yaziririje, uwo aba abagize ibisengwa (ibangikanya mu ukumvira).** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo asobanure ibyonona Tawuhidi kandi biri mu gutegekwa n'amategeko atari ay'Imana.

[39] **Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti** “Bagashaka ko bakiranurwa n'andi mategeko atari aya Allah”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo afashe umwemera gusobanukirwa igisobanuro cyo guhakana ibigirwamana, n'igisobanuro cy'ukwemera nyako n'ukwemera kw'ikinyoma.

**IGICE CYA MUNANI: TAWUHIDI Y'AMAZINA Y'IMANA
N'IBISINGIZO BYAYO (ISOMO 1)**

[40] Isomo ryigisha k'umuntu uhakana icyo aricyo cyose mu mazina y'Imana n'ibisingizo byabo. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze ko uhakana icyo aricyo cyose mu mazina n'ibisingizo by'Imana aba nta Tawuhidi afite.

**IGICE CYA CYENDA: IMVUGO Z'IBANGIKANYA ZABUJIJWE
(AMASOMO 29)**

[41] Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti "Bazi neza ingabire za Allah ariko (bakabirengaho) bakazihakana". Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragarize umwemera ibyo asabwa ku byerekeye inema yahawe.

[42] Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti "Bityo, ntimukabangikanye Allah n'ibigirwamana kandi mubizi (ko ari we wenyine ukwiriye gusengwa by'ukuri)". Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uburyo bw'umwemera arahiramo ibitari Imana, n'itandukaniro ry'inyuguti ya (waw ٥) na (Thuma ٣).

[43] Isomo rivuga k'umuntu utabashije kwemeza undi kandi arahiye Imana Nyagasani. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze ubuhambare bw'Imana buba bumeze mu mutima w'umwemera, igihe arahiye Imana.

[44] Isomo rivuga ku ijambo rigira riti "Imana yabishatse nawe urabishaka". Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera ngo yirinde gufatanywa Imana n'ikindi kintu mu gushaka.

[45] Isomo rivuga ko umuntu utuka igihe aba arakaje Imana Nyagasani". Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera ko agomba kwirinda kugira ikintu atuka, kuko byaba nko gutuka uwagitegetse cyangwa uwagishyizeho.

[46] Isomo rivuga ku ukwiyita umucamanza w'abacamanza bose. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera kwarinda kurengera k'uruhande rujyanye n'ubumana.

[47] Isomo rivuga ko ukubaha amazina y'Imana Nyagasani no guhindura izina rigongana nayo kubera ibyo. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uburyo umwemera agomba kurangwa n'ibinyabupfura ku Imana n'amazina yayo n'ibisingizo byayo n'idini ryayo n'intumwa zayo.

[48] Isomo rivuga k'umuntu utesha agaciro ikintu kiriho amagambo asingiza Imana cyangwa ariho Qor'an cyangwa amagambo y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze ko ukora ibyo nta Tawuhidi aba afite, anagaragaze uburyo bwo gukorana nawe ko ari na ngombwa kurinda ururimi.

[49] Isomo rikomoka ku ijambo ry'Imana rigira riti "N'yo tumusogongeye ku mpuhwe ziduturutseho nyuma yo kugerwaho n'ingorane, rwose aravuga ati "Ibi mbibonye kuko mbikwiye". Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze ibyo umwemera asabwa mbere y'uko agerwaho n'inema na nyuma yo kugerwaho nayo.

[50] **Isomo rikomoka ku ijambo ry’Imana rigira riti** “Ariko (Allah) yamara kubaha umwana utunganye, bagatangira kumubangikanya n’ibyo yabahaye”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uburyo umwemera aba ameze igihe agezweho n’inema, no kuziririza buri zina ry’ubugaragu butari ubw’Imana.

[51] **Isomo rikomoka ku ijambo ry’Imana rigira riti** “Kandi Imana ifite amazina meza, bityo mujye muyifashisha muyisaba”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera kwirinda gukina n’amazina y’Imana n’ibisingizo byayo.

[52] **Isomo rivuga ku ibijya bivugwa ngo: Asalamu ala Laahi Taala (Amahoro abe ku Imana Nyagasani).** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera ngo yirinde gufatanya Imana n’ikindi kintu mu gushaka.

[53] **Isomo rivuga ku ijambo rigira riti “Mana mbabarira ibyaha nubishaka”.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera ngo yirinde gukora Is’tithinau (Mana nkorerwa iki nubishaka) mu busabe bwe.

[54] **Isomo ribuza kuvuza itari: Umugaragu wanjye n’umujakazi wanjye.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo akubure amenye uburyo bwo gukoresha amagambo.

[55] **Isomo rivuga ko utagomba gusubiza inyuma umuntu ugusabye kubera Imana.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uburyo umwemera agomba kwifata, igihe asabwe kubera Imana, ko agomba kumuha kubera kubaha no guha agaciro izina ry’Imana.

[56] **Isomo ribuza gusaba ikindi kitari ijuru ukoresheje uburanga bw’Imana Nyagasani.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uko umwemera agomba guha agaciro Imana Nyagasani akanayubaha byuzuye.

[57] **Isomo rivuga ku ijambo Law (iyo nza).** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uko umwemera agomba kubaha uburyo akoresheho amagambo ameze, no kwirinda gutambamira amategeko ndetse n’igeno.

[58] **Isomo ribuza gutuka umuyaga.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo ayobore umwemera ku amagambo afite akamaro yavugaga igihe ahuye n’ibyo atishimiye.

[59] **Isomo rivuga ku ijambo ry’Imana rigira riti** “Ritekereza kuri Allah ibitari ukuri; ibitekerezo bya kijiji”. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera yirinde ukukeka kubi ku Imana, nk’uko ariko bimeze mu bafite ubujiji.

[60] **Isomo rivuga ku muntu uhakana igeno.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragaze uko umwemera k’uwemera igeno kuba kumeze.

[61] **Isomo ribuza ku abakora ibishusho.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo akubure umwemera amenye ingaruka mbi zo kurengera ubumana bw’Imana.

[62] **Isomo rivuga ku byerekeye kurahira kenshi.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agire inama umwemera ko yajya agabanya indahiro, no guha agaciro gahambaye Imana mu mikoranire ye n’abantu.

[63] **Isomo rivuga ku ubwishingizi bw’Imana.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo umwemera ahe agaciro ubwishingizi bw’Imana n’ubw’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) mu bihe bimukomereye n’ibihe by’umunezero.

[64] **Isomo rivuga kuri Al Iq’sam.** Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera yirinde kurengera k’ubumana bw’Imana, akinga umuryango w’impuhwe ku abagaragu b’Imana.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

[65] Isomo rivuga ko bitemewe umuntu gukorera undi ubuvugizi ku Mana ku kiremwa cyayo. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo aburire umwemera yirinde kuba yazamura urwego rw'ibiremwa kuruta urw'uwakiremye.

[66] Isomo rivuga ko intumwa Muhamadi yarinze imbibe za Tawuhidi anayifungira inzira zagana ku ibangikanya. Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo umwemera yirinde buri mvugo yose iganisha ku ibangikanya.

IGICE CYA CUMI: UMUSOZO (ISOMO 1)

[67] Isomo rivuga ku ijamba ry'Imana rigira riti "Kandi (ababangikanyamana) ntabwo bahaye Allah icyubahiro kimukwiye" Umwanditsi yazanye iri somo, kugira ngo agaragarize umwemera ko ababangikanyamana babandi batemeye Imana ko batayihaye agaciro ikwiye, bityo yirinde ibyo bayobotse muri iyo nzira.

ISOMO RYA MBERE: ITANGIRIRO (AMASOMO 5)

IGITABO CYA TAWUHIDI

KUKI IKI GITABO KITASHYIRIWEHO ITANGIRIRO?

[1] Itangiriro ryarabuze mu nyandiko zimwe na zimwe, ariko mu zindi nyandiko habonetsemo izifite Bismilahi no gushimira Imana ndetse no gusabira intumwa amahoro n'imigisha.

[2] Yakoze ubusemuzi gusa, kuko bugaragaza inyito y'igitabo, ariyo Tawuhidi.

[3] Yabikoze yigana Imam Al Bukhariy (Imana imugirire impuhwe), kuko nawe nta Itangiriro yashyize ku igitabo cye, ashaka ko abantu bibanda ku gitabo cy'Imana na Hadith.

[4] Amasomo atanu ya mbere mu gitabo ubwayo ni nkaho ari Itangiriro ry'igitabo.

GUSOBANURA ICYO TAWUHIDI ARICYO

Tawuhidi: Mu rurimi rw'icyarabu, ni igicumbi cy'inshinga, wahada shayiu, kugira ikintu kuba kimwe.

Tawuhidi: Mu mategeko y'idini: Ni uguharira Imana ibiyikwiye bijyanye n'ubumana bwayo, no kuyiharira amasengesho ndetse n'amazina n'ibisingizo byayo.

[1] Tawuhidi Rububiyat: Ni uguharira Imana Nyagasani, kurema, ubwami no kugenza ibiriho. Cyangwa guharira Imana ibikorwa byayo.

[2] Tawuhidi Uluhiyat (Al ubudiyat): Ni uguharira Imana Nyagasani, amasengesho, cyangwa ibikorwa byose by'amasengesho.

[3] Tawuhidul Asmau wa Swifatu: Ni uguharira Imana Nyagasani, amazina yiyise ubwayo n'ibisingizo yisingije ubwayo, mu gitabo cyayo cyangwa ku rurimi rw'intumwa yayo Muhamadi, ibyo tukabikora duhamya ibyo Imana yihamijeho ubwayo, tunahakana ibyo Imana yihakanyeho ubwayo, nta guhindura cyangwa gupfobya cyangwa kuyasanisha n'ayi biremwa.

Nta gikorwa gishobora kwemerwa kitajyanye na Tawuhidi, kandi twaremewe kugira ngo dusenge Imana imwe, ijuru ntawe uzaryinjira adasenga Imana imwe, n'ivugabutumwa ry'intumwa ryabuzaga kugwa mu ibangikanya, kandi Tawuhidi niyo ntandaro y'ibyiza byinshi.

IJAMBO IBADAT RISOBANURA IBINTU BIBIRI:

[1] Uwakoze igikorwa: A Taabudu: Ni ukwicisha bugufi ku Imana ukora ibyo yagutegetse wirinda ibyo yakubujije, bikajyana n'urukundo n'icyubahiro.

[2] Igikorwa Al Mutaabadu: Ni izina rikusanyije buri kintu cyose Imana ikunda ikanacyishimira, yaba amagambo cyangwa ibikorwa ibigaragara n'ibitaragara (imvugo ya Ibun Tayimiyat Imana imugirire impuhwe).

[1] ISOMO RYIGISHA KO TAWUHIDI ARI NGOMBWA

Umwanditsi w'iki gitabo ntabwo yashyizemo iri somo, kugira ngo abantu bibande kuri Qor'an na Hadith, naza gihamya yavuze zose zerekana ko Tawuhidi ari ngombwa, birashoboka rero ko iri somo twariyita Isomo ryigisha ko Tawuhidi ari ngombwa.

Gihamya ya Mbere:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi nta kindi naremeye amajini n'abantu bitari ukugira ngo bansenge".

- (Kugirango bansenge): bisobanuye kumusenga ari umwe, kandi bicishe bugufi kuri nyje, bakora ibyo mbatega birinda ibyo nababujije. (Buri sengesho ryose muri Qor'an igisobanuro cyaryo ni Tawuhidi, iyo ni imvugo ya Ibun Abasi (amahoro abe kuri we).
- **Igisobanuro cya ayat:** Nta kindi kintu naremeye amajini n'abantu usibye amasengesho.

Gihamya ya Kabiri:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi rwose buri muryango (umat) twawoherejemo intumwa (kugira ngo ibabwire iti) "Nimusenge Allah (wenyine) kandi mwirinde (gusenga) ibigirwamana".

- Iyi ayat ariko ibintu bishimangira bitatu: 1. Indahiro itagaragara yumvikana mo. 2. Inyuguti ya Lam. 3. Inyuguti ya Qad.
- Iyi ayat irimo kuba intumwa zose zaremeranyijwe ku ivugabutumwa rya Tawuhidi, kandi ko Imana Nyagasani yabatumye kubera Tawuhidi.

**IYO MURI QOR'AN HAVUZWE IJAMBO UMAT
RIBA RISHAKA GUSOBANURA IBINTU BINE:**

Nk'uko bigaragara muri iriya Ayat yatambutse.

“Mu by'ukuri, Aburahamu yari umuyobozi w'intangarugero, wicisha”

“Ahubwo baravuga bati “Mu by'ukuri, twasanze abakurambere bacu ari yo nzira barimo”

“Maze wa muntu warekuwe (mu bari bafunganywe na Yusufu) aza kwibuka nyuma y'igihe (ko atamuvuganiye)”

1. Agatsiko

2. Umuyobozi

3. Inzira

4. Igihe

- Ijambo rigira riti (Kandi mwirinde ibigirwamana) risobanuye: Ni mwitandukanye nabyo mujye kure yabyo.

- N'igisobanuro cyiza ku byerekeye Twaghut ni ibyo Ibunil Qayim (agire amahoro) yavuze agira ati “Ni ikintu cyatuma umuntu arenga imbibi, mu biyobokwa cyangwa ibisengwa cyangwa ubyumvirwa” n'icyo agamije ni ubikorera kandi ibyishimiye.

[1] Ibiyobokwa: Ni nk'abapfumu n'abarozi n'abamenyi babi. **[2] Ibisengwa:** Urugero: ibishushanyo. **[3] Ibyumvirwa:** urugero: abayobozi bavuye ku ukumvira Imana.

- Ayat iragaragaza Tawuhidi, yerekana ko ibishushanyo nabwo bibarirwa muri Twaghut bisengwa mu mwanya w'Imana.

- **Tawuhidi ntishobora kuzura idafite inkingi ebyiri, arizo A Nafiyu (guhakana) na Al Ithibat (kwemeza):** Guhakana burundu ni ugupfobya burundu, naho kwemeza nanone gusa ntibihakana ibangikanya, urugero: (Zayidu arahagaze) bigaragaza ko hari uguhagarara kuri Zayidu, ariko ntibivuga ko abiyihariye. Naho imvugo igira iti (Nta numwe wahagurutse) uku ni uguhakana gusesuye. Naho imvugo igira iti (Ntawahagurutse usibye Zayidu) iyi mvugo igaragaza ko ariwe wenyine wahagaze, kuko iyi mvugo ikubiyemo kwemeza no guhakana.

- Impamvu Imana yatumye intumwa:

[1] Ni ugukuraho urwitwazo: Imana yaravuze iti “(Izo) ntumwa zitanga inkuru nziza zinaburira, kugira ngo abantu batazagira urwitwazo kwa Allah nyuma yo kohereza intumwa”

[2] Ni Impuhwe ku abantu: “Kandi (yewe Muhamadi) nta yindi mpamvu yatumye tukohereza itari ukugira ngo ube impuhwe ku biremba byose”

[3] Kugaragaza inzira yageza umuntu ku Imana.

Gihamya ya Gatatu:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti “Kandi Nyagasani wawe yaciye iteka ko nta kindi mukwiye gusenga uretse we wenyine”, kandi ko mugomba kugirira neza ababyeyi banyu. Igihe umwe muri bo cyangwa bombi bageze mu zabukuru, ntukababwire amagambo yo kubinuba ndetse ntuzanabakankamire, ahubwo ujye ubabwira mu mvugo y'icyubahiro”.

Ijambo rigira riti “nta kindi mukwiye gusenga uretse we wenyine”: Iyi niyo Tawuhidi kuko iyi mvugo ikubiyemo uguhakana no kwemeza.

IGENO RY'IMANA RIGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:

[1] Igeno ry'itegeko:

- Iryo geno riba kubyo Imana ikunda gusa.
- Biremewe ko rishobora kubaho cyangwa ntiribeho, Imana yaravuze iti “Kandi Nyagasani wawe yaciye iteka ko nta kindi mukwiye gusenga uretse we wenyine” icyo gihe igisobanuro cy'ijambo Qadwa: riba risobanuye: Yategetse cyangwa yasabye.

[2] Igeno rya karemano:

- Iryo geno riba kubyo Imana ikunda, no kubyo idakunda.
- Iryo geno ni ngombwa ko ribaho, Imana yaravuze iti “Twanaciye iteka kuribene Isiraheli, (tubivuga) mu gitabo tugira tuti “Mu by'ukuri, muzakora ubwangizi mu gihugu” Ubwangizi rero Imana ntibutegeka nta n'ubwo inabukunda.

NI GUTE IMANA IGENA IBYO IDAKUNDA?

Ikintu iyo gikundwa kubera ikindi hari igihe ubwacyo kiba kidakunzwe, ariko kigakunda kubera ubugenge burimo n'inyungu, icyo gihe rero kiba gikunzwe mu ruhande rumwe, ariko mu rundi ruhande kikaba kidashimishije.

Urugero rw'ibi: Ni ubwangizi ku isi kwakozwe n'abayisraheli, icyo kintu ubwacyo ntigishimishije ku Imana, kuko Imana ntabwo ikunda ubwangizi cyangwa ababukora, ariko kubera ubugenge burimo butuma bukundwa ku Imana mu urundi ruhande, no muri urwo rwego twavugaga amapfa no kubura kw'imvura, uburwayi n'ubukene.

IBIKUNZWE BIGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:

[1] Ikintu gikunzwe ubwacyo: Ni Allah

[2] Ikintu gikunzwe kubera ikindi: Nk'umuti ukundwa kubera kuvura.

UBUGARAGU BUGABANYIJEMO
IBICE BITATU:

UBUGARAGU RUSANGE:

Ni Rububiyat (Ubugaragu bwo kuneshya) ubwo bukaba ari ubwa buri kiremwa, Imana yaravuze iti “Nta na kimwe mu biri mu birere no ku isi kizagera imbere ya (Allah) Nyirimpuhwe kitari umugaragu (uciye bugufi)”

UBUGARAGU BW’UMWIHARIKO:

Ni Ubugaragu bwo kubaha rusange, Imana yaravuze iti “Kandi abagaragu ba Nyirimpuhwe ni babandi bagenda ku isi biyoroheje”

UBUGARAGU BW’UMWIHARIKO W’UMWIHARIKO:

Ni Ubugaragu bw’intumwa (amahoro y’Imana abe kuri zo) akaba ari nabwo bugaragu bwuzuye, Imana yaravuze iti “Ubutagatifu ni ubw’uwahishuriye umugaragu we (Muhamadi) igitabo gitandukanya ukuri n’ikinyoma (ari cyo Qur’an)”

Gihamya ya Kane:

Ni ijambo ry’Imana rigira riti “Kandi mujye mugaragira Allah, ntumukamubangikanye n’icyo ari cyo cyose” Ayat.

Ijambo rigira riti (Icyo ari cyo cyose) ryaje ritariho intuguti ya Alif na Lam, rikaba ryaje mu mvugo ihakana, rikaba rihakana buri kintu: Yaba intumwa yatumwe n’Imana, Malayika, umukiranutsi, cyangwa ikintu icyo aricyo cyose mu iby’isi, ntugomba kubangikanya Imana n’ikintu icyo ari cyo cyose cy’isi.

Gihamya ya Gatantu n’iya Gatandatu:

[5] N’ijambo ry’Imana rigira riti “Vuga uti “Nimuze mbasomere ibyo Nyagasani wanyu yabaziririje (n’ibyo yabategetse): Ntimukagire icyo mumubangikanya na cyo” Ayat.

[6] Ibun Mas’udi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Ukeneye kureba umurage w’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yasozerejeho, azasome ijambo ry’Imana rigira riti “Vuga uti “Nimuze mbasomere ibyo Nyagasani wanyu yabaziririje” kugeza ku ijambo ryayo rigira riti “Kandi mu by’ukuri, iyi ni yo nzira yanjye igorotse; bityo nimuyikurikire” Ayat.

-Ijambo inzira, rishobora komekwa ku:

1. Ku Imana, kuko iyo nzira ishobora kugeza umuntu ku Imana, no kubera ko Imana iba ariyo yayishyiriyeho abagaragu bayo.
2. Inzira nanone ishobora komekwa k’ubayigendamo, kuko aribo nyine baba bayigendamo, ariko inzira irokora nyirayo igomba kuba imwe ntizishobora kuba nyinshi, nazo izindi ni utuyira tunyuranye.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

IZI AYAT ZIKUBIYEMO IMIRAGE ICUMI:

AYAT YA MBERE IKUBIYEMO IMIRAGE (5):

- [1] Tawuhidu y'Imana Nyagasani.
- [2] Kugirira neza ababyeyi bombi.
- [3] Ntitugomba kwica abana bacu.
- [4] Ntitugomba kwegera ibiteye isoni.
- [5] Ntitugomba kwica uwo Imana yaziririje kwicwa bitari mu ukuri.

AYAT YA KABIRI IKUBIYEMO IMIRAGE (4):

- [6] Ntitugomba kwegera imitungo y'imfubyi. (impfubyi: Ni umwana wapfushije ise atarageza igihe), usibye gusa mu buryo bwo kuyitunganya no kuyibyaza umusaruro.
- [7] Ko tugomba kutabogana igihe tuvuga.
- [8] Ko tugomba kuzuza ibipimo n'iminzani.
- [8] Ko tugomba kuzuza amasezerano twagiranye n'Imana.

AYAT YA KABIRI IKUBIYEMO UMURAGE (1):

[10] “Kandi mu by'ukuri, iyi ni yo nzira yanjye” Muri Hadith ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yashushanyije umurongo umwe ugororotse, arangije aravuga ati **“Iyi niyo nzira y'Imana”** arangije ashushanya indi mirongo mu ruhande rwawo rw'iburyo n'urw'ibumoso, maze aravuga ati **“Utu ni utuyira, kandi kuri buri kayira hari Shitani ihamagarira abantu kuyoboka ako kayira”** arangije asoma Ayat.

ZIMWE MU INYUNGU Z'INGENZI

UMUNTU IMANA YAZIRIRIJE KWICA:

- [1] Umuyislamu.
- [2] Utari umuyislamu utuye mu gihugu cya Kislamu.
- [3] Uwagiranye n'abayislamu amasezerano y'amahoro.
- [4] Uwahawe amahoro n'abayislamu.

Imana yaravuze iti “(Ntimukice abana banyu) kuko nitwe tubaha amafunguro mwebwe ndetse nabo ubwabo” Imana muri iyi Ayat yahereye ku kugaragaza ko ariyo iha amafunguro ababyeyi, kuko bafite ubukene, naho muri Surat Al Is'rau, Imana iti “Nitwe duha amafunguro (abana banyu) ndetse namwe ubwanyu” Imana yahereye ku bana mbere yo guha amafunguro ababyeyi, kuko bo ari abakungu ariko batinye ubukene.

Ijambo ry'Imana rigira riti “Bidaciye mu kuri” ni ukuri kwagaragajwe n'amategeko y'Idini:

- [1] Kuba umuntu yishe undi.
- [2] Umuntu ukuze washatse, iyo asambanye.
- [3] Umuntu uvuye mu idini ye akitandukanya n'imbaga y'abayislamu.

Kugeza igihe gihagije cyo kuba umuntu arebwa n'amategeko:

- [1] Kuba umwana yujuje imyaka cumi n'itanu.
- [2] Cyangwa kuba umwana atangiye kumera insya.
- [3] Kuba umwana atangiye gusohora. Umwana w'umukobwa kuba atangiye kujya mu mihango.

Umurage: bisobanuye isezerano, kandi isezerano ntiriba umurage, usibye igihe riri mu kintu cy'ingenzi.

KUKI IBUN MAS'UDI YAVUZE KO IYI ARI UMURAGE W'INTUMWA MUHAMADI KANDI INTUMWA MUHAMADI ATARATANZE UMURAGE?

[1] Ni uko abona ko izi Ayat zikubiyemo Idini ryose. Izi ayat zikaba ari ayat zihambaye.

[2] Ni uko ziriya ayat ari umurage w'Imana "Ibyo yarabibategetse" Kandi intumwa Muhamadi ageza ku bantu ibyo akomoye ku Imana.

Gihamya ya Karindwi:

Ni imvugo yaturutse kuri Muadhi mwene Jabali (Imana imwishimire) yaravuze ati "Nari mpetswe n'intumwa Muhamadi ku indogobe ye, nuko arambwira ati "Yewe Muadha, ese waba uzi ukuri kw'Imana ku abantu? N'ukuri kw'abantu ku Imana?" ndavuga nti: Imana n'intumwa yayo nibo babizi, aravuga ati "Ukuri kw'Imana ku abantu: Ni uko bagomba kuyisenga yonyine ntibayibangikanye n'icyo ari cyo cyose, naho ukuri kw'abantu ku Imana: Ni uko itazahana umuntu utarayibangikanyije n'icyo ari cyo cyose" Ndavuga nti: Yewe ntumwa y'Imana, Ese iyi nkuru nziza nyigeze ku abantu? Aravuga ati "Oya, abibabwiye bakwirara" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

- Imvugo igira iti "Ese waba uzi" ni ikibazo gitera umuntu amatsiko no kwibaza ku mutima we, ibi biri mu buryo bwiza bwo kwigisha.
 - Ijambo rigira riti "Ukuri kw'abantu ku Imana" abantu ntacyo bategetse Imana kubakorera, ahubwo Imana ubwayo niyo yabyiyemeje nk'impano zayo kuri bo.
 - Ijambo rigira riti "Ese mbitangemo inkuru nziza" Inkuru nziza: Ni ukubwira umuntu ibimushimishije, ariko hari n'igihe rikoresheya ku bintu byagira nabi.
 - Ijambo rigira riti "Ntabahe iyo nkuru nziza" bisobanuye ngo ntubabwire iyo nkuru.
- Muri iyi Hadith yarimo ibyiza bya Tawuhidi, ko irinda ibihano by'Imana.
- Harimo nanone ko Imana itazahana itarayibangikanyije n'icyo ari cyo cyose, kandi ko ibyaha bisanzwe bihanagurwa no guhamya Tawuhidi mu mutima. No kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarabujije kubivuga, byari ukugira ngo abantu batazirara bakagenda kuri iyo nkuru nziza badakoze ibijyana nabyo, kuko guhamya Tawuhidi bisaba kwirinda ibyaha, kuko ibyaha biterwa n'imigaryo, kandi ibyo ni bumwe mu bwoko bw'ibanganyamana.

HARIMO IBIBAZO:

(Ibyo bibazo ntibiri mu gitabo cya Tawuhidi, umwanditsi yabishyizemo mu rwego rwo gusobanura igitabo cye, kandi ni bimwe mu bisobanuro byiza, kuko azi neza icyo bigamije, bikaba ari ngombwa kubyitaho).

Icya mbere: Impamvu yo kuremwa kw'amajini n'abantu (Ni Tawuhidi, ntabwo ari ukugira ngo bishimishe mu biribwa no kurongora gusa). **Icya kabiri:** Ni uko Ibadat ariyo Tawuhidi, kuko kutavuga rumwe kuri byo (Hagati y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abakurayishi, kuko buri Ibadat idashingiye kuri Tawuhidi iba ari impfabusa).

Icya gatatu: Ni uko umuntu udafite Tawuhidi aba atarasenga Imana, harimo igisobanuro cy'ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi namwe ntimusenga (Imana) nsenga". **Icya kane:** Impamvu yatumye Imana ituma intumwa (Ni ugusenga Imana imwe rukumbi, no kwirinda gusenga ibigirwamana). **Icya gatanu:** Ni uko ubutumwa bw'intumwa Muhamadi ari ubw'abantu bose (buri tsinda ry'abantu).

Icya gatandatu: Ni uko Idini y'intumwa zose yari imwe (Isoko y'idini ni imwe, naho amategako yo gushyira mu bikorwa yabaga atandukanye hashingiwe ku abantu babwirwa n'ahantu batuye ndetse n'igihe barimo).

Icya karindwi: Ikintu gihambaye ni uko gusenga Imana ntibishobora kubaho hatabayeho kubanza guhakana ibigirwamana, harimo igisobanuro cy'ijambo ry'Imana rigira riti "Bityo uzakakana ibigirwamana" Ayat (Ni ikintu gihambaye kuko abantu benshi ntibabizi, kandi ntibyumwe kwita ikintu ibangikanya cyangwa ubuhakanyi cyangwa imivumo, k'umuntu ukoze kimwe muri ibyo, kuko guca iteka kuri ibyo n'ibindi bigira impamvu ndetse n'imiziririzo).

Icya munani: Ni uko Tawaghuti ari buri kintu cyose gisengwa mu cyimbo cy'Imana.

Icya cyenda: Ni uko ubuhambare bwa Ayat eshatu zihamye zo muri Surat Al An'am ku abatubanjirije, harimo ibibazo icumi icya mbere muri byo ni ukubaza ibangikanyamana.

Icya cumi: Ayat zihamye zo muri Surat Al Is'rau, harimo ibibazo cumi n'umunani, Imana yabitangije ijambo ryayo rigira riti "Ntukagire ikindi ubangikanya na Allah, utazavaho ugawa ndetse ukanatereranwa" Imana yasoze sheje ijambo ryayo rigira riti "Kandi ntuzabangikanye Allah n'ikigirwamana icyo aricyo cyose, utazavaho ukajugunywa mu muriro wa Jahanamu, ugawa ndetse unirukanywe (mu mpuhwe za Allah)". Imana yaradukebuye itugaragariza ubuhambare bw'ibi bibazo, mu ijambo ryayo rigira riti "Ibi ni (bimwe) mu buhanga Nyagasani wawe yaguhishuriye (yewe Muhamadi)".

Icya cumi na rimwe: Ayat ya Surat A Nisau yitwa Ayat y'ibiri ukuri icumi, Imana yayitangije ijambo ryayo rigira riti "Muje musenga Imana imwe kandi ntimuzayibangikanye n'icyo aricyo cyose" (Ukuri gusumba ukundi ni ukuri kw'Imana Nyagasani).

Icya cumi na kabiri: Harimo gukebura abantu no kubibutsa umurage w'intumwa Muhamadi igihe yari agiye gupfa (Ariko intumwa ntacyo yatanzeho umurage mu by'ukuri, ariko yerekanye ko turamutse dushikanye ku gitabo cy'Imana ko ktudashobora kuzayoba na rimwe nyuma ye).

Icya cumi na gatatu: Ni ukumenya ukuri kw'Imana kuri twe (Ko tugomba kuyisenga yonyine ntutuyibangikanye n'icyo aricyo cyose).

Icya cumi na kane: Kumenya ukundi kw'abantu ku Imana igihe baramutse bubahirije ibyo basabwa (Ni ukuri kw'impano kuri bo).

Icya cumi na gatanu: Kuba iki kibazo abasangirangendo benshi batakizi (Kuko Muadha yakivuze agiye gupfa, ari ukugira ngo yikure mu cyaha cyo kuba yarahishe ibyo yumvise, abivuga abasangirangendo benshi barapfuye, intumwa Muhamadi yatinyaga ko abantu babimenya bakanebwa, ntabwo yari agamije guhisha burundu, kuko iyo aza kuba agamije guhisha burundu ntaba yarabibwiye Muadha cyangwa undi wese).

Icya cumi na gatandatu: Biremewe guhisha ubumenyi kubera inyungu (Ibi ariko ntabwo ari ubumenyi bwose muri rusange).

Icya cumi na karindwi: Ni byiza guha umuyisumu inkuru nziza imushimisha (Kuko ibi bifite akamaro cyane).

Icya cumi n'umunani: Ni ngombwa gutinya ukwirara ku mpuhwe z'Imana zagutse (Ni kimwe n'uko umuntu agomba gutinya gutakaza icyizere ku mpuhwe zayo).

Icya cumi n'icyenda: Kuba umuntu igihe abajijwe ikintu atazi agomba kuvuga ati "Imana n'intumwa yayo nibo babizi" Ibyo ariko bivugwa igihe intumwa iriho, no mu bintu byerekeranye n'idini gusa intumwa yigishije.

Icya makumyabiri: Biremewe guha ubumenyi abantu bamwe by'umwihariko abandi ukabareka.

Icya makumyabiri na rimwe: Kwicisha bugufi kw'intumwa Muhamadi, kuba yaragendeye ku indogobe kandi agahakaho undi muntu.

Icya makumyabiri na kabiri: Biremewe guhekana ku inyamaswa (ariko nyine igomba kuba itari buvunike cyane).

Icya makumyabiri na gatatu: Ubuhambare bw'ibi bibazo.

Icya makumyabiri na kane: Agaciro k'umusangirangendo Muadha mwene Jabali.

[2] ISOMO RIGARAGAZA IBYIZA BYA TAWUHIDI N'IBYAHA IHANAGURA

Iri somo umwanditsi w'igitabo yarizanye mu buryo bwo gukundisha abantu Tawuhidi, bitandukanye n'ibyo Shitani itera mu mitima, kandi ntabwo ari ngombwa ko kwemeza agaciro k'ikintu bigaragaza ko icyo kintu atari itegeko, ahubwo ibyiza byacyo bigaragarira mu musaruro wacyo, nk'isengesho.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti "Babandi bemeye ntibavange ukwemera kwabo no kubangikanya Allah, abo bafite ituze kandi ni na bo bayobotse (inzira y'ukuri)"

- Ijambo rigira riti "Ntabavange ukwemera kwabo" bisobanuye batavangitiranya ukwemera "Amahugu" amahugu avugwa hano ni ikinyuranyo cy'ukwemera, aricyo ibangikanyamana.
- Ijambo rigira riti "Abayobotse" [1] Ku isi: Ni abayobotse amategako y'Imana mu bumenyi no mu bikorwa, [2] Ku imperuka: Ni abayobotse kwinjira mu ijuru.
- Zimwe mu inyungu za Tawuhidi ni uguhamya umutekano ku isi no ku imperuka.

Gihamya ya kabiri n'iya gatatu:

[2] Imvugo yaturutse kuri Ubadat mwene Swamit yaravuze ati: intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Umuntu azahamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa itari Allah, wenyine utagira uwo abangikanye nawe, akanahamya ko Muhamadi ari intumwa y'Imana akaba n'umugaragu wayo, akanahamya ko Issa (Yesu) ari umugaragu w'Imana akaba n'intumwa yayo, akaba n'ijambo yohereje muri Mariyamu, na roho yaturutse ku Imana, akanahamya ko ijuru ari ukuri, n'umuriro ari ukuri, Imana izamwinjiza mu ijuru n'ibikorwa byose azaba afite" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

[3] Hadith yakiriwe n'abo bombi, ya Utubanu: Ivuga ko "Imana yaziririje kuzinjira mu muriro, awavuze wese La ilaha ila llahu, akabivuga agamije kwishimirwa n'Imana"

Ijambo rigira riti "Uzahamya), ubuhamya: Ni ukwemeza ku rurimi, no guhamya ku mutima no gukoresha umubiri.

Ijambo rigira riti (Ko nta yindi Mana ibaho itari Allah), bisobanuye ko nta wundi ugomba gusengwa mu ukuri usibye Allah wenyine.

Ijambo rigira riti (Wenyine), ni ugushimangira wemeza, naho ijambo rigira riti (Ntawe abangikanye nawe), ni ugushimangira uguhakana ku ibyo Imana yihariye.

- Ijambo rigira riti (Agahamya ko na Muhamadi) mwene Abdullah mwene Abdul Mutwalib Umukurayishi uwasozereje intumwa n'abahanuzi. - Ijambo rigira riti (Umugaragu wayo), bisobanuye [1] Ko adafatanyije n'Imana, [2] Ko ari urusha abandi kugandukira Imana. - Ijambo rigira riti (Akaba n'intumwa yayo), bisobanuye ko yatumwe k'ubwo guhishurirwa yahawe, ntabwo ibyo yavuze yabeshyeye Imana, gushimangira ubu buhamya byanonwa na: [1] Gukora ibyaha, [2] Guhimba ibihimbano mu idini bitari bisanzwe mo. - Ibyaha mu bisobanuro bya rusange, birashoboka ko twabyita ibangikanya, naho ku bisobanuro by'umwihariko bisobanuye: [1] Ibangikanya rikuru [2] Ibangikanya ritoya. [3] Ibyaha bikuru. [4] Ibyaha bitoya. - Ijambo rigira riti (Issa umugaragu wayo) harimo gusubiza abakiristu (Akaba n'intumwa yayo) harimo gusubiza abayahudi, twemera ubutumwa bwe ariko ntibidusaba kumukurikira mu gihe amategeko ye yazanye anyuranyije n'amategeko yacu, kandi amategeko y'abatubanjirije ari mu buryo bukurikira: 1- Kuba anyuranyije n'amategeko yacu, icyo gihe tugendera ku mategeko yacu. 2- Kuba ahuje n'amategeko yacu, icyo gihe nanone dukurikiza amategeko yacu. 3- Kuba amategeko yacu ntacyo yabivuzeho, icyo gihe aba ari amategeko yacu. Abantu kubyerekeye Issa bagabanyitsemo amatsinda abiri ndetse n'iryo hagati: 1- Abahakanye burundu: Nk'abayahudi baramuhakanye baramusebya we na nyina banga kwemera ubutumwa bwe, ndetse banategeka ko yicwa. 2- Abakabije mu kumwemera: Aribu abakirisitu, baravuze bati: Issa ni umwana w'Imana, akaba n'umwe mu butatu butagatifu, banamugira Imana. 3- Itsinda ryo hagati: Twemeza ko Issa yari intumwa y'Imana akaba n'umugaragu wayo, kandi nyina akaba yari umunyakuri cyane kandi ko atasamanywe icyaha yirinzwe, kandi ko urugero rwa Issa ku Imana ni nka Adam, Imana yamuremye mu itaka, hanyuma aravugaga ati: Ngaho baho maze abaho. Ijambo rigira riti (Akaba n'ijambo ryayo), ni uko yaremwe k'ubwi jambo, ariko Issa ubwe siwe jambo ry'Imana, kuko kuvuga ari kimwe mu bisingizo by'Imana. Ijambo rigira riti (Na roho yaturutse ku Mana), roho ni ikiremwa mu biremwa Imana yaremwe yaracyiyitiriyemo kugira ngo igihe agaciro. Ijambo rigira riti (Imana izamwinjiza mu ijuru), kwinjizwa mu ijuru birimo ibice bibiri: 1- Kwinjizwa mu ijuru kuzuye, kutabanjirijwe n'ibihano ku muntu wakoze ibikorwa byuzuye. 2- Kwinjizwa mu ijuru gucagase, kubanzirizwa n'ibihano by'umuriro ku muntu afite ibikorwa bikeya. Ijambo rigira riti (wavuze La ilaha ila llahu), akabivugana ukwiyereza Imana kubera gihamya igira iti (agamije kwishimirwa n'Imana). Muri iyi Hadith harimo igisubizo ku amatsinda abiri ariyo: **1. Al Mur'jiat:** Abo ni babandi bavugaga gusa ngo (La ilaha ila llahu) nta kwiyereza Imana ndetse n'ibikorwa. **2. Al Khawariji:** Abo ni abavugaga ko uwakoze icyaha gikuru ari umuhakany, uzaba mu muriro ubuziraherezo.

IBINTU IMANA YIYITIRIRA:

Kwiyiyitirira ibintu bizima biriho ubwabyo, kandi bifite ibiremwa bibikomokaho (Ingamiya y’Imana), ibi biba biri mu rwego rwo kwitirira ikiremwa uwakiremye. Buri kintu kiriho kidafatanye n’Imana kiba ari ikiremwa.

Kwitirira ibisingizo kitometse ku kintu cyaremwe: Imana yaravuze iti (Icyo naremye n’amaboko yanjye yombi) ibi biri mu rwego rwo kwitirira igisingizo nyiracyo.

Kwiyitirira kwa rusange: Imana yaravuze iti “Mu by’ukuri, isi yanjye ni ngari”.

Kwiyitirira byo guha agaciro: Imana yaravuze iti “Na roho iturutse kuri we”

Gihamya ya Kane:

Imvugo yaturutse kuri Abi Saidi Al Khuduriy (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Intumwa y’Imana Mussa yaravuze iti: Nyagasani nyigisha ikintu nzajya nkoresha mu kugusingiza no kugusabisha, Imana iravuga iti: Yewe Mussa ujye uvuga uti: La ilaha ila llahu, Mussa aravuga ati: Abagaragu bawe bose ibyo barabivugaga, Imana iti: Yewe Mussa, niyo ibirere birindwi n’ibibirimo byose bitari njye, n’isi zirindwi byashyirwa ku gitwe kimwe cy’umunzani n’ijambo La ilaha ila llahu rigashyirwa ku kindi gitwe cy’umunzani, ijambo La ilaha ila llahu ryabirusha uburemere” Yakiriwe na Ibun Hiban na Al Hakim.

Gihamya ya Gatanu:

Imvugo yakiriwe na Tir’midhiy akavuga ko ari nziza yaturutse kuri Anas, igira iti “Numvise intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) avuga ati: Imana Nyagasani yaravuze iti: Yewe mwene Adam, wowe niyo wangeraho ufite ibyaha byenda kuzura isi, hanyuma ugahura nanjye utarambanyikanyije n’icyo aricyo cyose, naguha imbabazi zingana nabyo”

Ijambo (La ilaha ila llahu) iyi nteruro ni ugusingiza inakubiyemo ubusabe, kuko usingiza Imana aba ashaka kwishimirwa nayo, ariyo iyo uyivuze utyo utayirangije uba uzanye urufunguzo rutagira amenyo, ntirwagufungurira rero, kandi ibisabwa kugira ngo rigire akamaro niyo menyo yarwo.

Ijambo rigira riti (Imbabazi zingana nabo) ibyiza bya Tawuhidi ni byinshi ihanagura ibyaha bikuru igihe umuntu ahuye n’Imana atarabanyikanyije na rimwe, imbabazi z’ibyaha ni ukubihisha no kubyirengagiza.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya Mbere: Kuba impano z'Imana zagutse. **Icya Kabiri:** Kuba ibihembo byo kurangwa na Tawuhidi ku Mana ari byinshi. **Icya Gatatu:** Kuba Tawuhidi inahanagura ibyaha. **Icya Kane:** Gusobanura ayat yo muri Surat Al An'am igira iti "Babandi bemeye ntibavange ukwemera kwabo no kubangikanya Allah, abo bafite ituze kandi ni na bo bayobotse (inzira y'ukuri)".

Icya Gatanu: Gutekereza ibintu bitanu biri muri Hadith ya Ubadat.

Icya Gatandatu: Uramutse uyihuje na Hadith ya Utuban n'ibiyikurikira, bikugaragariza igisobanuro cy'ijambo La ilaha ila llahu, bikanakwereka kandi ikosa ry'abagendera ku amarangamutima (Kuko bisaba ko iryo jambo warivuga ugamije kwishimirwa n'Imana, iyo rero bimeze bityo, bituma umuntu akora ibikorwa byiza).

Icya Karindwi: Kwitwararika condition iri muri Hadith ya Utuban (Kuko bidahagije kuvuga gusa

Icya Munani: Kuba intumwa n'abahanuzi bakenera guhwitura abantu babagaragarira agaciro ka (La ilaha ila llahu) nibo rero bagomba kubikora ku abatari bo ni ngombwa cyane.

Icya Cyenda: Kugaragaza ugutsinda kw'ibiremwa byose, hamwe nuko ibyinshi mubyo bavuga bigabany uburemere bw'iminzani (Ibibazo bizaba ku uwavuze ijambo ntabwo ari ku ijambo gusa, kubera kubura condition cyangwa hari ikibuzo).

Icya Cumi: Ni imvugo ihamya ko isi nazo ari zirindwi nk'uko ibirere ari birindwi (Ikingana ni umubare gusa).

Icya Cumi na rimwe: Kuba ibirere n'isi birimo ababituye (ibirere ababituye ni abamalayika).

Icya Cumi na kabiri: Guhamya ibisingizo, bitandukanye naba Ashairat (N'abapfoby, harimo guhamya uburunga ku Imana).

Icya Cumi na gatatu: Ni uko niba wamenye Hadithi ya Anasi, wamenye ko ijambo ry'intumwa muri Hadith ya Utuban rigira riti (Imana yaziririje ku muriro, umuntu wese wavuze La ilaha ila llahu, akabivuga agamije kwishimirwa n'Imana), ni uko kureka ibangikanya atari ukuvuga ku rurimi gusa.

Icya Cumi na kane: Tekereza ku ugufatany ukuba Issa na Muhamadi ari abagaragu b'Imana bakaba n'intumwa zayo.

Icya Cumi na gatanu: Ni ukumenya ibyo Issa yari yihariye, nko kuba yarakomotse ku ijambo ry'Imana (Kandi ko yaremwe nta se umubyara agira).

Icya Cumi na gatandatu: No kumenya ko yari roho yaturutse ku Imana (Yari imwe muri roho zaremwe n'Imana).

Icya Cumi na karindwi: Kumenya agaciro ko kwemera ijuru n'umuriro (Ko ari imwe mu mpamvu zo kwinjira mu ijuru).

Icya Cumi n'umunani: Kumenya ijambo rye rigira riti (Ku ibikorwa ibyo aribyo byose yaba afite).

Icya Cumi n'icyenda: Kumenya ko umunzani uzaba ufite ibitwe bibiri.

Icya Makumyabiri: Kumenya ko uburanga bwavuzwe (ari kimwe mu bisingizo by'Imana).

[3] ISOMO RYIGISHA KO USHIMANGIYE TAWUHIDI AZINJIRA MU IJURU ATABARURIWE

Umwanditsi yazanye iri somo kugira ngo dushimangire Tawuhidi twategetswe kandi yanawuzanye kugira ngo adukundishe Tawuhidi, tukayishimangira tuyeza ibangikanya n'ibihimbano n'ibyaha, ibyo bigakorwa hashingiwe ku bumenyi n'imyemerere no gushyira mu bikorwa. Kandi gushimangira Tawuhidi kubyerekeye umwanditsi, bigerwaho mu gusoma iri somo k'uburyo burambuye, naho muburyo rusange bikorwa [1] Mugukurikira intumwa y'Ibrahim (amahoro y'Imana abe kuri we) [2] Mugukurikira abasangirangendo bakuru. [3] Gushikama kuri Tawuhidi nubwo wasigara uri umwe. [4] Kwiringira Imana no kureka Ruqiyat no kwicisha indasago no kutemera imyaku.

Gihamya ya Mbere:

Mu ijambo ry'Imana rigira riti “Mu by'ukuri, Aburahamu yari umuyobozi w'intangarugero, wicisha bugufi kuri Allah, usenga Allah gusa, kandi ntan'ubwo yigeze aba umwe mu bamubangikanyamana”

Muri uyu murongo Imana iravuga ibigwi intumwa y'Imana Ibrahimu, tukaba dusabwa kumukunda no kumwigiraho, natwe tuvugwa neza hashingiwe k'ukuntu dukurikira Ibrahim, ibyo ni ukubera ko yashimangiye Tawuhidi ku bintu bitandatu byavuzwe muri ayat:

1. Ibrahim yari (Umuyobozi): umuyobozi ni umuntu ukurikirwa mu bikorwa bye akora, hamwe no kwiringira Imana.
2. (Uwicisha bugufi ku Imana): Yumviraga Imana igihe cyose, yari umuntu wumvira uhamye kandi ushikamye.
3. (Imana): Bisobanuye kwiyezeza Imana.
4. (Usenga Imana gusa): Ni ukuvuga ko yasengaga Imana gusa yarateye umugongo ibangikanya, agendera kure ibinyuranyije bwose no kumvira.
5. (Ntiyigeze aba umwe mu bayibangikanya): Kwitandukanya n'ibangikanya ndetse n'abarikora (haba k'umutima, ururimi n'umubiri).
6. (Yashimiraga inema z'Imana): Kubera ko guhabwa inema ari ikigeragezo gikeneye gushimira Imana.

INYUNGU

1. Ise wa Ibrahim Azara yapfuye yari umuhakanyi, Imana yaravuze iti “Bimaze kumugaragarira ko (se) ari umwanzi wa Allah, yitandukanyije na we”.
2. Ababyeyi b'intumwa y'Imana Nuhu, bari abemera, Imana yaravuze iti “Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye nyewe n'ababyeyi banjye”.
3. Imamu Ahmad yaravuze ati “Ibintu bitatu ntibigira inkomoko: Amateka, intambara na Tafsi, akenshi ibyo bintu bivugwa hatavuzwe abantu byakomotseho, nta muntu n'umwe uzi iby'abantu babayeho mbere, usibye mu nzira y'ihishurwa mu magambo y'Imana Nyagasani na Hadith z'intumwa yayo (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Gihamya ya Kabiri:

Imana yaravuze iti “Na babandi batajya babangikanya Nyagasani wabo”

Ijambo rigira riti (Ntibamubangikanya): Ibangikanya mu gisobanuro cya rusange, iyo Tawuhidi yashimangiwe bibyabaho hatabayeho kwirinda ibangikanya mu ntito yayo ya rusange, ariko ibyo ntibisobanuye ko badashobora gukora ibyaha, kuko buri kiremwa muntu gishobora gukosa, nta numwe warinzwe kudakora ibyaha, ariko iyo baramutse bakosheje, baba bashobora kwicuza ntibazasubire kubikora.

Gihamya ya Gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Huswayini mwene Abdurahman yaravuze ati “Igihe kimwe nari kwa Saidi mwene Jubayir, aravuga ati: Ninde muri mwe wabonye inyenyeri yaguye mu ijoro ry’ejo? Ndavuga nti: Ni nyewe, hanyuma ndavuga nti: Muri icyo gihe ntabwo narindi mu iswala, ariko nari narumwe n’inzoka, aravuga ati: Wabigenje ute? Ndavuga nti: Nakoresheje ruqiyat, aravuga ati: Ni iki cyaguteye gukora ibyo?, ati: Ni Hadith nabwiwe na Shaabiyu, aravuga ati: Ni ibiki yakubwiye? Ndavuga nti: Yatubwiye imvugo yakuye kuri Burayidat mwene Huswayibi, ko yavuze ati: “Ntabwo Ruqiyat yemewe usibye gusa k’umuntu wafashwe n’amaso mabi, cyangwa uwarumwe n’ibifite ubumara” aravuga ati: Azaba agize neza umuntu uzasohozza ibyo yumvise, ariko Ibun Abasi yambwiye imvugo yakomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ko yavuze ati “Neretse abantu, mbona intumwa ikurikiwe n’abantu bageze ku icyenda, mbona nanone intumwa ikurikiwe n’umuntu umwe cyangwa babiri, mbona n’intumwa atari kumwe n’umuntu n’umwe, nza kwerekwa abantu benshi cyane nkeka ko ari bantu banjye, barambwira bati: uriya ni Mussa n’abantu be, ndebye mbona abandi bantu benshi, barambwira bati: Aba nibo bantu bawe, barimo ibihumbi mirongo irindwi bizinjira mu ijuru batabaruriwe batananyuze mu bihano” nuko intumwa Muhamadi arahaguruka yinjira mu nzu iwe, abantu basigara baganira kuri abo bantu, bamwe bati: Wenda baba ari abasangirangendo b’intumwa, abandi bati: Wenda baba ari abavukiye muri Islam batabangikanyije Imana n’icyo aricyo cyose, bavugaga ibintu byinshi, intumwa Muhamadi arasohoka bamubwira ibyo basigaye bavugaga, aravugaga ati “Ni abantu badasaba gukorera Ruqiyat, batanicisha indasago, batemera imyaku, biringira gusa Nyagasani wabo” Nuko Ukasha mwene Muhuswin arahaguruka aravugaga ati: Yewe ntumwa y’Imana, nsabira ku Imana nzabe ndi muri abo, intumwa Muhamadi aravugaga ati “Uzaba uri muribo” hanyuma hahaguruka undi muntu, aravugaga ati: Nanjye nsabira ku Imana nzabe ndi muri abo bantu, intumwa Muhamadi aravugaga ati “Ukasha yagutanze”

Ijambo rigira riti: Ni ukubera (amaso): amaso avugwa hano ni amaso y’ishyari.

- Ijambo rigira riti (Ni iki cyaguteye gukora ibyo?): Humvikanamo ko umuntu gusaba ibisobanuro k'ubwo adasobanukiwe cyangwa gihamya byemewe, ariko mu buryo burimo ikinyabupfura.
 - Ijambo rigira riti (Nta ruqiyat yemewe usibye ku maso no kurumwa n'ibifite ubumara): Bisobanuye ko nta buvuzi nta n'umuti ufite akamaro ku ishyari no kuribwa n'inzoka z'ubumara, usibye Ruqiyat yemewe n'amategeko y'idini, hagendewe ku bisabwa kubanza kuzuzwa, hamwe nuko hari na Ruqiyat zindi zakozwe ku ibitari ibyo.
 - Ijambo rigira riti (Ibifite ubumara): Buterwa no kurumwa n'ibikoko bifite isumu.
 - Ijambo rigira riti (Rahatw): Ni abantu guhera kuri batatu kugera ku icyenda.
 - Ijambo rigira riti (Ntibasaba gukorerwa Ruqiyat): Bisobanuye ko ntawe basaba ko yabasomera Ruqiyat, kubera ibintu bikurikira:
- [1] Kwiringira Imana kwabo gukomeye. [2] Kuba aria bantu biyubashye banga kwicisha bugufi ku abatari Imana. [3] Kuba gusaba gusomerwa Ruqiyat harimo ikintu cyo kwiringira ibitari Imana.

IBICE BY'ABANTU MU GUSABA GUKORERWA RUQIYAT

- [1] Ni umuntu gusaba undi ko yamukorera Ruqiyat, ibyo bituma bikuye umuntu mu buzuza Tawuhidi (aba avuye mu bihumbi mirongo irindwi).
- [2] Kuba atabuzwa umuntu kumukorera Ruqiyat, ibi ntibituma Tawuhidi ituzura, kuko umuntu yayikoze ntawe ubimusabye.
- [3] Kuba umuntu yabuzwa ko bamukorera Ruqiyat, ibi binyuranye na Sunat, kuko intumwa Muhamadi atigeze abuzwa Aisha kumukorera Ruqiyat.
- Ijambo rigira riti (Ntibicisha indasago): Ni ugusaba undi muntu ko yazigucira.
- Ijambo rigira riti (Batamera imyaku): Ni ukwishyiramo ko kubona cyangwa kumva, ahantu, cyangwa igihe runaka bitera umwaku. Itegeko ry'ibi ni uko ari ibangikanyamana ritoya.
- Ibitari ibi bintu bitatu, ntibibuzwa kuzinjira mu ijuru umuntu atabarurirwe cyangwa atanyuze mu bihano, kubera zimwe mu inyandiko zaje zishishikariza kwivuzwa zinashima imwe mu miti, nk'ubuki na Habatu sawudau.

UBWOKO BW'ABANTU (UMAT)

Umatul Ijabat: Ni abantu bemeye Imana Nyagasani n'intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Umatu Daawat: Bakubiyemo abemeye Imana n'intumwa yayo Muhamadi, ndetse n'abatarayemeye (abahakanyi).

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Ikintu cya mbere: Ni ukumenya inzego z'abantu ku ibyerekeye Tawuhidi.

Icya kabiri: Gushimangira Tawuhidi bisobanuye iki? (Bisobanuye kuyirinda ibangikanya, ibihimbano n'ibyaha).

Icya gatatu: Kuba Imana Nyagasani yarasingije Ibrahim ko atigeze aba umwe mu ababangikanyamana.

Icya kane: Kuba Imana yaravuze neza abakunzi bayo ko batarangwa n'ibangikanyamana.

Icya gatanu: Kuba kureka Ruqiyat no kwicisha indasago biri mu bishimangira Tawuhidi (Gusaba gukorerwa Ruqiyat no gucibwa indasago).

Icya gatandatu: Kuba umuntu wese wujuje ibi bintu aba afite ukwiringira Imana (Kuko kubireka biri mu kwiringira Imana gukomeye).

Icya karindwi: Ubumenyi bwimbitse bw'abasangirangendo kuba barasobanukiwe ko batazinjira mu ijuru badakoze ibikorwa byiza (bizira ibangikanya).

Icya munani: Ni umurava wabo mu bikorwa byiza (Kuko bifuzwa kugera k'umusaruro w'ibyo bakoze).

Icya cyenda: Ni agaciro k'iyi Umat kubera ubwinshi bwayo mu (umubare) n'uburyo (ibikorwa).

Icya cumi: Ni agaciro k'abantu ba Mussa.

Icya cumi na rimwe: Kuba intumwa Muhamadi yareretswe abantu bo hambere byatewe no kugira ngo [1] Kumurema agatima. [2] Kumenya agaciro ke n'icyubahiro cye.

Icya cumi na kabiri: Ni uko iyi buri bantu (umat) bazazurwa bonyine bari kumwe n'intumwa yabatumweho.

Icya cumi na gatatu: Ni ukugaragaza umubare mukeya w'abemeye intumwa.

Icya cumi na kane: Ni uko intumwa itarayobotswe n'umuntu n'umwe izazurwa yonyine.

Icya cumi na gatanu: Umusaruro w'ubu bumenyi ni: [1] Kutabenshya n'ubwinshi (bikazaturimburana nabo). [2] No kutirengagiza udukeye (Hari igihe ibikeye biba ari byiza kuruta iby'inshi).

Icya cumi na gatandatu: Biremewe gukora ruqiyat (yemewe n'amategako y'idini) kubera amaso no kurumwa n'ibifite ubumara (n'ibindi).

Icya cumi na karindwi: Ni ukugaragaza ubumenyi bwimbitse bw'abatubanjirije, kubera ijambo rigira riti (Azaba agize neza usohozza neza ibyo yumvise, ariko ibi n'ibi), bikumvikana ko Hadith ya mbere idatandukanye n'iya kabiri.

Icya cumi n'umunani: Kuba abatubanjirije batarashimagizaga umuntu ku ibyo adafite.

Icya cumi n'icyenda: Ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Nawe uzaba uri kumwe nabo" ni kimwe mu bigaragaza ubutumwa bw'intumwa Muhamadi.

Icya makumyabiri: Ni agaciro ka Ukasha (k'ukuba azinjira mu ijuru nta kubarurirwa nta no kunyura mu ibihano).

Icya makumyabiri na rimwe: Ni ugukoresha ibimenyetso [1] Kubera ko umuntu yaba ari indyarya [2] Cyangwa gutinya gufungura umuryango, k'uburyo hagira usaba urwo rwego atarukwiye.

Icya makumyabiri na kabiri: Ni ukugaragaza imico myiza y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

[4] ISOMO RYO GUTINYA IBANGIKANYA

**NI KUKI UMWANDITSI YAZANYE IRI SOMO NYUMA
Y'IRYO GUSHIMANGIRA TAWUHIDI?**

Ni ukubera ko buri somo ryose rije nyuma y'iryo gushimangira Tawuhidi naryo riba rishimangira Tawuhidi, mugushimangira Tawuhidi harimo ugutinya ibangikanya, no mugushimangira Tawuhidi harimo no guhamagarira abantu kuyigana, bityo bityo kugeza ku mpera y'igitabo.

Ni uko umuntu ubona ko yashimangiye Tawuhidi, kandi mu by'ukuri, atarayishimangiye, ntagomba kubeshywa nibyo.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] N'ijambo ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, Allah ntababarira icyaha cyo kumubangikanya, ahubwo ababarira (ibindi) bitari icyo k'uwo ashaka".

[2] Umukunzi w'Imana Ibrahimu yaravuze ati "Undinde nje n'urubyaro rwanjye kuba twasenga ibigirwamana".

NI GUTE TUGOMBA GUTINYA IBANGIKANYA?

Ni ukwiga Tawuhidi tukanayikoresha tukanayihamagarira abantu ndetse no kwihangana

Kwiga ibangikanya no kumenya impamvu zaryo n'ibiritera, kugira ngo turyirinde.

Ubusabe no kwishingikiriza Imana Nyagasani.

Kwitandukanya n'ibangikanya ndetse n'abarikora, no kujya kure yabo kugira ngo utavaho uba umwe muri bo.

- Ibangikanya ntabwo Imana iribabarira na rimwe, mu gihe umuntu apfuye ataryicujije, kuko ibangikanya ari ukuvogera ukuri kw'Imana k'umwihariko, ariko Tawuhidi bityo upfiriye mu ibangikanya rikuru, uwo azaba ubuziraherezo mu muriro, naho iyo umuntu apfiriye mu ibangikanya ritoya, uwo ahabwa ibihano bihwanye n'uko yabangikanyije, hanyuma akinjira mu ijuru, kandi ntabwo azaba mu muriro ubuzira herezo kuko aba ari mu bantu bafite ukwemera. Ijambo rya Ibrahim rigira riti "Undinde" bisobanuye ngo unshyire kure no gusenga ibigirwamana ibishyire kure yanjye k'uburyo tutagira aho duhurira.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo rigira riti “Ibigirwamana” ni ibiba byarabajwe mu ishusho y’umuntu cyangwa ikindi kintu bikaba bisengwa mu kimbo cy’Imana, naho ibyitwa Wathani: ni buri kintu cyose gisengwa kitari Imana mu buryo ubwo aribwo bwose, Wathaniya bikubiyemo ibigirwamana byose.
- Ibrahim (amahoro y’Imana abe kuri we), ubwe yatinye ibangikanya kandi ari inshuti y’Imana akaba n’umuyobozi w’abagandukiramana, byaba bimeze bite kuri twebwe? Ntawe ukwiye kwizera ko atagwa mu ibangikanya cyangwa atagwa mu buryarya, kuko uwiringira ko atagwa mu buryarya aba ariyo.

Gihamya ya gatatu kugeza ku iya gatanu:

[3] Muri Hadith igira iti “Ikintu ntinye cyane kuri mwebwe: Ni ibangikanya ritoya, barimubazaho? Aravuga ati: Ni ugukorera ijisho”.

[4] N’invugo yaturutse kuri Ibun Mas’udi (Imana imwishimire) ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yavuze ati “Umuntu uzapfa abangikanya Imana n’ikindi kintu, azinjira mu muriro” Yakiriwe na Bukhariy.

[5] Na Hadith yakiriwe na Muslim ayikomoye kuri Jaber (Imana imwishimire) ivuga ko intumwa Muhamadi yavuze ati “Umuntu uzahura n’Imana atarayibangikanyije n’icyo aricyo cyose, azinjira mu ijuru, n’uzahura nayo yarayibangikanyije n’icyo aricyo cyose, azinjira mu muriro”

- Gukorera ijisho: Ni umuntu kuba yasenga Imana kugira ngo bamurebe cyangwa bamwumve cyangwa se ngo bavuge ko ari umuntu usenga cyane, atagamije gusenga abantu, bitabaye ibyo yaba ari ibangikanya rikuru, naho aramutse ashaka ko abantu bamwigana muri ayo masengesho ye, ibyo ntabwo ari ugukorera ijisho, ahubwo ni uburyo bwo guhamagarira abantu kugana Imana, umuti uvura gukorera ijisho ni ku bintu bikurikira:

[1] Kwiga Tawuhidi, kuko mu kwiga Tawuhidi umuntu akuza cyane Imana atitaye ku magambo y’uwo ariwe wese yavuga kuri we, igihe ashikamye ku idini.

[2] Ubusabe. [3] Kwihatira kuba ibikorwa ukora bigomba kuba ibanga ryawe na Nyagasani wawe.

[4] Kwirinda kureka gukora ibikorwa byiza witwaje ko urimo kwirinda kugwa mu ugukorera ijisho.


[5] Kwihatira gukora ibikorwa byinshi byiza, bikwibutsa imparuka nko gusura amarimbi hakurikijwe ibigenga gusura amarimbi.

NI KUKI INTUMWA MUHAMADI YATINYE KU BANTU BE GUKORERA IJISHO KURUTA UKO YABATINYIYE MASIHI DAJALI?

Ni ukubera ko ibigeragezo bya Masihi Dajali bigaragara, naho ikigeragezo cyo gukorera ijisho kikaba kihishe.

Ni ukubera ko ibigeragezo bya Dajali bizabaho mu gihe cyizwi (mu bihe bya nyuma), naho gukorera ijisho bibaho igihe cyose.

IBICE BIGIZE UGUKORERA IJISHO:



- Ijambo (Nida): Risobanuye ikimeze cyangwa igisa n'ikindi.
- Ijambo (azinjira mu muriro): Iki ni igihano cyo kubangikanya Imana Nyagasani.
- Ijambo (N'icyo aricyo cyose): rikusanyije buri bangikanya n'ubwo uwo waba uyibangikanyije nawe yaba ari umunyacyubahiro kurusha abandi, azinjira mu muriro.
- Ijambo "N'uzahura n'Imana yarayibangikanyije n'icyo aricyo cyose azinjira mu muriro": Igihe yabangikanyije ibangikanya ritoya, iryo ntirituma umuntu azaba mu muriro ubuziraherezo, naho iyo ari ibangikanya rikuru ryo rituma umuntu azaba mu muriro ubuzira herezo.
- Ibangikanya ibyaryo birakomeye cyane, ariko Imana yorohera umuntu kugira Ikh'lasw (gukora kubera yo) igihe umuntu ahaye Imana kugira uruhare ku ijisho rye, bityo ibikorwa bye byose akabikora kubera Imana atagamije kuvugwa n'abantu kuko abantu ntacyo bamumarira na kimwe.
- Nanone ni iby'ingenzi ko umuntu atagomba gushimishwa n'uko abantu bumva amagambo ye bakayemera, kuko ijambo rye riba ari we ubwe, ni nako bimeze ku ikinyuranyo, kugira Ikh'lasw biragoye cyane, usibye ko umuntu aramutse yerekeye ku Imana nyabyo atunganye mu nzira igororotse, Imana iramufasha kandi ikamworohereza.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

UBUSABE BUGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:

Ubusabe bw'amasengesho: Nk'umuntu gusari agakora Hijat akanasiba, abikoreye ikitari Imana, uwo aba ari umuhakanyi

Ubusabe bwo gusaba icyo ukeneye: Ubwo bugabanyijemo ibice bibiri:

Gusaba umuntu ibyo atashobora usibye Imana: Ibyo kubikorera utari Imana ni ibangikanya rikuru, nk'umuntu gusaba urubwari, cyangwa gusaba imvura ku ikitari Imana.

Gusaba ibisoborwa n'ibiremwa: Ubwo busabe buremewe, ariko hakurikijwe ibintu bine: Kuba usabwa ariho ari muzima – Kuba ahari – Kuba afite ubushobozi – Kandi ukemera ko we ari impamvu gusa.

**ITANDUKANIRO RY'IBANGIKANYA RIKURU
N'IBANGIKANYA RITOYA:**

Ibangikanya rikuru:

- Rikuru umuntu muri Islam.
- Rituma ibikorwa byose biba impfabusa.
- Nyiraryo azaba mu muriro ubuzira herezo.
- Rituma amaraso ya nyiraryo n'imitungo ye bizirurwa k'ubuyobozi bw'idini.
- Rizana ibihamya ko ari ibangikanya rikuru.
- Kuba umuntu yakwizera ko ikindi kitari Imana gifite uburyo bwihisha gikora ibintu bibera kuri iyi si, ko cyazana ibyiza cyangwa kigakumira ibibi.

Ibangikanya ritoya:

- Ntirikuru umuntu mu idini ya Islam.
- Rituma ibikorwa runaka aribyo biba impfabusa gusa.
- Ntirituma urikoze azaba mu muriro ubuzira herezo.
- Ntabwo rituma amaraso n'imitungo bizirurwa.
- Haza gihamya igaragaza ko ari ibangikanya ritoya.
- Kuba umuntu yakwemera ko ibyo Imana itagize impamvu aribyo mpamvu.
- Buri kintu cyose cyaganisha ku ibangikanya rikuru icyo kintu kiba ari ibangikanya ritoya.
- Buri kintu cyose idini ryita ibangikanya, cyangwa ubuhakanyi, ariko kikandikwa hadashyizweho (alif na lam), icyo kintu kiba ari ibangikanya ritoya.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA

Icya mbere: Ni ugutinya ibangikanya.

Icya kabiri: Kuba gukorera ijisho ari ibangikanyamana.

Icya gatatu: Kuba ari ibangikanya ritoya (gukorera ijisho guciriritse).

Icya kane: Kuba ibangikanya ritoya ari ikintu gitinywa ku abantu beza (Kuko gishobora kwinjira mu mutima w'umuntu atabizi kubera ko ryihishe cyane kandi umutima ukaba ugishaka, kuko abantu benshi bakunda kuvugwaho ko basenga cyane).

Icya gatanu: Kuba ijuru riri hafi ndetse n'umuriro.

Icya gatandatu: Gukusanya kuba biri hafi muri Hadith imwe.

Icya karindwi: Ni uko uzakura n'Imana yarayibangikanyije n'icyo aricyo cyose azinjira mu muriro, n'ubwo yaba umuntu usenga cyane (iyo ibangikanya yakoze ari irikuru, uwo ntazigera yinjira mu ijuru, naho iyo ari ritoya, uwo azahabwa ibihano bihwane n'ibyo yakoze hanyuma yinjizwe mu ijuru).

Icya munani: Ubusabe bukomeye Ibrahimu umukunzi w'Imana yasa yisabiye akanasabira urubyarwo rwe, ni ukurindwa kuzasenga ibigirwamana.

Icya cyenda: Kumenya ko ibangikanya ribaho kenshi, kubera ijambo ry'Imana rigira riti "Nyagasani wanjye! Mu by'ukuri, (ibyo bigirwamana) byayobeje abantu benshi"

Icya cumi: Hari ibisobanuro: (La ilaha ila llahu) nk'uko Bukhariy yabivuze.

Icya cumi na rimwe: Agaciro k'umuntu warokotse udakora ibangikanyamana (kwinjira mu ijuro).

**[5] ISOMO RYO GUHAMAGARIRA ABANTU GUHAMYA KO
NTA YINDI MANA IBAHO ITARI ALLAH.**

KUKI UMWANDITSI W'IGITABO YAZANYE IRI SOMO?

1. Nyuma y'uko umwanditsi avuga uburyo bwo kurangwa na Tawuhidi k'umuntu ku giti cye, yakurikijeho kuvuga uko umuntu noneho yayihamagarira abandi, kuko ukwemera ntigushobora kuzura umuntu adahamagarirye abandi kurangwa na Tawuhidi, ni ngombwa rero nyuma yuko ugira Tawuhidi kuyihamagarira abandi bidakozwe icyo gihe Tawuhidi yawe iba ituzuye.
2. Ni no gusubiza abavuga ko ikintu cya mbere umuntu aheraho ari iswala, atari Tawuhidi.

Gihamya ya mbere:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Iyi ni yo nzira yanjye, mpamagarira (abantu) kugana Allah nshingiye ku bumenyi buhamye, njye n'abankurikiye"

- Ijambo rigira riti "Inzira yanjye" niyo nzira yanjye nkurikira, ikaba ikubiyemo byose ibyazanywe n'intumwa Muhamadi mu amasengesho no guhamagarira abantu inzira y'Imana.
- Ijambo rigira riti "Ku Imana" abahamagarira abantu kugana Imana barimo ibice bibiri: 1- Uhamagarira abantu kuyoboka Imana. 2- Uhamagarira abantu kuyoboka ibitari Imana.
- Ijambo rigira riti "Nshingiye ku bumenyi buhamye" bikubiyemo: 1- Ubumenyi bw'idini. 2- Kumenya uko uwo uhamagarira kuyoboka ameze. 3- Kugira ubugenge.

IBYO UHAMAGARIRA ABANTU KUYOBOKA IMANA AGOMBA KUBA YUJUJE

1. Kwiyeza Imana. 2. Kugira ubumenyi bw'idini. 3. Kugira ubugenge. 4. Kumenya icyo uwo uhamagarira kuyoboka akeneye. 5. Kwihangana.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Abasi (Imana imwishimire), yavuzeko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ubwo yoherezaga Muadha muri Yemen yaramubwiye ati “Mu by'ukuri, wowe ugiye mu bantu bahawe igitabo, ikintu cya mbere uzabahamagarira ni uguhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa usibye Allah, no muyindi mvugo –ko bagomba gusenga Imana imwe rukumbi- nibemera bakakumvira, uzababwire ko Imana yabategetse amasengesho atanu buri muni kumanywa na ninjoro, nibemera bakakumvira, uzababwire ko Imana yabategetse gutanga amaturo avanywa mu bakungu babo agahabwa abakene babo, nibakumvira bakabyemera, uramenye uzirinde imitungo yabo yagaciro, kandi uzajye utinya ubusabe bw'umuntu wahugujwe kuko butagira ikibutangira ku Imana” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

MURI IYI HADITH TWUNGUKAMO:

1. Kuba ari ngombwa kohereza abavugabutumwa mu bantu ngo babigishe.
2. Intumwa Muhamadi yohereje umuntu umwe, harimo kuba abantu bashobora kwemera inkuru y'umuntu umwe niyo byaba mu iyobokamana.
3. Ntabwo gukora ivugabutumwa bisaba iminsi runaka, umuvugabutumwa ashobora kumara ahantu igihe cyose abona kubera ikibazo gihari.
4. Ntabwo bihagije guhamagarira abantu kuyoboka Islam gusa, ahubwo ningombwa ko anababwira ibyo bategetswe kugira ngo babyemere kandi babikurikize ariko nyine kubibabwira bigomba gukurikirana ku murongo nkuko byaje muri Hadith ya Muadha.
5. Uburyo bworoshye bwo guhamagarira abantu mutavuga rumwe kuyoboka, ni ukubahamagarira kuyoboka Tawuhidi ntabwo ari ukubagisha impaka.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo nanone yakiriwe na Bukhariy na Muslim yaturutse kuri Sahalu mwene Saidi (Imana imwishimire), yavuzeko intumwa Muhamadi ku muni wa Khayibari yavuze ati “Ejo nzaha idarapo umuntu ukunda Imana n'intumwa yayo, kandi n'Imana n'intumwa yayo bakaba bamukunda, Imana izatanga instinzi kubera we” abantu barara baganira k'uko intumwa iri buhe idarapo, bukeye bazindukira ku intumwa Muhamadi buri wese yifuza ko ariwe uri burihabwe, intumwa Muhamadi iravugaga iti “Alliy ari hehe?” baramubwira bati: arwaye amaso, arababwira ati: nimumumpamagarire, nuko acira uducandwe mu maso ye aramusabira arakira amera nkaho atigeze arwara amaso, maze intumwa Muhamadi amuha idarapo, aramubwira ati: Genda ugere kubutaka bwabo, hanyuma ubahamagarire kuyoboka Islam, unababwire ukuri kw'Imana bategetswe, ndahiye ku izina ry'Imana iramutse iyoboye umuntu umwe kubera wowe ni byiza kuri wowe kuruta ubushyo bw'ingamiya”

- Muri iyi Hadith harimo igisingizo cy'Imana cy'uko Imana ikunda kandi ikanakundwa ariko urukundo ikunda si nkurwo ibiremwa bikunda.
- Hagararamo agaciro k'umwihariko kandi singombwa ko ako gaciro kaba rusange, nk'ijambo intumwa Muhamadi yabwiye Abu Ubayidat (Imana imwishimire) ko ari “Umwizerwa w'iyi umat” ibi ntibisobanura ko ariwe uruta abasangirangendo bose, ibyo ni kimwe na Muadha (Imana imwishimire).
- Intumwa Muhamadi yavuze ubushyo bw'ingamiya kubera ko ingamiya ari umutungo ukunzwe kandi ufite agaciro mu barabu.

**IBITANGAZA BIRI UBWOKO BUNE: BIKABA ARI IBI IBINTU BIZA
BITANDUKANYE N'IBYO ABANTU BARI BAMENYEREYE, NK'UMUNTU
KUGURUKA MU KIRERE CYANGWA KUGENDA HEJURU Y'AMAZI:**

1. Ibimenyetso: Ibyo biba ari iby'intumwa n'abahanuzi, ntabwo babyita ibitangaza, kuko ibi aribyo byaje muri Qor'an, naho ibitangaza abantu bamwe bishobora kubananira, byo bigirwa n'abatari intumwa, kandi nta muntu ushobora kuvuga ko azanye ibimenyetso nyuma yo gupfa kw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

2. Karamat: Ibyo bihabwa abakunzi b'Imana, abo akaba ari abantu bafite ukwemera guhamye no gutinya Imana kuzuye, urugero rwa Karamat ni ibyabaye ku abantu bo mu buvumo.

3. Ibitangaza cyangwa ibigeragezo: Ibyo biba ku abakunzi ba Shitani, tukabibwirwa n'uburyo tuzi umuntu ubikora kuba adafite ukwemera no gutinya Imana, urugero n'inkibyoyi Masihi Dajali azakora.

4. Ibinyoma: Buri wese ubeshyeye Imana n'intumwa yayo, iramutamaza hano ku isi mbere y'imperuka, urugero rwabyo n'ibyabaye kuri Masayilamatul Kadhabu, kuvuma mu maso y'umurwayi amaso agahuma.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA

Icya mbere: Ni uko ivugabutumwa ari inzira y'abakurikiye intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ikaba ari (inzira y'intumwa n'abahanuzi n'abayoboke babo).

Icya kabiri: Ni ugukubura abantu kubyerekeye kwiyeze Imana, kuko abantu benshi baramutse bahamagariye kuyoboka ukuri, ahamagara yiganishaho.

Icya gatatu: Ni uko guhamagarira abantu inzira y'Imana ukoresheje ubumenyi n'ubuhanga, ari kimwe mu bintu by'itegeko (guhamagarira abantu kugana inzira y'Imana ni itegeko, bityo kumenya umu bikorwa nabyo bikaba ari itegeko).

Icya kane: Bimwe mu biranga Tawuhidi itunganye ni ukurinda Imana impamvu zatuma itukwa.

Icya gatanu: Ni uko mu biranga ububi bw'ibangikanya ni uko ari ugutuka Imana (umwemera wese agomba gutagatifuza Imana ku bintu bituzuye).

Icya gatandatu: ari nacyo cy'ingenzi muri byo, ni ukuba umuyisumu agomba kwitarura ababangikanyamana kugira ngo atazaba muri bo n'ubwo atabangikanya (kuko aramutse abarimo n'ubwo yaba atabangikanya, ku ibigaragara ni uko aba abarimo).

Icya karindwi: Ni uko Tawuhidi aricyo kintu cya mbere cyategetswe.

Icya munani: Ni uko Tawuhidi ariyo iherwaho mbere y'ikindi icyo aricyo cyose, n'iswala iza nyuma.

Icya cyenda: Ni uko igisobanuro ijamba (bayisenge yonyine) aricyo gisobanuro cyo guhamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa mukuri usibye Allah wenyine.

Icya cumi: Ni uko umuntu ashobora kuba ari mu abahawe igitabo, ariko atazi icyo gitabo, cyangwa se akaba akizi ariko atagishyira mu bikorwa.

Icya cumi na rimwe: Ni uko kwiga bigomba kugenda bikurikirana bitagenda ingunga imwe.

Icya cumi na kabiri: Ni uko umuntu agomba guhera ku iby'ibanze hanyuma ibikurikiye gutyo gutyo (guhera kuri Tawuhidi mbere na mbere, hanyuma iswala hanyuma izakat).

Icya cumi na gatatu: Ni ukumenya abagomba guhabwa Zakat (aribo abantu b'ubwoko umunani).

Icya cumi na kane: Ni uko umumenyi agomba gushyirira ahagaragara umunyeshuri we ibiteye urujijo (amwigisha ubujiji bukarangira).

Icya cumi na gatanu: Ni uko umuntu abujije gufata imitungo y'abantu ifite agaciro.

Icya cumi na gatandatu: Ni uko umuntu agomba gutinya ubusabe bw'umuntu wahugujwe.

Icya cumi na karindwi: Ni ukumenya ko ubusabe bw'umuntu wahugujwe butagira ikibutangira (bigomba kuba hagati yo gukundisha no gutinyisha).

Icya cumi n'umunani: Bimwe mu bihamya bya Tawuhidi, ni ibyabaye ku intumwa Muhamadi n'ibikomerezwa mu ingorane, inzara n'ibyorezo (ibyo bikurwa mu nkuru ya Khayibar).

Icya cumi ni icyenda: Ijambo ry'intumwa rigira riti "Nzaha idarapo..." ni bimwe mu bigaragaza ubutumwa bw'intumwa Muhamadi.

Icya makumyabiri: Intumwa Muhamadi gucira mu maso y'umurwayi agakira ni kimwe mu bimenyetso by'ubutumwa nanone.

Icya makumyabiri na rimwe: agaciro ka Alliy (Imana imwishimire) ibi bikaba biri mu bisingizo by'umuyobozi w'abemera Alliy.

Icya makumyabiri na kabiri: agaciro k'abasangirangendo kuba bararaye iryo joro bibaza k'uri buhabwe idarapo bashishikajwe n'inkuru nziza y'instinzi.

Icya makumyabiri na gatatu: Ni ngombwa kwemera igeno ry'Imana ko rigera k'utaryirutseho naho uwaryirutseho ntitrimugereho.

Icya makumyabiri na kane: Ni ukurangwa n'ubwitonzi bigaragarira mu ijamba ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Genda yitonze" yategetse Alliy kugenda yitonze adahubuka.

Icya makumyabiri na gatanu: Ni uko umuntu agomba kubanza guhamagarira abantu kuyoboka Islam mbere yuko abarwanya.

Icya makumyabiri na gatandatu: Ni uko abahamagariwe kuyoboka Imana ntibabyemere barwanywa.

Icya makumyabiri na karindwi: Ni uko guhamagarira abantu kuyoboka inzira y'Imana bikorwa hakoreshejwe ubugenge, kubera ijamba ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Unabigishe ibyo bategetswe" kuko hari igihe ibi bikorwa muri Islam hari n'igihe bidakurikizwa, ni ngombwa rero kugirana amasezerano y'uko atazasubira mu buhakanyi.

Icya makumyabiri n'umunani: Ni ngombwa kumenya ukuri kw'Imana muri Islam.

Icya makumyabiri n'icyenda: Ibihembo byinshi by'umuntu ugize uyoboka inzira y'ukuri kubera we (ko ari byiza kuri we kuruta ibyiza byose by'isi).

Icya mirongo itatu: Biremewe kurahira kuri Fatuwa (kuko ubusanzwe ntibyamewe kurahira kuri Fatuwa usibye igihe hari inyungu runaka zigamijwe).

IKIZAMINI KU GICE CYA MBERE (AMASOMO 5)

Ikibazo cya mbere: Vuga amasomo atanu abanza mu gitabo cya Tawuhidi, unagaragaze n'isano isomo rifitanye n'irindi mu gitabo:

IZINA RY'ISOMO:

IMPAMVUUMWANDITSYAZANYE

IRI SOMO

.....1-	
.....2-	
.....3-	
.....4-	
.....5-	

IKIBAZO CYA KABIRI: UZUZA INTERURO UKORESHEJE AMAGAMBO AKWIRANYE:

1- Twiga igitabo cya Tawuhidi kubera impamvu nyinshi murizo:

1:.....2:.....3:.....4:.....5:

2- Ntabwo umwanditsi w'igitabo yagihaye itangiriro kubera ko: 1.....

2.....3:.....

3- Birashoboka ko igitabo cya Tawuhidi twakigabanyamo ibice bikurikira:

1.....2.....3.....

4.....5.....6.....7.....

8.....9.....10.....

4- Dushabura gusubiza umuntu uvuga ko igitabo cya Tawuhidi harimo Tawuhidi Uluhiyat gusa, tumwereka isomo.....n'isomo.....

5- Ubugaragu bugabanyijemo ibice: 1: Ubugaragubusobanuye.....

Gihamya yabwo ikaba.....

2: Ubugaragu.....bisobanuye.....na gihamya.....

3: Ubugaragu.....bisobanuye.....na gihamya.....

6- Umuntu Imana yaziririje kwica ni ubwoko bune aribyo:

.....

7- Ibun Masudi (Imana imwishimire) yise Ayat umurage w'intumwa Muhamadi kubera ko.....

8- Ijambo Umat muri Qor'an risobanuye.....

Cyangwa.....cyangwa.....cyangwa.....

9- Gushimangira Tawuhidi biba.....mu

.....na.....na.....

10- Umat y'intumwa Muhamadi irusha izindi umat

.....na.....na.....

11- Kuba umuntu yagira agaciro k'umwihariko ntibivugaga kuba arusha abandi bese agaciro muri rusange.....

12- "Nta ruqiyat yemewe usibye ku amaso" bisobanuye.....

13- Hari imvuga ibuza gusaba gukorerwa ruqiyat no kwicisha indasago, ntihabuzwa kujya kwa muganga kwivuza, kubera ko.....

14- "Imana ntibabarira uyibangikanya" bisobanuye..... "ariko ibabarira ibitari ibyo" bisobanuye.....

15- "Na roho yavuye kuri Mana" bisobanuye..... "Ni ijambo ryayo" bisobanuye.....


16- Ibyo Imana yiyitirira bigabanyijemo ibice bikurikira:

1: Kwiyitirira.....biri mu rwego rwo kwiyitirira.....

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- 2: Kwiyitirira..... biri mu rwego rwo kwiyitirira.....
 17- aravuga ati “Ukasha yabigutanze” kugirangocyangwa.....
 18- “Ntababivange” bisobanuye..... “amahugu” bisobanuye.....
 19- Mu ibangikanya dutinya: 1:.....2:.....3:.....
 4:.....
 20- “Agamijemo kwishimirwa n’Imana” bisobanuye.....harimo guhamya igisingizo
 21- Ibyo ivugabutumwa rigomba kuba ryujuje: 1:.....2:.....3:.....
 4:.....5:.....
 22- Ibitangaza ni: 1:biba kuri.....2:biba kuri.....
 3:biba kuri.....
 23- Umwanditsi yaravuze ati “Kuba kureka ruqiyat na kwicisha indasago biri mu gushimangira Tawuhidi”
 ntavuge kwemera imyaku, ni uko imyaku.....

**IKIBAZO CYA GATATU: UZUZA IMYANYA IRIMO UBUSA MU MBONERAHAMWE
Y'IBICE BIGIZE TAWUHIDI IKURIKIRA**



**IKIBAZO CYA KANE SHYIRA IKIMENYETSO CYA (X)MU KAZU BIKWIRANYE
CYANGWA WUZUZE INTERURO:**

- 1- Umwanditsi w'igitabo cya Tawuhidi: ☐ Ibun Uthayimin ☐ Muhamadi mwene Abdul Wahabi Atamimiy.
- 2- Inama zitangwa n'abamenyi ☐ Gufata mu mutwe inyandiko y'umwimerere mbere yo kuyiga. ☐ Nta nyungu yo gufata mu mutwe icyangombwa ni ugusobanukirwa gusa.
- 3- "Babandi twahaye igitabo bagisoma ukuri ko kugisoma" twungukamo ko umunyeshuri atagomba kureka kwiga atabitunganyije neza ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 4- Abamenyi bakurikiranye igitabo cya Tawuhidi ntibasangamo Hadith itari nziza: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 5- Abamenyi uko ubumenyi bwaba bwinshi kose, ntabwo ibyo byabaha kuba batahora ikosa: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 6- Mu bitabo bya Sheikh Muhamadi mwene Abdul Wahab: Harimo ☐ Kashifu Shubuhati ☐ Masailu Al Jahiliyat. ☐ Mukh'taswaru Sirat ☐ Usulul Iman ☐ Ibyo byose byatambutse.
- 7- Amasomo agize igitabo cya Tawuhidi ☐ Ni 67 ☐ Ni 76 ☐ Ni 10.
- 8- Niba ubonye igitabo ntakakibike utakinyuzemo nibura wihuta, cyangwa ngo usome itangiriro ryacyo n'amashakiro yacyo n'amwe mu masomo yacyo: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 9- Birashoboka ko igitabo cya Tawuhidi twakigabanyamo ibice: ☐ ibice 11. ☐ ibice 9. ☐ ibice 10.
- 10- Ibitabo bifite akamaro kurusha ibindi ni ibyanditswe mu buryo bujyanirana na gihamya, no kumenya impamvu za buri tegeko, no gucengera mu bibazo nk'igitabo cya Tawuhidi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 11- Ubumenyi ni uguhuza no gutandukanya no kugabanya: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 12- Ni ngombwa gusobanukirwa neza ibisobanuro by'abamenyi ku kintu runaka n'uburyo bagiye bakigabanyamo ibice ndetse n'itandukanirwo riri hagati ya buri kintu: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 13- Igice cya mbere mu gitabo cya Tawuhidi ☐ itangiriro ☐ gusobanura Tawuhidi. ☐ Tawuhidi ni ngombwa.
- 14- Umwanditsi (Imana imugirire impuhwe), mu gitabo cye yiganye Bukhariy kubyerekeye itangiriro n'umusozi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 15- Umwanditsi w'igitabo ntiyigeze, ashya mu gitabo cye isomo rya mbere dushobora kwita isomo ry'itangiriro: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 16- Igice cya mbere cy'igitabo kizizwe n'amasomo: ☐ amasomo 5. ☐ amasomo 6. ☐ amasomo 7.
- 17- Tawuhidi igabanyijemo ibice: ☐ Rububiyat na Uluhiyat na Asimau wa Swifat ☐ Ubumenyi no guhamya n'ubushake no gushaka ☐ Ibyavuzwe byose nta tandukanirwo.
- 18- Umuntu wemeye igice kimwe mu bice bya Tawuhidi ibindi akabireka, uwo ntaba ari umwemera wuzuye: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 19- Kugabanya Tawuhidi mu ibice ni ibihimbano, kubera ko nta gihamya ihari ibishimangira: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 20- Isano Tawuhidi ifitanye n'ukwemera, ni uko ukwemera ari ikintu rusange cyagutse naho Tawuhidi ikaba igice kimwe mu bigize uko kwemera: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 21- Guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mukuri usibye Allah, bifite: ☐ inkingi ebyiri ☐ inkingi umunani. ☐ inkingi zirindwi.
- 22- Guharira Imana ukugenza ibiri ku isi no kumanura imvura, ibyo ni Tawuhidi: ☐ Uluhiyat ☐ Rububiyat ☐ As'mau wa swifatu.
- 23- Mu binyuranyo bya Tawuhidi: ☐ Ibangikanya rikuru. ☐ Ibangikanya ritoya ☐ Ibihimbano.
- 24- Itegeko risumba ayandi ni ukugirira neza ababyeyi bombi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 25- icyaha gihambaye kurusha ibindi ni ubusambanyi no kwica umuntu Imana yaziririje kwica: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 26- Amasengesho bayita ibintu bibiri: ☐ Ibintu bibiri. ☐ Ikintu kimwe gusa.
- 27- Al Ibadat ni (Izina rikubiyemo buri kintu.....), iyi mvugo ni iya: ☐ Ibunil Qayim. ☐ Ibun Tayimiyat.
- 28- Igisubizo cy'ukuri: (ntagu...) ☐ Kugereranya, no guhwanisha. ☐ Kugereranya no gusanisha.
- 29- Buri ayat muri Qor'an ikubiyemo Tawuhidi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 30- Impamvu yatumye Imana irema amajini n'abantu, ni nayo mpamvu yo kuremwa kw'inyamaswa: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 31- Imana yaravuze iti "Nta kindi twaremeye amajini n'abantu" ikibazo akenshi kiba kiba ku: ☐

- Gusobanukirwa. ☐ Gushyira mu bikorwa.
- 32- Amajini nayo arebwa n'amategeko: ☐ Ukwemera. ☐ Ukwemera n'andi mategeko.
- 33- Ijambo Umat iyo rivuzwe riba risobanuye: ☐ Umuyobozi. ☐ Imigenzo. ☐ Igihe. ☐ Itsinda ry'abantu. ☐ Ibyavuzwe byose.
- 34- Ijambo ry'Imana rigira riti "Twohereje muri buri tsinda ry'abantu intumwa", uherehe ku gihe cya (☐ Adam. ☐ Nuhu) kugeza ku gihe cya (☐ Issa (Yesu) na ☐ Muhamadi), impamvu yo kohereza intumwa ☐ Ni ugukuraho urwitwazo. ☐ Impuhwe ku bantu. ☐ kugaragaza inzira ijya ku Imana ☐ Byose ibyatambutse.
- 35- Ibishushanyo bibarirwa muri Twawaghit (ibigirwamana) bisengwa bitari Imana: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 36- Ibigirwamana bikurikirwa n'ink'abayobozi bigometse k'ukumvira Imana: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 37- Usengwa mu kimbo cy'Imana ariko atabyishimiye: ☐ Ni ikigirwamana. ☐ Ntabwo ari ikigirwamana.
- 38- Ayat ya kabiri mu gitabo cya Tawuhidi, igaragaza ko intumwa zose zari zihuriye ku ivugabutumwa rya Tawuhidi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 39- Ijambo ry'umwanditsi rigira riti (Ayat cyangwa se nyinshi) bisobanuye ngo (ayat yuzuye cyangwa ayat zuzuye): ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 40- Iteka, itegeko n'ubushake bigabanyijemo ibice bibiri: icy'amategeko y'idini, n'icya karemano: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 41- Mu iteka ry'Imana (☐ Karemano. ☐ N'iryamategeko y'idini) habamo ibiba bikunzwe n'Imana mu ruhande rumwe n'ibyo iba idakunze k'urundi ruhande.
- 42- Ijambo ry'Imana rigira riti "Twanaciye iteka kuribene Isiraheli, (tubivuga) mu gitabo tugira tuti "Mu by'ukuri, muzakora ubwangizi mu gihugu" Iteka rivugwa aha ni: ☐ Irijyanye n'amategeko y'idini. ☐ Iteka karemano.
- 43- Buri nyamaswa zisingiza Imana, usibye Al Wazagh (icyugu): ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 44- Ubugaragu (Al Ubudiyat) burimo ibice: ☐ ibice 2 ☐ ibice 3. Ugusingiza Imana kw'inyoni nibwo bugaragu bwazo ☐ ku ingufu. ☐ kumvira.
- 45- Ababangikanyamana bagira ikintu cyo gusenga Imana: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 46- Amasengesho akorwa gusa n'ururimi ndetse n'ibihimba: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 47- Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi ntumuzayibangikanye n'icyo aricyo cyose" rikubiyemo buri kintu cyose: Yaba intumwa, Malayika, Umukunzi w'Imana, ndetse n'ikintu icyo aricyo cyose mu bintu byo ku isi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 48- Inkuru nziza: Ni ukubwirwa inkuru igushimishije, ariko ntiharimo amakuru yo kugira nabi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 49- Umuntu Imana yaziririje kwica, ni umuntu urinzwe n'amategeko ariwe: ☐ Umuyisilamu. ☐ Utari umuyisilamu uba mu gihugu cy'abayisilamu. ☐ Uwagiranye n'abayisilamu amasezerano ☐ Uwahawe amahoro n'abayisilamu. ☐ Ibyavuzwe byose.
- 50- Ese intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yatanze umurage?: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 51- Ijambo rya Ibun Mas'udi rigira riti "umurage we" kubera ko: ☐ ikubiyemo idini yose. ☐ umurage w'Imana. ☐ Ibyo byose.
- 52- Ukuri kw'ibiremwa ku Imana kwitwa: ☐ ukuri kw'itegeko. ☐ ukuri kw'impano.
- 53- (Imana n'intumwa yayo niba babizi kurushaho) bivugwa: ☐ Mu gihe intumwa iriho. ☐ Bivugwa igihe cyose.
- 54- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabujije Muadha gutangariza abantu inkuru nziza kugira ngo: ☐ Batarushanwa. ☐ Batirara. ☐ Ibyavuzwe byose. Muadha yanyuranije n'uko kumubuza? ☐ Nibyo ☐ Sibyo. Kubera ko kirazira guhisha ubumenyi uko byagenda kose: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 55- Ese iri tegeko rireba Muadha gusa? ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 56- Kuba ikintu gifite agaciro runaka, ntibisobanura ko icyo kintu kitaba ari itegeko: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 57- Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi iyo havuzwe Allah wenyine, imitima y'abatemera imperuka irabyinubira, nyamara havugwa ibitari we (Allah), bakanezerwa" ibi bijyana neza neza n'isomo rya ☐ isomo rya 2. ☐ isomo rya 5. ☐ isomo rya 4.
- 58- Ibintu Imana yiyitirira bigabanyijemo ibice: ☐ Ibice bibiri. ☐ Ibice bitatu.
- 59- Amahugu ahambaye ni umuntu guhuguza mugenzi we, umutungo we cyangwa icyubahiro cye: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.
- 60- Iherezho ry'umuntu uhuye n'Imana yaratsimbaraye ku byaha bitari ibangikanya: ☐

Ibihano. ☐ aba ari mu bushake bw’Imana ishatse yamuhana yashaka ikamubabarira.

61– Ijambo (La ilaha ila llahu) ni ugusingiza Imana ntabwo ari ubusabe: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

62– Hari abantu bavuga ijambo (La ilaha ila llahu) ariko ku Mana ntirigire uburemere na busa: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

63– Guhamya ko Muhamadi ari umugaragu w’Imana n’intumwa yayo, binyuranye no: ☐ gukora ibyaha. ☐ kuzana ibihimbano. ☐ Ibyavuzwe byose.

64– Ijambo rigira riti “Issa (Yesu) umugaragu w’Imana” harimo igisubizo ku abayahudi. Naho ijambo rigira riti “akaba n’intumwa yayo” harimo igisubizo ku abakirisitu: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

65– Ijambo ry’Imana rigira riti “Na roho yaturutse kuriyo” uku kwiyitirira: ☐ Ibifite ubuzima ☐ Ibisingizo.

66– Imana izamwinjiza mu ijuru: ☐ Ni ukumwinjizamo mu buryo bwuzuye. ☐ Mu uburyo butuzuye. ☐ Ibyo byose byavuzwe.

67– Gushimangira Tawuhidi ni ukuyezaho: ☐ Ibangikanya. ☐ Ibihimbano. ☐ Ibyaha ☐ Ibyo byose byavuzwe.

68– Ijambo ry’Imana rigira riti “Mu by’ukuri, Ibrahimu yari umuyobozi” ☐ Yari ikitegererezo. ☐ Umuyobozi. ☐ Umwarimu w’ibyiza ☐ Ibyavuzwe byose.

69– Nta Ruqiyat yemewe ku indwara zigaragara n’izitagaragara, usibye gusa ku maso arimo isumu no kurumwa n’ibifite ubumara: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

70– Hadith igira iti “Ni abadasaba gukorerwa ruqiyat” Muslim yongeyeho ngo “N’abakora ruqiyat” iyi nyongera irumvikana: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

71– Ibangikanyamana rikuru, rituma amaraso n’umutungo by’umuntu bizirurwa, igihe cyose atari umuntu utari umuyisumu uba mu gihugu cya kislamu cyangwa uwagiranye n’abayisumu amasezerano y’amahoro: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

72– Itandukaniro ry’ukora Ruqiyat n’usaba kuyikorerwa, ni uko usaba gukorerwa Ruqiyat aba yerekeje umutima we ku utari Imana, naho ukora Ruqiyat ni umugira neza: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

73– Kunganisha ikitari Imana n’Imana mu bintu by’umwihariko ku Imana, ni ibangikanya: ☐ irikuru ☐ iritoya.

74– Ibishushanyo bibajwe mu ishusho byitwa: ☐ Ibishushanyo ☐ ibigirwamana. ☐ byose ibyavuzwe.

75– Imitungo ifite agaciro ni: ☐ Ifite igiciro gihambaye. ☐ ifite igiciro cyo hagati. ☐ Ifite agaciro gake.

76– Ubumenyi n’ibikorwa byuzuzwa umuntu ubwe, naho gukora ivugabutumwa no kwihangana byuzuzwa abandi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

77– Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yatinye ku abantu be Masihi Dajali, kuruta uko yatinye kuribo gukorera ijisho, kubera ko gukorera ijisho ari ibangikanya ritoya: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

78– Umuntu iyo afite ukwemera nyakuri, ni ngombwa ko aguhamagarira abandi: ☐ Nibyo ☐ Sibyo.

79– Ubumenyi buhamye: ☐ Ni ubumenyi bw’idini. ☐ Ni ubugenge. ☐ Ni ukumenya icyo ubwirwa akeneye kuruta ikindi. ☐ Ibyo byose byavuzwe.

80– Umubare w’ibyo ivugabutumwa rigomba kuba ryuzuje kugira ngo rikorwe: ☐ bitanu. ☐ bine. ☐ bitatu.

81– Itandukaniro ry’ibangikanyamana rikuru n’iritoya:

.....	
.....	
.....	
.....	

**IKIBAZO CYA GATANU: SHYIRA AMAGAMBO ARI MU MBONERAHAMWE YA (١) MU
AYAJYANYE NAYO ARI MU MBONERAHAMWE YA (٢):**

1	Kuribwa n'igifite ubumara	Kwicisha bugufi ku Imana ukora ibyo yategetse wirinda ibyo yabujije, kubera kuyikunda no kuyubaha.
2	Al Uluhiyat	Ni ingamiya z'ibara rimwe, intumwa yazivuze kubera ko zikunzwe mu abarabu.
3	Al Ibadat	Kwemera imyaku, y'ibibonwa cyangwa ibyumvwa cyangwa ibizwe, ahantu cyangwa igihe.
4	ATwaghut	Ni ibiteye kimwe, ibisa.
5	Gukorera ijisho	Ni ibintu bisengwa biri mu ishusho y'umuntu cyangwa ikindi kintu.
6	Kwemera imyaku	Ni ibisengwa bitari Imana uko byaba bimeze kose.
7	Nidu	Ni ibituma umuntu arenga imbibi mu bikurikirwa, ibisengwa cyangwa ibyumvirwa.
8	Ikigirwamana	Ni ugusenga Imana ngo bamubone cyangwa bamwumve bamushime.
9	Tawuhidi	Ni uguharira Imana Nyagasani ukurema, ubwami no kugenza ibintu.
10	Al Ibadat	Ni uguharira Imana Nyagasani ibikorwa by'amasengesho.
11	Al Khawariji	Ni izina rikusanyije buri kintu Imana ikunda ikanakishimira haba mu magambo cyangwa ibikorwa.
12	Al Wathaniyat	Ni abavuga ko ukoze icyaha gikuru ari umuhakanyi azaba mu muriro ubuzira herezo.
13	A Rububiyat	Ni uguharira Imana ibyo yihariye mu bikorwa byayo, amasengesho ndetse n'amazina n'ibisingizo byayo.
14	Ingamira zimituku	Kwerekera ku Imana, utera umugongo ibangikanya, kandi wirinda ibinyuranye n'ibyo.
15	Hanifat	Ni ukurimwa n'ibifite ubumara.

**IGICE CYA KABIRI: IGISOBANURO CYA
TAWUHIDI (AMASOMO 9)**

**[6] ISOMO KU IBISOBANURO BYA TAWUHIDI NO GUHAMYA KO NTA
YINDI MANA IBAHO IKIYE GUSENGWA MU KURI USIBYE ALLAH**

Nyuma yo kuvuga kuri Tawuhidi, ni nkaho umutima wifuza cyane kumenya icyo Tawuhidi icyo aricyo, yashyirwemo amasomo akurikira (Kuba Tawuhidi ari itegeko, agaciro ka Tawuhidi, gutinye ikinyuranyo cya Tawuhidi no kuyihamagarira abantu), ibyo bibazo byose bigasubizwa n'iri somo, ariryo igisobanuro cya Tawuhidi kugeza ku mpera y'igitabo.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti “Abo basenga (bababangikanyije na Allah) nabo ubwabo (basenga Allah) bakanashaka uburyo bwo kumwiyegereza”.

Ijambo rigira riti “Abo basenga (bababangikanyije na Allah)”: Abo basengwa nabo ubwabo bakora uko bashoboye bagashakisha icya begereza kwa Nyagasani wabo, ni gute mwabasenga kandi nabo bakeneye inkunga y'Imana (Iri ni ibangikanya mu gusaba).

Gihamya ya kabiri:

Ijambo ry'Imana rigira riti “Kandi wibuke ubwo Ibrahimu yabwiraga se ndetse n'abantu be ati “Mu by'ukuri, nje nitandukanyije n'ibyo musenga”. “Usibye uwampanze (ni we nzasenga wenyine)”

- Ijambo rigira riti “Usibye uwampanze (ni we nzasenga wenyine)” aya magambo akubiyemo uguhakana no guhamya, ntabwo havuzwe ngo (Usibye Allah) kubera inyungu ebyiri:

1- Kugaragaza impamvu yo guharira Imana ibikorwa by'amasengesho, kuko nk'uko Imana yihariye ukurema, ni ngombwa ko iniharira ibikorwa by'amasengesho.

2- Nino kugaragaza ko gusenga ibigirwamana bitari ukuri, kuko byo bitabahanze k'uburyo babisenga.

- Tawuhidi ntabwo ibaho mukubangikanya Imana n'ikindi kintu, ahubwo ibaho mukwereza Imana amasengesho, no mu bihugu bimwe na bimwe bya kislamu, harimo abantu basari, bagatanga amaturo, bagasiba bakanakora umutambagiro mutagatifu Hijat, ariko hamwe n'ibyo bakubamira imva.

Gihamya ya gatatu n'ya kane:

[3] Ijambo ry'Imana rigira riti “Bagize abamenyi babo n'abihayimana muri bo, ibigirwamana, mu cyimbo cy'Imana”.

[4] Ijambo ry'Imana rigira riti “No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana mu kimbo cya Allah, bakabikunda urukundo nk'urwo bakunda Allah”

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo rigira riti “Abamenyi babo”: risobanuye abamenyi muribo, naho ijambo rigira riti “N’abihayimana muri bo” bisobanuye abasenga cyane muri bo.
- Ijambo rigira riti “Ibigirwamana” ni abantu bumvira abamenyi basuzugura Imana, bagasenga abamenyi babo (Iri ni ibangikanya mu kumvira).
- Ijambo rigira riti “bakabikunda urukundo nk’urwo bakunda Allah” bisobanuye ko bakunda ibigirwamana urukundo rungana n’urwo bakunda Imana Nyagasani.

IBICE BIGIZE URUKUNDO

Gukunda ikindi kintu hamwe n’Imana: (Ni ibangikanya rikuru) byonona urukundo rw’Imana, nko gukunda ikitari Imana urukundo rungana cyangwa rurenze urwo ukunda Imana.

Gukunda kubera Imana cyangwa ku Imana: (uru rukundo ni itegeko) rukaba ari umugozi ukomeye wo kwemera gukunda kubera Imana.

Urukundo rwa kamere: (ruremewe) ariko rukaba rutagomba kuruta urwo ukunda Imana, nko kuba wakunda umwana cyangwa umugore wawe.

Urukundo kubera Imana rugabanyijemo ibice nko gukunda ku Imana: Igikorwa, uwagikoze, ibihe, n’ahantu.

Gihamya ya gatanu:

Muri Hadith y’impamo yaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Uzavuga La ilaha ila llahu, agahakana ibisengwa byose mu cyimbo cy’Imana, umutungo we n’amarasoye kirazira kubikoraho, kandi ibarura rye rizaba ku Imana Nyagasani” Gusobanura iyi Hadith ni ugusesengura amasomo ari bukurikireho.

Ijambo rigira riti “Agahakana ibisengwa byose mu cyimbo cy’Imana” ni ngombwa ko umuntu ahakana ugusengwa kw’abasenga ibitari Imana, ahubwo akanahakana buri buhakanyi bwose, nk’umuntu uvuga ubuhamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa mukuri usibye Allah, ariko akaba akibona no abakirisitu n’abayahudi bo muri iki gihe bari mu idini y’ukuri, uwo ntabwo aba ari umuyislamu, ni kimwe nanone n’ubona ko amadini ari ibitekerezo ashobora kugendera kucyo ashatse, uwo nawe ntabwo ari umuyislamu.

IBIBAZO BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA:

Harimo ibibazo rikuru kandi by'ingenzi aribyo: Gusobanura Tawuhidi, no gusobanura ubuhamya (Shahada), yabisobanuye ibintu bisobanutse (Ni ngombwa guhakana no guhamya).

Muri byo: Harimo Ayat iboneka muri Surat Al Is'rau, yasobanuyemo igisubizo ku ababangikanyamana basaba abakiranutsi, harimo igisobanuro cy'uko ibi ari ibangikanya rikuru (Ibangikanya mu ugusaba).

Harimo nanone: Ayat iboneka muri Surat Baraatu, yagaragaje mo ko abahawe igitabo bagize abamenyi babo n'abihayimana babo ibigirwamana mu mwanya w'Imana, anasobanuro k obo nta kindi bategetswe usibye gusenga Imana imwe, hamwe ni uko igisobanuro cyabyo bitarimo ibibazo: ari ukuba bumvira abamenyi n'abihayimana muribo mu gukora amakosa, ntabwo babasenga ubwabo (Ibi ni ibangikanya mu kumvira).

Harimo nanone: Ijambo ry'umukunzi w'Imana (Ibrahima) yabwiye abahakanyi agira ati "Mu by'ukuri, nje nitandukanyije n'ibyo musenga". "Usibye uwampanze (ni we nzasenga wenyine)" aho yarobanuye mu bisengwa byose agasigarana Imana, Imana Nyagasani yavuze ko uko kwitandukanya n'uko gukunda nibyo: bisobanuro byo guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikiye gusengwa mukuri, usibye Allah wenyine, Imana yaravuze iti "Maze iryo jambo (ryo gusenga Allah wenyine) Ibrahima ariraga abazamukomokaho, kugira ngo bagarukire (Allah)"

Harimo na none: Ayat iboneka muri Surat Al Baqarat ivuga ku abahakanyi Imana yavuzeho igira iti "Kandi ntibazava mu muriro" Imana yavuze ko bakunda ibigirwamana byabo nk'uko bakunda Imana, bisobanuye ko bakunda Imana urukundo ruhambaye, ariko ntirwabinjije muri Islam, byaba bimeze bite k'umuntu ukunda ikigirwamana urukundo ruruta urwo akunda Imana? Ese byaba bimeze bite k'umuntu ukunda ikigirwamana gusa adakunda Imana? (iri ni ibangikanya mu kumvira, rifite ibice bine:

[1] Kuba yakunda Imana urukundo rusumba urwo akunda ibindi bintu, iyo niyo Tawuhidi.

[2] Kuba akunda ibitari Imana, urukundo nk'urwo akunda Imana, iri ni ibangikanyamana.

[3] Kuba akunda ibitari Imana urukundo ruruta urwo akunda Imana, ibi birakaze kuruta ibyabanje.

[4] Kuba akunda ibitari Imana, mu mutima we hatarimo urukundo rw'Imana Nyagasani, ibi birakaze kururshaho kandi biteye ubwoba).

Harimo na none ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Uzavuga La ilaha ila llahu, agahakana ibisengwa byose mu cyimbo cy'Imana, umutungo we n'amarasoye kirazira kubikoraho, kandi ibarura rye rizaba ku Imana Nyagasani" ibi ni bimwe mu bintu bihambaye bisobanura ijambo (La ilaha ila llahu), kuko ntabwo yagize kurivuga igikinga gikingira amaraso n'imitungo, ndetse no kumenya ibisobanuro byaryo ko bijyana no kurivuga, ahubwo nta no guhamya ibyo, ahubwo nta no kuba we adasaba ikindi kitari Imana imwe atayibangikanya n'icyo aricyo cyose, ahubwo n'imitungo ye n'amaraso ye ntibiziririjwe, atongeye kuri ibyo uguhakana ibisengwa byose bitari Imana, iyo agize ugushidikanya cyangwa agahagarara ntabwo amaraso ye n'imitungo ye biba biziririjwe. Mbega ibibazo bihambaye kandi bikomeye! Mbega ukuntu bisobanutse! Mbega ukuntu ujya impaka nta rwitwazo afite!

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

[7] ISOMO RIVUGAKO ARI IBANGIKANYAMANA KWAMBAYE IGIKOMO CYANGWA URUDODO N'IBINDI NKABYO MU KWIKIZA IKIBI CYANGWA KUGIKUMIRA

- Ijambo rigira riti “Ni mu ibangikanya” bisobanuye ko ibi biri mu ibangikanya, harimo irikuru n'iritoya, ari nayo mpamvu ryavuzwe.
- Ijambo rigira riti “Mu kwikiza ikibi” nyuma y'uko kikugeraho, “cyangwa kugikumira” mbere y'uko kikugeraho.

ESE KWAMBARA IGIKOMO N'URUDODO N'IBINDI NKABYO NI IBANGIKANYA RITOYA CYANGWA IRIKURU?

Byaba ibangikanya rikuru:

Igihe ubyambaye yemera ko aribyo byagira icyo bikora ubwabyo, kandi ko ubwabyo bishobora kuzana ibyiza bikanakumira ibibi.

Byaba ibangikanya ritoya:

Igihe ubyambaye yemera ko byo ari impamvu yo kuzana ibyiza na gukumira ibibi, kandi Imana Nyagasani itarabigize impamvu yaba igaragara cyangwa iyemewe n'amategeko.

ABANTU MUGUSHYIRAHU IMPAMVU ZEMEWE N'AMATEGEKO BARIMO IBICE BIBIRI NDETSE N'ICYO HAGATI

Igice cyemewe: Ni uko yaba yemera akanagira ibyo Imana yagize impamvu, impamvu, impamvu nazo hari izigaragara (nk'imiti) cyangwa izemewe n'amategeko y'idini (nka Ruqiyat).

Igice cy'ibangikanya ritoya: Ni ukuba umuntu yagira impamvu ibyo Imana itagize impamvu, nko kumanika igitwe cy'icyimasa kugira ngo gikumire amaso mabi, kandi ubyo buryo ataribwo mpamvu yo kuyakumira.

Igice cy'ibangikanya rikuru: Ni ukuba umuntu yemera ko ibyo yambaye aribyo bigira icyo bikora ubwabyo, ko byakurura ibyiza bikanakumira ibibi.

IBICE BY'ABANTU MU KWEMERA IMPAMVU NI BITATU:

Igice cy'abahakana impamvu: Ni abantu bahakana impamvu Imana yashyizeho ikintu runaka, nka Al Jabriyat na Al Ashairat.

Igice cy'abakabya mu kwemera impamvu: Bakaba bahamya n'ibitari impamvu, nk'Abasufi.

Igice cy'abajya hagati no kwemera impamvu: Bakemera impamvu zifatika n'izemewe n'amategeko gusa.

ITEGEKO RY'UWAMBAYE URUDODO N'IBINDI NKABYO BARI MU BYICIRO:

Kuba umuntu yabyambara kubera ujujiji adasobanukiwe itegeko ryabyo.

Umuntu nk'uwo arigishwa.

Kuba umuntu yabyambara yizera ko ubwabyo ariyo mpamvu yo kumuzanira ibyiza no gukumira ibibi, nyamara Imana itarabigize impamvu.

Ibi ni ibangikanya ritoya.

Ni ukuba ubyambaye yizera ko ubwabyo aribyo bigira icyo bikora, aribyo Bizana ibyiza bikanakumira ibibi.

Ibyo ni ibangikanya rikuru.

Ni umuntu kuba abyambaye kubera umurimbo ariko ntacyo abyizeraho, nk'uko abasore bamwe babikora, bityo buri wese ubonye ababyambaye agakeka ko byemewe, icyo gihe akaba afunguye umuryango w'ibibi ku abantu, harimo nanone kwisanisha n'abagore ndetse n'ababangikanyamana.

Ibyo ni kimwe mu byaha bikuru.

Gihamya ya mbere:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga uti "Ngaho nimumbwire! Ese ibyo musenga bitari Allah, Allah aramutse ashatse ko icyago kimbaho byagikuraho? Cyangwa agashaka ko impuhwe zingeraho, byakumira impuhwe ze?"

- Ibyo bigirwamana ntabwo bishobora kugirira akamaro bene byo, ntibyabazanira icyiza ntibyanakumira ikibi, ubwabyo ntabwo aribyo mpamvu, ibyo kandi byagereranywa n'izindi mpamvu zose zitemewe n'amategeko cyangwa z'igeno, bityo ugasanga ibyo bintu kubigira impamvu ari ukubangikanya Imana Nyagasani.
- Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga uti: Imana irampagije" harimo uburyo buhagije bwo gushyira ibyawe mu maboko y'Imana, bitari ukwiringira impamvu za baringa.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Im'ran mwene Huswayin, yavuzeko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yabonye umuntu wambaye ku kuboko igikomo cy'umuringa, aramubwira ati "Icyo ni igiki?" umuntu aravuga ati: Ni ukubera uburwayi bwa rubagimpande, intumwa Muhamadi aravuga ati "Gikuremo, kuko nta kindi kikongerera usibye umubabaro, kuko uramutse upfuye icyo kintu kikuriho, ntiwarokoka na rimwe" Yakiriwe na Ahmad.

- Ijambo rigira riti "Igikomo cy'umuringa" ni igikomo gikozwe mu butare n'ibindi nkabyo nubwo cyaba icyuma cyangwa urudodo.
- Ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Icyo ni igiki?" ni uburyo bwo kumenya ikintu neza mbere yo kukibuza, kuko hari igihe ushobora kubuza ikintu ukeka ko ari kibi kandi atari kibi.
- Ijambo rigira riti "Rubagimpande" Ni uburwayi bufata amagufa bumeze nka Romantizimant, uriya muntu yari yiringiye ko cyamukiza cyangwa kibamurinda ubwo burwayi.
- Ijambo rigira riti "Nta kindi cyakongerera usibye ububabare" bisobanuye ko nta kindi byamwongerera usibye ko byaca umubiri we imbaraga n'imyemerere ye, kandi igihembo kigomba kuba kijyanye n'igikorwa cyakozwe.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Uqubat mwene Amiri yakomoye ku intumwa Muhamadi ko yavuze ati “Umuntu wambaye ihirizi, Imana ntimugeza kucyo ashaka, n’uwambaye ikirezi Imana imuha ikinyuranyo cy’ibyo yifuza” No mu yindi mvugo “Uwambaye ihirizi aba abangikanyije”

- Ijambo rigira riti “Umuntu wambaye ihirizi” ni umuntu uyambaye kandi n’umutima we ukaba uyiringiye, niyo mpamvu yavuze ati “Wambaye”.
- Ijambo rigira riti “Imana ntimugeza kucyo ashaka:” ayo magambo ashobora kuba ari ubusabe, intumwa yasabiye uwambaye ihirizi cyangwa akaba ari inkuru intumwa yahaga abasangirangendo be.
- Ijambo rigira riti “n’uwambaye ikirezi” Ikirezi ni ibintu biva mu ruzi byera.
- Ijambo rigira riti “Imana imurekera muri ibyo” bisobanuye ko Imana imuha ikinturanyo cy’ibyo yifuzaga.

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Abi Hatimu ayikomoye kuri Hudhayifat, avuga ko yabonye umuntu wambaye ku kuboko kwe urudodo rwo kumurinda umuriro, araruka, maze asoma ijamba ry’Imana rigira riti “Nyamara abenshi muri bo ntibashobora kwemera Allah batamubangikanyije”

- Ijambo rigira riti “Kubera umuriro” yacyambaye kubera umuriro afite kugira ngo kimuhe ubukonje cyangwa kimuvure.
- Ijambo rigira riti “Araruka” biri mu rwego rwo gukuraho ikibi ukoresheje ukuboko, harimo kandi kuba abatubanjirije mu kwemera bari bafite imbaraga zo guhindura ikibi.
- Itegeko ryo kwambara ibintu mu ijosi: Ikintu icyo aricyo cyose cyambarwa kiringiwe cyaraziririjwe: Igikomo, urudodo, ibirezi, amahirizi, amaso y’imbwebwe, ibinono by’innyamaswa, kambambiri zishaje, umutwe w’ikimasa, igishushanyo cy’intare, bimwe mu bita n’ibindi.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni uko kubuza kwambara ibikomo n'indodo n'ibimeze nkabyo bigomba gushyirwamo imbaraga.

Icya kabiri: Ni uko uriya musangirangendo iyo aza gupfa acyambaye cya gikomo, ntiyari kuzarokoka, bishimangira amagambo y'umusangirangendo agira ati: Ibangikanya ritoya, riruta icyaha gikuru. (Kuko ibangikanya ntiribabarirwa n'ubwo ryaba ari ritoya, bitandukanye n'ibyaha bikuru).

Icya gatatu: Kuba umuntu ari injiji adasobanukiwe amategako y'idini nta rwitwazo azagira (nta rwitwazo yagira nyuma y'uko intumwa Muhamadi amaze kumusobanurira. Ubujiji burimo ibice bibiri:

[1] Ubujiji butaba urwitwazo: ubwo ni bwabundi bukomoka ku kudaha agaciro ubumenyi no kwiga nyuma yuko byashobokaga, uwo nta rwitwazo yagira haba igihe yabaye umuhakanyi cyangwa igihe yakoze amakosa.

[2] Ubujiji bushobora kwihanganirwa: ni bwabundi bunyuranye n'ubwo tumaze kuvuga, nko kuba umuntu atarasuzuguye kwiga no gushaka ubumenyi kandi akaba nta n'amahirwe yo kwiga yabonye, ikintu akaba yaragikoze atazi na gato ko cyaziririjwe, bene ubwo bujiji burihanganirwa, uwo muntu aramutse ari umuyisumu ubwo bujiji nta ngaruka bwamugiraho, naho aramutse ari umuhakanyi, uwo aba ari umuhakanyi hano ku isi, ariko ku mperuka ikibazo cye kizaba ku Imana).

Icya kane: Ni uko kwambara ibintu ntacyo bimarira ubyambaye ahubwo bimugiraho ingaruka, kubera ijamba ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “**Nta kindi bikongerera usibye ububabare**”.

Icya gatanu: Ni uko umuntu ukoze ibyo agomba kwamaganywa mu buryo bukomeme.

Icya gatandatu: Harimo imvugo itomoye y'uko uwambaye ikintu, arakirekerwa, ngo abe aricyo kimukemurira ibibazo (kibishoboye).

Icya karindwi: Harimo imvugo itomoye y'uko uzambara amahirizi azaba akoze ibangikanya.

Icya munani: Ni uko kwambara urudodo kubera bubagimpande nabyo bimeze nk'ibyo byavuzwe haruguru.

Icya cyenda: Hudhayifatu gusoma ayat, ni ikimenyetso kigaragaza ko abasangirangendo batangaga gihama za ayat za Qor'an z'ibangikanya rikuru ku ibangikanya ritoya, nk'uko Ibun Abas yavuze kuri ayat yo muri Al Baqarat (ku urukundo).

Icya cumi: Ni uko kwambara ikirezi ugirango kigukingire amaso mabi nabyo ni nk'ibyambere twavuze (biri mu bwoko bw'amahirizi y'ibangikanya).

Icya cumin a rimwe: Ni uko gusabira umuntu wambaye amahirizi ko Imana itagomba kumugeza kubyo ashaka byemewe, n'uwambaye ikirezi cyo kumukingira Imana ikimuharira (ibyo ariko ntugomba kubona umuntu wambaye amahirizi ngo umubwire ngo Imana ntikugeze kubyo ushaka, kuko kubwira umuntu imbona nkubone wakoze ikosa bishobora gutuma yivumbura, icyo tugomba gukora ni ukumubwira no kumusaba ko areka kwambara ayo mahirizi n'ibyo birezi hanyuma tukamusomera Hadith).

[8] ISOMO KU IBYAVUZWE KURI RUQIYA N'AMAHIRIZI

Ni ukubera iki umwanditsi yavuze ati: (Isomo ku byaje), ntavuge ngo: (Ruqiyat iri mu ibangikanya) nko mu isoamo rishize?

1. Ni uko Ruqiyat zirimo izemewe n'amategoko n'izitemewe n'amategoko.
2. Ni uko kwambara amahirizi yose ari ibangikanya, usibye ayakozwe muri ayat za Qor'an zo zaraziririjwe.

Gihamya ya mbere:

Hadith yaturutse mu bitabo by'ukuri, yakiriwe na Abi Bashir Al Answariy, ko yari kumwe n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) muri zimwe mu ngendo ze, nuko yohereza intumwa ayibwira ko itagomba kugira ikintu cyose kiri mu ijosi ry'indogobe asiga atagiciye"

- Ijambo rigira riti "yohereza" ni ukubera kugira ngo amenye uko bameze nkuko amategoko y'idini abisaba.
- Ijambo rigira riti "icyambawe mu ijosi" biringira ko ibyo birinda amaso mabi ku indogobe, nyamara ibyo ni ibyiringiro bipfuye.

Gihamya ya kabiri n'iya gatatu:

[2] Imvugo yaturutse kuri Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Mu by'ukuri, Ruqiyat n'amahirizi n'inzaratsi ni ibangikanyamana" Yakiriwe na Ahmad na Abu Dauda.

[3] N'imvugo yaturutse kuri Abdullah mwene Ukayimi ayikomoye ku intumwa Muhamadi "Umuntu wambaye ikintu arakirekerwa ngo kube aricyo kimukemurira ibibazo" Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

- Ijambo rigira riti "Mu by'ukuri, Ruqiyat" zizwi muri bo z'ibangikanya, zitari izemewe n'idini.
- Ijambo rigira riti "Umuntu wambaye ikintu arakirekerwa ngo kube aricyo kimukemurira ibibazo" ntabwo yavuze ngo "Uzambara" kuko kwambara bijyana n'uko umutima yizeye, bityo awiringiye Imana iba imuhagije, n'uwiringiye ikitari Imana arasuzugurika.
- Ntabwo byemewe ko umutima w'umuntu wiringira cyane impamvu, ahubwo agomba mbere na mbere kwiringira Imana, umukozi wiringira mu buryo bwuzuye umushahara we yibagiwe utera kubona uwo mushahara, ariyo Imana, uwo aba aguye muri bumwe mu bwoko bw'ibangikanyamana, naho iyo yemera ko umushahara ari impamvu, ariko utuma umugeraraho akaba ari Imana ibyo ntibyonona ukwiringira.

**IBIGOMBA KUBANZA KUZUZWA KUGIRA NGO RUQIYAT YEMEWE
N'AMATEGEKO Y'IDINI IBEHO:**

Igomba kuba ikozwe muri Qor'an na Sunat, cyangwa agasaba yifashishije amazina y'Imana n'ibisingizo byayo.

Iyo ruqiyat igomba kuba iri mu magambo asobanutse kandi yumvikana azwi kandi akaba ari mu rurimi rw'icyarabu.

Uyikora agomba kuba yizera neza ko iyo Ruqiyat ari impamvu gusa yemewe n'amategeko ko idashobora kugira akamaro, bitari k'ubushobozi bw'Imana.

Iyi ibi bintu hagize ikiburamo, icyo gihe Ruqiyat iba itakiri iyemewe n'amategeko y'idini, kandi nta Ruqiyat yakorwa mu rundi rurimi rutari icyarabu, usibye gusa igihe ari ubusabe umuntu akaba yasaba mu rundi rurimi rutari icyarabu, ariko nabwo ntagire amazina y'Imana ahindura, kuko yo agomba kuvugwa uko yaje (avugwa rero uko yaje mu ndimi zose).

A Tamaimu (Amahirizi): Ni ibintu bambika abana ngo bibarinde amaso mabi, ariko iyo icyambawe cyakozwe muri Qor'an, bamwe mu abamenyi barabyemera, abandi ntibabyemera babona ko byaziririjwe, barimo Ibun Mas'udi (Imana imwishimire).

A Ruqiyat: Ni amagambo asomwa, kandi dalili zabitanzemo uburenganzira, ariko ntibigomba kuba iby'ibangikanya. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yatanze uburenganzira bwo gukora Ruqiyat kubera amaso mabi n'umuriro.

A Tiwalat: Ni ibintu bakora bibwira ko bishobora gukundisha umugore k'umugabo we cyangwa umugabo k'umugore we.

**IMPETA YATONGEREWE NAYO NI
INZARATSI**

Ishobora kuba ibangikanya rikuru: Igihe uyambaye yibwira ko ariyo ubwayo iri bumukorere ibyo yifuza, ko ishobora kuzana ibyiza ikanakumira ibibi.

Ishobora kuba ibangikanya ritoya: Igihe uyambaye yizera ko ariyo ntandaro yo kuba umubano hagati y'umugabo n'umugore ukiriho.

Ibyaziririjwe: Iyi niyo iciriritse, kuko ari mu mico y'abakirisitu kuko bemera imyemerere y'ubutatu, ariko harimo n'ikindi kizira: igihe iyo mpata ikozwe muri Zahabu ku abagabo.

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Imamu Ahmad, ayikomoye kuri Ruwayifii yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarambwiye ati "Yewe Ruwayifii, hari igihe wazabaho igihe kirekire, bityo uzabwire abantu ko uzapfundika ubwanwa bwe cyangwa akambika itungo umugozi (wo kuririnda amaso) cyangwa yamara kwituma akisukuka igisheshe cy'inyamaswa cyangwa igufa, uwo amenye ko Muhamadi ntaho ahuriye nawe"

- Ijambo rigira riti "Uzapfundika ubwanwa bwe" byaba mu rwego rwo kwirata cyangwa mu rwego rwo kwirinda amaso mabi.
- Ijambo rigira riti "Cyangwa akambika itungo umugozi" ni umutsi ukurwa mu intama, bakoresha mu gukumira amaso mabi.
- Ijambo rigira riti "Cyangwa yamara kwituma akisukuka igisheshe cy'inyamaswa" ni uguhamagura ibyasohotse mu bwambure bubiri ukoresheje igisheshe cy'inyamaswa.
- Ijambo rigira riti "Cyangwa igufa" aribyo biryo by'amajini.

Gihamya ya gatanu n'ya gatandatu:

[5] Imvugo yaturutse kuri Saidi mwene Jubaili yaravuze ati "Umuntu uzaca ihirizi yari yambawe n'umuntu, uwo abona ibihembo nk'ibyuwarekuye umuja" Yakiriwe na Wakiuu.

[6] Biturutse kuri we nanone ayikomoye kuri Ibrahim "Bajyaga banga amahirizi yose aho ava akagera, yaba ayakozwe muri Qor'an cyangwa mu ibitari yo"

Ijambo rigira riti "Uwo abona ibihembo nk'ibyuwarekuye umuja" kubera ko aba umukuye mu ukugaragira Shitani ibintu birimo ibangikanya, ibi bikaba biruta ubugaragu bw'umuntu, gusa umuntu ushaka guca iyo hirizi agomba kuba yaganirije uyambaye yanyuzwe.

NI KUKI IHIRIZI ZIKORWA MURI QOR'AN?

Ni ukuba abatubanjirije barazanze, kandi ikintu abatubanjirije banze bisobanura ko kiziririjwe.	Ni ukuba ibyo byinjira mu ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Mu by'ukuri, Ruqiyat n'amahirizi n'inzaratsi ni ibangikanyamana.	Ni ukuba zishobora gufungura umuryango w'ibibi, kuko bamwe bashobora gukuka ko ihirizi zose zemewe ndetse n'izidakoze muri Qor'an.	Ni uko harimo gutesha agaciro Qor'an, hari igihe yayinjiza muri WC kandi ikaba bajyaho umwanda wa Najisi.
--	---	---	--

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura Ruqiyat n'amahirizi.

Icya kabiri: Ni ugusobanura inzaratsi.

Icya gatatu: Ni uko ibi bintu byose uko ari bitatu ari ibangikanya nta kurobanura.

Icya kane: Ni uko Ruqiyat ikozwe mu magambo y'ukuri kugira ngo irinde amaso n'umuriro yo itari muri biriya bitatu byavuzwe (ahubwo hakubiyemo nibindi bitari ibyo nk'uburozi).

Icya gatanu: Ni uko ihirizi zikozwe muri Qor'an, abamenyi batazivuzeho rumwe, hibazwa niba nazo zaba ziri muri biriya byavuzwe cyangwa zitarimo (Madhehebu ikubiyemo byose ni iya Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) kuko ubwa mbere ni ukuba ihirizi zitakwemerwa).

Icya gatandatu: Ni uko kwambika inyamaswa imigozi ikoze mu imitsi y'intama mukuyirinda amaso mabi (nabo biri mu ibangikanyamana).


Icya karindwi: Inkuru y'ibihano bikaze k'umuntu wambika inyamaswa imigozi.

Icya munani: Ibihembo byinshi k'umuntu uzaca ihirizi k'umuntu uyambaye.

Icya cyenda: Ni uko amagambo ya Ibrahimu atanyuranye no kutavuga rumwe kw'abamenyi, kuko icyo bishatse kuvuga ni abantu bari k'uruhande rwa Abdullah mwene Mas'udi (Nabwo igishaka kuvugwa ari abasangirangendo bose cyangwa ababayeho nyuma yabo bose).

[9] ISOMO RIVUGA K'UGIYE GUSHAKIRA UMUGISHA KU GITI
CYANGWA IBUYE N'IBINDI NKABYO

A Tabaruku: Ni ugusaba umugisha,
hakaba harimo ibi bikurikira:



Gihamya ya mbere y'iya kabiri:

[1] N'ijambo ry'Imana rigira riti "Ese ntimutekereza (ku bigirwamana musenga); Laata na Uza, Ndetse na Manaata, ikindi (kigirwamana) cya gatatu?"

[2] Imvugo yaturutse kuri Abi Waqidi A Layithiy yaravuze ati: Twajyanye n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu ntambara ya Hunayini, twari tumaze iminsi mikeya tuvuye m'ubuhakanyi, icyo gihe abahakanyi bati bafite igiti kinini bahagararagaho bakanakimanikaho intwara zabo, bitaga (Dhatu aniwatw), nuko tuza kunyura ku kindi giti, tubwira intumwa Muhamadi tuti: Yewe ntumwa y'Imana! Dushyirirero igiti (twasabiraho umugisha), nk'uko na bariya bafite igiti bawusabiraho, intumwa Muhamadi aravugaga ati "Allah Akibar, mu by'ukuri, uyu ni umugenzo, ndahiye k'uwo umutima wanjye uri mu ntoki ze, muvuze neza neza nkuko Abayisrahili babwiye Mussa bati "Yewe Musa! Dushyirireho imana nk'uko na bo bafite imana zabo. Aravugaga ati "Mu by'ukuri, mwe muri abantu badasobanukiwe!" Muzakurikira imigenzo y'abababanjirije" Yakiriye na Tir'midhiy.

- Ijambo rigira riti “Ese ntimatekerezwa (ku bigirwamana musenga); Laata na Uza” bisobanuye ngo ni mumbwire agaciro k’ibi bigirwamana mukuza bihuriyehe n’ibi bimenyetso bihambaye nk’urugendo rwo kujya mu ijuru (Miiraji) intumwa Muhamadi yakoze, kuberako bo bemera ko biriya bigirwamana bishobora kubazanira ibyiza kandi byanabagirira nabi, ari nayo mpamvu babijyaho, bakabisaba, bakabibagira, bakabyiyegereza.

- Ijambo rigira riti “Laata” [1] usomye iri jambo utsindagiye inyuguti ya Tau: bisobanuye umuntu wari umukiranutsi washigishiraga abahaji igikoma.

[2] Naho ririya jambo urisomye udatsindagiye inyuguti ya Tau: Bakomoye izina ry’ikigirwamana ku mazina y’Imana, maze bacyita Laata.

- Ijambo rigira riti “Na Uza” ni jambo rikomoka ku izina ry’Imana Azizi.

- Ijambo rigira riti “ndetse na Manaata” ni jambo rikomoka [1] ku izina ry’Imana Al Mananu, [2] cyangwa se rikaba rikomoka ku jambo Mina, kubera amaraso menshi ahamenerwa, ari nayo mpamvu hiswe Mina.

- Ijambo rigira riti “twari tumaze iminsi mikeya tuvuye m’ubuhakanyi” bisobanuye ko bari bashya mu idini, yavuze ibyo kugira ngo atange impamvu y’ubusabe bwabo.

- Ijambo rigira riti “bakanakimanikaho intwari zabo” mu buryo bwo kugishakaho umugisha.

- Ijambo rigira riti “Dhatu aniwatw”: cyiswe iryo zina kuberako cyamanikwagaho intwari bagambiriye kukibonaho umugisha.

- Ijambo rigira riti “Dushyirirere igiti (twasabiraho umugisha), nk’uko na bariya bafite igiti bawusabiraho” aba bantu bari basobanukiwe ko amasengesho yose ntahandi yaturuka usibye ku Imana cyangwa intumwa yayo, bityo basabye uburenganzira intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), bavangavanga ibintu, ariko iryo bangikanya ntibarugyemo.

- Ijambo rigira riti “Muzakurikira imigenzo y’abababanjirije” bisobanuye ngo muzakora nk’ibyo bakoraga, muzanavugaga amagambo nkayo bavugaga, muri iri jambo harimo gutanga inkuru no kuburira.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Najim igira iti “Ese ntimatekerezwa (ku bigirwamana musenga); Laata na Uza, Ndetse na Manaata, ikindi (ikigirwamana) cya gatatu?”.

Icyamba kabiri: Ni ukumenya ishusho y’icyo basabye, (byari ukwigana abahakanyi ntabwo byari ukugisenga).

Icyamba gatatu: Kuba abantu bataramukoreye.

Icyamba kane: Kuba bo barashakaga kwiyegeze Imana bakoresheje ibyo bigirwamana, bakeka ko intumwa Muhamadi abikunda.

Icyamba gatanu: Nuko bo baramutse badasobanukiwe ibyo, abataribo byaba ari akarusho (ntitugomba kubeshywa n’ibikorwa by’abantu).

Icyamba gatandatu : Nuko bo bafite ibikorwa byiza ndetse n’isezerano ryo kubabarirwa ibyaha, bidafite abandi bantu (Ntitugomba kubavugaho ibitari byiza, kuko kubavugaga nabi biba ari nko kunenga Imana, idini ryayo n’intumwa yayo).

Icyamba karindwi: Nuko intumwa Muhamadi atigeze yemera urwitwazo rwabo, ahubwo yabashubije agira ati “Allah Ak’bar, mu by’ukuri, ni umugenzo! Muzakurikira imigenzo y’abababanjirije, ikibazo intumwa Muhamadi aragikomeza kubera ibi bintu bitatu.

Icyamba munani: Ikintu kinini –ari nacyo kugambiriwe- intumwa Muhamadi yababwiye ko ubusabe bwabo ari nk’ubwabayisira heri ubwo babwiraga Mussa bati “Dushyirireho Imana twasenga” (Muri aya magambo harimo ukwisanisha n’ababangikanyamana mu magambo).

Icyamba cyenda: Nuko uku guhakana harimo igisobanuro cy’ijambo (La ilaha ila llahu) hamwe no kuba byihishe bitagaragarira bariya bantu, ubuhamya buhakana izindi mana zose, usibye Allah wenyine, bityo rero umugisha ntushobora guturuka ku kindi kitari Imana).

Icyamba cumi: Ni uko intumwa MUhamadi yarahiye mu gutanga Fatuwa, kandi intumwa ntabwo yarahirira mu bintu bitarimo inyungu (cyangwa mu gukumira ikibi).

Icya cumi na rimwe: Ni uko ibangikanya rurimo irikuru n'iritoya, kuko bo ntabwo bavuye mu idini kubera ibyo.

Icya cumi na kabiri: Ijambo ryabo rigira riti “kandi twari tumaze iminsi mikeya tuvuye m'ubuhakanyi” harimo ko abataribo batari bayobewe ibyo (abo bantu birashoboka kubumva kubera ubujiji bwabo, kubera ko bari bamaze igihe gito bavuye mu buhakanyi).

Icya cumi na gatatu: Igihe ugize ikigutangaza biremewe kurahira, ibyo bitandukanye n'ababyanga.

Icya cumi na kane: Gukumira icyo aricyo cyose cyatuma umuntu agwa mu ibangikanya (zikaba ari inzira zose zageza umuntu ku ikintu, Izo nzira ziri ubwoko bubiri:

[1] Inzira zageza umuntu ku kintu gikenewe, icyo kintu ntigikumirwa ahubwo kirafungurirwa kandi kigashakishwa.

[2] Inzira zageza umuntu ku kintu kitari kiza, icyo kirakumirwa, ariyo ntego y'umwanditsi.

Icya cumi na gatanu: Kubuza kwisanisha n'abantu b'igihe cy'ubujiji (ntabwo ari ababayeho mbere y'ubutumwa gusa, ahubwo ni buri wese utazi ukuri akanakora ibikorwa by'abantu bo mu gihe cy'ubujiji, uwo nawe aba ari muri abo bantu binjijiri).

Icya cumi na gatandatu: Kurakara igihe wigisha.

Icya cumi na karindwi: Umusingi wa byose, kubera ijamba rye rigira riti “Mu by'ukuri, uyu ni umugenzo” (Ibyo yabivuze kubera kuburira abantu).

Icya cumi n'umunani: Ibi ni bimwe mu biranga ubutumwa bw'intumwa Muhamadi, kuko byabaye uko yari yarabivuze.

Icya cumi n'icyenda: Nuko buri kintu cyose cy'abayahudi cyangwa abakirisitu Imana yabavuzeho nabi, muri Qor'an icyo nacyo kiba kitureba.

Icya makumyabiri: Nuko bigenda bigaruka kuri bo ko amasengesho ashingiye ku itegeko, biba ari ngombwa rero kwibutsa ibibazo byo mu mva, naho kuvuga ngo (Nyagasani wawe ni inde?) byo birasobanutse, naho kuvuga ngo (Intumwa yawe ni iyihe?), ibyo biri mu nkuru ze z'ibyihishe, naho kuvuga ngo (Idini ryawe ni irihe?) biri mu ijamba ryabo rigira riti “Dushyirireho Imana twasenga.....).

Icya makumyabiri na rimwe: Nuko imigenzo y'abahawe igitabo nayo atari myiza nk'imigenzo y'ababangikanyamana.

Icya makumyabiri na kabiri: Nuko umuntu wimutse akava ku bintu bibi umutima we wamenyereye, ntabwo wakwizera ko ku mutima we nta kantu kasigayeho muri ya migenzo (kubera ijamba rye rigira riti “kandi twari tumaze iminsi mikeya tuvuye m'ubuhakanyi” no kubera iyo mpamvu ni ibintu byumvikana kwirukana umusambanyi mu karere yabukoreyemo igihe cy'umwaka nyuma yo kumukubita ibiboko ijana, kugira ngo atazongera akabukora, umuntu ni ngombwa kujya kure y'ahantu higanje ubuhakanyi n'ibangikanya ndetse n'ubwangizi, n'inzira ya Ahalu sunat ni ugukura ubumenyi ku bamenyi b'inzobere, ko umuntu ugarutse kuri Sunat yari mu buyobe, nta ikijyanye n'ubumenyi ugomba kumufataho, kugeza ubwo abamenyi bamutangira ubuhamya bwo kuba imyizerere ye ari myiza no ubuyobe yari mo bwarangiye).

[10] ISOMO KUBYEREKEYE KUBAGIRA IKITARI IMANA

NI UKUBERA IKI UMWANDITSI YAVUZE NGO (ISOMO KU BYAJE) NTAVUGE NGO
(KUBAGIRA IKITARI IMANA NI IBANGIKANYA RIKURU)?

1. Yashatse korohereza umunyeshuri uburyo bwo gukura itegeko muri gihamya, ibi rero biri mu kurera abantu muby'ubumenyi.
2. Cyangwa ni uko kubagira ikitari Imana birimo ibice bibiri, ibyemewe ndetse niby'ibangikanya rikuru.

Gihamya ya mbere y'iya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga uti "Mu by'ukuri,amasengesho yanjye, ibitambo byanjye, kubaho kwanjye no gupfa kwanjye bigengwa na Allah, Nyagasani w'ibiremwa byose, ntagira uwo abangikanye nawe"

[2] Imana yaravuze iti "Bityo jya usenga kubera Nyagasani wawe, unabage kubera we"

- Ijambo rigira riti (Vuga uti) bwira bariya babangikanyamana, ubatanga ko uhagaze kuri Tawuhidi no kwiyereza Imana.
- Ijambo rigira riti (amasengesho yanjye), ibikorwa byanjye by'umubiri kandi ibiruta ibindi muri byo ni isengesho ryaba iry'itegeko cyangwa irya Sunat.
- Ijambo rigira riti (Ibitambo byanjye), ibyo mbaga, ibikorwa byerekeranye n'imitungo, ibiruta ibindi muri byo ni ukubaga kubera Imana.
- Ijambo rigira riti (ukubaho kwanjye no gupfa kwanjye), ugenga ibyanjye birimo ukubaho no gupfa ni Imana Nyagasani.
- Ijambo rigira riti (uwambere mu bayisumu) [1] bisobanuye ngo nyewe ndi umuyisumu wa mbere muri uyu muryango.
- [2] Uwambere muri rusange, bikaba bisha kuvuga: Umuntu urusha abandi ubuyisumu unabarusha kuganduka mu bantu bese.
- Ijambo rigira riti (Kandi ubage): Ukubaga kwawe kube ukw'Imana nk'uko amasengesho yawe agomba kuba kubera yo, kubaga ni kimwe mu bikorwa by'amasengesho.

IBICE BYO KUBAGA:

Kubaga kubera Imana:

Nk'ibitambo, aqiqat ibyo kubibagira ikitari Imana ni ibangikanya rikuru.

Kubaga byemewe:

Nko kubaga intama yo kurya, no kuzimanira abashyitsi, ndetse no gucuruza.

Kubagira ikitari Imana ugukunze kandi ugukuzira:
(Ibangikanya rikuru) nko kubagira abari mu imva n'amajini.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Alliy mwene Abi Twalib, yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha yambwiye ibintu bine "Imana yavumye umuntu ubagira ikitari Imana, Imana kandi yavumye umuntu uvuma ababyeyi be, Imana yanavumye umuntu utangiza igihimbano, nanone Imana yavumye umuntu uhindura imbago z'ubutaka" Yakiriwe na Muslim.

Ijambo rigira riti (Imana yavumye), iyo tuvuze ngo Imana yavumye biba bisobanuye kwirukanwa mu mpuhwe z'Imana, iyi mvugo yumvikanamo kuba intumwa Muhamadi yaratangaga inkuru ko Imana ivuma ubagiye ikindi kitari Imana, cyangwa se ikaba ari ubusabe bugira buti (Mana vuma ubagira ikindi kitari Imana).

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Twariqi mwene Shihab, ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Umuntu yinjije mu ijuru kubera isazi, n'undi yinjira mu muriro kubera isazi, baramubaza bati: ibyo bimeze bite yewe ntumwa y'Imana? Aravuga ati "Abantu babiri banyuze ku bantu barimo gusenga ikigirwamana, nta muntu ukinyuraho atagitambiye ikintu icyo aricyo cyose, nuko babwira umwe muri bo bati: Gira icyo utamba, aravuga ati: ntacyo nfitse natamba bati: tamba nubwo byaba isazi, nuko atamba isazi baramureka aragenda, yinjira mu muriro kubera icyo gikorwa, maze babwira undi bati: gira icyo utamba, aravuga ati: ntawe natambira icyo aricyo cyose utari Imana Nyagasani, nuko bamuca ijosi, yinjira mu ijuru kubera icyo gikorwa" Yakiriwe na Ahmad.

Igira iti (Kubera isazi), ni ukuvuga ko iyo sazi yabaye impamvu.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ijamba ry'Imana rigira riti "Vuga uti "Mu by'ukuri, amasengesho yanjye, ibitambo byanjye"

Icyamba kabiri: Ni ugusobanura ijamba ry'Imana rigira riti "Bityo jya usenga kubera Nyagasani wawe, unabage kubera we"

Icyamba gatatu: Umuvumo mbere na mbere ugera k'umuntu ubagira ikitari Imana (Kuko ari kimwe mu bikorwa by'ibangikanyamana, kandi ukuri kw'Imana kuruta ibindi byose).

Icyamba kane: Umuvumo uba k'umuntu uvuma ababyeyi be, ibyo bikaba ari nko kuvuma umubyeyi w'umuntu nawe akavuma uwawe (kuko impamvu y'ikintu ni kimwe no kugikora ubwacyo, cyangwa nko kuvuma ababyeyi be ako kanya).

Icyamba gatanu: Ijambo rigira riti "Imana yanavumye umuntu utangiza igihimbano" uwo akaba ari umuntu utangiza ikintu, kigomba kubamo ukuri kw'Imana.

Icya gatandatu: Ijambo rigira riti “umuntu uhindura imbago z’ubutaka” bikaba ari ibimenyetso bigaragaza ukuri kwawe n’ukuri kwa mugenzi wawe mu bijyanye n’ubutaka, ugahindura imbago uzigiza imbere cyangwa inyuma.

Icya karindwi: Itandukanirwo riri hagati yo kuvuma kuzwi no kuvuma abanyabyaha muri rusange (Uwa mbere: birabujije, uwa kabiri: biremewe, umuntu uzwi kirazira kumuvuma, kandi ntibyamewe kuvuma abantu burundu).

Icya munani: Iyi nkuru ihambaye ariyo nkuru y’isazi (tuyivuze dukurikije imvugo ivuga ko ari ukuri).

Icya cyenda: Kuba yarinjiye mu muriro kubera iriya sazi kandi atariyoyi yari agambiriye, ahubwo yarabikoze kubera kugira ngo akire ibibi byabo (bibagaraza ko gushyirwaho agahato bitari urwitwazo rwemewe mu bantu batubanjirije).

Icya cumi: Kumenya igipimo cy’ibangikanya riri mu mitima y’abemera, uburyo uriya mu gabo yihanganiye kwicwa ntiyemere ibyo bamusabye, kandi mu by’ukuri ibyo bamusabye ari ibintu bigaragara? (Kuba kwemera kugira icyo akora no kutihangana kwe harimo ingaruka mbi kuri Islam, icyo gihe agomba kwihangana, hari igihe kwihangana biba itegeko).

Icya cumi na rimwe: Ni uko uwinjiye mu muriro yari umuyislam kuko iyo ataza kuba umuyisilamu, ntibari kuvuga ko yinjiye mu muriro kubera isazi (icyamwinjiye mu muriro ni ugutambira icyigirwamana).

Icya cumi na kabiri: Harimo ubuhamya bwa Hadith y’ukuri “Ijuru riri hafi y’umwe muri mwe kurusha udushumi tw’inkweto ze, kandi n’umuriro ni uko” (ikigambiriwe muri ibyo ni ugukundisha abantu no kubatera ubwoba).

Icya cumi na gatatu: Ni ngombwa kumenya ko ibikorwa by’umutima aribyo bigambiriwe cyane, ndetse no kubasenga ibigirwamana (umuti uvura umutima ni igitabo cy’Imana na Suna z’intumwa Muhamadi, bityo ntuzarushye umutima wawe kubera iby’isi).

ESE ICYIZA K’UMUNTU IGIHE USHYIZWEHO AGAHATO NGO AHAKANE IMANA NI UKO AGOMBA KWIHANGANA NUBWO YAKWICWA CYANGWA YAKWEMERA IBYO ASABWA KU BIGARAGARA ARIKO KU MUTIMA ATABYEMERA?

1. Kuba yakwemera ibyo bamusabye mu bigaragara n’ibitaragara, ibi rero ntibyamewe kuko ari ukuvu mu idini.
2. Kuba yakwemera ibyo bamusabye mu bigaragara gusa, ariko agambiriye kwikiza gusa ako gahato bamushyizeho, ibi biremewe.
3. Kuba atagomba kwemera ibyo bamusabye mu bigaragara n’ibitaragara maze akicwa, ibi biremewe, bikaba ari ukwihangana, igihe kwemera gukora ibyo bamusaba bamushyizeho agahato biri buteze idini ingaruka mbi muri rusange, atari ibyo agomba kwemera mu bigaragara gusa.

[11] ISOMO KU KWIRINDA KUBAGIRA IGITAMBO CY'IMANA
AHABAGIRWA IBITARI IBY'IMANA

Ubu ni uburyo umwanditsi yimuka aza ku isomo ajya ku rindi kandi ni byiza cyane, nyuma yo kuvuga ku byerekeye kubagira ikitari Imana, yimukiye ku kugaragaza ko bitemewe kubaga kubera Imana ahantu habagirwa ibitari iby'Imana, nk'umuntu wifuza gutamba igitambo cya Adwuhiya, akakibagira ahantu babagira ibitambo by'ibigirwamana, impamvu yo kubuza ibyo ni:

1. Bijyana umuntu mu kwisanisha n'abahakanyi.
2. Bishobora gutuma iki gikorwa giteza urujijo mu bantu, bagakeka ko ibikorwa by'ababanyikanyamana byemewe.
3. Ni uko ababanyikanyamana bazatwikwa kubera ibikorwa byabo, ibyo bibujijwe no kubakarira birakenewe.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti “Uramenye ntuzawuhagararemo (Masijid Dwirari) na rimwe (usenga)”.

Impamvu umwanditsi w'igitabo yazanye iyi ayat:

Bimaze kugaragara ko Umusigiti wa Dwirari wubakiwe kwigomeka ku Imana n'ubuhakanyi no kugusha abayisumu babacamo ibice, Imana yabujije intumwa yayo kujya kuwusengeramo, hamwe n'uko isengesho yasengeramo we yaba arisenze kubera Imana, ibyo rero bikaba bigaragaza ko ahantu hose hakorerwa ibikorwa byo kwigomeka ku Imana hadakwiye guhagararwa no kuhasengera, nubwo ibyo bintu byaba bitakihakorerwa, isengesho ni Ibadat no kubaga nabyo ni Ibadat. Ibiri hafi yibyo ni ukubuza gusenga izuba rirashe n'igihe riranga kuko ibyo bihe ari ibihe abahakanyi bubamiramo izuba, ibi n'ibijyanye n'ibihe naho Hadith yo yavugaga ku byerekeye ahantu.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Thabiti mwene Dwahaku (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugambo yahize umuhigo wo kujya kubagira ingamiya ahitwa Buwanat, maze abaza intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko byemewe, nawe aravugaga ati “Ese haba harigeze kuba hari ikigirwamana cyasengwaga mu kimbo cy'Imana? Baravugaga bati: Oya, aravugaga ati “Ubahiriza umuhigo wawe, kuko nta kubahiriza umuhigo mu kwigomeka ku Imana, cyangwa guhigira ibyo umuntu adatumze” Yakiriwe na Abu Dauda.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

A Nadhir: Ijambo A Nadhir mu rurimi rw'icyarabu risobanuye: Ni isezzerano no kwiyemeza . Naho mu mategeko y'idini: Ni ukuba umuntu ugejeje igihe cyo kurebwa n'amategeko y'idini yakwiyemeza gukora ikintu kitari itegeko kuri we.

Gukora Nadhir kubera ibitari Imana (Ibangikanya rikuru):

Nko kurahira ku ikitari Imana mu mvugo gusa, iyo ndahiro iba ari impfabusa (kuko ntiyubahirizwa kandi nta cyiru igira, gusa uwayikoze asabwa kwicuza ku Imana).

Gukora Nadhir kubera Imana:

Gukora Nadhir rusange:

Iyo yinjiramo buri Muyisumu wese, Imana iti “Bubahiriza imisigo yabo” kubera ko umuyisumu aba yariyemeje gukora ibyategetswe no kureka ibyabujijwe.

Gukora Nadhir w'umwihariko:

Nko guhigira ikintu kizwi.

Nadhir mbere yo kuyivuga: Itegeko ryayo: Kirazira kubera ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabibujije, iyo haza kuba harimo ikiza intumwa Muhamadi yari gukora Nadhir.

Nadhir nyuma yo kuyivuga: Ni ukuyubahiriza cyangwa ugatanga icyiru cy'indahiro.

Gukora Nadhir yo kubaha Imana: Ni ngombwa kuyubahiriza, iyo utayubahirije utanga icyiru (urugero: nko kugambirira gusenga Sunat).

Gukora Nadhir yo kwigomeka ku Imana: Kirazira kuyubahiriza, kandi ni ngombwa gutanga icyiru (urugero: kugambirira gukora icyaziririjwe nko gusebanya).

Gukora Nadhir yemewe: Icyo gihe umuntu ahitishwamo hagati yo kuyikora ari nabyo byiza cyangwa gutanga icyiru (urugero: guhigira kwambara umwenda runaka).

Gukora Nadhir y'uburakari: Nka Nadhir yemewe n'amategeko, ikaba igamijwemo igisobanuro cy'indahiro (urugero: Guhigira kuva mu gihugu).

Gukora Nadhir utari mwiza: Si byiza kuwubahiriza, icyiza ni ugutanga icyiru (urugero: guhigira guhindukira mu iswala).

Gukora Nadhir ya rusange: Iyo ni yayindi nyirayo atagira icyo avuga ahigiye, uwo muhigo urimo gutanga icyiru (Nk'ijambo rigira riti: Ndahiye Imana ko nzakora umuhigo agaceceka).

- Iyo umuhigo ukorewe Imana, uwo uba ubayeho: Icyo gihe aba asabwa kuwubahiriza cyangwa kutawubahiriza, akaba ategeswe gutanga icyiru.
- Iyo umuhigo ukorewe ikitari Imana Nyagasani, uwo muhigo ntuba wemewe: Uwo nta kuwubahiriza nta n'icyiru ugira, harimo gusa ukwicuza ku Mana (ibangikanya rikuru).

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura ijambo ry'Imana rigira riti "Uramenye ntuzawuhagararemo (Masijid Dwirari) na rimwe (usenga)".

Icya kabiri: Ni uko ibyaha bigira ingaruka ku isi, ndetse no kugandukira Imana (Isi imaze kuba ahantu hibangikanya, umuntu yaziririjwe gukora ibijya gusa n'ibangikanya ku isi kugira ngo atisanisha n'ababangikanyamana).

Icya gatatu: Gusubiza ibibazo birimo ingorane ku bibazo bisobanutse, kugira ngo izo ngorane zivemo.

Icya kane: Gusobanura Mufti igihe ubikeneye (cyangwa agasobanura cyane igisubizo).

Icya gatanu: Ni uko kugira ubutaka runaka uhitamo gukoreraho Nadhir nta kibazo kirimo igihe cyose budafite imiziro (ariko igihe utinya ko abantu badasobanukiwe bibwira ko aho hantu hafite akarusho runaka icyo gihe birabujijwe).

Icya gatandatu: Birabujijwe kujya kuhakorera Nadhir igihe hari kimwe mu bigirwamana byo mu gihe cy'ubujiji, kabone niyo cyaba kitagihari.

Icya munani: Ntibyemewe kubahiriza umuhigo wahigiye kuri ubwo butaka, kuko waba ari umuhigo wo kwigomeka ku Imana.

Icya cyenda: Kwirinda kwisanisha n'ababangikanyamana mu minsi mikuru yabo nubwo waba utabigambiriye (Sheikhul Islam yavuzeko, kwisanisha singombwa kuba wabigambiriye, ariko iyo hajemo no kubigambirira ibyaha biriyongera).

Icya cumi: Ntabwo Nadhir yo kwigomeka ku Imana yemerwa (bisobanuyeko Nadhir iba ariyo ariko ntibyemewe kuyubahiriza).

Icya cumi na rimwe: Umuntu ntashobora guhigira ibyo adatunze (bisobanuye ko atagomba kuyubahiriza, ibyo umuntu adatunze rero birimo ibice bibiri: [1] Mu mategeko y'idini: Nko kuba umuntu yavugaga ati "Ndahiye Imana ko nzarekura umucakara kanaka, ibyo ntibyemewe kuko atamutunze. [2] Mu igeno: Nko kuba wavugaga uti "Ndahiye Imana ko ngomba kugurukisha amaboko yanjye, iyo nayo ntibyemewe kuko atabifitiye ubushobozi).

ICYIRU CY'UMUHIGO WO KU IMANA NI NK'ICYIRU CY'INDAHIRO:

- Umuntu ahitishwamo hagati yo: Kurekura umucakara w'umuyisumu, cyangwa kugaburira abakene icumi cyangwa se kubambika.
- Iyo atabishoboye yimukira ku gusiba iminsi itatu ikurikirana.

[12] ISOMO RYO KUBA ARI IBANGIKANYA
KUGORERA UMUHIGO IKITARI IMANA

Gihamya ya mbere n'ya kabiri:

[1] N'ijambo ry'Imana rigira riti "(Abo bakiranutsi) ni abesa imihigo (yabo bahigiye Allah)"

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi icyo muzatanga cyose mu bitangwa cyangwa mukiyemeza (umuhigo), rwose Allah aba abizi".

Aho ayat ebyiri zihuriye n'iri somo, nuko Nadhir ari imwe mu mpamvu zizatuma abakiranutsi binjira mu ijuru, kandi Nadhir ni isengesho, bikaba byumvikana rero ko kuyikorera utari Imana ari ibangikanya.

Gihamya ya gatatu:

N'imvugo iri mu gitabo cy'ukuri yaturutse kuri Aisha (Imana imwishimire) avuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Uzashyiraho umuhigo wo kumvira Imana azajye ayumvira, n'uzashyiraho umuhigo wo kwigomeka ku Imana ntazabikore"

ITANDUKANIRO RYA NADHIR YO KUGANDUKIRA IMANA N'IYO
KUYIGOMEKAHO

Nadhir yo kugandukira Imana: Nko kurahira ku Imana, Nadhir iba ibaye, (ugomba kubahiriza indahiro cyangwa ugatanga icyiru), ariko ni ngombwa kuvubahiriza.

Nadhir yo kwigomeka ku Imana: Nko kurahira ku Imana, Nadhir iba ibaye, (ugomba kubahiriza indahiro cyangwa ugatanga icyiru), ariko kirazira kuvubahiriza.

Nadhir ku ikitari Imana: Nko kurahira ikitari Imana, Nadhir ntiba ibayeho, harimo ukwicuza, kandi iba ari ibangikanya rikuru.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ngombwa kubahiriza Nadhir (Nadhir yo kugandukira Imana gusa).

Icyamba kabiri: Igihe Nadhir bigaragaye ko ari isengesho, kuyikorera ikitari Imana ni ibangikanya.

Icyamba gatatu: Ni uko Nadhir yo kwigomeka ku Imana, bitemewe kuvubahiriza (ukaba ugomba gutanga icyiru cy'indahiro).

ICYITONDERWA:

Ni uko Nadhir n'indahiro, amategeko yayo arenda gusa, no kubera icyo mpamvu abamenyi babishyize hamwe mu isomo bise "Isomo ry'indahiro na Nadhir".

[13] ISOMO RYO KUBA KWIKINGA KU KITARI IMANA MUBYO
KIDASHOBOYE URETSE IMANA ARI IBANGIKANYA.

Gihanya ya mbere:

N'ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi mu by'ukuri, mu bantu hari abagabo bajyaga bikinga ku amajini y'igitsinagabo, ariko (ibyo) byongereraga (abo bantu) gukora ibyaha (ndetse n'ayo majini" bikayongerera kwibona)."

- Ijambo rigira riti "Bajyaga bikinga" ni guhungira, kwikinga bibaho mubyo umuntu atinya, hari no kwikinga mubyo uteganya.
- Ijambo rigira riti "Byabongereraga kwibona" kubera guhungabana n'ubwoba mu mutima, no kwikinga ku kitari Imana ntacyo byongerera ubikora, ahubwo byongerera ukwibona, ibyo bikaba ari ibangikanya rikuru, ahabwa igihano cyo guhabwa ikinyuranyo.

Gihanya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Khawulat mwene Hakimu (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Umuntu ugeze ahantu ashidikira maze akavugira ati "AUDHU BIKALIMATI LAHI TAMATI MIN SHARI MA KHALAQA" (bisobanuye ngo nikinze ku magambo y'Imana yuzuye ibibi by'ibiremwa yaremye) nta kintu na kimwe cyamugirira nabi kugeza igihe aviriyeho aho yashyiriyeho" Yakiriye na Muslim

- Ijambo rigira riti "aho ashidikira" rikubiyemo aho umuntu yashidikira ku buryo burambye, cyangwa ah'igihye gitoya nko mu bwato.
- Ijambo rigira riti "Nikinze" bisobanuye ngo mpungiyeho kandi nikinze "Ku magambo y'Imana" yaba ajyanye n'ibiriho cyangwa ayerekeye ay'idini.
- Ijambo rigira riti "Yuzuye" [1] avuga iby'ukuri. [2] Atabogama mu guca imanza.
- Ijambo rigira riti "Ibibi by'ibiremwa yaremye" Ibibi ntabwo byitirirwa Imana, kuko Imana yaremye ibibi kubera impamvu runaka, ibice bigize ibiremwa: [1] Ibiremwa byiza mu buryo busesuye, nk'ijuru, intumwa z'Imana n'abamalayika. [2] Ibiremwa bibi mu buryo busesuye, nk'umuriro, ibilisi hashingiwe ku miterere yabyo, naho hashingiwe ku mpamvu yo kuremwa kwabyo ni byiza. [3] Ibiremwa birimo ibyiza n'ibibi, nk'umuntu, amajini n'inyamaswa.
- Ijambo rigira riti "Nta cyamugirira nabi na kimwe" iyi ni inkuru idashobora idashobora kunyuranyira n'ubwoba, kuko ari amagambo y'umunyakuri kurusha abanyakuri bose, ariko biramutse binyuranyije icyo gihe biba ari ukubera ko hari imiziro runaka ntabwo riba ari ukubera ko impamvu ituzuye cyangwa kuba inkuru atariyo, nko gusomera abarwayi Qor'an ngo bakire, abantu bamwe na bamwe barayisoma ariko abarwayi ntibakire.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Jini igira iti “Kandi mu by’ukuri, mu bantu hari abagabo bajyaga bikinga ku amajini y’igitsinagabo, ariko (ibyamba) byongereraga (abo bantu) gukora ibyaha (ndetse n’ayo majini)”.

Icyamba kabiri: Kuba ibyamba ari ibangikanya (rikuru, kwikinga ku kitari Imana mubyo kidashoboye, biri mu bushobozi bw’Imana gusa).

Icyamba gatatu: Gutanga gihamba yabyo kuri Hadith, kubera ko abamenyi bayitangaho gihamba bagaragaza ko amagambo y’Imana atari ibiremwa, kuko kwikinga ku kiremwa ari ibangikanyamana (rikuru ku bintu nk’ibi, iyo amagambo y’Imana aza kuba ibiremwa ntabwo intumwa Muhamadi yari kwigisha abantu kuyikinga ho).

Icyamba kane: Ibyamba by’ubu busabe hamwe no kuba buhinnye cyane (Nta cyakugirira nabi igihe cyose ukiri aho washyikiye).

Icyamba gatanu: Kuba cyaba gifite agaciro k’ibyi isi, mu gukuraho ibibi cyangwa kuzana ibyamba, ibyamba ntibisobanura ko kitaba ari ibangikanyamana (ntabwo kuzana icyamba bikuraho ibangikanya).

IZINDI NYUNGU

Muri iyi Hadith biragaragara ko idini idakuraho ikintu cyo mu gihe cy’ubujiji itavuze icyamba kikiruta, muri urwo rwego ni uko mu gihe cy’ubujiji bikinganga ku amajini, maze idini ibigurana kwikinga kuri ariya magambo.

Iyi niyo nzira nziza umuvugabutumwa akwiriye kuba ariho, ko naramuka afungiye abantu umuryango w’ibibi, ni ngombwa kuri we kubafungurira uw’ibyamba, ibi bifite ingero nyinshi muri Qor’an na Sunat.

[14] ISOMO RY'UKO ARI IBANGIKANYA KWITABAZA IKITARI IMANA
CYANGWA GUSABA IKITARI YO

Gihamya ya mbere kugeza kuya gatanu:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi ntukagire ikindi usaba kitari Allah, kitagira icyo kikumarira cyangwa cyagutwara. Nuramuka ubikoze, mu by'ukuri, uzaba ubaye umwe mu babangikanyamana". "Kandi Allah aramutse aguteje amakuba, ntawayagukiza utari we".

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Bityo nimushakire amafunguro kwa Allah, munamusenge".

[3] Ijambo ry'Imana rigira riti "Ni nde wayobye kurusha wawundi usenga ibitari Allah, bitanashobora kumushubira kuzageza ku muni w'imperuka?".

[4] Ijambo ry'Imana rigira riti "Ese uwakira ubusabe bw'uri mu makuba igihe amusabye, akanakiza ikibi".

[5] Imvugo yakiriwe na Twabaraniy, ivuga ko ku gihe cy'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) hari indyarya yabuzaga amahoro abemera Mana, nuko bamwe baravuga bati: Nimuze tujye kwitabaza intumwa Muhamadi adukize iyi ndyarya, maze intumwa Muhamadi aravuga ati "Ntabwo ariye bitabaza ahubwo hitabazwa Imana Nyagasani"

- Ijambo rigira riti "Ntazasabe" ubusabe ni amasengesho, mu bintu bitashoborwa n'uwo ariwe wese usibye Imana.
- Ijambo rigira riti "Ku Imana" harimo kuba ibyari guheruka aribyo byatambutse imbere, mu kugaragaza ko byihariwe, bisobanuye ngo mujye musaba amafunguro ku Mana nta wundi, basenga ibigirwamana ariko byo ntibishobora kubaha amafunguro na rimwe.
- Ijambo rigira riti "munamusenge" bigaragaza ko guhamya amasengesho mu gusaba amafunguro no gushyiraho impamvu zo kuyageraho.
- Ijambo rigira riti "Kandi muyishimire" kubera ko inema ni ibigeragezo, zisaba gushimira ku mutima no ku rurimi ndetse no ku mubiri.
- Ijambo rigira riti "wakira" nta wundi ugomba gusaba kugukuriraho ingorane n'ibibi kandi atabifitiye ubushobozi.
- Ijambo rigira riti "Indyarya" indyarya: ni umuntu ugaragaza ko ari umuyisumu agahisha ubuhakanyi, kubuza abantu amahoro bikaba ari mu mico ye.

IBICE BY'AMAFUNGURO

Amafunguro rusange: Ayo ni amafunguro ya buri kiremwa, akaba ashobora kuba aziruye cyangwa ataziruye.

Amafunguro y'umwihariko ku abemera: akaba ari ukwemera no gutinya Imana ndetse n'ibikorwa byiza.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni uko komeka ubusabe ku ukwitabaza ni mu rwego rwo komeka ikiri rusange ku icy'umwihariko.

Icya kabiri: Ni ugusobanura ijamba ry'Imana rigira riti “Kandi ntukagire ikindi usaba kitari Allah, kitagira icyo kikumarira cyangwa cyagutwara”.

Icya gatatu: N'uko ibyo aribyo bangikanya rikuru.

Icya kane: Ni uko umuntu utunganye kurusha abandi aramutse abikoze, agamiye gushimisha ikitari Imana aba abaye mu abanyamahugu (Ukubuza kuragaruka ku udafite aho yakura hakurikijwe imiterere ye, ubwo rero k'uwo bishoboka birushijeho).

Icya gatanu: Ni ugusobanura ijamba ry'Imana rikurikiraho rigira riti “Kandi Allah aramutse aguteje amakuba, ntawayagukiza utari we”. Niba ntawabasha gukuraho ikibi usibye Imana, ni ngombwa ko ahariwa amasengesho ndetse no kwitabazwa.

Icya gatandatu: Kuba ibyo bidafite akamaro ku isi hamwe nuko ari ubuhakanyi (umuntu aba ahombye ku isi no ku imperuka).

Icya karindwi: Ni ugusobanura ayat ya gatatu igira iti “Bityo nimushakire amafunguro kwa Allah, munamusinge”.

Icya munani: Ni uko gusaba amafunguro ntibikwiye gukorerwa utari Imana, nk'uko ijuru ritasabwa undi utari Imana.

Icya cyenda: Ni ugusobanura ayat ya kane igira iti “Ni nde wayobye kurusha wawundi usenga ibitari Allah”.

Icya cumi: Ni uko nta gitera ingorane nko gusaba ikitari Imana (kuko akabazo kagaragara kuri iyi ayat gasobanura uguhakana).

Icya cumi na rimwe: Ni uko ibigirwamana bitazi ubusabe bw'ubisabye nta nicyo bimuzi ho.

Icya cumi na kabiri: Ni uko ubwo busabe ariyo ntandaro y'usaba kutishimira usabwa ndetse no kumugirira urwango.

Icya cumi na gatatu: Buriya busabe bwitwa amasengesho k'usabwa.

Icya cumi na kane: Usabwa ahinduka umuhakanyi kubera ayo masengesho.

Icya cumi na gatanu: Ayo masengesho niyo mpamvu yo kuba ariwe muntu wayobye kurusha abandi [1] Kubera ko asaba ibitari Imana kandi bitashobora kumusubiza. [2] Ni uko ibisabwa bitari Imana bitazi ubusabe bw'ababisaba.

Icya cumi na gatandatu: Ni ugusobanura ayat ya gatanu igira iti “Ese uwakira ubusabe bw'uri mu makuba igihe amusabye, akanakiza ikibi”.

Icya cumi na karindwi: Ikintu gitangaje, ni uko abasenga ibigirwamana bemera ko ntawe ushobora kwakira ubusabe bw'uri mu makuba usibye Imana, no kubera iyo mpamvu basaba Imana mu bihe bibakomereye kandi bayereza idini.

Icya cumi n'umunani: Intumwa Muhamadi yarinze Tawuhidi kandi yitwararika ku Mana cyane (yigisha umat guhungira ku Imana yonyine mu bihe bikaze kandi ko batagomba kugira uwo bitabaza usibye Imana yonyine).

IKIZAMINI KU GICE CYA KABIRI
(AMASOMO 9)

IKIBAZO CYA MBERE: Vuga itandukaniro ry'amoko ya Nadhir akurikira:

Nadhir yo kugandukira Imana: Nadhir yo kwigomeka ku Imana: Gukorera Nadhir ikitari Imana:

.....
.....
.....

IKIBAZO CYA KABIRI: Sobanura amategako agenga ibikorwa bikurikira, utoranya numero ijyanye na buri gikorwa: Biremewe (1) Sibyiza (2), Ntoya (3), Nkuru (4), Ibangikanya ritoya (5), Ibangikanya rikuru (6), Hari ibisobanuro birambuye (7), Ni itegeko (8), NI byiza (9).

.....	Gukunda intumwa Muhamadi		Gukunda umugore wawe
.....	Gushidikanya k'ubuhakanyi bw'abahawe igitabo		Gukunda ikintu hamwe n'Imana
.....	Gusabira nabi umuntu wambaye impigi		Umusafu kugirango ukurinde amaso
.....	Inzogera		Kuvuma ikintu kizwi
.....	Gukora ku cyumba cy'intumwa ukisiga		Kwambara amahirizi
.....	Kugena ahantu ukorera Nadhir		Gusitanji ukoresheje igisheshe cyangwa igifa
.....	Kwizihiza iminsi mikuru y'abahakanyi		Gushakira umugisha mu gusoma Qor'an
.....	Gutinya amajini		Kwiyambaza ibiremwa
.....	Kwambara ayat za Qor'an		Gukorera umuhigo ikitari Imana
.....	Ihirizi zikoze muri Qor'an		Umuhigo wo kwigomeka ku Imana
.....	Ruqiyat mu rurimi rutari icyarabu		Kwambara igitoboye cyangwa indara
.....	Kuvuga amazina y'Imana mu rurimi rutari icyarabu		Kwambara urudodo rw'umurimbo
.....	Kunywa amazi ya Zamzam ngo akuvure		Gukora ku ibuye ryirabura ukisiga
.....	Kumenya aho umusigiti wa Dwirari uherereye		Gutakaza umutungo kubera inyungu
			Ijambo (twiyambaze intumwa)

IKIBAZO CYA GATATU: Shyira ikimenyetso ☒ mu mwanya ukwiye cyangwa wuzuze interuro:

- Gusobanura Tawuhid ni: ☐ Igice cya Kabiri ☐ Isomo rya gatandatu ☐ Byose.
- No gusobanura ibi ni ugusemura amasomo arikurikira ☐ Impera y'igitabo ☐ Iherezo ry'iki gice.
- Umwanditsi yasobanuye Tawuhidi: ☐ akoresheje ikinyuranyo cyayo ☐ akoresheje ibintu bisobanutse ☐ Byose.
- Igice cya kabiri cy'igitabo gikubiyemo: amasomo ☐ 5 ☐ 9 ☐ 7.

5. Ijambo ry'Imana rigira riti "Babikunda (ibigirwamana) nk'urukundo bakunda Imana. Bisobanuye.....
6. Ibice by'urukundo: 1-.....Itegeko ryarwo.....2-.....Itegeko ryarwo.....3-.....Itegeko ryarwo.....
7. Gukunda kubera Imana biba na.....na.....na.....
8. Impamvu zo kuziririza kwambara amahirizi akoze muri Qor'an: 1.....2.....3.....4.....
9. Ibituma Ruqiyat yemerwa: 1.....2.....3.....
10. Impamvu yatumye iyi ayat izanwa "Uramenye muzahagararemo na rimwe (usenga) mu isomo ribuza (kutabagira ahantu kubera Imana, ahabagirwa kubera ibigirwamana) ni.....
11. Impamvu yo kuzana ayat igira iti "Besa imihigo bahize" mu isomo rigira riti (Ni ibangikanya gukorera Nadhir ikitari Imana).
12. Ijambo Nadhir mu mategeko y'idini:
13. Nadhir kuba ibayeho bisobanuye.....
14. Ijambo rigira riti "Mubyo umuntu adafitiye ubushobozi" bisobanuye.....
15. Ijambo "Buwanata" bisobanuye..... "Ntabwo byemewe"
16. Umusigiti wa Dwirari wubakiwe abahakanyi na.....na.....na.....
17. Kubera iki bitemewe kubagira Imana ahantu habagirwa kubera ibitari Imana? 1.....2.....3.....
18. Kubera iki yavuze ati "Ntabwo ari jye biyambaza"?.....
19. Ijambo rigira riti "Gutangiza" bisobanuye..... "Igihimbano" bisobanuye..... Ku.....cyangwa.....
20. Ijambo rigira riti "Yavumye ababyeyi be" risobanuyecyangwa.....
21. Ijambo rigira riti "Kandi jyewe ndi uwa mbere mu bicisha bugufi" bisobanuye..... Cyangwa.....
22. Ijambo ry'Imana rigira riti "Ni mumbwire" bisobanuye..... "Laata" bisobanuye.....
23. Ijambo rigira riti "Na Uza" risobanuye..... "Na Manata" cyangwa mu
24. Ijambo rigira riti "Nikinze" bisobanuye..... "Ku magambo y'Imana"

25. Gushakisha umugisha, bigabanyijemo ibice: 1.....2.....
 Bitandukanywa no kuba.....
26. Ibice by'abantu mu kwakirirwa urwitwazo rwabo kubera ubujiji: 1.....2.....
27. Hari abantu basenga bakanatanga Zakat ndetse bagasiba, ariko bakaba bajya mu marimbi bakayubamira, ibi: ubuhakanyi bukuru ☐ ubuhakanyi butoya ☐ ni icyaha gikuru ☐ ni uburyandya ☐.
28. Ibangikanya rikuru rigabanyijemo ibice: Ibice 3 ☐ Ibice 4 ☐ Ibice 2 ☐.
29. Kubaga bigabanyijemo ibice: Ibice 3 ☐ Ibice 4 ☐.
30. Ijambo ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, nnyewe nitandukanyije n'ibyo musenga, usibye gusa uwampanze" harimo igisobanuro cy'ijambo La ilaha ila llah ☐ Umuremyi niwe ukwiye gukorerwa amasengesho ☐ Ibigirwamana kuba nta bushobozi bifite ☐ Byose ☐.
31. Ijambo rigira riti "Ah'baruhum" abamenyi babo ☐ abihaye Imana babo ☐.
32. Ijambo rigira riti "Wa ruh'banahum" abihaye Imana ☐ abamenyi babo ☐.
33. Ijambo "Aribaba" ni ibangikanya mu: Ugukunda ☐ mu kumvira ☐.
34. Ibice by'abantu mu gushyiraho impamvu zibageza kubyo bashaka: Ni ibice bibiri n'icyo hagati ☐ ni ukuri n'ibangikanya rikuru n'iritoya ☐.
35. Kubaga ni kimwe mu bikorwa by'amasengesho akoreshwa umubiri, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
36. Ntibyemewe kuvuma abakora ibyaha usibye gusa mu buryo bwa rusange, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
37. Buri muyisumu agomba kurinda ururimi rwe kuvumana, ntagire uwo avuma utabikwiyekandi ashingye ku inyandiko, rusange nk'abahakanyi ☐ by'umwihariko nk'abarya Riba ☐ Byose ☐.
38. Isengesho ntiryererwa igihe rikorewe ahagenewe kurwanya Imana n'intumwa yayo, usibye mu Umusigiti: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
39. Biramutse bishobotse kuhahindura ahantu ho kugandukira Imana, harahindurwa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
40. Biremewe gufata urugendo ugiye gusenga, ukajya ku Umusigiti wa Qubau: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
41. Kuja ahantu hakorerwaga ibangikanya rikaza kuhashira, biremewe igihe ari mu rwego rwo kwiyibutsa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
42. Biremewe kujya mu buvumo bwa Hirau, ugamiye kumenya uko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga yihereza: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
43. Urugendo rwa Miiraji, ni urugendo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakoze ava Makka aya kuri Bayitul Maqidas: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
44. Umuntu uhinduye ibyapa biyobora abantu ku mihanda: aba ari ikivume ☐ aba ari umunyabyaha ☐.
45. Baha agaciro gake abakiranutsi bakanahakana ibyiza byabo: Ni abakabya cyane ☐ Ni abemeragato ☐ Ni abashyira mugaciro ☐.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

IKIBAZO CYA KANE: Vuga itegeko rya Nadhir mu buryo burambuye:

Nadhir ku ikitari Imana (ibangikanya rikuru)	Nadhir kubera Imana
Nadhir mbere yo kuyivuga:	Nadhir nyuma yo kuyivuga:
Kuganduka:.....	
Kwigomeka:.....	
Yemewe:.....	
Kurakara:.....	
Itari nziza:.....	
Isesuye:.....	

**ICYA GATATU: KUBA AMASENGESHO AKOREWE
IKITARI IMANA ABA IMPFABUSA (AMASOMO 4)**

Nyuma yo gusobanura Tawuhidi yagaragaje za gihamya zigaragaza kuba amasengesho akorewe ikitari Imana aba impfabusa, abishyira mu masomo ane:

- Gusenga ibigirwamana byangiza isengesho, no kuba wasenga intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
- Gusenga abamalayika byonona amasengesho, kandi aribo bari hafi y'Imana, kurusha abantu b'umwihariko.
- Kuba ubuvugizi bukorewe ikitari Imana buba impfabusa, kandi ubuvugizi ni ukuri kw'Imana Nyagasani.
- Kuba umuyoboro wo gushyira ukwemera mu mutima, bikozwe n'utari Imana ari impfabusa, nta wundi ubifitiye ubushobozi usibye Imana yonyine.

**[15] ISOMO RY'IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE BABANGIKANYA (ALLAH)
N'IBIDASHOBORA KUGIRA ICYO BIREMA, KANDI NA BYO UBWABYO
BYARAREMWE? NTIBINASHOBORA KUBATABARA" AYAT**

Imana yagaragaje uburyo ibigirwamana nta bushobozi bifite, ko rero bidakwiye ko bisengwa, kubera impamvu enye zingenzi:

- [1] Kuba ibigirwamana bitarema, kandi utarema ntakwiye gusengwa.
- [2] Kuba ibyo bigirwamana bireme mu bitariho, bikeneye abatari byo mukugirango biboneke no kugira ngo bibeho.
- [3] Kuba ibyo bigirwamana bidashobora kurokora ubisabye.
- [4] Kuba ubwabyo bidashobora kwirwanaho.

Gihamya ya Kabiri:

Imana yaravuze iti "Naho ibyo musenga bitari we, ntacyo bitunze habe n'agashishwa k'urubuto rw'itende"

- Ijambo "Qitwimir" ni agashishwa kaba kari hejuru y'urubuto rw'itende.
- Imana yaburijemo amasengesho akorerwa ibitari yo ku bintu bikurikira:
- [1] Kuba bidafite ubwami.
- [2] Kuba bitumva.
- [3] Turamutse wenda twemeye ko byumva, ntibisubiza ubisabye, kuko bidafite ubwo bushobozi.
- [4] Ku munsu w'imperuka Imana izazana ibyasengwaga mu cyimbo cyayo, maze bihakane ibangikanya ryabikorerwaga.

Gihamya ya gatatu kugeza kuya gatandatu:

[3] Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Naho ibyo musenga bitari we, ntacyo bitunze habe n'agashishwa k'urubuto rw'itende" Ayat.

[4] No mu mvugo y'ukuri, yaturutse kuri Anas yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarakomeretse mu ntambara ya Uhudi, maze acika amenyo y'imbere, maze aravuga ati "Ni gute abantu bakomerekeje intumwa yabo barokoka" nuko Imana imanura ayat igira iti "Ibyo (yewe Muhamadi) nta bushobozi ubifitiye".

[5] Imvugo nanone yaturutse kuri Ibun Umar (Imana imwishimire), avuga ko yumvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga iyo yegukaga avuye Ruku mu iraka ya nyuma y'isengesho rya mugitondo ati "Mana Nyagasani vuma kanaka na kanaka" ibyo akabivuga amaze kuvuga ngo "Samia llahul man hamidahu, rabana wa lakal hamdu" nuko Imana imanura ayat igira iti "Ibyo (yewe Muhamadi) nta bushobozi ubifitiye".

No mu yindi mvugo (Intumwa Muhamadi yasabiraga imivumo Swafuwanu mwene Umay, Suhayilu mwene Amuri na Harithu mwene Hishami, maze hamanuka ayat igira iti "Ibyo (yewe Muhamadi) nta bushobozi ubifitiye".

[6] Imvugo nanone yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ubwo yamanurirwaga ijambo ry'Imana rigira riti ati "Kandi (yewe Muhamadi) uje uburira abantu ba hafi mu muryango wawe" aravuga ati "Yemwe bakurayishi -cyangwa se ijambo rimeze nk'iryo- ni mugure ubugingo bwanyu, ntacyo nabamarira ku Mana, yewe Abasa mwene Abdul Mutwalib ntacyo nakumarira, ntacyo nakumarira ku Mana na kimwe, yewe Safiyat -nyinawabo w'intumwa y'Imana- ntacyo nakumarira ku Mana, yewe Fatwimat mwene Muhamadi, nsaba icyo ushaka cyose mu mitungo yanjye, ntacyo nakumarira ku Mana na kimwe".

- Ijambo rigira riti "Bakomerekeje" bamukomerekeje mu mutwe no mu buranga by'umwihariko.
- Ijambo rigira riti "amenyo ye" ni amenyo abiri yo gahati yitwa thanaya akurikirwa n'amenyo abiri yitwa amabwene.
- Harimo ko intumwa Muhamadi yari umuntu yashoboraga kugerwaho n'ibibazo byose bigera ku abantu, ibyo bikaba bigaragaza ko adakwiye gusengwa.
- Harimo nanone ko ntawe ugomba kwigizayo impuhwe z'Imana k'umuntu uwo ariwe wese w'umunyamakosa.
- "Swafuwanu mwene Umayat, Suhayilu mwene Amuri na Al Harithu mwene Hishami" aba bantu bose batatu binjiye Islam kandi baba abayislamu beza, reba ko noneho ahari urwango hahindutse urukundo.
- Ibibujijwe ni ibi bikurikira:
- [1] Kuvuma abantu unagaragaza amazina yabo, naho kubavuma muri rusange byo nta kibazo, nta n'ikibazo gusabira ubusabe bubi abahakanyi uvuga uti "Nyagasani ruhura abayislamu kuribo".
- [2] Gusabira abahakanyi ukurimbuka muri rusange, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ntiyigeze ibikora, Imana yagennye ko bagomba guhoraho.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura ayat ebyiri (Harimo kuba gusenga ibigirwamana bitemewe, n'ibindi byose bitari Imana).

Icya kabiri: Inkuru y'intambara ya Uhudi (Harimo ko gusenga intumwa Muhamadi bitemewe, ubwo rero undi utariwe birushijeho).

Icya gatatu: Ubusabe bwa Qunut bw'intumwa Muhamadi Shebuja w'intumwa n'abahanuzi n'inyuma ye hari abanyacyubahiro bikiriza Amina mu isengesho (Nta muntu n'umwe muri iyi Umat uri hafi y'Imana kurusha intumwa n'abasangirangendo bayo, hamwe n'ibyo bahungira ku Imana bakanayikingaho, ubwo rero utari bo birushijeho).

Icya kane: Ni uko abasabirwaga ubusabe bubi bari abahakanyi (Ariko intumwa Muhamadi muri urwo rwego ntacyo yari ashinzwe kuri bo).

Icya gatanu: Nuko bo bakoze ibyo abahakanyi besnhi bakora, birimo gukomeretsa intumwa yabo, no gushaka kuyica, harimo nanohe gushinyagurira imirambo, kandi barakomokaga mu muryango umwe.

Icya gatandatu: Imana muri ibyo yabamanuriyeho ijambo rigira riti "Ibyo (yewe Muhamadi) nta bushobozi ubifitiye". Ubushobozi ni ubw'Imana gusa.

Icya karindwi: Ijambo ry'Imana rigira riti "kuko (Allah) yakwakira ukwicuza (kw'abakwemeye bakagukurikira) cyangwa yahana (abazakomeza guhakana Allah). Mu by'ukuri ni inkozo z'ibibi" nuko Imana yakira ukwicuza kwabo bayoboka Islam.

Icya munani: Ubusabe bwa Qunut mu bibazo bigenda biza (Ntabwo yemewe, usibye gusa mu bintu biba biturutse ku Imana nk'imitingito n'ibindi).

Icya cyenda: Kuvuga amazina yabo usabira ubusabe bubi mu isengesho ndetse n'amazina y'ababyeyi babo (Biremewe).

Icya cumi: Kuvuma abantu bazwi muri Qunut (Byabayeho hanyuma biza kubuzwa).

Icya cumi na rimwe: Inkuru y'intumwa Muhamadi ubwo yahishurirwaga ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi (yewe Muhamadi) ujye uburira abantu ba hafi mu muryango wawe" (Intumwa Muhamadi yakurikije itegeko ry'Imana).

Icya cumi na kabiri: Umuhate w'intumwa Muhamadi yagaragaje muri ibi bintu, kuburyo babyise ubusazi, ni nk'uko umuyisumu yabikora ubu (Ni ngombwa gushyiraho umwete cyane mu guhamagarira abantu kuyoboka inzira y'Imana hakoreshejwe ubugenge).

Icya cumi na gatatu: Ijambo rye ku bantu ba kure ye n'abo hafi ye "Ntacyo nzakumarira na kimwe ku Imana" kugeza ubwo yavuze ati "Yewe Fatwimat umukobwa wa Muhamadi, ntacyo nakumarira na kimwe ku Imana" niba rero -Shebuja w'intumwa n'abahanuzi- yeruye ko ntacyo yamarira Nyirabuja w'abagore bose mu ijuru, kandi abantu tukaba twemera ko ibyo avuga ari ukuri, hanyuma turebye ibiri mu mitima y'abantu muri iki gihe, bigaragaza kuzareka Tawuhidi no guta idini (Igifitiye akamaro intumwa Muhamadi ni ukumwemera no kumukurikira, hanyuma umwemera wese urukundo rwe ruhora rweganiye ku intumwa Muhamadi, ibyo bikaba ari ibintu bidashobora guhakanwa, ariko umuntu ntibikwiye ko agengwa n'amarangamutima, ahubwo agomba gukurikira ibyo igitabo cy'Imana cyavuze ndetse na Sunat z'intumwa Muhamadi ibyo akaba agomba kubifashwamo n'ubwenge buzima butagira urujijo n'amarangamutima).

[16] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI “(IYO ALLAH AVUZE, ABAMALAYIKA BARAKANGARANA BAKAGWA IGIHUMURE) KUGEZA UBWO IMITIMA YABO ISHIRIYE UBWOBA, (BAMWE) BAKAVUGA BATI “NYAGASANI WANYU YAVUZE IKI?” (ABANDI) BATI “(YAVUZE) UKURI; KANDI NI UWIKIRENGA, USUMBA BYOSE”.

- Ibi ni kimwe mu bimenyesho kigaragaza ko nta numwe ukwiye kubangikana ni Imana kuko abamalayika aribo bari hafi cyane y'Imana kurusha abantu bihariye, ariko hamwe n'ibyo barakangarana iyo bumvishe amagambo y'Imana Nyagasani.

NI IBIKI BIKUBIYE MU KWEMERA ABAMALAYIKA?

- Kwemera abamalayika hakubiyemo kuba ari ibiremwa bitagaragara, Imana yabaremye mu mucyo bumvira Imana ntibajya bayigomekaho, bafite imitima n'ubwenge n'imibiri ndetse na roho, tugomba kubemera tukanemera n'imirimo yabo Imana yatubwiye ndetse n'ibisingizo byabo tukanemera amazina yabo ndetse n'inkuru zose zaje zivuga kuri bo.

- Ijambo rigira riti “Barakangarana” bigaragaza ko ubwoba butunguranye bwakuwe mu mitima yabo, naho ijambo rigira riti “kandi ni uwikirenga, usumba byose”: Abasuni bashimangira ko Imana: [1] Iri hejuru ubwayo, [2] Ibisingizo byayo ari ibyo hejuru, [3] Imbaraga z'ikirenga ku biremwa byose.

INYUNGU DUKURA MURI IYI AYAT:

- Ni uko abamalayika batinya Imana, Imana yaravuze iti “Batinya Nyagasani wabo ari hejuru yabo”.

- Harimo guhamya ko abamalayika bafite imitima, Imana yaravuze iti “kugeza ubwo imitima yabo ishiriyeye ubwoba”.


- Harimo guhamya ko bafite imibiri atari roho gusa zitari mu mibiri, Imana yaravuze iti “Niyo yagize abamalayika intumwa zifite amababa abiri, atatu ndetse n'ane”.

- Harimo ko abamalayika bafite ubwenge, kuko imitima igomba kuba ifite ubwenge.

- Harimo guhamya ko Imana ivuga kandi bigendanye n'ubushake bwayo.

- Harimo guhamya ko amagambo y'Imana ari ukuri, n'ukuri mu magambo ni: [1] Kuvuga inkuru z'ukuri, [2] Kugira ubutabera mu mategeko, Imana yaravuze iti “N'ijambo rya Nyagasani wawe ryarasohoye mu kuri no mu butabera”.

**GIHAMYA ZUKO ALLAH ARI UWI IKIRENGA
UBWE MURI RUSANGE NI ESHANU:**



Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ayikumoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Iyo Imana iciye iteka mu ijuru, abamalayika bakubita amababa yabo kubera guca bugufi ku ijambo ry'Imana, bikavuga nkaho ari iminyururu yikubita ku rutare, iryo jwi rikabinjiramo, kugeza ubwo bashiriye ubwoba mu mitima yabo, bakavuga bati: Ni iki Nyagasani wanyu yavuze? Bati: yavuze ukuri "kandi ni uwikirenga, usumba byose" maze ibyavuzwe n'Imana bikumvwa n'amajini ajya kwiba amabanga rimwe rigerekeranye n'irindi, Suf'yan yabigaragaje agerekeranya ibiganza bye, -ayo majini akumva ijambo rimwe, akaribwira iriri muni yaryo, n'irindi gutyo gutyo, iryanyuma rikabibwira umurozi cyangwa umupfumu, hari igihe igishyitsi cy'umuriro cyirigeraho mbere yo kubwira umurozi cyangwa umupfumu hakaba n'igihe cyitarigeraho, maze ijini rikongeraho amagambo 99 yo kubeshya, rikavuga riti: Ese ntiyatubwiye umunsi runaka gutya na gutya? Maze abantu bakamuha ukuri kubera iryo jambo rimwe ryumviswe mu ijuru"

- Ijambo rigira riti "Urutare" ni ibuye rinini rikomeye, iyo umunyururu uriri hejuru bitanga ijwi rihambaye, ikigamijwe ni ukugaragaza ugukangarana kuba ku abamalayika igihe bumvise amagambo y'Imana.

- Ijambo rigira riti "Rikabagerayo" iryo jwi ribinjiramo uko ryakabaye rikabatera ubwoba.

ZIMWE MU INYUNGU ZA HADITH

- Harimo guhamya ko Imana Nyagasani ivuga, no guhamya ubuhambare bwayo kandi ko ntakiva ku Imana kitari ukuri.

- Guhamya ko abamalayika bafite amababa, bavuga kandi bafite ubwenge, kandi ko bagira ubwoba kandi bibombarika ku Imana.

- Harimo ko Imana ireka ayo majini akagera ku ijuru ari ukugira ngo igerageze abantu.

- Kuba amajini ari menshi, kandi imibiri yabo yoroshye bakaba baguruka.

- Harimo na none ko abapfumu aribo bantu babeshya cyane, no kubera iyo mpamvu bongera kubyo bumvise ibinyoma byinshi.

- Kuba umurozi agaragariza umuntu warozwe ibitariho, ibyo rero bikaba bigomba gutuma tubirinda.

Ingezo go z'uko amajini yumviriza amabanga avugirwa mu ijuru:

1. Mbere yo gutumwa kw'intumwa Muhamadi byarakorwaga cyane.

2. Nyuma yuko intumwa Muhamadi atumwe, amajini yabujijwe kumviriza amagambo mu ijuru.

3. Nyuma y'urupfu rw'intumwa Muhamadi, amajini yongeye kumviriza amagambo mu ijuru ariko gakeya.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Nawasi mwene Samuan (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Iyo Imana Nyaganani ishatse guhishura ikintu, ivuga Wahayi maze ibirere bigahubangana –cyangwa yaravuze ati: biratigita-cyane kubera gutinya Imana, maze abari mu birere bayumva, bakagwa igihumura bakikubita hasi bubamiye Imana Nyagasani, maze Jibril akaba ariwe uba uwa mbere wegura umutwe, Imana ikamubwira ihishurwa ryayo ishaka, maze Jibril akanyura ku abamalayika, uko anyuze ku ijuru abamalayika baho bakamubaza bati: Ni iki Nyagasani wacu yavuze yewe Jibril? Akavuga ati: Yavuze ukuri "kandi ni uwikirenga, usumba byose" abamalayika bose hamwe bakavuga nk'ibyo Jibril yavuze, nuko Jibril akageza ihishurwa k'uwo Imana yamutumyecho".

ZIMWE MU INYUNGU ZA HADITH

Guhamya ubushake bw'Imana burimo ibice bibiri:

1. Ubushake bw'amategeko.
2. Ubushake bwa kamere.
 - Ni uko ibiremwa byose nubwo byaba ibitavuga, byumva kandi bikamenya ubuhambare bw'umuremyi wabyo.
 - Harimo kuba amajuru ari menshi, nuko muri buri juru harimo abamalayika baryo.
 - Agaciro ka Jibril kuko azwiho kujyana ubutumwa, kandi ko ari umwizerwa.
 - Gushimangira icyubahiro cy'Imana n'ubuhambare bwayo.

"AKABUGEZA AHO IMANA YAMUTEGETSE"

Ijambo "**Aza**": Bisobanuye icyubahiro no kuganza ndetse n'imbaraga, ijambo Azizi rifite ibisobanuro bitatu:

Ijambo "**Jala**": risobanuye Al Jalali aribyo ubuhambare butagira uburi hejuru yabwo.

Azizu Mumutaniu:
icyubahiro kitakononwa
n'uwo ariwe wese.

Azizu dhul Qadri:
icyubahiro Imana itafatanya
n'undi uwo ariwe wese.

Azizu Al Qadir: Unesha
n'uganza.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura ayat igira iti “(Iyo allah avuze, abamalayika barakangarana bakagwa igihumure) kugeza ubwo imitima yabo ishiriye ubwoba, (bamwe) bakavuga bati “nyagasani wanyu yavuze iki?” (abandi) bati “(yavuze) ukuri”.

Icya kabiri: Harimo gihamya igaragaza ko ibangikanya atari ukuri, cyane cyane irikorewe abakiranutsi, ari nayo ayat bavuga ko yaciye imizi y'ibangikanya mu mutima.

Icya gatatu: Gusobanura ijamba ry'Imana rigira riti “(abandi) bati “(yavuze) ukuri; kandi ni uwikirenga, usumba byose”.

Icya kane: Impamvu abamalayika babaza icyo kibazo (Biterwa n'ubwoba bwinshi).

Icya gatanu: Kuba Jibril abasubiza nyuma ati (Avuze gutya na gutya).

Icya gatandatu: Yavuze ko uba uwa mbere kwegura umutwe ari Jibril (Bigaragaza agaciro afite).

Icya karindwi: Kuba Jibril abwira abari mu majuru yose kuko baba bamubajije (Harimo ikimenyetso cyo kuba Jibril ahambaye muri bo).

Icya munani: Nuko gukangarana kugera ku abari mu birere bose.

Icya cyenda: Kuba ibirere bitigita byumvise amagambo y'Imana (Kubera gukuza Imana).

Icya cumi: Kuba Jibril ariwe ugeza ibyahishuwe k'uwo Imana yamutegetse (Ni ukubera ko ari umwizerwa).

Icya cumi na rimwe: Harimo kuba amashitani ajya kumviriza ibivugwa mu ijuru.

Icya cumi na kabiri: Kugaragaza uburyo amashitani yurirana rimwe hejuru y'irindi.

Icya cumi na gatatu: Kohereza ibishyitsi by'umuriro (Bijya gutwika amajini yumviriza amabangamu ijuru).

Icya cumi na kane: Hari igihe igishyitsi gishyika ku ijini mbere yuko ribwira umurozi cyangwa umupfumu ibyavuzwe, hakaba n'igihe ijini ribwira umukunzi waryo ibyavuzwe mbere yuko igishyitsi kirigeraho.

Icya cumi na gatanu: Harimo kuba umupfumu hari igihe avuga iby'ukuri.

Icya cumi na gatandatu: Kuba ijini ryongeraho amagambo ijana yo kubeshya (mu rwego rwo gukabya ntabwo ariwo mubanye nyakuri).

Icya cumi na karindwi: Kuba ibinyoma byaryo bitakwemerwa hatarimo iryo jambo rimwe ry'ukuri ryumviswe mu ijuru.

Icya cumi n'umunani: Kuba imitima yemera ibitari byo, ni gute yibanda ku ijamba rimwe andi ijana ntibayaha agaciro?

Icya cumi n'icyenda: Kuba amajini rimwe rigenda rihereza irtindi iryo jambo, akarifata mu mutwe akaritangaho gihamya (Ni ukubera ko ariryo riha agaciro ibicuruzwa byayo, ibicuruzwa byayo byose bibaye ibinyoma ntawabyemera).

Icya makumyabiri: Harimo guhamya ibisingizo by'Imana, bitandukanye n'aba Ashaira ndetse na Muatwilat (abapfobya).

Icya makumyabiri na rimwe: Imvugo itomoye igaragaza ko kuriya gukangarana no gutigita biba bitewe no gutinya Imana Nyagasani.

Icya makumyabiri na kabiri: Kuba abamalayika bikubita hasi bubamiye Imana (biterwa no kuyikuzwa no kuyitinya).

[17] ISOMO KUBYEREKEYE SHAFAA (UBUVUGIZI)

NI UKUBERA IKI UMWANDITSI W'IGITABO YAZANYE IRI SOMO?

- Ni ukugaragaza ko ubuvugizi bw'ibigirwamana ari impfabusa, kuko abahakanyi bemera ko ibyo bigirwamana bibavuganira ku Imana.
- Ni ukubera kandi ko ubumenyi bw'Imana n'ubushobozi bwayo n'ubutegetsu bwayo byuzuye, ntabwo bimeze nk'abami bo ku isi, baba bakeneye ubuvugizi kubera ubumenyi bwabo butuzuye ndetse n'ubushobozi bukeya, bityo abakora ubuvugizi bakabafasha muri ibyo, abakora ubuvugizi bakabatinyuka bagakora ubuvugizi ntaburenganzira basabye.

Gihamya kuva ku iya mbere kugeza ku iya gatanu:

- [1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Yikoreshe (Qur'an) uburira babandi bafite ubwoba bwo kuzakoranyirizwa kwa Nyagasani wabo, ubwo nta wundi murinzi utari we (Allah) cyangwa uwabavuganira".
- [2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga uti "Ubuugizi bwose ni ubwa Allah".
- [3] Ijambo ry'Imana rigira riti "Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku bushake bwe?"
- [4] Ijambo ry'Imana rigira riti "Nonese ni bangahe mu bamalayika bari mu birere, ubuvugizi bwabo butazigera bugira icyo bumara Allah atabanje kubihera uburenganzira uwo ashatse kandi yishimira?"
- [5] Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Nimuhamagare ibyo mwise imana mu cyimbo cya Allah (mukeya ko hari icyo byabamarira), ntibitunze n'igifite uburemere bungana n'urushishi haba mu birere no mu isi. Kandi nta bufatanye byagiranye (na Allah, mu iremwa ry'ibiri mu isi no mu birere), ndetse nta n'umufasha afite muri byo". "Kandi nta buvugizi buzagira icyo bumara kuri we (Allah), usibye gusa uwo yahaye uburenganzira"

- Ijambo rigira riti "Yikoreshe (Qur'an) uburira" Kuburira ni ukumenyesha bikubiyemo no gutera ubwoba, bisobanuye kuburira hakoreshejwe Qur'an.
- Ijambo rigira riti "Nonese ni bangahe mu bamalayika" bisobanuye ko ari benshi mu bamalayika bari mu birere, ariko hamwe nibyo ubuvugizi bwabo ntibugira akamaro, mbere yuko Imana itanga uburenganzira kandi ikishimira ubukora ndetse n'ubukorerwa.
- Ijambo rigira riti "Nimuhamagare" harimo uburyo bwo kunaniza, bisobanuye ngo nimuzane cyangwa nimusabe, ubusabe bwo gusaba icyo ukeneye.
- Ijambo rigira riti "Kandi nta bufatanye byagiranye (na Allah, mu iremwa ry'ibiri mu isi no mu birere)" bisobanuye ko ntaho bihuriye n'Imana nta n'ubufatanye bifitanye nayo.
- Ijambo rigira riti "ndetse nta n'umufasha afite muri byo" Imana yahakanye ko ibigirwamana byaba umufasha wayo.

- Ibyo bigirwamana ntibifite buri kintu cyatuma ababisenga babisenga, nta kintu na kimwe bifite byabo byo ubwabyo nta n'ubufatanye bifitanye n'Imana, kuko ugufasha n'ubwo utaba ufatanyije nawe, aba afite icyo yakwigamba kuri wowe, birashoboka kuba wamukundira ibyo aguha, ibyo bintu uko ari bitatu bibuze, nta kindi kiba gisigaye usibye ubuvugizi, kandi Imana yabugize impfabusa, ivuga ko ubuvugizi bwabyo budafite akamaro.
- Iyi ayat ndetse n'iyikurikira, Ibunil Qayimu (Imana imugirire impuhwe) yayivuzeho agira ati (Ni ayat ica imizi y'igiti cy'ibangikanya mu mutima).

IBICE BIGIZE UBUVUGIZI (SHAFAA ARIYO: NI UKUVUGIRA UNDI HAGAMIJWE KUMUZANIRA INYUNGU CYANGWA KUMUKURIRAHU IKIBI).

UBUVUGIZI BUHAMYE:

Ubwo Imana Nyagasani yabuhamije kuri yo ubwayo, bukaba buyisabwa hujujwe ibintu bikurikira:

- Guhabwa uburenganzira bwo gukora ubuvugizi.
- Kuba Imana yishimiye ubukora.

Kuba ubukorerwaga n'ubwo?

UBUVUGIZI BWAHAKANYWE:

Ubwo ni ubuvugizi Qor'an yahakanye, aribwo: Ubusabwa utari Imana mubyo adafitiye ubushobozi, usibye Imana yonyine, ubwo ni ubuvugizi burimo ibangikanya rikuru.

UBUVUGIZI MUBYO UMUNTU YASHOBORA:

Ubwo buvugizi buremewe ariko ubukora agomba kuba yujuje ibi:

- Kuba ari muzima.
- Kuba afite ubushobozi.
- Kuba ahari.
- Kuba we ari impamvu gusa.

"Nonese ni bangahe mu bamalayika bari mu birere, ubuvugizi bwabo butazigera bugira icyo bumara Allah atabanye kubihera uburenganzira uwo ashatse kandi vishimira?"

UBUVUGIZI BW'UMWIHARIKO W'INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA): Ubwo ni ubuvugizi buhambaye, ari nacyo gihagararo cyizashimirwa, Imana yasezeraniye intumwa Muhamadi.

- Ubuvugizi bw'intumwa Muhamadi kuri Ise wabo Abu Twalib, kugira ngo yoroherewe ibihano.
- Ubuvugizi bw'intumwa Muhamadi kugira ngo imiryango y'ijuru ifungurwe, kubazaryinjira.

UBUVUGIZI RUSANGE KU INTUMWA MUHAMADI NO KUZINDI INTUMWA, ABAMALAYIKA, ABEMERA N'ABANA BATOYA:

- Ubwo ni ubuvugizi bwo kugira ngo abemera bazamurwe mu ntera.
- Ubuvugizi ku bemera bagomba kujya mu muriro, kugira ngo batawujyamo.
- Ubuvugizi ku abemera bagiye mu muriro kugira ngo bawuvemo.

Abul Abasi yaravuze ati (Imana yahakanye ku ibitari we byose, buri kintu ababangikanyamana bakurikira, ihakana ko ibitari yon ta bwami bifite, cyangwa kuba byagira uruhare mu bwami, inahakana kuba yagira umufasha, ntacyasigaye rero usibye ubuvugizi, igaragaza ko ubuvugizi butagira agaciro usibye k'uko Imana yabuhereye uburenganzira, nk'uko yabivuze igira iti “kandi ntibashobora kugira uwo bavuganira (Allah) atamwishimiye”. Bityo ubu buvugizi ababangikanyamana bakekako butazabaho ku muni w'imperuka, nkuko Qor'an yabuhakanye, n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ikavuga ko izaza ikubamira Nyagasani we akanamusingiza – ko atazahera k'ubuvugizi mbere na mbere – maze bakavuga bati **“Egura umutwe wawe, uvuge urumvwa, unasabe urahabwa, kandi ukore ubuvugizi buremerwa”**.

Maze Abu Hurayrat abwira intumwa Muhamadi ati “Ninde uzegukana ubuvugizi bwawe? Yaravuze ati “Ni uwavuze ngo (La ilaha ila llahu), akabivuga bimuvuye ku mutima” ubwo nibwo buvugizi buzakorera abiyereje Imana k'ubushake bw'Imana, ntabwo buzakorera uwabangikanyije Imana.

Uko ubwo buvugizi bumeze: Ni uko Imana Nyagasani ariyo ubwayo izabwihera abayiyereje, maze ikabababarira ibyaha kubera ubusabe bw'uwo Imana yahaye uburenganzira bwo gukora ubuvugizi kugira ngo imuhe agaciro, kandi abone igihagararo cyizashimirwa.

Ubuuvugizi Qor'an yanze: Ni uburimo ibangikanyamana, no kubera iyo mpamvu yemeje ubuvugizi buzakorera kuburenganzira bwayo, ahantu hatandukanye, intumwa Muhamadi yasobanuye ko ubwo buvugizi buzareba gusa abantu ba Tawuhidi no kwiyereza Imana” amagambo ye arangiriye aha.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat (eshanu).

Icyamba kabiri: Uburyo ubuvugizi bwahakanywe bumeze (Ni uburimo ibangikanyamana).

Icyamba gatatu: Uburyo ubuvugizi bwemewe bumeze (Ni ubuvugizi bw'abantu ba Tawuhidi nyuma y'uburenganzira bw'Imana Nyagasani no kwishimira ubukora n'ubukorerwa).

Icyamba kane: Kuvuga ubuvugizi bukuru, ari nabwo igihagararo cyizashimirwa (kubazaba bari ku gihagararo bategereje gucirwa imanza).

Icyamba gatanu: Uko intumwa Muhamadi izakora ubuvugizi nuko atazahera k'ubuvugizi, ahubwo azubama maze, maze n'ahabwa uburenganzira bwo gukora ubuvugizi (ibi bigaragaza ko ubuhambare bwa Nyagasani n'umuco wuzuye w'intumwa Muhamadi).

Icyamba gatandatu: Ninde uzegukana ubuvugizi bw'intumwa Muhamadi? (Ni abantu ba Tawuhidi no kwiyereza Imana).

Icyamba karindwi: Kuba ubuvugizi bw'intumwa Muhamadi butareba ababangikanyije Imana.

Icyamba munani: Kugaragaza uko ubuvugizi buzakorera (Imana niyo izihera ubwayo abantu bayiyereje, ikabababarira ibyaha kubera ubusabe bw'uwo Imana yahaye uburenganzira bwo gukora ubuvugizi kugira ngo Imana imuhe agaciro, ngo anabone igihagararo kizashimirwa).

[18] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "MU BY'UKURI, WOVE
NTIWAYOBORA UWO USHAKA" AYAT

Gihamya ya mbere:

Imvugo iri mu bitabo by'ukuri, yaturutse kuri Ibunil Musayabi, ayikomoye kuri Ise yaravuze ati: Ubwo Abu Twalib yaragiye gupfa, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaje aho yari ari, hakaba hari na Abdullah mwene Abi Umayat na Abu Jahali, intumwa ibwira Abu Twalib ati "Data wacu, vuga La ilaha ila llahu, ijambo nazaheho ngusabira imbabazi ku Imana" abo bagabo bandi baramubwira bati: Ubu ugiye kwirengagiza umugenzo wa Abdul Mutwalib? Maze intumwa Muhamadi arongera amusaba kuvuga ririya jambo, nabo barongera bamubwira kwakundi, hanyuma ijambo rye ryanyuma: yaje gupfira ku migenzo ya Abdul Mutwalib, yanga kuvuga ijambo La ilaha ila llahu, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aravugaga ati "Nzakomeza kugusabira imbabazi, mu gihe cyose ntari nabibuzwa" nuko Imana imanura ayat igira iti "Ntibikwiye ku Muhanuzi (Muhamadi)na babandi bemeye, gusabira ababangikanyamana" hanyuma Imana imanura kuri Abu Twalib ayat igira iti "Rwose, wowe (Muhamadi) ntuyobora uwo ushatse, ahubwo Allah ni we uyobora uwo ashatse"

IBICE BY'UMUYOBORO

Umuyoboro w'umutima:

Uwo muyoboro nta wundi uwugira usibye Imana "Rwose, wowe (Muhamadi) ntuyobora uwo ushatse"

Umuyoboro wo kugaragaza inzira:

Uwo muyoboro niwo ugirwa n'intumwa Muhamadi "Mu by'ukuri, wowe uyobora (abantu) inzira igorotse"

- Ibi yabizanye kugira ngo agaragaze ko nta muntu n'umwe ushobora kugira uwo ayobora umuyoboro w'umutima, ngo ashobore gukora ibyo Imana yamutegetse.
- Ikibazo: Ni gute intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakundaga Abu Twalib kandi ari umuhakanyi?
- Igisubizo: Birashoboka ko wagereranya mo amagambo akurikira: [1] Uwo ushaka ko ayoboka, ntabwo ari uwo ukunda (iyi niyo mvugo ikomeye). [2] Cyangwa kuyobora uwo ukunda urukundo rusanze, urwo ruremewe. [3] Cyangwa kuyobora uwo ukunda mbere yo kubuzwa kugira inshuti abahakanyi.
- Intumwa Muhamadi yaje aho ari: Harimo kuba ari byiza gusura abahakanyi, igihe ukeka ko yayoboka Islam.
- Ijambo rigira riti "Yewe Data wacu" intumwa Muhamadi yamuhamagaye muri iri zina, rigaragaza impuhwe, ibi ni bumwe mu bugenge bukenewe mu ivugabutumwa.
- Ni gute twahuza iyi Hadith n'ijambo ry'abamenyi rigira riti "ni byiza kubwiriza umuntu ugiye gupfa kuvuga La ilaha ila llahu utavuze?" igisubizo: Ni uko Abu Twalib yari umuhakanyi, iyo yabwirwaga maze akanga, icyo gihe ahama mu buhakanyi bwe, uko kumubwiriza kuvuga La ilaha ila llahu nta ngaruka bimugiraho, bitandukanye n'umuyisumu kuko we biba bikomeye, kuko hari igihe kumubwiriza kuvuga La ilaha ila llahu mu magambo hari igihe byamugiraho ingaruka.

Ijambo rigira riti “Agiye gupfa” bisobanuye [1] yagaragaweho n’ibimenyetso byo gupfa, ariko atarapfa, muri icyo gihe ese ukwicuza kwe kwakwagirwa, imvugo ya kabiri nuko ukwicuza kwe kutakwagirwa, kuko Ayat ivuga iti “Babandi bakomeza gukora ibikorwa bibi ntibajya bakirirwa ukwicuza kwabo, kugeza ubwo umwe muri bo agerwaho n’urupfu” bijyanye neza neza na Hadith. [2] Kuko intumwa Muhamadi yavuze ati “**nazaheraho ngusabira imbabazi ku Imana**” ntiyatuye ko iryo jambo ubwaryo ariryo ryamugirira akamaro. [3] Ibi ni umwihariko ku intumwa Muhamadi gusa kuzavuganira Se wabo hamwe nuko ari umuhakanyi.

- Al Musayab na Abdullah mwene Abi Umayat, baje kuyoboka Islam, usibye Abu Twalib na Abu Jahali.
- Ijambo rigira riti “Yapfuye ari ku migenzo” mu mwanya w’insimbuzazina (Njyewe) hashyizwe insimbuzazina (We) harimo kuba abakiriye Hadith barashimangiye Tawuhidi.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat igira iti “Rwose, wowe (Muhamadi) ntuyobora uwo ushatse, ahubwo Allah ni we uyobora uwo ashatse” Ayat.

Icyamba kabiri: Ni ugusobanura ayat igira iti “Ntibikwiye ku Muhanuzi (Muhamadi) na babandi bemeye, gusabira ababangikanyamana” Ayat (Kirazira kugaragaza umubabaro ku rupfu rwabo no kujya kubihanganisha).

Icyamba gatatu: Kikaba ari ikibazo gikomeye gusobanura ijamba rigira riti “Vuga uti: La ilaha ila llahu” ibyo bitandukanye n’ibyo abigamba ubumenyi bavuga (No kubera icyo mpamvu yanze kuvuga iryo jambo).

Icyamba kane: Ni uko Abu Jahali nabo bari kumwe bari bazi neza icyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) agamije, icyo abwiye umuntu ngo vuga uti (La ilaha ila llahu).

Icyamba gatanu: Umuhate w’intumwa Muhamadi n’umurava yakoresheje mu gushaka kuyobora Se wabo [1] Ni ukubera isano y’umuryango bari bafitanye [2] Ni uko intumwa Muhamadi yari isanzwe ndetse na Islam mu kugira neza, kandi yashimirwa kubera ibi nubwo yahamye mubuhakanyi bwe).

Icyamba gatandatu: Gusubiza abavuga ko Abu Twalib yapfuye ari umuyisumu n’abamubanjirije (umugenzo wabo wari ubuhakanyi).

Icyamba karindwi: Kuba intumwa Muhamadi yaramusabiye imbabazi ku Imana, ariko ntababarirwe, ahubwo akabuzwa kongera kubikora (Ibyerebwe mu maboko y’Imana).

Icyamba munani: Kuba abantu babashobora kugira ingaruka mbi ku muntu.

Icyamba cyenda: Guha agaciro gahambaye abakurambere bawe harimo ingaruka zikomeye (Igihe batari mu ukuri).

Icyamba cumi: Harimo urujijo ku bantu babi, kuba batanga gihamba ya Abu Jahali kuri ibyo.

Icyamba cumi na rimwe: Harimo gihamba ko ibikorwa birebwa n’ibya nyuma, kuko icyo Abu Twalib aza kuvuga ririya jambo ryari kumugirira akamaro.

Icyamba cumi na kabiri: Tekereza uburyo uru rujijo rukomeye, mu mitima y’abantu bayobye, kuko muri iyi nkuru bamugishaga impaka kuri ririya jambo, hamwe n’umurego intumwa Muhamadi yakoresheje anasubiramo kenshi, kubera ubuhambare bw’iryo jambo no kuba risobanutse kuri bo bakomeje kumukumira (uru ni urujijo rwo gukiza cyane abakurambere).

IKIZAMINI KU GICE CYA GATATU
(AMASOMO 4).

IKIBAZO CYA MBERE: Vuga amasomo akubiye muri iki gice, n'impamvu umwanditsi yazanye buri somo:

ISOMO	IMPAMVU UMWANDITSI
	YAZANYE IRI SOMO:

..... 1	
..... 2	
..... 3	
..... 4	

IKIBAZO CYA KABIRI: Sobanura amategeko y'ibikorwa bikurikira:
(1) Biremewe, (2) Ntibyemewe, (3) Ibangikanya rikuru, (4) Ni byiza / Sunat.

Gusaba ubuvugizi ku abantu bapfuye Gusaba wifashishije icyubahiro cy'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) Gusara umurwayi w'umubangikanyamana Gushishikariza ugiye gupfa kuvuga ijambo La ilaha ila llahu.....Kuvuma umuntu uzwi.....Kuvuma abahakanyi muri rusange.....

IKIBAZO CYA GATATU: Shyira ikimenyetso ☒ mu mwanya ukwiye cyangwa wuzuze imyanya ituzuye:

1. Igice cya gatatu mu gitabo cya Tawuhid ni: ☐ Igisobanuro cya Tawuhid ☐ Amasengesho adakozwe kubera Imana aba ari impfabusa. 2. Igice cya gatatu gikubiyemo: ☐ amasomo 5. ☐ amasomo 4. ☐ amasomo 6. 3. Akabazo kagaragara ku ijambo ry'Imana rigira riti "Ese babangikanya Imana" gasobanuye kwanga ibyo bakora no kubacyaha, Nibyo ☐ Sibyo ☐. 4. Imana yagaragaje uburyo gusenga ibigirwamana ari impfabusa mu ijambo rigira riti "Ese babangikanya Imana" mu buryo: bune ☐ mu buryo butatu ☐. 5. Ijambo ry'Imana rigira riti "Ibyo musaba bitari yo" ubusabe: ☐ amasengesho ☐ gusaba icyo ukeneye ☐ bikubiyemo ibyo byose ☐. 6. Ntabwo bikwiye kuvuga ko umunyabyaha atazabona impuhwe z'Imana usibye gusa abayobozi b'abahakanyi: Nibyo ☐ Sibyo ☐. 7. Ijambo ry'umwanditsi ryo kuba abasabirwa ubusabe buri ari abahakanyi, agamije kugaragaza ubuhakanyi bwabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐. 8. Ijambo ry'umwanditsi rigira riti (Qunut ya Shebuja w'intumwa n'abahanuzi) risobanuye: ☐ Kuba Qunut yemewe. ☐ Nta numwe muri iyi Umat uri hafi y'Imana kurusha intumwa Muhamadi n'abasangirangendo be, ariko hamwe n'ibyo bose biking kandi bahungira ku Imana. 9. Ni gute tugomba gusabira abahakanyi?..... 10. Ijambo "Kuzazamuka" ni ugushira ubwoba (☐ Butunguranye ☐ Buhoraho) mu mitima yabo. 11. Ijambo rigira riti (Kuba amajini yongera ibinyoma ijana ku ijambo rimwe ry'ukuri yumvise) ni mu rwego rwo: Gukabya ☐ Ni umubare nyakuri ☐. 12. Ijambo rigira riti (Ni abamalayika bangahe mu birere) rikubiyemo ibigomba kuba byuzuye k'ubuvugizi butatu: Nibyo ☐ Sibyo ☐. 13. Buri buvugizi burimo ibangikanya, ubwo buvugizi buba ari: Ubwanzwe ☐ Ubwi bangikanya ☐ byose ibyavuzwe ☐. 14. Ubuvugizi ntibusobanuye, Imana kugufasha ku ikintu ukoreweho ubuvugizi, ibyo birabujijwe (Nibyo ☐ Sibyo ☐). Ahubwo ikigamijwe muri bwo ni: (☐ uguha agaciro ukora ubuvugizi. Kugirira akamaro ukorerwa ubuvugizi ☐. Byose ibyavuzwe ☐. 15. Ayat bavuze ko: Yakase imizi y'igiti cy'ibangikanya mu mutima:..... 16. Umuyoboro wahamijwe ni: naho uwanzwe ni:..... 17. Igisobanuro cya ayat igira iti "Rwose, wowe (Muhamadi) ntuyobora uwo ushatse" bisobanuye: ☐ Uwo ukunda. ☐ Ushaka ko ayoboka. ☐ Urukundo rwa kamere. ☐ Mbere yuko kugira inshuti abahakanyi bibuzwa. ☐ Byose ibyavuzwe. 18. (Abu Twalib agiye gupfa) bisobanuye: Cyangwa..... 19. Imigenzo ya Abul Mutwalib yari: ☐ Ibangikanya no gusenga ibigirwamana. ☐ Yari umukirisitu. ☐ Yari Majusi. 20. (Naheraho ngusabira imbabazi ku Imana) ☐ Nzarigira urwitwazo ku Imana. ☐ Nzakoresha mu kukuburanira ku Imana. 21. Ni isuna gushishikariza ugiye gupfa kuvuga (La ilaha ila llahu) tumubwira tuti (Vuga) na gihamba y'ibyo ni igikorwa intumwa Muhamadi yakozwe kuri Se wabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐. Ni gute wabihuza n'imvugo y'abamenyi igira iti (Ni Sunat gushishikariza umuntu ugiye gupfa kuvuga La ilaha ila llahu, utamubwiye ngo vuga uti)..... 22. Ni ukubera iki uwakiriye Hadith yavuze ati (We yapfuye ari ku migenzo) ntavuge ngo (Njyewe)?..... 23. Intumwa Muhamadi yashyizeho umuhatwe kugira ngo Ise wabo Abu Twalib ayoboke Islam, kubera: ☐ Isano y'umuryango. ☐ Kuba yarazwiho we na Islam kugira neza. ☐ Byose ibyavuzwe. 24. Gukuzwa cyane abakurambere ni bibi: ☐ Mu uburyo budasubirwaho ☐ Igihe bari mu bitari ukuri.

IKIBAZO CYA KANE: Uzuza ibice by'ubuvugizi:

.....Imana yihamijeho ubwayo, bukaba buyisabwa hujujwe ibi bikurikira: [1]..... [2]..... [3].....	Qor'an yahakanye, aribwoari nabwo itegeko rivuga ko.....	bwemerwa hujujwe ibi bikurikira: [1]..... [2]..... [3]..... [4].....
Ubuuvugizi bw'umwihariko w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) harimo: 1..... 2..... 3.....	Ubuuvugizi rusange bukubiyemo 1..... 2..... 3.....	

**ICYA KANE: IMPAMVU YATUMYE IKIREMWA
MUNTU KIGWA MU BUHAKANYI (AMASOMO 4)**

- Umwanditsi yazanye iri somo kugira ngo agaragaze impamvu zatumye habaho ubuhakanyi, kugira ngo tubwirinde, no gusubiza ikibazo kigira kiti ni iyihe mpamvu yatumye abantu bamwe na bamwe bagwa mu buhakanyi? Yagisubije mu masomo atatu, irya kane harimo ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'igisha) yafunze imiryango yose iganisha ku ibangikanya.

**[19] ISOMO KU IBYAVUZWE KO IMPAMVU YATUMYE ABANTU
BAGWA MU BUHAKANYI BAGATA IDINI RYABO ARI UGUKABYA MU
KUBAHA ABAKIRANUTSI**

- Iyi ni imwe mu mpamvu zikomeye kandi zifite ubukana, n'ibangikanya ryabayeho mbere impamvu yaryo yari urujijo rwo gukabya mu kubaha aba bantu.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Yemwe abahawe igitabo ntimugakabye mu idini ryanyu".

[2] Imvugo yaturutse mu bitabo by'ukuri, ikomotse kuri Ibun Abasi (Imana imwishimire), ku ijambo ry'Imana rigira riti "Baranavuga bati "Rwose ntimuzareke imana zanyu, kandi ntimuzareke (gusenga) Wadan, Suwa'a, Yagutha, Ya'uqa ndetse na Nasra". Yaravuze ati (Aya ni amazina y'abantu bari abakiranutsi bo mu bantu ba Nuhu, maze bamaze gupfa Shitani ishuka abantu babo, ngo bashyire mu byicaro byabo bicaragamo ibishushanyo byabo, banabyite amazina yabo, maze barabikora, ariko muri icyo gihe ntibyigeze bisengwa, kugeza ubwo abo bapfuye, hanyuma ubumenyi buribagirana maze ibyo bishushanyo biza gusengwa), Ibunil Qayim yaravuze ati (Abenshi mubatubanjirije baravuze bati: Nyuma yo gupfa (abakiranutsi) bagiye ku imva zabo maze bashyiraho ibishushanyo, hanyuma igihe kibaye kirekire baza kubisenga).

- Ijambo rigira riti (Yemwe abahawe igitabo) abo ni abayahudi bafite Tawurati, n'abakirisitu bafite Ivanjili.

- Ijambo rigira riti (Ntimugakabye mu idini ryanyu) bisobanuye ngo ntimuzarenge imbibi mu gusingiza no gukuza, kuko abakirisitu bakabije mu gusingiza Yesu, baza kuvuga ko ari umwana w'Imana, akaba n'umwe mu butatu butagatifu, n'abayahudi bakabije muguhakana.

- Ijambo rigira riti (Bararimbuka) barapfa.

- Ijambo rigira riti (Shitani irabashuka) ibatera impagarara mu mitima yabo.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo rigira riti (Mushyireho ibishushanyo): ni ibintu byose bishobora kumanikwa ahantu yaba inkoni cyangwa ibuye, ibyo ni uko yababwiye ngo: Kuburyo nimubibona muzajya mugira umurava wo gusenga kwanyu, ariko baje gutana bayoba inzira y'ukuri, ntabwo rero umugambi wonyine uhagije, ni ngombwa ko ujyana n'ibikorwa byemewe n'amategeko, umugambi wabo wari myiza ariko ibikorwa biba bibi.
- Ijambo rigira riti (Kugeza ubwo abongabo bapfuye bose): abashyizeho ibyo bishushanyo, bakanakora ibyo bibumba.
- Abantu babanjirije Nuhu (amahoro y'Imana abe kuri we), bakoze ibintu bitatu:
 1. "Gukora ibishushanyo": Ibibumba byabo, harimo ububi bwo gukora ibishushanyo n'ibibumba.
 2. "Kubishyira" ku imva zabo.
 3. "Ibihe biba birebire" baja kure y'igihe cy'intumwa, ubumenyi buza kubura maze habaho ibangikanya rikuru, basenga ibyo bishushanyo mu cyimbo cy'Imana, igikenewe ni ukuba hafi y'ubumenyi no gukora ibikorwa byiza k'uburyo ibyo bitabaho.

IBIBI BYO GUKABYA MU IDINI:

- Ni ukuzamura uwo ukoreraho uko gukabya ukamushyira mu rwego adakwiye, igihe ukabya mu gusingiza, no kumumanura muni y'urwego rwe, igihe ukabya mu guhakana.
- Ibyo bituma uzagera ubwo usenga uwo ukabyaho.
- Bituma umuntu areka gukuzana Imana Nyagasani, kuko umuntu ashobora gukora ibintu bitari ukuri cyangwa by'ukuri.
- Kuba uwo ukabyaho iyo ariho, bituma yibonako ari igitangaza, ibi rero bikaba byonona ukorerwaho ugukabya iyo ari mu rwego rwo gusingiza, naho iyo ari mu rwego rwo guhakana bizana urwangano n'ibyago.

IBICE BY'ABANTU KU BYEREKEYE ABAKIRANUTSI:

Igice cy'abakabya mu gusingiza: Nk'abakirisitu kuri Yesu.

Igice cy'abakabya mu guhakana: Nk'abayahudi kuri Yesu.

Igice cyagihe hagati no hagati: Ntigikabye kandi ntigipfobye, aribo Ahalu Sunat.

Gihamya ya gatatu kugeza kuya gatanu:

[3] Imvugo yaturutse kuri Umar, ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Muramenye ntimuzakabye kuri nje, nkuko abakirisitu bakabije kuri mwene Mariyamu, mu by'ukuri, nyewe ndi umugaragu, mujye muvuga muti: Umugaragu w'Imana n'intumwa yayo" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

[4] Imvugo yaturutse kuri Ibun Abasi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Nimwirinde gukabya, kubera ko gukabya byarimbuye ababayeho mbere yanyu".

[5] Imvugo yaturutse kuri Muslim, ayikomoye kuri Ibun Mas'udi, avuga ko intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Al Mutanatwiuna barabimbutse" abivuga inshuro eshatu.

- Ijambo rigira riti "La Tatwruniy" bisobanuye gusingiza umuntu ugakabya, ugakora ibisa no gukabya kw'abakirisitu n'abari muni yabo.
- Ijambo rigira riti "Umugaragu w'Imana n'intumwa yayo" ibi ni ibisingizo bibiri by'ukuri kandi by'icyubahiro ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
- Ijambo rigira riti "Gukabya" ni ukurenga imbibi mu gusingiza no gusenga no gukora ibikorwa.
- Ni ukuhe gukabya kwabarimbuye? Ukwabarimbuye: [1] Ni ugukabya mu idini. [2] Ndetse no gukabya ku mibiri.
- Gukabya birimo ibice byinshi: Gukabya mu myemerere n'amasengesho no mu mikoranire no mu miterere, kandi idini ry'Imana riri hagati no hagati, nta gukabya kubamo ndetse nta no kureka gukora burundu.
- Ijambo rigira riti "Al MUTanatwiuna" Ni umuntu ucengera akagera kure mu gukomeza ibintu haba mu magambo ye, ibikorwa bye harimo no kwiyezera, gukomeza ibintu mu idini bimeze nko gukabya, kandi ni imwe mu mpamvu zo kurimbuka.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni uko umuntu wasobanukiwe iri somo ndetse akaza no gusobanukirwa amasomo abiri ari buze inyuma yaryo, ahita abona uburyo Islam ari ikintu gitangaje, akanabona uburyo ubushobozi bw'Imana muguhindagura imitima butangaje.

Icya kabiri: Ni ukumenya ibangikanya rya mbere ryabayeho ku isi, ryatewe n'urujijo ku bantu b'intungane.

Icya gatatu: Ni ukumenya ikintu cya mbere cyakoreshejwe mu guhindura idini ry'intumwa (aricyo ibangikanya), impamvu ikaba yarabaye iyihe? (Gukabya mu kubaha abakiranutsi) hamwe no kumenya ko Imana yabohereje.

Icya kane: Kwemera ibihimbano, hamwe nuko amategeko y'Imana ndetse na kamere bitemera ibihimbano.

Icya gatanu: Kuba impamvu y'ibyo byose ari ukuvangavanga ukuri n'ibinyoma, icya mbere: ni ugukunda abantu beza, icya kabiri: ni ukuba abantu b'abamenyi kandi b'abanyedini bakora ikintu bagamijemo icyiza, maze abaje nyuma yabo bagakomeza ko hari ikindi bari bagamije (umuntu ushaka ko idini rye rikomezwa n'ibihimbano, amenye ko ingaruka zabyo ziruta ibyiza birimo).

Icya gatandatu: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Nuhu (Harimo ko bagirana inama mu bitari byo).

Icya karindwi: Ni kamere ku umuntu kuba ukuri kugenda kugabanuka mu mutima we, ibitari ukuri bikagenda byiyongera (Usibye gusa uwo Imana yahaye inema).

Icya munani: Harimo gihamya y'ibyakuwe kubatubanjirije, ko ibihimbano ariyo mpamvu y'ubuhakanyi (ariko ntibubujijwe kuba impamvu zaba nyinshi).

Icya cyenda: Shitani kumenya aho ibihimbano byerekeza, nubwo igikorwa cy'umuntu cyaba ari cyiza.

Icya cumi: Kumenya umusingi ngenderwaho ko gukabya bibujijwe no kumenya uko iherezo ryo gukabya rizamera.

Icya cumi na rimwe: Ibibi byo gushyira ibishushanyo ku imva kubera igikorwa cyiza (bigeza abantu mu kubisenga).

Icya cumi na kabiri: Kumenya ko ibishushanyo byabujijwe, ko kubikuraho (ari ugufunga umuryango w'ibibi).

Icya cumi na gatatu: Kuba iyi nkuru ihambaye no kuba abantu bakeneye kuyimenya, hamwe n'uko batayitaho.

Icya cumi na kane: Igitangaje kuruta ibindi ni uko basoma iyi nkuru mu bitabo bya Taf'sir na Hadith, bakanasobanukirwa amagambo, n'uburyo Imana yabatandukanyije n'imitima yabo, kugeza ubwo bemeye ko ibikorwa by'abantu ba Nuhu ari amasengesho aruta ayandi, bakanemera ko ibyo Imana n'intumwa yayo babujije ari ubuhakanyi byabundi buzirura amaraso n'imitungo gusa.

Icya cumi na gatanu: Kwerura ko nta kindi bari bagamije kuri ibyo bigirwamana usibye ubuvugizi gusa (Hamwe nibyo baguye mu ibangikanya).

Icya cumi na gatandatu: Kuba baraketse ko abamenyi bakoze ibyo bishushanyo, bari bagamije (Ko byabavuganira ku Imana, ariko uko gukeka ni kubi).

Icya cumi na karindwi: Itangazo rihambaye riri mu ijambo ry'intumwa y'Imana Muhamadi rigira riti "Muramenye ntumuzakabye kuri nje, nkuko abakirisitu bakabije kuri mwene Mariyamu". Intumwa y'Imana yagejeje ubutumwa buhambaye ku abantu (Kubuza gukabya mu gusingiza, no kurengera muri byo, kandi abenshi mu bantu b'intumwa Muhamadi bamaze kubigwamo, ahubwo mu buryo bukaze).

Icya cumi n'umunani: Ni inama z'intumwa Muhamadi kuri twe ko Mutanatwiuna barimbutse (Mu buryo bwo kutuburira).

Icya cumi n'icyenda: Kugaragaza ko ibyo bishushanyo bitigeze bisengwa, kugeza ubwo ubumenyi bwibagiranye, harimo ko tugomba kumenya agaciro k'ubumenyi n'ingaruka zo kutabaho kwabwo.

Icya makumyabiri: Ni uko impamvu yo kubura k'ubumenyi ari ugupfa kw'abamenyi (Ibi biri mu impamvu zikomeye, ndetse no kwibagirana k'ubumenyi no kubutera umugongo, ukerekera ku iby'isi gusa ntubwiteho).

**[20] ISOMO KU IBYAVUZWE KU UKUBUZA MU BURYO BUKAZE
UMUNTU USENGERA IMANA KU IMVA Y'UMUNTU WARI
UMUKIRANUTSI, BYABA BIMEZE BITESE ARIWE ASENZE UBWE?**

Umwanditsi w'igitabo yazanye iri somo kugira ngo ugusobanurire uburyo iyi dini ari nk'umushyitsi n'ukuntu abantu bavuye kuri Tawuhidi, ndetse n'ibyavuzwe ku kubuza gusengera Imana ku imva z'abakiranutsi kugira ngo bitaba intandaro yo kugeza umuntu ku kubangikanya Imana.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse mu bitabo by'ukuri ikomotse kuri Aisha (Imana imwishimire) yavuze ko Umu Salamat yabwiye intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ku byerekeye Kiriziya yabonye muri Habasha (Ephiopia) n'ibishushanyo byari mo, maze intumwa Muhamadi aravuga ati "Bariya iyo umukiranutsi muri bo apfuye, bubaka ku imva ye urusengero bakanashyiramo ibyo bishushanyo, abo ni ibiremwa bibi ku Imana, abo bahuriye hamwe ibigeragezo bibiri: Ikigeragezo cy'imva, n'ikigeragezo cyo gukora ibishushanyo.

- Ijambo rigira riti "abo bahuriye hamwe ibigeragezo bibiri" aya ni amagambo ya Ibun Tayimiyat (Imana imugirire impuhwe) yabyise ibigeragezo (Fitina), kuko byabaye intandaro yo kubuza abantu kuyoboka idini ryabo.
- icyiza ni uko imva titajya mu inyubako, kugira ngo zitaba intandaro y'ibangikanyamana.
- Imva ni ikigeragezo gikomeye kurusha ibishushanyo, kubera ibintu bikurikira:
- Imva ziboneka ahantu hose, bitandukanye n'ibigirwamana bibumbye.
- Ku imva habera ibintu bitajya bibera ahandi, urugero: Nko gutinya.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse mu bitabo by'ukuri nanone, ikomotse kuri Aisha yaravuze ati (Ubwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yamanukirwaga na Malayika aje kumukuramo roho yashyiraga umwenda we mu buranga bwe hanyuma akawukuraho, muri icyo gihe yaravuze ati "Imana yavumye abayahudi n'abakirisitu, bagize imva z'abahanuzi babo insengero" abivuga ari ukuburira abantu ibyo bariya bakoze, iyo bitaza kuba iyo mpamvu imva y'intumwa Muhamadi yari kugaragazwa, ariko batinye ko yagirwa urusengero" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Muslim ayikomoye kuri Jundubi mwene Abdullah, yaravuze ati: Numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mbere yuko apfa ho iminsi itanu, avuga ati "Njyewe nitaruye ku Imana kuba nagira inshuti magara muri mwe, kuko Imana Nyagasani yangize inshuti magara, nkuko yagize Ibrahimu inshuti magara, n'iyi nza kuba nagira mu bantu banjye inshuti magara, nari kuba narayigize Abubakar, bityo mumenye ko ababayeho mbere yanyu bagize imva z'abahanuzi babo insengero, muramenye ntumuzagire imva insengero kuko mu by'ukuri ndabibabujije".

Intumwa Muhamadi yabibujije mu gihe cye cya nyuma, hanyuma mu by'ukuri we yavumye –mu mvugo- y'uzabikora ndetse nuzahakorera isengesho, nubwo atahubaka urusengero, ari nacyo gisobanuro cy'ijambo rya Aisha rigira riti "Gutinya ko hazagirwa urusengero" kuko abasangirangendo ntabwo bari kubaka iruhande rw'imva ye urusengero.

Buri hantu hose hagenewe gusengera haba hagizwe urusengero, ndetse buri hantu hose hasengerwa hitwa urusengero, nk'uko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze agira ati "**Nagiriwe isi yose kuba ari urusengero kandi isukuye**".

- Ijambo rigira riti "Ubwo intumwa Muhamadi yamanukirwaga" ni Malayika ukuramo roho z'abantu yari aje kumukuramo roho.
- Ijambo rigira riti "Umwenda we" ni ishuka cyangwa umwambaro usanzwe.
- Ijambo rigira riti "Imana yavumye" yarabirukanye inabigiza kure, iyi mvugo iratanga amakuru aturutse ku Imana, ariko birashoboka nanone ko byaba ari ubusabe intumwa Muhamadi yabasabiye.
- Ijambo rigira riti "Bagize imva z'abahanuzi babo insengero" mu kuzubamira cyangwa kuzubakaho insengero.
- Ijambo rigira riti "Kugaragaza imva ye" kuyigaragaza no kuyisohora hanze y'inzu ye nko kuba yashyingurwa muri Baqii.

**NI UKUBERA IKI INTUMWA MUHAMADI YASHYINGUWE MU CYUMBA NTA NUMWE
UBONA ICYO CYUMBA NKANSWE UBUTAKA BW'IMVA?**

- Ni ukubera ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Buri ntumwa yose ipfuye ishyingurwa aho ipfiriye".
- Ijambo rigira riti "Gutinya ko" (Ririho inyajwi ya "a" kuri Khau"), intumwa yatinye ko imva ye yazaba ikigirwamana.
- Ijambo rigira riti "Gutinya ko" (Ririho inyajwi ya "u" kuri Khau"), abasangirangendo batinye ko imva y'intumwa Muhamadi yazaba ikigirwamana, kubera gushimangira Tawuhidi.

NI GUTE TWASUBIZA ABAVUGA KO IMVA Y'INTUMWA MUHAMADI IRI MU MUSIGITI?

- a. Igisubizo cya rusange:** Ni uko ibi biri mu bintu byenda gusa mu idini (Mutashabih), kandi itegeko ni ukugendera ku bintu bihamye (Muhukam) mu gitabo cy'Imana na Sunat, none wowe uri mubakurikira Mutashabih ukareka Muhukam, ibyo rero ntitubyumva na gato.

b. Igisubizo gisobanuye cyane:

1. Ni uko umusigiti utubatswe hejuru y'imva, ahubwo umutigiti wubatswe intumwa Muhamadi akiriho.
2. Ni uko itahambwe mu Musigiti, ahubwo yahambwe mu nzu iwe, kandi yari hanze y'umusigiti.
3. Kwinjiza icyumba cy'intumwa Muhamadi mu Musigiti rero ntabwo byemeranyijweho n'abasangirangendo bose, ahubwo byakozwe nyuma yuko abenshi bamaze gupfa, n'a bamwe mu bari bakiriho ntibabyemeye, nk'uko Saidi mwene Musayabi nawe atabyemeye.
4. Ni uko imva itari mu Musigiti, ahubwo iri mu cyumba cyihariye, nta nubwo umusigiti wubatse hejuru yayo, ahubwo imva iri mu bibambasi bitatu, ikibambasi kimwe cyashyizwe mu nguni kiterakeye Qiblat kuburyo usenga adashobora kwerekera Qiblat.
5. Ni uko umusigiti w'intumwa Muhamadi ufite akarusho kenshi mu kuwusengeramo ndetse no gufata urugendo ugiye kuwusura, n'ibindi.

Icyitonderwa: Urukundo rwo mu bwoko bwa “**Khulatu**” ni urukundo rurusha izindi zose kuba ruhambaye kandi rusumba izindi, nta bantu rero Imana yaruvuzeho usibye babiri mu biremwa byayo, aribo Ibrahim na Muhamadi (amahoro y'Imana abe kuri bo), bityo ni ubujiji buhambaye bugaragara mu mvugo y'abadasobanukiwe igira iti: Mu by'ukuri, Ibrahimu ni inshuti y'Imana y'amagara, na Muhamadi ni umukunzi w'Imana, ibi ni ukugabanya agaciro k'intumwa Muhamadi kuko ari ukumuha urwego ruri hasi y'urwa Ibrahim, ntibamutandukanye n'abandi bantu, ubwo nawe yaba yinjira mu ijambo rigira riti “Imana ikunda abagira neza” bityo uvuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari umukunzi w'Imana gusa usanzwe aba akosheje.

Gihamya ya kane:

Imvugo yakiriwe na Ahmad –ku ruhererekane rwiza- ayikomoye kuri Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi yaravuze ati “**Mu by'ukuri, abantu babi kurusha abandi, ni babandi bazagerwaho n'imperuka ari bazima, ndetse n'abazagira imva insengero**” Yakiriwe na Abu Hatim mu gitabo cye cy'ukuri.

- Ijambo rigira riti “abantu babi kurusha abandi” harimo ko abantu batandukanye mu bubi, ko bamwe barusha abandi ububi.

INCAMAKE Y'IRI SOMO:

Ni ngombwa kwitandukanya n'ibangikanyamana n'inzira zose ziriganishaho, kandi tugomba gukarira umuntu wese usengera Imana ku mva y'umukiranutsi, hajyamo kuyisengeraho n'ibindi, uvuga ko gutangira isadaka kuri iyo mva, iba iruta itangiwe ahandi, uwo nawe aba ameze nk'uwagize imva urusengero.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ibyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze k'umuntu wubaka umusigiti usengerwamo Imana hejuru y'imva y'umuntu w'umukiranutsi, n'ubwo umugambi wa nyiri igikorwa waba ariwo (Iki gikorwa ntikigombera umugambi, kuko kitemewe kigikorwa ndetse no kuba kirimo kwisanisha n'ababangikanyamana).

Icya kabiri: Kubuza gukora ibishushanyo no kubishyiramo imbaraga (Cyane cyane iyo ari ibishushanyo bikunze gukuzwa, nk'ibishushanyo by'abayobozi, umubyeyi, cyangwa ibikuzwa mu rwego rw'idini nk'ibishushanyo by'abantu bari abakiranutsi).

Icya gatatu: Icyo tugomba kureba ni uburyo intumwa Muhamadi yabivuzeho cyane n'uburyo yabibasobanuriye, hanyuma nyuma y'urupfu rwe ho iminsi itanu akavuga ibyo yavuze, hanyuma ikigaragara mu mvugo nuko atarekeye aho.

Icya kane: Intumwa Muhamadi yabujije gukora icyo gikorwa ku imva ye mbere y'uko imva ibaho.

Icya gatanu: Ni uko mu migenzo y'abayahudi n'abakirisitu babikoraga ku imva z'abahanuzi babo.

Icya gatandatu: Kuba intumwa Muhamadi yarabavumye kubera ibyo.

Icya karindwi: Icyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari agamije byari ukutuburira ngo tutazabikora ku imva ye.

Icya munani: Impamvu yatumye imva y'intumwa Muhamadi itagaragazwa (Byari ugutinya kuzayisenga, kandi buri intumwa ihambwa aho ipfiriye).

Icya cyenda: Mu bisobanuro byo kugira imva umusigiti (Ni ukuyubakaho umusigiti, no kuyigira aho gusengera).

Icya cumi: Intumwa yagereranyije uyigize aho gusengera n'abo imperuka izaberaho, avuga ikibi cy'ibangikanya mbere yuko ribaho mu gihe cye cyanyuma.

Icya cumi na rimwe: Kuba yaravuze mu nyigisho ze mbere y'uko apfa ho iminsi itanu asubiza udutsiko tubiri tubi mu banyabihimbano bose, ndetse bamwe mu abamenyi babakuye muri twa dutsiko mironko irindwi na tubiri intumwa Muhamadi yavuze, aribo Abashiya n'Abajahamiyat, kubera ko Abashiya batangije ibangikanya no gusenga imva, ari nabob a mbere bubatse umusigiti hejuru y'imva.

Icya cumi na kabiri: Ni uburyo intumwa Muhamadi yageragejwe mu gihe cyo gupfa kwe.

Icya cumi na gatatu: Ni uburyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yahawe urwego rwo kuba inshuti magara y'Imana.

Icya cumi na kane: Ni uko inshuti magara ari urwego ruruta ubucuti busanzwe.

Icya cumi na gatanu: Kugaragaza ko Abubakar Swidiqu yari umusangirangendo uruta abandi bose (ukubaruta kugaragarira mu kwemera no gukora ibikorwa byiza, byiyongera kukuba yaranakomokaga mu muryango mwiza, ni muri urwo rwego Abubakar yatambukijwe imbere ya Alliy).

Icya cumi na gatandatu: Harimo ikimenyetso cy'uko yagombaga kuba umuyobozi nyuma y'intumwa Muhamadi.

**[21] ISOMO KU IBYAVUZWE KO GUKABYA MU KUBAHA IMVA
Z'ABANTU BARI ABAKIRANUTSI BIZIGIRA IBIGIRWAMANA
BISENGWA MU CYIMBO CY'IMANA.**

- Iyi ni impamvu ya gatatu yatumye habaho ibangikanyamana, bikaba bisobanuka ko abakabya kubaha imva bazisenga ndetse n'abazirimo, gukabya ni ukurenza urugero mu gusingiza cyangwa guhakana.
- Abantu kubyerekeye imva barimo ibice bibiri ndetse n'icyo hagati: Igice cyakabije kubyerekeye imva kikazisenga kikanazubakira za Quba. Ikindi gice cyakabize mu bigomba gukorerwa imva mu kuzubaha, maze bakazicara hejuru, bakanazitaburura. Igice kiri hagati ari nacyo gifite ukuri, ni icyakomeje kubaha imva ntigikabye mu kuzubaha kuburyo zisengwa mu cyimbo cy'Imana.

Gihamya ya mbere kugeza ku iya kane:

[1] Imvugo yakiriwe na Maliki mu gitabo cye (Al Muwatwau) ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati **“Mana Nyagasani ntuzagire imva yanjye, ikigirwamana gisengwa, uburakari bw’Imana burushaho kwiyongera ku bantu bagize imva z’abahanuzi babo insengero”**.

[2] N’imvugo yakiriwe na Ibun Jariri, ayikomoye kuri Suf’yani nawe ayikuye kuri Al Mansur, ayikomoye kuri Al Mujahid yaravuze ati “Ese ntumutekerezza (ku bigirwamana musenga); Laata na Uza” yaravuze ati (Ni umuntu wajyaga abashigishira igikoma aza gupfa, mashyira igishushanyo ku imva ye).

[3] Uko niko Abul Jawuzau yavuze, imvugo yakomoye kuri Ibun Abasi (Yajyaga ashigishira abahaji igikoma).

[4] N’imvugo yaturutse kuri Ibun Abasi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Intumwa Muhamadi yavumye abagore baja gusura amarimbi n’abayagira insengero banayashyiraho amatara” Yakiriwe n’abanyere Sunanu bese.

- Ijambo rigira riti “Uburakari bw’Imana burushaho kwiyongera” uburakari ni kimwe mu bisingizo bihamye by’Imana ariko k’uburyo budafite aho buhuriye n’uburakari bw’ibiremwa.
- Ijambo rigira riti “Abagize imva z’abahanuzi babo imisigiti” byaba kuvubamira cyangwa kuzubakaho insengero.
- Ese ubusabe bw’intumwa Muhamadi byarakiriwe, bwo kuba imva ye itagomba kuba ikigirwamana gisengwa, cyangwa ubugenge bw’Imana bwateganyije ibindi? Ibunil Qayimi yaravuze ati “Imana yakiriye ubusabe bw’intumwa Muhamadi, ntiyavuze ko imva y’intumwa Muhamadi yagizwe ikigirwamana, ahubwo iyo mva yakingirijwe ibikuta bitatu. Nibyo koko hari abantu bakabya ku imva y’intumwa Muhamadi, ariko ntibiragera aho imva ye iba ikigirwamana gisengwa.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo rigira riti “Ese ntimutekereza” Ntabwo ibi bigirwamana byitiriwe ibimenyetso bikomeye intumwa Muhamadi yabonye mu ijoro rya Miiiraji.
- Ijambo rigira riti “Igikoma” ni ingano zijandikwa zigasekurwa hanyuma zikavangwa n’itende hanyuma icyo gikoma kigahabwa aba haji.
- Ijambo rigira riti “amatara” ni ubwinshi bw’itara, ashyirwa ku imva akatswa ninjoro no kumanwa mu rwego rwo guha agaciro imva no gukabya mu kuyubaha.
- Abagore gusura amarimbi: Ni icyaha gikomeye, ndetse no kugira imva insengero no kuzishyiraho amatara no kuvuma ababikora.
- Ibice by’abajya gusura imva: [1] Uburyo bw’amategeko y’idini: Ntibyemewe gufata urugendo ujya gusura imva runaka, umuntu akabikora agamije kwibuka isi n’imperuka, no gusabira imva ndetse n’abapfuye. [2] Iyo umuntu afashe urugendo rwo kujya gusura imva runaka agamije gusabira abapfuye, urwo rugendo ruba ari urw’ibangikanya. [3] Iyo agiye gusura imva runaka agamije gusabiraye Imana ubusabe bwe, urwo rugendo ruba ari igihimbano.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

- Icyamba mbere:** Gusobanura ibigirwamana (ibisengwa bitari Imana, byaba igishushanyo cyangwa imva n’ibindi).
- Icyamba kabiri:** Gusobanura Al Ibadat (amasengesho) “Ni ukwicisha bugufi no kwibombarika k’uwo usenga utinya kandi wiringiye umukunze kandi umukuza”.
- Icyamba gatatu:** Ni uko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) nta kintu yikinze ku Imana usibye icyo atinya ko kizabaho.
- Icyamba kane:** Kuba intumwa yaragereranyije ibi no kugira imva z’abahanuzi insengero.
- Icyamba gatanu:** Kugaragaza uburakari bukaze bw’Imana.
- Icyamba gatandatu:** Icyi kikaba ari ngombwa kukimenya, uburyo bwo gusenga Lata aricyo kigirwamana gikuru.
- Icyamba karindwi:** Kumenya ko iyi mva ari iy’umuntu wari umukiranutsi.
- Icyamba munani:** Kuba ari izina rya nyiri mva, no kuvuga igisobanuro cyo kwita izina.
- Icyamba cyenda:** Kuba intumwa Muhamadi, yaravumye abagore basura imva.
- Icyamba cumi:** Kuba intumwa Muhamadi yaravumye abantu bashyira amatara ku imva.

- **Ikibazo cya ngombwa:** Ni uko gukabya mukubaha imva z’abantu bari abakiranutsi bizihindura ibigirwamana bisengwa nkuko bimeze ku ikigirwamana Lata.
- **Ikibazo:** Umugore aramutse agiye kuri Rawudwa mu Musigiti w’intumwa Muhamadi kugira ngo ahasengere, imva y’intumwa Muhamadi iba iri hafi ye maze agahagarara agasuhuza intumwa Muhamadi, nta kibazo kirimo, ariko ibyiza ni ukwirinda umubyigano no kutivanga n’abagabo, kugira ngo ubibonye adakeka ko umugore yemerewe gusura imva.

**[22] ISOMO KU BYEREKEYE KUBA INTUMWA MUHAMADI
YARARINZE TAWUHID AGAKINGA BURI MURYANGO WOSE UGANA
KU IBANGIKANYA.**

Umwanditsi w'igitabo yazanye iri somo kugira ngo agaragaze ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yashyizeho igikinga kibuzza uwakwegera Tawuhid icyo gikinga kikaba gikomeye, ntabwo yasize umuryango ufunguye wanyurwamo nuwo ariwe wese, ariko yafunze buri nzira yose yageza ku ibangikanya.

Gihamya ya mbere n'ya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, mwagezweho n'Intumwa ibakomoka mo; iremererwa n'ingorane muhura nazo".

[2] Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire), yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimuzagire ingo zanyu amarimbi, kandi ntimuzagire imva yanjye umunsi mukuru, ahubwo mujye munsabira, kuko ubusabe bwanyu bungeraho aho muri hose" Yakiriwe na Abu Dawuda.

- Ijambo rigira riti "Mu by'ukuri, mwagezwe ho" iyi mvugo ishimangijwe ibintu bitatu: aribyo indahiro yumvikanamo, inyuguti ya Lam, ndetse n'inyuguti ya Qad.

- Ijambo rigira riti "ibakomoka mo" bisobanuye: [1] Yari umuntu nkamwe, ariko icyo mutandukaniye ni ihishurirwa. [2] Mu gisomo gishyira inyajwi ya Fat'ha kuri Fa: bisobanuye umunyacyubahiro kuri mwe n'utinya Imana kubarusha.

- Ijambo rigira riti "iremererwa" igira ingorane iyo muzigize, ari nayo mpamvu yazanye idini y'impuhwe.

- Ijambo rigira riti "ibitaho (kugira ngo muyoboke by'ukuri)" akora ibyo ashoboye byose kugira ngo mugubwe neza.

- Ijambo rigira riti "kandi ni Inyempuhwe nyinshi, ikaba n'Inyembabazi ku bemera" harimo gutambutsa icyagombaga guhera, bitanga Haswuru, bisobanuye ko intumwa Muhamadi ku abatari abemera yari inkazi, Imana iti "Muhamadi ni intumwa y'Imana, we n'abo bari kumwe bari inkazi ku abahakanyi ariko bakagirirana impuhwe ubwabo ku bwabo".

- Ijambo rigira riti "Nibaramuka bateye umugongo" nibanga kwemera [1] Kuko gutera umugongo hamwe n'ibi bisobanuro byose ni ikintu kibi, [2] Ni ugukebura umusomyi Imana yahinduye insimbuzirana kugira ngo umuntu akebuke.

- Ijambo rigira riti "Uvuge uti: Imana irampagije" bisobanuye ngo gutera umugongo kwabo ntacyo bikubwiye ahubwo avugishe ururimi rwawe n'umutima wawe uti: Imana irampagije.

- Ijambo rigira riti "Inzu zanyu amarimbi" bisobanuye [1] Ntimukareke kuzisengeramo, [2] Kandi ntimukazihambemo. - Ijambo rigira riti "Ntimuzagire imva yanjye umunsi mukuru" bisobanuye ngo ntimukayisire buri kanya, kuburyo mubigira akamenyero, byaba buri mwaka cyangwa buri kwezi cyangwa buri cyumweru, ahubwo imva isurwa ku mpamvu runaka, nk'umuntu avuye k'urugendo cyangwa kubera kwiyibutsa imperuka.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo rigira riti “Kandi mujye munsabira” Gusarira intumwa iyo biturutse ku Imana bisobanura kuyivuga neza mu biremwa byo mu ijuru.
- Ijambo rigira riti “Bungeraho” intumwa Muhamadi yaravuze iti “Imana ifite abamalayika bahora bagenda ku isi bangezaho ubusabe bw’abantu banjye” nta mpamvu yo kubyiganira ku imva y’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha).

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Alliy mwene Al Huseyin, yabonye umuntu ujya ku kenge kari ku kibambasi cy’imva y’intumwa Muhamadi maze ukakegera agasaba ubusabe, maze aramubaza, aravugaga ati: Ese mbabwire Hadith numvise kuri Data ayikuye kuri Sogokuru, ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “**Muramenye ntimuzagire imva yanjye umunsi mukuru, kandi ingo zanyu ntimuzazigire amarimbi, mu by’ukuri, ubusabe bwanyu bungeraho aho muri hose**” Yakiriwe muri Mukhutarat.

- Ijambo rigira riti “Agasaba ubusabe” kuba uriya muntu akeka ko ubusabe busabiwe ku imva bufite akarusho runaka byamufunguriye umuryango w’ibangikanya.
- Ijambo rigira riti “Aho muri hose” ikigamijwe ni ukunsabira aho muri hose nta mpamvu yo kuza ku imva yanjye ngo abe ariho munsabira muri.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura Ayat ya (baraatu), igira iti “Mu by’ukuri, mwagezweho n’Intumwa ibakomoka mo; iremererwa n’ingorane muhura nazo”.

Icyamba kabiri: Ni uburyo intumwa yarinze abantu bayo kwegera uru ruzitiro mu buryo bukomeye, igira iti (Ntimuzagire amago yanyu amarimbi).

Icyamba gatatu: Ni ukugaragaza uburyo intumwa itwitayeho n’impuhwe zayo kuri twe (ayat yo muri Baraatu).

Icyamba kane: Intumwa kutubaza gusura imva yayo mu buryo runaka, hamwe nuko gusura intumwa Muhamadi biri mu bikorwa byiza (kumusura harimo kumuramutsa, kandi ukuri kwe kuruta ukwa abandi bose).

Icyamba gatanu: Intumwa Muhamadi yabujije gusura imva ye kenshi.

Icyamba gatandatu: Intumwa Muhamadi yashishikariye abantu gusengera Sunat mu mago yabo.

Icyamba karindwi: Kuba byagiye bigaruka ko ntawe ugomba gusengera mu marimba.

Icyamba munani: Igisobanuro cyabyo ni uko umuntu gusaba no gusuhuza intumwa Muhamadi bumugeraho nubwo umuntu yaba ari kure, nta mpamvu yo gukora ibyombi abashakira kwegera imva bibaza (Alliy mwene Husein yaravuze ati: Nabonye wowe n’abantu bo muri Andalus ari kimwe).

Icyamba cyenda: Kuba intumwa Muhamadi ari muri Barizakhi akagezwaho ibikorwa by’abantu be, ubusabe ndetse n’indamutso.

**ICYA GATANU: GUSENYA GIHAMYA Z'ABAVUGA KO
IBANGIKANYA RIDASHOBORA KUBAHO MURI UYU MURYANGO
(UMAT) CYANGWA SE MU KIGOBE CY'ABARABU (ISOMO 1)**

**[23] ISOMO KUBYAVUZWE KO BAMWE MU BANTU BO MURI UYU
MURYANGO (UMAT) BASENGA IBIGIRWAMANA.**

- Umwanditsi w'igitabo yazanye iri somo kugira ngo asenye gihamya z'abavuga ko ibangikanya ritabaho muri uyu muryango (Umat), kuko uyu muryango warinzwe, kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti **"Mu by'ukuri, Shitani yamaze gutakaza icyizere, ko abasenga batazayisenga mu kigobe cy'abarabu"**.

- **Igisubizo mu buryo bw'incamake:** Ni uko abavuga batyo ari abakurikira Mutashabihi basize Muh'kamu.

- Igisubizo mu buryo burambuye:

1. Kuba intumwa Muhamadi yaravuze ko Shitani yatakaje ikizere cyo gusengwa ntibivuze ko ibangikanya ritabaho.

2. Shitani niba yaratakaje icyizere cyo gusengwa mu bantu basenga, ntabwo yagitakaje mu bantu badasenga, kandi usenga aba ari umwemera nyakuri.

3. Iyi myumvire itandukanye cyane na zimwe mu inyandiko za Qor'an na Hadith.

4. Abasangirangendo (Imana ibishimire) barwanyije abavuye muri Islam mu kigobe cy'abarabu kubera ibangikanya ryabo.

5. Ibiriho bitandukanye n'imvugo z'abo bantu, kuko turacyabona ababagira ibitari Imana mu kigobe.

6. Ibi nibyo Shitani yibwiye gusa, ariko ntabwo yaretse gukomeza gushuka abantu.

7. Ibyo byabayeho ubwo gufungura ibihugu bya kislamu byari byinshi abantu binjira mu idini ry'Imana udutsiko udutsiko.

8. Abamenyi bagiye bagaragaza ibintu bishobora gutuma umuntu ava muri Islam nubwo yaba ari mu kigobe cy'abarabu.

- Umuntu wavuze ko Musayilamatu ari intumwa uwo yabaye umuhakanyi, Shahada ye ntacyo iba imumariye, byaba bimeze bite k'umuntu uzamura Tijani akamugeza k'urwego rw'Imana, ibyo ntibyamugira umuhakanyi? Ibi ni ibintu bitangaje cyane.

**NI UBUHE BURYO UMWANDITSI YAZANYE AYAT MURI IRI SOMO ZITARIMO
GIHAMYA Y'IBYO AGAMIJE?**

- Ntabwo icyo yaragambiriye kigaragara usibye muri Hadith ya Abi Saïdi, bityo ayat zigahika zijyana neza neza n'ibisobanuro.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Ese ntiwamenye (yewe Muhamadi) abahawe ingabire yo gusobanukirwa igitabo (Tawurati)? Nyamara bakemera ibigirwamana n'amashitani".

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga uti "Ese mbabwire uzahembwa ibihembo bibi kwa Allah kurusha ibyo (by'inkozi z'ibibi)? Ni abavumwe na Allah akabarakarira, akagira bamwe muri bo inkende n'ingurube ndetse n'abagaragira ibigirwamana".

- Ijambo rigira riti "Ese ntiwamenye (yewe Muhamadi)" ubwo ko bw'iki kibazo hano ni ukwemeza no gutangara, kuri buri wese wemerewe kugerwaho n'iyi mvugo.
- Ijambo rigira riti "abahawe ingabire" ntabwo bahawe igitabo cyose, kuko babibujijwe no kwigomeka kwabo.
- Ijambo rigira riti "Nyamara bakemera ibigirwamana n'amashitani" bisobanuye ko bemera ko bifite ukuri, bakanabyemera ntibabihakane.

ZIMWE MU INYUNGU ZA AYAT YA MBERE:

1. Ni igitangaza kuba umuntu yahabwa ingabire yo gusobanukirwa igitabo cy'Imana hanyuma akemera amashitani n'ibigirwamana.
 2. Ni uko kugira ubumenyi bitarinda nyirabyo kuba yagwa mu byaha.
 3. Ni itegeko kwamagana ibigirwamana n'amashitani, ntabwo byemewe kwemera ibyo bintu.
 4. Ni uko muri uyu muryango (Umat) harimo abemera ibigirwamana n'amashitani nk'uko byabayeho mu abayislahiri.
- Ijambo rigira riti "Ese mbabwire" iyi ni imvugo y'intumwa Muhamadi (Imana imuge amahoro n'imigisha) asubiza bariya bayahudi, bamwe bagize idini ya Islam agatobero n'ubukiniro, ubwoko bw'iki kibazo kirimo kirashimangira kandi kiratera amatsiko.

ZIMWE MU INYUNGU ZA AYAT YA KABIRI:

1. Kwemeza uwo muja impaka no kumugisha impaka ukoresheje ibyo ashobora guhakana, kuko abayahudi bazi neza ko muri bo harimo abo Imana yarakariye, ikabavuma ndetse bamwe ikabahindura inkende n'ingurube, niba ibyo babyemera kandi basuzugura abayislahimu, turababwira tuti: Abagezweho n'ibihano by'Imana nibo bakwiye gusuzugurika.
2. Kuba abantu batandukanye mu nzego imbere y'Imana, hashingiwe ku kwiyongera k'ukwemera kwabo no kugabanyuka kwako, ndetse nibijyana n'ibyo.
3. Kuba abayahudi ari babi byatumye bagerwaho n'ibihano by'Imana birimo imivumo no guhindurwa ibindi biremwa no gusenga ibigirwamana.
4. Harimo guhamya ibikorwa by'Imana bishingiye ku bushake bwayo, byaba imivumo, uburakari, ubushobozi kandi ko Imana ikora icyo ishaka.
5. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Buri bantu bahinduwe ibindi biremwa, ntabwo bashobora kororoka" inkende zari zinariho mbere.
6. Ni uko ibihano bigomba kuba bijyane n'igikorwa cyakozwe, abayahudi bakoze igikorwa kigaragara ko ari ukuzirura kandi kizira.
7. Ni uko abayahudi bahindutse abasenga ibigirwamana, kandi nta gushidikanya ko nanubu batakibisenga.

Gihamya ya gatatu:

[3] Ijambo ry'Imana rigira riti "Naho abarushije abandi ijambo (muri bo) baravuga bati "Rwose aho bari bari tuzahagira urusengero".

- Ijambo rigira riti “Naho abarushije abandi ijambo (muri bo) baravuga bati”: Ibi byavuzwe n’abayobozi barahira banashimangira.

1. Ayat ziri mu nkuru y’abantu ba Kah’fi zigaragaza ko ubushobozi bw’Imana buhambaye cyane kandi bwuzuye.
2. Zimwe mu mpamvu zo kubaka imisigiti hejuru y’imva, ni ugukabya mu kubaha abari muri izo mva.
3. Gukabya mu kubaha imva nubwo kwaba ari gukeya, bishobora gukurura ibirenzeho.

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Abi Saidi (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Muzakurikira imigenzo y’ababayeho mbere yanyu, ikirenge ku kindi, nibaninjira mu mwobo w’inyaga namwe muzawinjiramo” Baravuga bati: Yewe ntumwa y’Imana! Abo ni abayahudi n’abakirisitu? Aravuga ati “Abandi ni abahe?” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Gihamya ya gatanu:

Imvugo yakiriwe na Muslim, ayikomoye kuri Thawuban (Imana imwishimire) ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Imana yanyegereje isi maze mbona uburasiravuba bwayo n’uburengerazuba bwayo, kandi ubwami bw’abantu banjye buzagera aho neretswe, kandi nahawe ibigega by’imitungo bibiri, igitukura n’icyumweru, kandi nasabiye abantu banjye kuri Nyagasani wanjye ko atazabarimbuza amapfa n’inzara rusange, kandi ko atazabateza umwanzi utari muri bo ubwabo, maze akazirura icyubahiro cyabo, nubwo babateraniraho baturutse imihanda yose, kugeza ubwo bamwe barimbuye abandi, bamwe batwara ho abandi iminyago”. Yakiriwe na Al Bur’qaniy mu gitabo cye cy’ukuri, yongeyeho agira ati “Kandi mu by’ukuri, ntinyu ku bantu banjye abayobozi bayobya, umuhoro n’ubageraho, ntabwo uzegurwa kuzageza k’umunsi w’imperuka, kandi imperuka ntizabaho umuntu muzima mu bantu banjye atagiye mu babangikanyamana, kugeza ubwo amatsinda menshi mu bantu banjye bazasenga ibigirwamana, kandi ko mu bantu banjye hazabamo ababeshya ko ari intumwa mironko itatu, kandi ninjyewe ntumwa ya nyuma, nta ntumwa izaza nyuma yanjye, kandi bamwe mu bantu banjye bazahama ku kuri, ntibazaterwa ingorane n’abazabatererana, kugeza ubwo itegeko ry’Imana riziye”.

- Ijambo rigira riti “Sunanu (imigenzo)” bisobanuye inzira.
- Ijambo rigira riti “Ikirenge ku kindi” harimo kugaragaza uburyo bukomeye bwo kwisanisha nabo cyane.
- 1. Kuba bamwe muri uyu muryango (Umat) basenga ibigirwamana, kuko ari imwe mu migenzo y’abababanjirije, ko twebwe tuzabakurikira.
- 2. Ni ngombwa kumenya uko abatubanjirije bari bahagaje mu kwemera, kugira ngo tubashe kwirinda ibyirindwa muri byo, kandi ibyinshi muri ibyo biri muri Qor’an na Sunat, ntutugomba rero kubakurikira mu bituma twigomeka ku Imana.
- 3. Kuba abasangirangendo baratangajwe no kuba twebwe dukurikira imigenzo y’abatubanjirije, nyuma yo kugerwaho n’umuyoboro.
- 4. Buri uko igihe kibaye kire kire hagati y’abantu n’ubutumwa bw’Imana, niko abantu bibyo bihe barushaho kujya kure y’ukuri.
- Ijambo rigira riti “Ibigega by’imitungo y’imituku n’imyero” ni Zahabu na Feza, ibigega byari ibya Kisira na Kayizari.
- Ijambo rigira riti “Nasabiye abantu banjye kuri Nyagasani wanjye” intumwa Muhamadi yasabye ibintu bitatu, yahawemo bibiri gusa icya gatatu arakimwa:
- 1. Ko Imana itazarimbuza abantu be ni inzara rusange: Kuba Imana itazateza abantu bose amapfa n’inzara ibarimbura.
- 2. Kuba abahakanyi batagomba kuzigarurira umuryango wa Kislamu uko wakabaye.
- 3. Kuba umuryango (Umat) utagomba gusubiranamo ubwawo ku bwawo, iki cya nyuma intumwa Muhamadi ntabwo yagihawe.
- Ijambo rigira riti “Abayobozi bayobya” intumwa yakubiye ubwoba bwayo bwose ku abayobozi bayobya, kandi ijamba Imamu rikoresheye ku:
- 1. **Ibyiza:** Imana yaravuze iti “Kandi bamwe muri bo (bene Isiraheli) twabagize abayobozi bayobora ku bw’itegeko ryacu, ubwo bihanganaga bakanemera amagambo yacu batayashidikanyaho”.
- 2. **Ibibi:** Imana yaravuze iti “Twanabagize abayobozi bahamagarira (abantu) kugana umuriro, kandi ku muni w’imperuka ntibazarokorwa”.
- Ijambo rigira riti “Umuhoro nubageraho ntuzegurwa” Ibi ni ibyabayeho guhera ubwo Othuman (Imana imwishimire) yicwaga, kubera ubu.
- Ijambo rigira riti “Kugeza ubwo amwe mu matsinda y’abantu banjye basenze ibigirwamana” kubeza ubwo abenshi mu dutsiko tw’abantu banjye bazasenga ibigirwamana.
- Ijambo rigira riti “ababeshya ko ari intumwa mirongo itatu” ibi biri mu rwego rwo kugaragaza ubwinshi bwabo, cyangwa se kugaragaza umubare nyakuri wabo.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

- Icyamba mbere:** Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Nisau igira iti “Bemera ibigirwamana n’amashitani”.
- Icyamba kabiri:** Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Maidat, igira iti “Banasenga ibigirwamana”
- Icyamba gatatu:** Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Kah’fi igira iti “Rwose aho bari bari tuzahagira urusengero”. Kubera ko ubwo ababayeho mbere basenze ibigirwamana, no muri aba bantu b’intumwa Muhamadi hazabamo abasenga ibigirwamana n’ibishushanyo.

Icya kane: Ari nacyo ngombwa kurusha ibindi, kwemera ibigirwamana n'amashitani ni iki? Ese aha ngaha ni ukwemera kuvuye k'umutima? Cyangwa ni uguhuza n'ababikora cyangwa bimwe muri byo no kumenya ko bitari ukuri? [1] Umuntu aba ahakanye igihe yemeranyije nabo ku ibigirwamana ari ukuri. [2] Ntabwo yaba ari umuhakanyi, aramutse ahuje nabo ariko ntiyemere ko ibigirwamana ari ukuri.

Icya gatanu: Ijambo ryabo rigira riti: Mu by'ukuri, abahakanyi bazi ubuhakanyi bwabo, abo baba barayobotse kurusha abemera (bisobanuye ko iri jambo ari ubuhakanyi bukura umuntu mu idini, kubera gufata ubuhakanyi ukabushyira imbere y'ukwemera).

Icya gatandatu: ari nacyo kigambiriwe mu gusobanura, koi bi ari ngombwa ko bibaho muri uyu muryango (Umat) nkuko byaje muri Hadith ya Abi Saidi (Ibi bikaba bikubiyemo kuburira).

Icya karindwi: Kugaragaza ko gusenga ibigirwamana bizabaho, muri uyu muryango no mu bantu benshi.

Icya munani: Igitangaje kurusha ibitangaje byose ni ukubona umuntu aje yiyita intumwa, nka Al Mukh'tar kandi yaravuze Shahada ebyiri, akanemera ko ari muri uyu muryango (Umat), anemera ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari ukuri, na Qor'an ari ukuri harimo y'uko intumwa Muhamadi yasozereje intumwa n'abahanuzi, ibyo byose bikemerwa, hamwe nuko binyuranye k'uburyo bugaragara, uwo Al Mukh'tar yagaragaye mu bihe bya nyuma by'abasangirangendo, ayobokwa n'abantu benshi (Al Mukh'tar yari mwene Abi Ubayid Al Thaqafiy).

Icya cyenda: Inkuru nziza ivuga ko ukuri kugihari kose nkuko byari bimeze mbere, ko hari itsinda rikiri ku ukuri (muri uyu muryango rikazahora rirokorwa kuzageza k'umunsi w'imperuka).

Icya cumi: Igitangaza gihambaye nuko hamwe no kuba iryo tsinda ari bakeye, nta ngorane rizaterwa n'ababatereranye cyangwa abo batavuga rumwe naryo.

Icya cumi na rimwe: Iyo niyo condition kuzageza igihe imperuka izaba yegereje.

Icya cumi na kabiri: Harimo ibitangaza bihambaye kuba intumwa Muhamadi yaravuze ko Imana yamweretse uburasirazuba n'uburengerazuba, abivuga atyo, biza kubaho nk'uko yabivuze, bitandukanye n'amajyepfo ndetse n'amajyaruguru, no kuba yaravuze ko yahawe ibigega bibiri, anavuga ko yemerewe ubusabe ku bantu be bw'ibintu bibiri ariko anavuga ko yangiwe icya gatatu, anahanura kuzabaho umuhoro, kandi ko nuramuka umanutse utazegurwa, anahanura ko abantu bazasubiranamo bamwe bakamara abandi, bamwe bakanagira iminyago abandi, anagaragaza ko afitiye ubwoba bwinshi abayobozi bayobya abantu, anahanura ko hazabaho abazaza biyita abahanuzi muri uyu muryango (Umat), anahanura ko hari itsinda rizahora ku ukuri rihabwa instinzi, ibi byose kandi byabayeho nkuko yabivuze, hamwe nuko buri kintu muri biriya yavuze biri kure y'ubwenge.

Icya cumi na gatatu: Kuba ubwoba bw'intumwa Muhamadi atinya abayobozi bayobya, ari ku abantu be gusa.

Icya cumi na kane: Kugaragaza ko gusenga ibigirwamana (Bidasaba kujya rukuu cyangwa kubyubamira, ahubwo harimo no gukurikira abayobozi bayobya).

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

IKIZAMINI KU IBICE BIBIRI ICYA KANE N'ICYA GATANU (AMASOMO 5)

IKIBAZO CYA MBERE: Vuga amasomo akubiye muri ibi bice bibiri, unagaragaze aho buri somo rihuriye n'igitabo:

Umutwe w'isomo:

Impamvu umwanditsi yazanye iri somo

.....	
.....	
.....	
.....	
.....	
.....	
.....	
.....	

IKIBAZO CYA KABIRI: Shyira ikimenyetso (☒) mu myanya wabugenewe cyangwa wuzuze imyanya ituzuye:

- Gukabya mu kubaha abakiranutsi niyo ntandaro y'ibangikanya kuva kera ndetse n'ubu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Gukabya ni: No mu bibi byabyo.....
- Ibigeragezo by'imva, ni nk'ibigeragezo by'ibigirwamana, ahubyo iby'imva birakaze kurushaho: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Gushyira imitako ku imva, no kuzishyiraho amatara no kuzegura no kuzandika hejuru, no kubaka hejuru yazo za Quba, no kuzishyiraho ibikinga no kwakira abazisura, no gutanga amafaranga mu kuzitunganya: Ni ngombwa ☐ Kirazira ☐.
- Umwanditsi yaravuze ati "Gusura imva y'intumwa ni kimwe mu bikorwa byiza cyane. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Gukurikirana ibisigisigi by'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) Ni byiza ☐ Hari ibisobanuro birambuye ☐ Kirazira ☐.
- Kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarakubiye ubwoba be ku bantu be ku.....
- Kuba bijyanye no kuba umwanditsi w'igitabo yarazanye Ayat eshatu mu isomo rigira riti: Isomo rivuga ko bamwe mu bantu b'iyi umat basenga ibigirwamana? Ntabwo bijyanye ☐. Bisobanurwa na Hadith ☐. Muri bimwe mu bitabo harimo amakosa ☐.
- Abantu kubyerekeye abakiranutsi barimo ibice: Ibice bibiri n'icyo hagati ☐. Abakabya n'abapfobya ☐.
- Gukunda abakiranutsi birangwa no kubasabira, no kubakurikiza no kubafataho ubumenyi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Gukabya mu kubaha abakiranutsi ntabwo ariyo mpamvu yonyine y'ubuhakanyi, ariko niyo mpamvu ikaze kurusha izindi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Ese gukabya byinjira no mu bikorwa by'amasengesho? Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Niba umuntu adashobora kwibuka gusenga Imana atabonye ibibumba by'abakiranutsi, ayo masengesho aba afite ikibazo cyangwa se atanariho. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Ijambo rigira riti "Umugaragu w'Imana n'intumwa yayo" ni igisingizo cyiza kandi cyubahitse cy'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Al Itwirau ni:Na zimwe mu ngero zabyo.....
- Ijambo rigira riti "Ntimuzanzamure cyane" rikubiyemo buri kintu cyase gisa no gukabya kw'abakirisitu n'ibiri muni yabyo. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Gukabya biba ku: Gusingiza ☐, Gusenga ☐, Ibikorwa ☐, ibyavuzwe byose ☐.
- Al Mutanatwiuna ni bande?
- Ijambo rigira riti "Yarimbuye" ikigambiriwe ni ukurimbuka: Idini ☐, Imibiri ☐, Ibyavuzwe byose ☐.
- Idini ry'Imana riba hagati yo gukabya no gupfobya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

21. Ijambo Al Mutanatwiuna rigaragarira ku: Amagambo ☐, Kuvuga ☐, Ibyatambutse byose ☐.
22. Umat ya Kislamu yose yemeranywa ko Husein yari afite umutwe umwe, ariko ibiriho ni uko afite imitwe irenga itanu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
23. Ibangikanya ryabaye bwa mbere ryakomotse mu bantu ba: Adam ☐, Nuhu ☐, Ibrahim ☐.
24. Ikintu cya mbere abantu bakoresheje mu guhindura idini ry'intumwa n'abahanuzi ni ibangikanya, bitewe no gukabya mu kubaha abakiranutsi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
25. Umuntu ushaka ko idini rye rikomera akoresheje ibihimbano, uwo ingaruka kuri we zizaba nyinshi kurusha inyungu ze. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
26. Buri kintu cyose gikorwa nk'isabukuru ngaruka mwaka, kwezi cyangwa cyumweru, kandi kitarashyizweho n'idini icyo kintu kiba ari: Igihimbano ☐, Cyemewe ☐, Sunat ☐.
27. Ibihimbano niyo ntandaro y'ubuhakanyi: Nibyo ☐ Sibyo ☐, Kuko guhakana Imana bifite impamvu nyinshi zitandukanye.
28. Impamvu yo kubura ubumenyi: Ni ugupfa kw'abamenyi ☐, Kuzindara ☐, Kutita k'ubumenyi ☐. Gutwarwa cyane n'ibyi isi ☐, Ibyo byose byavuzwe ☐.
29. Gusura amarimbi: Mu buryo bwemewe n'idini ☐, Mu buryo buhimbano ☐, Mu buryo bw'ibangikanya ☐, Ibyo byose byavuzwe ☐.
30. Gusura amarimbi ugamiye kugirira akamaro abapfuye, biremewe mu rwego rw'idini: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
31. Buri kintu cyose kiba intandaro yo kubuza abantu idini yabo cyitwa: Ikigeregezo (Fitina) ☐, Cyitwa igihimbano ☐, Ubuyobe ☐.
32. Ijambo rigira riti "Umuvumo w'Imana ube ku Abayahudi": Ni ubusabe basabiwe ☐, Ni inkuru itumenyesha ko Imana yabavumye ☐, Ibyo byose ☐.
33. Kugira imva Imisigiti: Kuzubamaho ☐, Kuzubakaho insengero ☐, Ibyo byose ☐.
34. Indi mvugo igira iti "Hatinywa ko" uwatinye ni: Intumwa Muhamadi ☐, abasangirangendo ☐.
35. Ntabwo imva y'intumwa yagaragajwe kubera ko: Hatinywaga ☐, Yatinyaga ☐, Buri ntumwa ishyingurwa aho yapfiriye ☐, Ibyo byose ☐.
36. Imva ye yagaragajwe, bisobanuye:
37. Itegeko ryo kuvuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari umukunzi w'Imana: Biremewe ☐, Ni ukugabanya ku kuri kwe ☐, Ni byiza ☐.
38. Kuvuga ko Ibrahim ari inshuti magara y'Imana, na Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) umukunzi w'Imana: Biremewe ☐, Ni byiza ☐, Ntibyemewe ☐.
39. Ijambo Al Khulat (inshuti magara), ntawundi ryavuzweho usibye: Ibrahim ☐, Ibrahim na Muhamadi ☐, Kuri bo bombi no ku bandi ☐.
40. Umuntu wubatse umusigiti ku imva: Imva iratabururwa ☐, Umusigiti urasenywa imva igasigara.
41. Isengesho ntiryererwa (Ku ☐, Hejuru ya ☐, Mu ☐, Byose ibyavuzwe ☐) amarimbi.
42. Abantu baratandukanye ku: Gukora ibyiza ☐, ugukora ibibi ☐, Byose ibyavuzwe ☐.
43. Abantu babi ni babandi: Imperuka izasanga ku isi ari bazima ☐, Ni abagira amarimbi insengero ☐, byose ibyavuzwe ☐.
44. Ni ngombwa kugendera kure: Ibangikanya ☐, Ibanisha byose ku ibangikanya ☐, byose ibyavuzwe ☐.
45. Gutangira isadaka ku imva nta kibazo kirimo, kuko icyabujijwe ni ukuhasengera gusa. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
46. Kwisanisha n'ababangikanyamana ni icyaha gikomeye: Igihe umuntu agamiye kwisanisha ☐ Yaba agamiye kwisanisha cyangwa ataribye agamiye ☐.
47. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaburiye abantu bagira amarimbi insengero: Akiriho ☐, Mbere yo gupfa kwe ho iminsi itanu ☐, Mu mvugo ☐, Ibyo byose byavuzwe ☐.
48. Ibyiza byo kwemera no gukora ibikorwa byiza, biruta ibyiza by'umuryango. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
49. Ijambo rigira riti "Ntimuzagire imva yanjye ikigirwamana" Ubwo busabe bw'intumwa bwarakiriwe ☐, Ubugenge n'ubuhanga bw'Imana bwazanye ibindi bitandukanye ☐.
50. Abagore gusura amarimbi ni kimwe mu byaha bikuru. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
51. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha): Yarinze Tawuhidi ☐ Yafunze buri muryango wose yaganisha ku ibangikanya ☐, Ibyo byose byavuzwe ☐.
52. Ijambo rigira riti "Amazu yanyu amarimbi": Bisobanuye kutayashyinguramo abapfuye ☐ Ntimukabure gusengera mo ☐, Ibyo byose byavuzwe ☐.
53. Gusura imva y'intumwa Muhamadi, singombwa gufata urugendo kandi ntidukiye gusura imva ye kenshi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
54. Gusabira intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bikorerwa: Ku imva ye, umuntu ugiye Madina agirwa inama yo gusabira intumwa Muhamadi ☐, aho ariho hose (Ntaho wowe utandukaniye nuri

- muri Andalos) ☐.
55. Ijambo rigira riti “Imva yanjye umunsi mukuru”, bisobanuye
 56. Ibangikanyamana ntirishobora kubaho muri uyu muryango (Umat), kuko uyu muryango warinzwe kubangikanya. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 57. Ijambo rigira riti “Ese ntiwamenye (yewe Muhamadi) abahawe ingabire yo gusobanukirwa igitabo (Tawurati)?” ntibahawe igitabo cyose ahubwo baracyimwe cyose kubera ibyaha byabo. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 58. Ubumenyi ntiburinda nyirabyo kugwa mu byaha. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 59. Ese abahinduwe inkende n’ingurube barorotse bariho? Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 60. Gukabya mukubaha imva mubwo byaba gakeye, bishobora gutuma ukora ibirushijeho: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 61. Nta cyaha na kimwe wasanga muri uyu muryango (Umat) usibye ko usanga gifite inkomoko mu bantu babayeho mbere: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 62. Ubwo umuryango wacikagamo ibice bamwe bagatangira kurimbura abandi, Imana yabateje umwanzi utabakomoka mo. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
 63. Umuyobozi aba umuyobozi mu: Ibyiza gusa ☐ Mu byiza no mu bibi byose ☐.
 64. Ikintu gihambaye gitinyirwa uyu muryango (Umat): Ni abayobozi b’ibibi ☐ Abakurikira imigenzo y’Abayahudi n’Abakirisitu ☐.
 65. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yasabye Imana ku bintu bitatu, yemererwa bibiri gusa aribyo: 1:.....2: yangirwa icya gatatu, aricyo:.....

ICYA GATANDATU: IBIKORWA BYA SHITANI (AMASOMO 7)

[24] ISOMO KU IBYAVUZWE KU
UBUROZI

- Uburozi ntibushobora kubaho budaturutse mu nzira z'ibangikanyamana, kuko amashitani ntacyo afasha umuntu nta nyungu amushakaho, aribyo gushuka umuntu no kumushora mu ibangikanyamana ndetse n'ibyaha.

Gihamya ya mbere n'ya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi rwose bari bazi neza ko ubuhisemo (uburozi) nta mugabane (ibihembo) azagira ku muni w'imperuka".

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Bemera ibigirwamana n'amashitani" Umari yaravuze ati "Al Jibit: Ni uburozi, naho Twaghut: Ni amashitani", na Jaber yaravuze ati: (A Twawaghit: ni abapfumu bamanukirwaga n'amashitani, muri buri mudugudu habagamo umwe).

- Ijambo rigira riti "**Ubuhisemo**" kubwiga.

- Ijambo "Twaghut, risobanuye: Shitani" ni igisobanuro cyo kugererana, kuko Twaghut ni ijambo rikubiyemo byinshi kurusha ijambo Shitani.

ESE URUHARE RWO GUSOBANUKIRWA IGITABO BARIYA BIMWE
NI URWI IGITABO CYOSE, CYANGWA NI URWI IGICE KIMWE
CYACYO?

Imvugo ya mbere: Ni uko ayat ziba zajemo ibihano tugomba kuzireka zigatambuka uko zaje, ntibikwiye kandi kugerageza kuzihuza na ayat zitanga ihumure ry'imbabazi kugira ngo tutazigabanyiriza agaciro, kubera ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi nta kindi twoherereza ibimenyetso usibye gutinyisha abantu" kuko Imana yazanye ayat mu buryo bwo gutinyisha no gutera ubwoba abakora iki gikorwa.

Imvugo ya kabiri: Ni uko ayat z'ibihano zifatanywa n'izihumure, kwimwa uruhare rwo gusobanukirwa igitabo mu buryo burambuye:


Kwimwa uruhare rwo gusobanukirwa igitabo burundu: Ni igihe umuntu akoze uburozi yifashishije amashitani.

Kwimwa uruhare rwo gusobanukirwa igitabo burundu: Ni igihe uburozi bwakoreshejwe amagambo ni byatsi.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire), intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati **“Nimwirinde ibintu birindwi byoreka, baravuga bati: Ni ibihe yewe ntumwa y'Imana? Aravuga ati “Kubangikanya Imana, kuroga, kwica umuntu Imana yaziririjwe kwicwa bidaciye mu kuri, kurya Riba, kurya umutungo w'impfubyi, guhunga urugamba no kubeshyera abagore biyubashye kandi b'abemera ubusambanyi”.**

- Ijambo rigira riti “Nimwirinde” bisobanuye ngo nimureke kandi mugendere kure, kuburyo bijya kure yanyu cyane.
- Ijambo rigira riti “Ibintu birindwi” ntabwo ibi bivuga umubare nyakuri, kuko hari ibindi byoreka bitari ibyo.
- Ijambo rigira riti “Kurya Riba” bisobanuye kuyakira waba wayikoresheje mu guhaha cyangwa kugura ibikoresho byo mu nzu, Riba kandi bisobanuye kurutisha ikintu kimwe ikindi mu bintu byakagombye kunganya agaciro, no kugurisha ikintu kidahari ku masezerano mu buntu byakagombye kuba birererekanywa, ubu bwoko bugabanyijemo ibice bibiri: [1] Ribal Fadwilu (kongera) [2] Riba Nasiat (y'ubukererwe).
- Ijambo rigira riti “Kurya umutungo w'impfubyi” Impfubyi: Ni umwana wapfushije Ise mbere yuko ageza ku mwaka y'ubukure, yaba umuhungu cyangwa umukobwa.
- Ijambo rigira riti “Guhunga urugamba” ni ugusubira inyuma igihe cy'intambara gahati y'abayisumu n'abahakanyi.
- Ijambo rigira riti “Kubeshyera abagore biyubashye b'abemerakazi” ni ukubeshera umwemerakazi ko yakoze ubusambanyi.



“GUHUNGA URUGAMBA BIREMEWE MU BIHE BITATU:

Imana yaravuze iti “N’uzaramuka abahunze uretse ku bw’amayeri y’urugamba”. Nk’umuntu uvuye mu murongo kugira ngo atunganye ibikoreshe bye, cyangwa kugira ngo ace mu rundi ruhande.

Imana yaravuze iti “Ugiye kwifatanya n’irindi tsinda (ry’abemera)”. Nk’umuntu uvuye mu murongo kugira ngo yifatanye n’irindi tsinda byihutirwa, ibyo byemewe igihe bitatera ikibazo mu ngabo.

Ndetse n’igihe umwanzi (abahakanyi) baruta inshuro ebyiri abayislamu: icyo gihe biremewe guhunga.

Gihamya ya kane kugeza kuya karindwi:

[4] Invugo yaturutse kuri Jundub ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), iviga ko “Igihano cy’umurozi ari ukwicwa” Yakiriwe na Tir’midhiy.

[5] Invugo yakiriwe na Bukhariy mu gitabo cye cy’ukuri, ayikomoye kuri Bajalatu mwene Abadata yaravuze ati “Umari mwene Khatwabi yanditse urwandiko ko abarozi bose ab’abagore n’ababagabo bicwa, awakiriye Hadith aravuga ati “Icyo gihe twishe abarozi batatu”.

[6] Invugo y’ukuri yaturutse kuri Aisha (Imana imwishimire) ko yategetse kwica umujakazi we wamuroze, maze aricwa.

[7] Invugo nanone y’ukuri yaturutse kuri Jundub, Ahmad yaravuze ati: Yakomotse ku abasangirangendo batatu b’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha).

NI IRIHE TEGEKO RIREBA UMUROZI?

Invugo ya mbere ni iya (Muhamadi mwene Abdul Wahab):

Ivuga ko uburozi bwose ari ubuhakanyi, kandi umurozi agomba kwicwa nta mpaka, ukwicuza kwe kukazaba ku Imana.

Invugo ya kabiri ni iya (Imamu Shafiy (Imana imugirire impuhwe): Iyi niyo mvugo Ibun Uthayimin yemeje ko ariyo y’ukuri.

Uburuzi bw’amagambo n’ibyatsi:

Itegeko ry’ubukoze ni nk’itegeko ry’umuntu wahohoteye undi, agomba kwicwa kubera kubahiriza itegeko ry’Imana kubera ko ari umuyislamu.

Uburuzi bw’amashitani:

Ubukoze aba avuye mu idini, asabwa kwicuza, yakwicuza tukamwica twubahiriza itegeko ry’Imana kuko ari umuyislamu, naho iyo aticujije, nabwo turamwica kubera ko ari umuhakanyi wavuye mu idini.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Baqarat igira iti “Kandi rwose bari bazi neza ko ubuhisemo (uburozi)”.

Icya kabiri: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Nisau igira iti “Bemera ibigirwamana n’amashitani”.

Icya gatatu: Gusobanura amagambo **Jibit** na **Twaghut**, no kugaragaza itandukaniro ryayo (**Al Jibit:** Ni buri kintu cyose kitarimo icyiza cyaba uburozi ndetse n’ibindi, naho **Twaghut:** Ni buri kintu cyose cyaba igisengwa, icyiyobokwa ndetse n’icyumvirwa, gituma umuntu arenga imbibe z’Imana).

Icya kane: Ni uko Twaghut rimwe na rimwe ishobora kuba mu ma Jini cyangwa se mu abantu (Iyo havuzwe Twaghut muri rusange haba hagamijwe kuvuga amashitani y’amajini, n’abapfumu ni amashitani y’abantu).

Icya gatanu: Kumenya ibintu birindwi byoreka, byabujijwe by’umwihariko.

Icya gatandatu: N’uko umurozi aba ari umuhakanyi.

Icya karindwi: Aricwa kandi ntahabwa igihe cyo kwicuza (Igihano cyagenwe n’Imana iyo kigeze k’umuyobozi, nyiracyo ntahabwa igihe cyo kwicuza, ahubwo aricwa uko byagenda kose, naho ubuhakanyi nyirabwo ahabwa igihe cyo kwicuza).

Icya munani: Kuba uburozi bwariho ku gihe cya Umar, ubu nyumaye byaba bimeze bite?.

Imvugo y’uko umurozi yicwa n’ubuyobozi ijyanye n’imisingi y’amategeko y’idini, kuko abarozzi bakora ubwononnyi ku isi, kandi ubwononnyi bakora burahambaye kurusha ubundi, kubica rero ni ngombwa k’umuyobozi, kandi ntibyemewe ko umuyobozi areka kubica, kuko bene nk’abo bantu iyo baretswe, ubwononnyi bwabo bukwira aho bari naho batari, ariko iyo bishwe abantu bakira ibibi byabo, ndetse n’abantu bagatinya gukoresha uburozi.

[25] ISOMO RYO KUGARAGAZA AMWE MU MOKO Y’UBUROZI

Nyuma y’uko umwanditsi avuze kubyerekeye uburozi, agiye kugusobanurira amwe mu moko yabwo kugira ngo umenye ko uburozi burimo amoko, hanyuma ubwirinde.

Gihamya ya mbere kugeza kuya gatanu:

[1] Ahmad yaravuze ati: Twabwiwe na Muhamadi mwene Jafar, tunabwirwa na Awufi, ayikomoye kuri Hayani mwene Al Alaai, twaganiriwe na Qutun mwene Qubayiswa ayikomoye kuri Ise ko yumvize intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) avuga ati “Mu by’ukuri, kubuzwa kujya mu rugendo n’inyoni, ndetse no gushushanya imirongo ku butaka mu rwego rw’uburozi no kwemera imyaku, ibyo byose biri muri Al Jibit” Al Hasan yavuze ko Al Jibit ari (Inzoga za Shitani).

[2] Imvugo yaturutse kuri Ibun Abas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Umuntu wize akanakoresha ibijyanye n’inyenyeri, uwo aba akoze kimwe mu bice by’uburozi, arenzaho ibyo yarengejeho” Yakiriwe na Abu Dauda.

[3] Imvugo yakiriwe na A Nasaiy muri Hadith yakiriwe na Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati “Uzapfundika ipfundo maze yarangiza akavumagura mo, uwo aba akoze uburozi, n’ukoze uburozi aba abangikanyije Imana, n’umuntu wiringiye ikintu kiramwokama”.

[4] Na Hadith yaturutse kuri Ibun Mas’udi, ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yavuze ati “Ese mbabwire Al Adwutu icyo aricyo? Ni amagambo abunzwa mu bantu” Yakiriwe na Muslim.

[5] Hadith yaturutse kuri bo nanone bayikomoye kuri Ibun Umar (Imana imwishimire), yavuze ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yavuze ati “Mu by’ukuri, amagambo asobanutse neza ni uburozi”

- Ijambo “Al Iyafat” ni ukubuzwa n’inyoni gusohoka wikanga imyaku.
- Ijambo “A Twar’qa” ni ugukubita ku mucanga mu nzira zo kuroga n’ubupfumu.
- Ijambo “A Twiyarat” Ni ukwiringira imyaku ishingiyeye ku bintu bizwi, ibigaragara cyangwa ibyumvwa, cyaba igihe cyangwa ahantu.
- Ijambo “Ranatu Swayitwani” ni ibishuko bya Shitani.
- Ijambo “Al Adwuhu” bisobanuye gukata no gutanya, n’impamvu iri jambo ryazanywe mu isomo ry’uburozi? Kugira ngo agaragaze ko gutanya ariyo ntego ya buri wese ubunza amagambo n’umurozi, ariko ibyo ubunza amagambo yangiza biruta iby’umurozi.

**UBUMENYI BW’INYENYERI
BURIMO IBICE BIBIRI:**

Ubumenyi bwemeza ko inyenyeri zifite uruhare mu bibera ku isi:

Ni ugukoresha ibihe by’inyenyeri mu kugaragaza ibibera ku isi.

Ubumenyi bwemeza ko inyenyeri zifite uruhare mu bibera ku isi:

Ni ukubukoresha mu kumenya ibyerekezo, ibihe n’aho Qiblat yerekeye.

Ibangikanya ritoya:

Ni igihe umuntu yemera ko inyenyeri arizo ntandaro y’icyabaye kandi Imana itarazigize impamvu zo kumenya ibyihishe.

Ibangikanya rikuru:

Ni igihe umuntu yemera ko inyenyeri arizo zitera ibiriho kubaho ubwazo, kandi ko hari icyiza zishobora kuzanira umuntu cyangwa zikamukiza ikibi

Biremewe:

Ni igihe umuntu akoresha ubumenyi bw’inyenyeri mu kumenya ibihe n’ahantu, Imana yaravuze iti “(Yanabashyiriyeho) ibimenyetso(bibayobora ku manywa) ndetse n’inyenyeri (zibayobora nijoro) kugira ngo bayobokeye (aho bagana)”

Itegeko:

Ubusanzwe buri kintu cyose gituma itegeko ribasha gukorwa nacyo kiba ari itegeko, nk’umuntu uri mu butayu agakenere kumenya aho Qiblat iherereye.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

- Ijambo “Al Bayanu” ni ukuvuga imvugo zisobanutse kandi zinogeye amatwi kuburyo zigarurira imitima y’abantu zikanahindura ibitekerezo byabo, bigabanyijemo ibice bibiri:

1. **Ibishimwa:** Bigamije guhamya ukuri no gusenya ikinyoma.

2. **Ibitari byiza:** Bigamije kuburizamo ukuri, no guhamya ikinyoma.

- Ni iyise sano iri hagati ya Al Bayanu n’uburozi? Ni uko Bayanu mbi itemewe hamwe n’uburozi byombi bihuriye kuguhindura ukuri.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni uko ijamba Al Iyafat na A Twar’qu ndetse na A Twiyarat byose bibarirwa mu ibigirwamana (Al Jibiti).

Icyamba kabiri: Ni ugusobanura ijamba Al Iyafat na A Twar’qu.

Icyamba gatatu: Ni uko ubumenyi bw’inyenyeri, ari bumwe mu bwoko bw’uburozi (Ubumenyi bwemeza ko inyenyeri zifite uruhare mu bibera ku isi).

Icyamba kane: Kuzirika amapfundo no kuyavuma mu nabyo biri muri ibyo.

Icyamba gatanu: Ni uko ukubunza amagambo mu bantu nabyo biri muri ibyo (Kuko nabyo bitanya abantu nk’umurozi).

Icyamba gatandatu: Ni uko muri ibyo harimo na zimwe mu imvugo ziriyoshye (Kuko umuntu w’umuvuzi mwiza rimwe na rimwe ashobora guhindura ibintu).

[26] ISOMO RY'IBIVUGWA KU ABAPFUMU
N'ABANDI NKABO.

Ubu ni bumwe mu buryo bwiza bwo gupanga, nyuma yuko ugusobanuriye uburozi icyo aricyo ndetse na bumwe mu bwoko bwabwo, agiye kugusobanurira umupfumu uwo ariwe, ukubita mu mucanga ndetse n'ukoresha inyenyeri, anagaragaza itegeko ryo kujya kuri abo bantu, n'uburyo bwo kubajyamo.

Gihamya ya mbere kugeza kuya kane:

[1] Imvugo yakiriwe na Muslim mu gitabo cye cy'ukuri ayikomoye kuri bamwe mu bagore b'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), barikomoye ku intumwa Muhamadi yaravuze ati "Umuntu uzajya k'umupfumu akagira icyo amubaza maze ukemera ibyo amubwiye ko ari ukuri, uwo amasengesho ye ntashobora kwakirwa mu gihe cy'iminsi mirongo ine".

[2] Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Umuntu uzajya k'umupfumu, maze akemera ibyo amubwiye, uwo azaba ahakanye ibyahishuriwe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)" Yakiriwe na Abu Dauda.

[3] Imvugo yaturutse ku bantu bane ndetse na Al Hakim – avuga ko iyi mvugo ari ukuri hashingiwe kubyo bagenderaho – "Umuntu uzajya k'umuntu uvuga ko azi ibyihishe cyangwa umupfumu, maze akemera ibyo avuga, uwo azaba ahakanye ibyahishuriwe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). [4] Indi mvugo yaturutse kuri Abi Yaala, k'urushorerane rw'ukuri, ayikomoye kuri Ibun Mas'udi mu mvugo nk'iyi ngiyo.

- Ijambo rigira riti "Uzaramuka agiye k'umupfumu" kujya k'umupfumu bikorwa mu buryo bwinshi, kwicarana nawe, kumuhamagara, kumutumaho intumwa cyangwa kumwandikira urwandiko, kureba za Televiziyo zabo, gusura imbuga zabo za internet, kugura ibinyamakuru byabo cyane cyane bimwe birimo ibijyanye no gukorana n'inyenyeri, kumva ibyo bavuga, ibi byose harimo ibibi byinshi.

- Ijambo rigira riti "Ntabwo amasengesho ye azakirwa" ni ukutazayabonera ibihembo kuko aba yarangijwe n'ibibi (kujya k'umupfumu gusa hatabayeho kwemera ibyo avuga).

- Ijambo rigira riti "Azaba ahakanye ibyahishuriwe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), aribyo Qor'an harimo ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Nta n'umwe mu bari mu birere no ku isi uzi ibyihishe uretse Allah" umuntu wemera ibyo umupfumu avuga mu bijyanye n'ubumenyi bw'ibyihishe kandi ubwe nawe azi neza ko nta bumenyi bwabyo afite, uwo aba ari umuhakanyi w'ubuhakanyi bukuru, Naho iyo ari injiji atemera ko muri Qor'an haba harimo ikinyoma, ubuhakanyi bwe buba ari ubuhakanyi butoya, hari igihe umuntu adashobora kwemera umupfumu ako kanya, ariko akazamwemera abonye icyo yashakaga.

- Ijambo rigira riti "Uvuga ko azi ibyihishe" iri ni izina rusange rikubiyemo umupfumu, ukoresha inyenyeri n'ukubita k'umucanga, n'abandi nkabo muri babandi bagaragaza ko ibintu bibaho bishingiye mubyo bakoze, buri wese uvuga ko ibyo abishoboye.

Gihamya ya gatanu:

Imvugo yaturutse kuri Im'ran mwene Huswein (Imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Umuntu ugarurwa n'inanyi cyangwa akemera umyaku y'inanyi, uragura n'uragurirwa, uroga n'urogesha ntabwo bari muri twe, kandi ugiye k'umupfumu akemera ibyo avuga, uwo aba ahakanye ibyahishuriwe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Yakiriwe na Al Bazari k'urushorerane rwiza.

Gihamya ya gatandatu:

Yakiriwe na none na Twabaraniy muri Al Awusatu k'urushorerane rwiza, muri Hadith ya Ibun Abasi, hatavuzwemo ijambo "Uzajya....." kugeza ku mpera yayo.

Al Baghawiy yaravuze ati "Al Arafu: Ni umuntu uvuga ko azi ibintu ashingiye k'utuntu twibanze, akabasha kugaragaza ibyibwe cyangwa aho icyazimiye gihereye n'ibindi nkabyo). Banavuga ko uyu ariwe mupfumu, kuko umupfumu nawe avuga ibyihishe bizabaho, banavuga ko ari umuntu uvuga ibiri mu mitima y'abantu.

Abul Abasi mwene A Tayimiyat yaravuze ati "Al Arafu: Ni izina ry'umupfumu n'ukoresha inyenyeri ndetse n'ukubita ku micanga n'abandi nkabo, mu abavuga ko bazi ibintu bashingiye ku nzira nk'izi".

- Ijambo rigira riti "Umuntu ugarurwa n'inanyi" hakubiyemo kuba ubwe agarurwa nayo, cyangwa abikorera abandi.
- Ijambo rigira riti "Cyangwa agakorerwa ibintu nk'ibyo" bisobanuye kuba yashaka ubimukorera, cyangwa akemera gukorera ibintu nk'ibyo.
- Ijambo rigira riti "Agakorerwa uburozi" kuko abenshi bavuga ku muntu urega umugabo we ati: Njyewe ndagukorera uburozi kandi ntacyo uri bukore, akibaza ko ibyo nta cyaha kuri we.

Gihamya ya karindwi:

Ibun Abasi yaravuze ku bantu bandika inyuguti za ABAJAD barangiza bakareba ku nyenyeri, ati "Ndabona ukora ibintu nk'ibyo ku Imana nta mugabane afite".

Kwiga ubumenyi bwo gukoresha inyuguti za ABAJAD birimo ibice bibiri:

1. **Ibyemewe:** Kuba dushobora kubwiga kugira ngo tubashe kubara interuro n'ibindi nkabyo, kandi abamenyi nanubu baracyabukoresha.
2. **Ibibujijwe:** Kuba ashobora gufatany ubwo bumenyi n'imigendekere y'inyenyeri uburyo zikaraga imirasire yazo no kurenga kwazo.

**ITEGEKO RYO KUJYA KUBAZA UVUGA KO AZI
IBYIHISHE N'ABANDI NKABO.**

Kumubaza bisanzwe: Ibyo ni kimwe mu byaha bikuru, nkuko tubisanga mu mvugo y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “Ntiyakirirwa amasengesho ye y'iminsi mirongo ine”	Kumubaza wemera ibyo avuga: Ibyo ni ubuhakanyi bukuru, kuko ari uguhakanya Qor'an.	Kumubaza ugamije kumugerageza: Ibyo biremewe, kugira ngo umenye ukuri kwe n'ibinyoma bye, atari ukugirango yemere ibyo avuga, ariko umuntu ukora nk'ibyo agomba kuba ari umuntu ubikwiye si uwo ariwe wese.	Kumubaza ugamije kugaragaza ko ntacyo ashoboye ndetse n'ibinyoma bye: Ibyo birakenewe cyangwa ni itegeko, ariko ubikora agomba kuba ari umuntu abikwiye si uwo ariwe wese.
---	--	---	--

BIMWE MU BIMENYETSO BY'UMUROZI:

1. Kuba ibyo akora binyuranyije n'ibigenderwaho kugira ngo Ruqiyat yemewe yemerwe.
2. Guhambira amapfundo no kuyavuma mo.
3. Kwandika inyuguti zibice bice n'amagambo adasobanutse.
4. Uburozi bwo gutanya ababana ndetse n'ubwo gukundanisha abatanye.
5. Kureba ku inyenyeri.
6. Gusoma mu kiganza no mu igerasi.
7. Kuba yabaza amazina ya nyina.
8. Kuba yavugaga ko azi ibyihishe.
9. Kuba yategeka umurwayi kunyuranya n'amategeko y'idini nko kureka iswala, cyangwa kureka kuvuga izina ry'Imana igihe agiye kubaga.
10. Kuba umurwayi yakwerekeza ibyiringiro bye byose k'umurozi aho kubyerekeza ku Imana.
11. Kuba umurozi ari mu bakunzi ba Shitani.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni uko kwemera umupfumu bitajya bijya hamwe no kwemera Qor'an (Kandi ibi ni bimwe mu buhakanyi buhambaye)..

Icya kabiri: Gutomara ijamba ubuhakanyi.

Icya gatatu: Kuvuga uwakorewe ubupfumu (Ko nawe ari nk'umupfumu mu kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarabihakanye).

Icya kane: Kuvuga uwakorewe ibijyanye n'imyaku y'inanyi.

Icya gatanu: Kuvuga uwakorewe uburozi (Ko umuntu usaba ko bamukorera uburozi, uwo aba ameze nk'abarozi mu bihano).

Icya gatandatu: Kuvuga umuntu wiga ibyerekeye ABAJAD (Hano hari ibisobanuro).

Icya karindwi: Kuvuga itandukaniro hagati y'umupfumu n'uvuga ko azi ibyihishe.

[27] ISOMO RY'IBIVUGWA K'UBURYO
BWO KUVURA UBURUZI.

Ubu ni uburyo bwiza bwo gupanga amasomo, nyuma y'uko umwanditsi avuga kubyerekeye uburuzi, yashatse kukubwira uburyo bwo kubuvura, kandi nta gushidikanya ko kuvura umuntu uburuzi ukoresheje uburyo bwemewe n'amategeko y'idini harimo ibyiza byinshi kuri wa wundi ubikora agamije kwishimirwa n'Imana.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Jabir, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabajijwe kubyerekeye kuvura uburuzi, maze aravuga ati "Ibyo ni bimwe mu bikorwa bya Shitani" Yakiriwe na Ahmad na Abu Dawuda.

Gihamya ya kabiri:

Ahmad yabajijwe kubyerekeye kuvura uburuzi, aravuga ati "Ibun Mas'udi yangaga ibyo bintu byose"

- Ijambo rigira riti "A Nushirat" ni ibintu byariho mu gihe cy'ubujiji bajyaga bakoresha muri icyo gihe.
- Ijambo rigira riti "Biri mu bikorwa bya Shitani" intumwa yabyitiriyeye Shitani mu buryo bwo kugaragaza ububi bwabyo no kubyangisha abantu.
- Ijambo rigira riti "Yanga ibyo" kwanga ikintu ku bantu bo ha mbere byasobanuraga ko kiziririjwe.
- Ijambo rigira riti "Yangaga ibyo byose" aribyo A Nushirat ariyo yashyizwe mu bikorwa bya Shitani, aribyo kuvuza uburuzi ubundi.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo iri mu gitabo cya Bukhariy yaturutse kuri Qatada: Nabwiye mwene Musayabi: Umuntu ufite uburuzi cyangwa utabasha kurongora umugore we, ese biremewe kuri we ko yakwivuzza uburuzi? Aravuga ati "Nta kibazo kuri we, kuko baba bashakaga gutunganya, kuko ibifite akamaro ntabwo byabujijwe" Irarangiye.

- Ijambo rigira riti "Twibu" bisobanuye uburuzi, birazwi ko ubundi ijamba Twibi rivugaga ubuvuzi, ariko uburuzi bwiswe Twibi mu rwego rwo kunyuranya.
- Ijambo rigira riti "Utabasha kurongora umugore we" ni umuntu ugera k'umugore we ntagire ubushake bwo kumurongora, kandi nta kindi kibazo afite, ubu ni bumwe mu bwoko bw'uburuzi.

Gihamya ya kane:

Imvugo yakiriwe na Al Hasan yaravuze ati (Ntabwo uburozi buvurwa n'utari umurozi).
 Ibun Qayim yaravuze ati (A Nushirat: Ni ukuvura uburozi mu uwarozwe, harimo ubwoko butatu:

Ubwoko bwa mbere: Ni ukuvura uburozi ubumeze nkabwo, ibyo bikaba aribyo biri mu bikorwa bya Shitani, ubu buryo nibwo bujyanye n'ijambo rya Al Hasan, ubuvura ndetse n'uvurwa bakambaza Shitani bayikorera ibyo ikunda maze Shitani igakura ibyo yari yashyize mu muntu warozwe.

Ubwoko bwa kabiri: Ni ukuvura uburozi ukoresheje Ruqiyat, n'amasura yo kwikingira n'ubusabe butandukanye ndetse n'imiti yemewe, ibyo biremewe).

NI GUTE TWASUBIZA ABAVUGA KO UBUROZI BUGOMBA KUVURWA N'UBUNDI?

1. Ni uko ibi bihabanye na Qor'an na Sunat ndetse bikaba binanyuranye n'ibyo abasangirangendo bariho ndetse n'abaje nyuma yabo (Imana ibagirire impuhwe).
2. Harimo guca intege kwivuza hakoreshejwe Qor'an ndetse n'ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
3. Harimo guha imbaraga uburozi n'abarozi no kubashumuriza rubanda rusanze.
4. Harimo kureka ibyizewe aribyo kwivuza ukoresheje Qor'an n'ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ugakoresha ibifite ugushidikanya aribyo kwivuza ukoresheje uburozi.
5. Ni ngombwa mukuvura uburozi m'uwarozwe ko ubikora ndetse n'ubikorerwa biyegereza Shitani bayikorera ibyo ikunda kugira ngo umukuremo ubwo burozi.
6. Umuntu warozwe ativuye akemera akihangana uwo aba afite ijuru, nk'uko byavuzwe n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
7. Kuvuza uburozi ubundi byongerera uwarozwe uburozi mu bundi yari asanganywe.
8. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yararozwe ariko ntivyurishije uburozi ahubwo yivuye akoresheje Ruqiyat yemewe n'amategeko y'idini.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni uko A Nushirat (kuvuza uburozi ubundi) bibujijwe.

Icyamba kabiri: Itandukanirwo hagati y'ibyabujijwe n'ibyemewe, k'uburyo bukuraho ugushidikanya. (Abavuga ko byemewe kuvuza uburozi imvugo yabo ijyana no gukoresha Ruqiyat n'amasura yo kwikingira n'imiti ndetse n'ubusabe, naho imvugo y'abatembera kwivuza uburozi, ijyana no kwivuza uburozi ukoresheje ubundi).

[28] ISOMO RY'IBIVUZWE KU KWEMERA IMYAKU
Y'INYONI (TATWAYUR)

- **Tatwayur:** Ni ikinyuranyo cya Tawuhidi: [1] Kuko uwizera imyaku y'inyoni aba yarakuye ukwiringira kwe ku Imana, hanyuma agasigara yiringiye ibitari Imana.
- [2] Kuko kwiringira ikintu kidafite ukuri, ahubwo ari baringa n'ibiyumviro, kandi Tawuhidi yo ni amasengesho no kwishingikiriza Imana.
- **Tatwayur:** Mu mategeko y'idini ni ukwemera imyaku ku bintu bigaragara cyangwa ibyumvwa cyangwa ibizwi haba igihe cyangwa ahantu:
1. Ibigaragara: Urugero umuntu abonye inyoni maze akagira ubwoba bw'uko iyo nyoni itinyitse cyangwa ifite ibara ryirabura.
 2. Ibyumvwa: Urugero umuntu ushaka gukora ikintu maze ukumva umuntu abwiye undi ati "Yewe wa munyagihombo we" maze akagira ubwoba bwo kugikora.
 3. Ibizwi: Ni nko kwemera imyaku kuri imwe mu minsi cyangwa amezi cyangwa imyaka cyangwa ahantu hamwe na hamwe.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

- [1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Nyamara ikibi kibageraho, mu by'ukuri kiba ari igeno rya Allah, ariko abenshi muri bo ntibabizi"
- [2] Ijambo ry'Imana rigira riti "(Intumwa) ziravuga ziti "Ni mwe mwishingiriye!"

- Ijambo rigira riti "Nyamara ikibi kibageraho, mu by'ukuri kiba ari igeno rya Allah" bisobanuye ngo ibibabaho byose yaba amapfa n'inzara biba biturutse ku Imana niyo iba yabigennye Mussa n'abantu be nta ruhare babigiramo, ahubwo byo bisaba k'obo aribo mpamvu z'umugisha n'ibyiza.
- Ijambo rigira riti "Ni mwe mwishingiriye!" biri kumwe nawe, ibibabaho byose bituruka muri mwe ndetse no mu bikorwa byanyu, impamvu yabyo ni mwebwe.
- **Ntabwo izi ayat ebyiri zivuguruzanya:** Kuko iya mbere iragaragaza ko ugena ibyo bintu ari Imana yonyine, naho ayat ya kabiri yo igaragaza ko impamvu yabyo ibarimo bo ubwabo, kuko bo nibo bishingirira ubwabo.

Gihamya ya gatatu n'iya kane:

- [3] Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "**Nta ndwara yanduza ibaho nta n'inyaku y'inyoni ibaho nta n'iyi igihunyira ndetse nta n'iya Swafar ibaho**" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim: ariko Muslim yongeraho amagambo agira ati "**Nta gikorwa bitewe n'amazu y'ukwezi ndetse nta na baringa**".
- [4] Na none imvugo yakiriwe na bo bombi, yaturutse kuri Anasi yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "**Nta ndwara yanduza ibaho nta n'inyaku y'inyoni ibaho, ariko ntangazwa na Faalu, baramubaza bati: Faalu niki? Aravuga ati "Ni ijambo ryiza**".

- Ijambo rigira riti **“Nta ndwara yanduza ibaho”** yashakaga gusenya imyemerere yo mu gihe cy’ubujiji yavugaga ko uburwayi aribwo bwijyana ubwabwo, cyangwa igisobanuro cyo kuvuga ko Nta ndwara yanduza ibaho, ubwayo ahubwo yo iba impamvu yo kwimura uburwayi ku itegeko ry’Imana.

- Ijambo rigira riti **“Nta n’iyi igihunyira”** Ni inyoni y’igihunyira abantu batinya umwaku wayo.

- Ijambo rigira riti **“Nta n’iya Swafar ibaho”** ikigamijwe hano bishobora kuba ari:

1. Ukwezi kwa Swafari, abarabu bajyaga bibwira ko gutera umwaku, cyane cyane muri Nikahi.
2. Cyangwa bikaba ari uburwayi bwo mu nda bufata ingamiya, bukanduza izindi.
3. Cyangwa Nasiiu, bajyaga bategereza ukwezi kwa Swafari bakabona kuyiziririza bakazarwana mu kwezi kwa Muharamu.

- Ijambo rigira riti **“Nta gikorwa bitewe n’amazu y’ukwezi”** buri nzu ifitemo inyenyeri, abarabu bajyaga bavugaga ko bitera imyaku, bakavugaga bati: Iyi nyenyeri itera umwaku nya cyiza igira, abandirakavugaga ibinyuranye n’ibyo bati: iyi nyenyeri ni umugisha ndetse n’ibyiza.

- Ijambo rigira riti **“Nta na baringa”** abarabu iyo bajyaga mu rugendo Shitani yabigaragarizaga mu mashusho atandukanye, ibyo bikabatera ubwoba, ugasanga bazinze umunya babangamiwe no kugenda mu buryo bifuzamo.

- icyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yabujije, ni ukuba ibyo bintu bigira ingaruka ubwabyo, ntabwo icyo yahatanaga ari uko ibyo bintu bitariho. Umuntu rero agomba gukora ibyo yifuza gukora akanajya aho yifuza kujya nta kimubuza kandi mu buryo bumworoheye yiringiye Imana akirinda gukekerana Imana ibibi.

- Nta kuvuguruzanya kuri hagati y’izi nyandiko hamwe n’ijambo ry’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) rigira riti “Niba umwaku uri ku kintu....” Kuko:

1. Iyi Hadith iri muzu mubwoko bwa Mutashabih (zenda gusa) naho inyandiko zibuza Tatwayur zivugaga ko ari ibangikanya zo ni Muh’kamu.
2. A Tatwayur: zose ntizemewe, kuko ufite ubushobozi bwo kuzana ibyiza no gukumira ibibi ari Imana yonyine.
3. Umuntu biremewe ko yahunga igeno ry’Imana asanga irindi geno ryayo akora ibisabwa, ariko yirinda Tatwayur (kwemera imyaku).
4. Umwaku uvugwa muri Hadith ushyirwa kuri nyirawo, ntushyirwa k’umuntu wiringira Imana ntiyemere imyaku.
5. Buri wese utinya ikitari Imana aragitererezwa, nk’uko ukunda ikindi kitari Imana akagufatanyaga n’Imana, aragihanishwa, n’uwiringiye Imana n’ikindi kitari yo, atereranwa nacyo (Ibyo byavuzwe na Ibunil Qayim Imana imugirire impuhwe).

Gihamya ya gatanu:

Imvugo yakiriwe na Abi Dauda k’urushorane rw’ukuri ayikomoye kuri Uqubat mwene Amir yaravuze ati: Havuzwe ibyerekeye imyaku y’inyoni ku intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), maze aravugaga ati “Icyiza muri ibyo ni ijambo ryiza, ntibikwiye ko inyoni ibuza umuyisilamu kujya murugendo rwe, bityo umwe muri mwe najya abona icyo atishimiye, aje avugaga ati **“Allahuma la yaatil hasanati ila anta, wala yadifau sayiati ila anta, wa lahawula wala quwata ila bika”**

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

ITANDUKANIRO RYA AL FAALU (IJAMBO RYIZA)	NA TATWAYUR (IMYAKU Y'INYONI)
Buri kintu gitera umwete umuntu wo gukora icyiza ryaba ijambo cyangwa igikorwa, ikirebwa cyangwa icyumvwa.	Kwemera umwaku w'ibirebwa cyangwa ibyumvwa cyangwa ibizwi, cyaba igihe cyangwa ahantu.
Byongerera umuntu kwiringira Imana	Bigabanyiriza umuntu kwiringira Imana.
Itegeko ryabyo ni byiza kubikora	[1] Ni ibangikanya ritoya iyo umuntu yemera ko aribyo mpamvu ubwabyo. [2] Ni ibangikanya rikuru iyo umuntu yemera ko byo ubwabyo aribyo bigira icyo bikora.
Harimo gukekera Imana Nyagasani ibyiza.	Harimo gukekera Imana Nyagasani ibibi.
Uku niko umwemera wahamije Tawuhidi agomba kuba ameze.	Uku niko indyarya n'umuhakanyi agomba kuba ameze.
Biza umuntu utabiteguye kandi atabishakishije.	Hari igihe biza umuntu abigambiriye nk'umuntu uvuga ko azi ibyihishe.
Ntibituma ugenda cyangwa ugaruka, nta nubwo umuntu yizera ibyo yumvise cyangwa ibyo yabonye, ahubwo arishima kandi akagira umwete.	Ibituma ugenda cyangwa bigatuma ugaruka, nko kuba umuntu yiringiye ibyo yabonye cyangwa yumvise bikaba ariyo ntandaro ye yo kujya imbere.
Bitera umuntu guhora ku Imana	Bitera umuntu guhora yiringiye icyo yemera gitera umutwe mwiza cyangwa umwaku.

- **Urugero: 1:** Umuntu ahatse kurongora maze akabaza izina ry'umukobwa yifuza kurongora, bakamubwira ko yitwa HANAU, maze akamurongora. Undi agashaka kurongora akabaza izina ry'umukobwa ashaka kurongora, bakamubwira ko yitwa SWAKH'RAT maze akifata ntamurongore, ibyo byombi ni bimwe muri Tatwayur, kuko Tatwayur ni ikintu gituma ukora igikorwa cyangwa gishobora kukubuza gukora igikorwa.

- **Urugero: 2:** Umuntu ubajije izina ry'umukobwa igihe agiye kumurongora yasanga izina rye yitwa Suada akishima cyane, ibi biri mu rwego rwa Al Faalu (ijambo ryiza), kuko izina ritabaye impamvu yo gutuma amurongora cyangwa abireka, ahubwo yishimye nyuma yuko afata icyemezo cyo kurongora.

- Abandi bantu hari abafungura umusafu, yabona ahavuga umuriro, akijima yagera ahanditse ijuru akavuga ati: Iri ni ijambo ryiza, ibi ni kimwe n'ibyo mu gihe cy'ubujiji bajyaga babanza gutera inzuzi.

- Ijambo “Uqubat mwene Amir” ikiri ukuri ni uko ari Uruwatu mwene Amir.

- Ijambo rigira riti “Umuyisumu ntagarurwa” humvikanamo ko ugarurwa n'inyoni akareka kujya mu kazi ke, uwo ntabwo aba ari umuyisumu.

- Ijambo “Wala quwata ila bika” inyuguti ya ب hano isobanura kimwe muri ibi bikurikira:

[1] Isobanura (في), [2] Cyangwa isobanura (للاستعانة), [3] Cyangwa isobanura (السببية).

**IBICE BY'ABANTU KU IBYEREKEYE
IMYAKU Y'INYONI:**

Ni umuntu udashobora kugarurwa n'inyoni ngo imubuze kujya mubye wiringiye Imana:
Uko niko umwemera Mana agomba kumera, kandi nibyo buryo bwiza.

Ni umuntu guha agaciro iby'inyoni akareka gukora icyo yaragambiriye gukora:
Yemera ko icyo nyoni ariyo ntandaro ikomeye y'ibiri bumubeho, kandi yemera ko ubwayo ariyo ibikora.

Ni umuntu utabuzwa n'inyoni kujya muri gahunda ze ariko akaziyamo afite ubwoba n'impagarara k'umutima ndetse n'impungenge:
Uyu aba akoze icyaha.

Gihamya ya gatandatu kugeza ku iya munani:

[6] Imvugo yaturutse kuri Ibun Mas'udi ayikomoye ku intumwa Muhamadi yaravuze ati "Kwemera imyaku y'inyoni ni ibangikanya, kwemera imyaku y'inyoni ni ibangikanya, kandi ntawe utabigira mu mutima, ariko Imana ibikuraho kubera kuyiringira" Yakiriwe na Abu Dauda na Tir'midhiy.

[7] Imvugo yindi yaturutse kuri Ahmad muri Hadith ya Ibun Amuri igira iti "Umuntu uzabuzwa kujya muri gahunda ze n'inyoni, uwo azaba abangikanyije Imana" baravugaga bati: Ibyo bikurwaho n'iki? Intumwa Muhamadi aravugaga ati "Ni umuntu kuvuga ati: ALLAHUMA LA KHAYIRA ILA KHAYIRUKA WALA TWAYIRA ILA TWAYIRUKA WA LA ILAHA GHAYIRUKA".

[8] No muyindi mvugo yo muri Hadith ya Al Fadwilu mwene Al Abasi igira iti "Mu by'ukuri, ibijyanye n'inyoni ni byabindi bituma ujya muri gahunda zawe cyane bikazikubura"

- Ijambo rigira riti "Nta numwe muri twe utabigira" bisobanuye ngo nta numwe muri twe utagira utuntu nkutwo, ibi biri mu rwego rwo kureka kuvuga kuvuga ibitari byiza kubivuga, no kugendera kure amagambo y'ibangikanya, no gushimangira Tawuhidi mu magambo akoreshwa hamwe nuko uvuga iby'ubuhakanyi ntabwo we aba ari umuhakanyi.

- **A Tawakulu:** Ni ukwiringira Imana by'ukuri mukuzana ibyiza no gukumira ibibi kandi uyifitiye icyizere ukanakora ibyo usabwa Imana yagira impamvu yo kubona icyo ushaka.

NI UWUHE MUTI WAVURA KWEMERA IMYAKU Y'INYONI?

1. Ni ugushimangira Tawuhidi, kuko imyaku y'inyoni Imana iyikuzaho kuyiringira, kandi igituzza cyawe kigahora cyagutse.
2. Kuvuga ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bugira buti "ALLAHUMA LA KHAYIRA ILA KHAYIRUKA WALA TWAYIRA ILA TWAYIRUKA WA LA ILAHA GHAYIRUKA".
3. Kwishyiramo gusa kubona ibyiza, ntiyishyiremo kubona ibibi kandi akabyikuramo ntibigere mu bitekerezo bye na rimwe.
4. Ibirimo inyungu ntabwo umuntu akwiye gucika intege mu igerageza rya mbere, agomba kugerageza kenshi kugeza ubwo Imana ifunguye.

ITANDUKANIRO RYA TOMBORA	NO KUTEZA INZUZI
Ibi itegeko ryabyo biremewe	Ni kimwe mu byaha bikuru, kandi biri mu bintu byoroshye.
Bikugeza kucyo ushaka mu buryo bwemewe n'amategeko y'idini.	Ntibikugeza kucyo ushaka mu buryo bwemewe n'amategeko.
Ni uburyo bukoreshwa mukugaragaza ufite ukuri mu bantu bajya impaka ku kintu runaka.	Ni uburyo bukoreshwa mukugaragaza ikiza n'ikibi bisa no kwibeshya ko uzi ibyihishe hashingiwe ku mahirwe.
Ni ibikorwa by'abantu ba Tawuhidi.	Ni ibikorwa by'abantu b'ibangikanyamana.
Tombora ikorwa kubera umurongo w'imbere na Adhana.	Ibi byo ni ukunaga igicere no kubara.
Kugaragaza nyiri ikintu, kandi ntibishoboka kukigabagabana.	Kugaragaza utari nyiri ikintu, kandi kukigabagabana biba bishoboka.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gukebura abantu ku ijambo ry'Imana rigira riti "Nyamara ikibi kibageraho, mu by'ukuri kiba ari igeno rya Allah, ariko abenshi muri bo ntibabizi" ndetse n'ijambo ry'Imana rigira riti "(Intumwa) ziravuga ziti "Ni mwe mwishingiriye!" izo mvugo zombie nta kuvuguruzanya birimo.

Icya kabiri: Ni uguhakana ko nta ndwara yanduza ibaho (bisobanuye ko nta ndwara yanduza ubwayo, ahubwo iba ari impamvu y'uburwayi).

Icya gatatu: Guhakana ko nta mwaku w'inyoni ubaho (ni uguhakana ko uwo mwaku ubwawo ugira icyo ukora, ntabwo ari uguhakana no ibyo bitabaho).

Icya kane: Guhakana ko igihunyira kitagira icyo gikora (inyoni yitwa igihunyira cyangwa imeze nka cyo).

Icya gatanu: Guhakana Swafari (ibihe nta ruhare bigira mu bibaho no mu igeno ry'Imana, Swafari ni igihe nk'ibindi habamo ibyiza n'ibibi, abandi bantu iyo barangije ikintu mu kwezi kwa Swafari, aravuga ati: Nakirangije mu kwezi kwa Swafari kw'ibyiza, ibyo biri mu rwego rwo kuvuza igihimbano ikindi n'ubujiji ubundi, naho Swafari ntabwo ari ukwezi kw'ibyiza cyangwa kw'ibibi).

Icya gatandatu: Kugaragaza ko Al Faalu (ijambo ryiza) yo itari muri ibyo, ahubwo yo ni nziza.

Icya karindwi: Gusobanura ijambo (Al Faalu) ko ari buri kintu cyose cyatera umuntu umurava wo gukora icyiza.

Icya munani: Kugaragaza ko ibizunguruka mu mutima muri ibyo bijyanye n'imyaku y'inyoni ariko wumva utabikunze, ibyo nta kibazo, ahubwo Imana ibikuzaho kuyiringira.

Icya cyenda: Kwerekana amagambo umuntu yavugaga igihe yumvise mu mutima we ibintu nkibyo (ALLAHUMA LA KHAYIRA ILA KHAYIRUKA WALA TWAYIRA ILA TWAYIRUKA WA LA ILAHA GHAYIRUKA).

Icya cumi: Imvugo itomoye ko kwemera imyaku y'inyoni ari ibangikanya (hashingiwe ku ibisobanuro: Igihe umuntu yemera ko inyoni ubwayo ariyo igira uruhare mu bimubaho, iryo riba ari ibangikanyamana rikuru, ariko iyo yemera ko inyoni yabaye impamvu y'ibyamubayeho icyo gihe aba akoze ibangikanyamana ritoya).

Icya cumi na rimwe: Gusobanura ibibi mu ibijyanye n'imyaku y'inyoni (aribyo ibituma ujya muri gahunda zawe cyangwa bikakugarura bigatuma utazijyamo).

[29] ISOMO RY'IBYAVUZWE KU UBUMENYI
BW'INYENYERI (A TAN'JIM)

- Ntabwo umwanditsi yavuze ati (Ni bimwe mu ibangikanyamana), kuko harimo ibisobanuro: Ubumenyi bwemeza ko inyenyeri arizo zikora ibiriho ubwazo n'ubumenyi bugenza ibintu, ibi byari byatambutse.

- Buri wese uziririza kwiga ibijyanye n'inyenyeri mu batubanjirije, imvugo ye yerekezwa ku ubumenyi bwemeza ko inyenyeri arizo zikora ibiriho ubwazo.

- Naho uwemera ko bishoka kwiga ibijyanye n'amazu y'inyenyeri mu abatubanjirije, imvugo ye yerekezwa ku ubumenyi bugenza ibintu.

Gihamya ya mbere kugeza ku iya gatatu:

[1] Bukhariy mu gitabo cye Swahihu yaravuze ati: Qatada yaravuze ati “Imana yaremye izi nyenyeri kubera impamvu eshatu: Kuba umutako w'ikirere, kurinda ikirere amashitani yumviriza, no kuba ibimenyetso biyobora abagenzi, bityo uzazisobanura mu ibitari ibyo azaba akoze amakosa kandi igeno rye rizaba ritakaye ndetse azaba yishoye mubyo adafitiye ubumenyi”.

[2] Qatada yanze kwiga ibyerekeranye n'amazu y'ukwezi, na Ibun Uyayinat ntiyabitangiye uburenganzira, Har'bu yabivuze abibakomoye ho.

[3] Naho Ahmad na Is'haqa bo batanze uburenganzira bwo kwiga ibijyanye n'amazu y'ukwezi.

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Abi Mussa yaravuze ati: Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati “Abantu batatu ntibazinjira mu ijuru: Umuntu urangwa no kunywa inzoga, umuntu uca ubuvandimwe n'abo mu muryango we ndetse n'uwemera uburozi” Yakiriwe na Ahmad na Ibun Hiban mu gitabo cye Swahihu.

- Ijambo rigira riti “Ntibazinjira mu ijuru” bene izi Hadith ziri mu rwego rwo gutinyisha zigomba kureka uko ziri, ntizigereranywe n'izindi mvugo zitanga icyizere, ubu buryo buba burushijeho gukangara.

- Ijambo rigira riti “Umuntu urangwa no kunywa inzoga” ni umuntu unywa inzoga cyane, inzoga ni buri kintu cyose kigota ubwenge mu nzira z'uburyohe no kuvimvira.

- Ijambo rigira riti “umuntu uca ubuvandimwe n'abo mu muryango we” umuryango wawe ni buri wese mufitanye isano, kunga umuryango rero nta buryo bwashyizweho n'amategako y'idini bigomba gukorwamo ahubwo bikorwa hashingiwe ku mico ya buri hantu, ariko iyo mico ikaba itanyuranye n'amategako y'idini.

- Ijambo rigira riti “N'uwemera uburozi” aha niho hari gihamya, harimo ko ubumenyi bw'inyenyeri ari bumwe mu bwoko bw'uburozi.

UBUSHAKASHATSI KU IBYAHA BIKURU

- Icyaha gikuru: Sheikhul Islam yagisobanuye agira ati (Ni buri cyaha cyose cyagenewe igihano cyihariye) nko kuvumwa cyangwa kugerwaho n'uburakari cyangwa kwirukanwa mu impuhwe z'Imana cyangwa kuvuga ko ugikoze yitaruwe, cyangwa ari mu bahakanyi cyangwa ababangikanyamana, cyangwa ko atari mu abemera cyangwa akaba yagereranywa n'inyamaswa mbi kurusha izindi.
- Itegeko ry'ukoze icyaha gikuru: Uyu aba ari umwemera kubera ukwemera kwe ariko aba ari umwononnyi kubera icyo cyaha gikuru yakoze, akaba ari mu bushake bw'Imana ishatse iramubabarira yashaka ikazamuhana.
- Ese ibyaha bikuru ni byinshi ntibigira umubare cyangwa birazwi? Hashingiwe kuri kiriya gisobanuro twabonye ibyaha bikuru byaba kandi bifite ikigero runaka, ntabwo byaba bitabarika.
- Ese ibyaha bikuru bishobora kuruta ibangikanya ritoya? Ubusanzwe ibyaha bihera ku bitoya hanyuka hakaza ibikuru, hanyuma ibitoya cyane hanyuma ibikuru cyane, hashingiwe ku ijambo ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, Allah ntababarira icyaha cyo kumubangikanya, ahubwo ababarira (ibindi) bitari icyo k'uwo ashaka". N'ijambo rya Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) rigira riti "Kuba narahira ku Imana mbeshya, biruta kuba narahira imana mukuri" kurahira Imana ubeshya ni icyaha gikuru naho kurahira ikitari Imana mu kuri byo bikaba ari ibangikanya ritoya.
- Ese icyaha gikuru gishobora gukurwaho n'igikorwa cyiza cyangwa bisaba kubanza kwicuza? Icyaha gikuru ningombwa ko ucyicuza, kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Umuntu uboroga yapfushije aramutse aticujije mbere yo gupfa kwe..." n'irindi jambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti ".....igihe hirinzwe ibyaha bikuru.....".
- Ese kwicuza ibyaha bimwe na bimwe bikuru ukareka ibindi biremewe? Yego biremewe kwicuza ibyaha bimwe na bimwe bikuru ukareka ibindi, ariko ikigamijwe ubusanzwe ni ukureka ibyaha byose muri rusange.
- Ese umuntu uzwiho gukora ibyaha bikuru ashobora gukundwa cyangwa agomba kwangwa? Umuntu nkuwo agomba gukundwa hashingiwe ku kwemera kwe, ariko akanangwa kubera ibyaha bye bikuru akora, kandi igihe akibikora ntagomba kwegereka.
- Ese ibyaha bikuru ubusanzwe birarutanwa? Yego ibyaha bikuru birarutanwa, hashingiwe ku ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Ese mbabwire ibyaha bikuru biruta ibindi?".
- Umuntu uzwiho gukora ibyaha bikuru twamwita irihe zina? Umuntu nkuwo aba ari umwemera kubera ukwemera kwe ariko akaba n'umwononnyi kubera icyaha cye gikuru, kubera iyo mpamvu rero aba ari umwemera w'ukwemera gukeya, ntabwo twavugaga nk'ibyo ba Mur'jiat bavugaga ko umuntu nk'uwo aba ari umwemera w'ukwemera kuzuye, nta nubwo twavugaga nkaba Khawarij bavugaga ko umuntu nk'uwo aba ari umuhakanyi.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

- Icy a mbere:** Ni ukumenya impamvu yatumye Imana irema inyenyeri ko ari ukuba (imitako y'ikirere – kurinda ikirere amashitani yumviriza – no kuba ibimenyetso biyobora abantu).
- Icy a kabiri :** Gusubiza uvuga ibinyuranye n'ibyo (Ubumenyi bwemeza ko inyenyeri arizo zikora ibiriho ubwazo).
- Icy a gatatu:** Kugaragaza ukutavuga rumwe kw'abamenyi ku ibyerekeye kwiga ibijyanye n'amazu y'inyenyeri.
- Icy a kane:** Isezerano ry'ibihano kuri wawundi ugira icyo yemera mu bijyanye n'uburozi, n'ubwo yaba azi ko ibyo yemera atari ukuri.

[30] ISOMO KU IBYAVUZWE KUGUSABA IMVURA
INYENYERI

1. Ibangikanyamana rikuru: Kuba umuntu asaba inyenyeri kumuha imvura, akaba yemera ko izo nyenyeri arizo zikora icyo gikorwa zikanakemura ibibazo.
2. Ibangikanyamana ritoya: Kuba umuntu yakwemera ko izo nyenyeri ariyo mpamvu y'ibibaho ko Imana ariyo yaremeye izo nyenyeri zibikora.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Aho (gushimira Allah) ku bw'amafunguro abaha, (mumwitura) kumuhakana?"

[2] Imvugo yaturutse kuri Abi Maliki Al Ashiariy (Imana imwishimire) yavuzeko intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Ibintu bine birangwa mu bantu banjye ni ibintu byo mu gihe cy'ubujiji, kandi ntibazabireka: Kwiratana imiryango, gusebanya gushingiye ku miryango, gusaba imvura inyenyeri no kuboroga igihe bagize ibyago" yaranavuze ati "Umugore ugerwaho n'ibyago akaboroga, aramutse apfuye aticujije, azazuka k'umunsi w'imperuka yambaye ikanzu ya godoro ishyushye kandi arwaye ubushita" Yakiriwe na Muslim.

- Ijambo rigira riti "Mumwitura" muhakana ko amafunguro mubonye ataturutse kuri we, igihe muyitirira undi utari Imana.

- Ijambo rigira riti "Ibintu bine" uyu mubare ntabwo uhutuye, kuko hari ibindi bintu bifatanyije nabyo, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze kuriya mu rwego rwo gukusanya ubumenyi no kubwegeranya no kubugabanya no kububara, kuko bituma ababyumva babasha gusobanukirwa no kubifata mu mutwe bikoroha.

- Ijambo rigira riti "Igihe cy'ubujiji" ni igihe cya mbere y'uko intumwa Muhamadi ahabwa ubutumwa, mpamvu yo kubivuga ni ukubyangisha abantu no kukibatinyisha, kuko byose ari bibi kandi ari ubujiji.

- Ijambo rigira riti "Ntibashobora kubireka" harimo gutanga inkuru no kuburira, ntabwo ari uguhamya.

- Ijambo rigira riti "Kwiratana imiryango" ni ukwikuza no kwishyira hejuru kubera icyubahiro, kwirata bigomba gushingira ku gutinya Imana aribyo bibuza kwibona no kwirata, kuko umuntu utinya Imana uko inema zirushaho kumugeraho niko arushaho kwicisha bugufi ku ukuri no ku biremwa by'Imana.

- Ijambo rigira riti "Gusebanya gushingiye ku imiryango" ni ugutesha agaciro aho umuntu akomoka, nko kuba yavuga ati "Wowe uri mwene Dibaghi".

- Ijambo rigira riti "Gusaba inyenyeri imvura" aha niho hari gihamya, bisobanuye kwitirira imvura inyenyeri.

- Ijambo rigira riti "N'umugore uboroga igihe agezweho n'ibyago" kuboroga ni ukurira cyane uzamura ijwi kubera uwapfuye k'ubushake.

- Ijambo rigira riti "Azazuka" mu imva ye, "Ikanzu" ni umwenda uteguwe, "Godoro" ni ibisigazwa bituruka mu mavuga cyangwa se ubutare bwashongeshejwe.

- Ijambo rigira riti "Ubushita" ni uburwayi bufata uruhu buri wese akozeho akabumwanda, bisobanuye ko uruhu rwe rwose ruzaba rurwaye ubushita rumeze nk'ingabo yambaye, bityo ikanzu ya godoro nihura n'ubushita birushaho kuba ibibazo,

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

ikigamijwe nuko niba umugore atarabashije gutwikiriza ibyago yagize ukwihangana, we azatwikirwa nibyo, kuko igihembo kigomba kuba gihuye n'igikorwa.

UMUNSI W'IMPERUKA WISWE (QIYAMAT) KUBERA KO HAZAHAGURUKA:

Abantu: “Umunsi abantu bazahagarara imbere ya Nyagasani w'ibiremwa byose”

Abahamya: “No ku muni abahamya bazahagarara (babashinja ibyo bakoze)”.

Iminzani: “Ndetse tuzashyira (ahagaragara) iminzani y'ubutabera ku muni w'imperuka”

Gihamya ya gatatu n'ya kane:

[3] Imvugo yaturutse kuri bo bombi ikomotse kuri Zayidi mwene Khalidi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yadusengesheje isengesho rya Al Fajir Hodayibiyat, imvura yari yaguye ninjoro ihise, arangije yerekerabantu, maze aravugaga ati “Ese muzi ibyo Nyagasani wanyu yavuze? Baravugaga bati: Imana n'intumwa yayo nibo babizi, aravugaga ati “Bwakeye mu bagaragu banjye harimo abanyemera n'abampakana, uwavuze ngo imvura yatugwiriyeye k'ubwi nema z'Imana n'impuhwe zayo, uwo niwe unyemera agahakana inyenyeri, naho uwavuze ngo twagushije imvura kubera inyenyeri runaka na runaka, uwo yampakanye yemera inyenyeri”.

[4] Imvugo yaturutse kuri bo bombi muri Hadith ya Ibun Abasi mu gisobanuro cyayo, harimo ngo: Abantu bamwe baravuze bati: Inyenyeri runaka na runaka ni ukuri, maze Imana imanura iyi Ayat “Ndahiriye ahantu inyenyeri (zirengera bwenda gucya)” kugeza ku ijamba ry'Imana rigira riti “(mumwitura) kumuhakana?”.

- Ijambo rigira riti “Fala” inyuguti ya Lam hano niyo guhwitura, bisobanuye ngo kanguka, Imana irahiye aho inyenyeri zirengera bwenda gucya.

- Inyungu igaragara mu kuba Imana yarahirira kandi bisanzwe bizwi ko Imana igihe cyose ivuga ukuri atari ngombwa ko irahirira:

1. Ubu ni uburyo bw'abarabu, bwo gushimangiza ikintu indahiro.
 2. Ni uko umwemera icyizere cye cyiyongera, nta kibazo rero gushyira mu mvugo ibiyishimangira byinshi bituma icyizere kigera kure.
 3. Ni uko Imana irahirira ibintu bihambaye, byerekana ubushobozi bwayo bwuzuye n'ubuhambare bwayo ndetse n'ubumenyi bwayo.
 4. Ni ukugaragaza uko ikirahiweho kimeze, ko gikwiye kwitabwaho no gushimangirwa.
- Ijambo rigira riti “Kariimu” risobanuye: [1] Ikintu kiza cyane, Qor'an nta cyiza nkayo, [2] Gutanga cyane, iha beneyo ibyiza by'isi n'ibyo ku imperuka n'iby'umubiri ndetse na Roho.

- Ijambo rigira riti “Iri mu gitabo kirinzwe neza” ni urubaho rurinzwe cyangwa ibitabo bifitwe n’abamalayika.
- Ijambo rigira riti “Kitajya kigira ugikoraho uretse abejeje (abamalayika)” abamalayika, aha harimo ikimenyetso cy’uko umuntu wese usukura umutima we akawukuraho ibyaha, uwo aba asobanukiwe Qor’an kurushaho.
- Ijambo rigira riti “Cyahishuwe” harimo: [1] Kuba Qor’an yaramanuriwe ibiremwa byose, ndetse n’ubutumwa buyikubiyemo ari rusange.
- [2] Kuba Qor’an yarahishuwe na Nyagasani wabo, niba rero bimeze bityo niwe uzaba umucamanza wabo ndetse n’umukiranuzi wabo.
- [3] Kuba guhishura Qor’an bigaragaza ubumana bw’Imana, cyane cyane ko Qor’an ubwayo ari impuhwe ku bantu bose.
- [4] Kuba Qor’an ari amagambo y’Imana, yamanuye atari ikiremwa.
- Ijambo rigira riti “ni yo muhinyura?” mutinya, ibyo ntibikwiye kuri mwe, igikwiye k’umuntu ufite Qor’an ni ukuyihamagarira abantu.
- Ijambo rigira riti “Aho (gushimira Allah) ku bw’amafunguro abaha, (mumwitura) kumuhakana?” aho gushimira murahakana, kandi ibi ni ubupfayongo.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura Ayat yo muri Surat Al Waqiat igira iti “Aho (gushimira Allah) ku bw’amafunguro abaha, (mumwitura) kumuhakana?”.

Icya kabiri: Kugaragaza ibintu bine byo mu bihe by’ubujiji (Kwiratana imiryango, gusebanya gushingiye ku miryango, gusaba imvura inyenyeri no kuboroga igihe bagize ibyago).

Icya gatatu: Kugaragaza ibitera ubuhakanyi muri byo aribyo (Gusaba imvura inyenyeri – Gusebanya – no kuboroga wagize ibyago).

Icya kane: Kugaragaza ko mu buhakanyi harimo ubukura umuntu mu idini aribyo (gusaba imvura inyenyeri, bumwe muri bwo bukura umuntu mu idini, ubundi muri bwo buraciriritse).

Icya gatanu: Ijambo rigira riti “Bwakeye mu bagaragu banjye harimo abanyemera n’abampakana” kubera kumanukirwa n’inema (Igisabwa ku muntu iyo agezweho n’inema ko atagomba kuzitirira impamvu zazo zonyine aretse Imana).

Icya gatandatu: Gusobanukirwa neza ahari ukwemera muri ibi (Ni ukwitirira inema yakugezeho impano y’Imana n’impuhwe zayo).

Icya karindwi: Gusobanukirwa neza ahari ubuhakanyi muri ibi (Kwitirira imvura inyenyeri runaka).

Icya munani: Gusobanukirwa neza ijambo rigira riti “Inyenyeri runaka ni ukuri” kuba yakoze ikintu kandi yubahirije gahunda.

Icya cyenda: Kuba umumenyi agomba kugaragariza uwiga ikintu akoresheje kukimubazaho, nk’ijambo rigira riti “Ese muzi ibyo Nyagasani wanyu yavuze?” (Ibi bituma abantu bahuguka bakanatega amatwi, ubu ni bumwe mu buryo intumwa Muhamadi yakoresheye mu kwigisha).

Icya cumi: Isezerano ry’ibihano ku mugore uboroga igihe yahuye n’ibyago (Kuzambikwa ikanzu ya dogoro n’umubiri we ukazaba wuzuyeho ubushita nkaho ari ingabo azaba yambaye).

IKIZAMINI KU GICE CYA GATANDATU (AMASOMO 7)

IKIBAZO CYA MBERE:

Al Faalu:

-1.
.....2.
.....3

Ni irihe tandukaniro riri hagati y'ibi bikurikira?

A Tatwayur:

-
.....
.....

Tombora: Guteza inzuzi:

-1
.....2
.....3

IKIBAZO CYA KABIRI: Shyira ikimenyetso (☒) mu mwanya wabugenewe cyangwa wuzuze interuro:

- 1- Mu bimenyetso biranga uburozi: 1-2.....
- 3.....4.....5.....
- 2- Igisobanuro Umar yahaye ijambo Twaghut ko ari amashitani ni ibisobanuro byo kugereranya Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 3- Ijambo “ubuhisemo” bisobanuye..... “nta mugabane (ibihembo) azagira ku muni w'imperuka” bisobanuye.....
- 4- Ijambo “nimwirinde” risobanura kurusha ijambo “Nimureke” kuko ijambo “mwirinde” risobanuye kureka no kugendera kure, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 5- Ijambo “Ibintu birindwi byoreka” umubare hano (usobanura ☐ Ntusobanura ☐) guhetura.
- 6- Ese umubare w'inyandiko ufite icyo usobanuye cyangwa ntacyo?.....
- 7- Kuki zivuga kandi zidafite igisobanuro?.....
- 8- Roho zaziririjwe kwicwa: , Ni eshatu ☐ Ni enye ☐. Ikizira: ni ukurya Riba ☐ Cyangwa ntawo ari ngombwa kurya ☐.
- 9- Infubiyi ni umwana wapfushije: (Ise ☐ Nyina ☐) yaba ari umuhungu cyangwa umukobwa (mbere ☐ mbere / nyuma ☐) yo kugeza ku myaka y'ubukure.
- 10- Abagore biyubashye ni: abagore batari abacakara ☐ ni abagore batiyandarika mu ubusambanyi ☐.
- 11- Ni ngombwa ko umuyobozi yica umurozi, atabanje kumuha igihe cyo kwicuza ☐ Nyuma yo kumuha igihe cyo kwicuza ☐.
- 12- Al Jibit ni: Umurozi ☐ buri kintu cyose kitagira inyungu cyaba uburozi cyangwa ikindi ☐.
- 13- A Twaghut: bisobanuye amashitani ☐ buri kintu cyose umuntu yarengeraho mu bisengwa cyangwa ibiyobokwa cyangwa ibyumvirwa ☐.
- 14- Al Iyafat (uvuga ko azi ibyihishe) ni bumwe mu bwoko bwa Tatwayur (kwemera imyaku y'inyoni): Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 15- Umuntu wize icyo aricyo cyose mu bumenyi bw'inyenyeri, uwo aba yize bumwe mu burozi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 16- Imiterere y'inyenyeri nta sano ifitanye ☐ ifitanye isano ☐ n'ibibera ku isi.
- 17- Ibice bigize ubumenyi bw'inyenyeri: 1-itegeko ryabyo.....
- 18- Kuzana igikorwa cyo kuvuga abandi mu burozi: Ni ikosa ry'uwanditse ☐ Ni ukubishyira hamwe hagamijwe kubitandukanya ☐.
- 19- Ijambo rigira riti “Mu by'ukuri, imvugo nziza itomoye ni uburozi” ni ugutaka ☐ Ni ukunenga ☐ ni ukugaragaza ibiriho hanyuma hakarebwa ingaruka zabyo.
- 20- Al Araafu ni umupfumu ☐ ni izina rusange ☐.
- 21- Umwanditsi yazanye isomo ry'ubupfumu kugira ngo agaragaze, abapfumu abo ari bo ☐ uburyo bwo kubajyamo ☐ itegeko ry'ukoze ubupfumu ☐ ibyavuzwe byose ☐.
- 22- Kwiga ibijyanye na ABAJAD bigabanyijemo ibice: bibiri ☐ igice kimwe ☐, kubera ijambo rya Ibun Abas (Imana imwishimire).
- 23- Umuntu uzemera ibivuzwe n'umupfumu, akemera ko ntawe ushobora kumenya ibyihishe usibye Imana, uwo aba ari umuhakanyi w'ubuhakanyi, bukuru ☐ butoya ☐.
- 24- Umugore abwiye mugenzi we ati: korera umugabo wawe uburozi nta cyaha ufite: Bombi baba bafatanyije

kuroga ☐ uwa kabiri nta cyaha afite ☐.

25- Umuntu warozwe, uburozi mu rwego rwo kubwemera ☐ kuvura uwarozwe ☐.

26- Imvugo za Qor'an na Hadith ndetse n'imvugo z'abatubanjirije zigaragaza ko (bitemewe kuvura uburozi ☐ byemewe kuvura uburozi ☐ hakoreshejwe ubundi).

27- Uburozi buvuzwa, Hijamat ☐ Gusoma ayatul Kurusiy ☐ Gusaba uvuga uti RABA NASI ADHIHIBUL BAASA...." ☐ byose ibyavuzwe ☐.

28- A Nushirat (kuvura uburozi) bigabanyijemo ibice : 1.....2.....

29- Abantu ba Farawo basenye Tatwayur ku ijambo rigira riti ☐ "Nyamara ikibi kibageraho, mu by'ukuri kiba ari igeno rya Allah" ☐ "(Intumwa) ziravuga ziti "Ni mwe mwishingiriye!"

30- Tatwayur inyuranye na Tawuhidi kuko uwemera Tatwayur ☐ aba yaraciye ikizere ku Imana yaragishyize ku utari Imana ☐ Kwemera ibintu bidafite ukuri ibyavuzwe byose ☐

31- Ijambo "Ni mwe mwishingiriye!" ni ijambo ryavuzwe na abantu bo muri uwo murenge ☐ ni ijambo ryavuzwe n'intumwa ☐.

32- "Nyamara ikibi kibageraho, mu by'ukuri kiba ari igeno rya Allah" bisobanuye N'ijambo rigira riti "Ni mwe mwishingiriye!" bisobanuye.....

33- Kwandura k'uburwayi k'ubwi tegeko ry'Imana niku: indwara zigaragara ☐ Ni ku indwara zitagaragara, z'imyitwarire ☐ byose ibyavuzwe ☐.

34- Ijambo rigira riti "Nta ndwara yanduza ibaho nta n'inyaku y'inyoni ibaho nta n'iyi igihunyira ndetse nta n'iya Swafar ibaho" harimo guhakana ☐ ibiriko ☐ ko byikora.

35- "Nta ndwara yandura" bisobanuye Ese ibi bihabanye n'ijambo rigira riti "Hunga umunyabibembe"?

36- Ni gute wahuza ijambo rigira riti "Nta mwaku w'inyoni ubaho" ndetse n'ijambo rigira riti "Nta myaku ibaho usibye ku bintu bitatu"?

37- Ijambo rigira riti "Nta n'iyi igihunyira" bisobanuye "Nta n'iya Swafar" bisobanuye.....

38- Igisobanuro cy'ijambo rigira riti "Nta numwe muri twe utabigira" bisobanuye

39- Ijambo rigira riti "Nta gikorwa bitewe n'amazu y'ukwezi" bisobanuye.....

40- Imvugo igira iti (Swafar y'ineza), biremewe ☐ kubyemera ☐ ni mu rwego rwo kuvuza igihimbano ikindi ☐.

41- Ikigamijwe mu ijambo kubuza inyoni ni ukuyibaza amahoro: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

42- Abarabu bari baritegurirye ubumenyi butabaho nk'inyaku y'inyoni no kubuza inyoni no kuvuza ibyihishe na Ruqiyat, ariko barabeshye n'ibinyoma byabo barabyamamaza mu bantu, uvuze ko baringa yamwitambitse mu nzira ye no gusohoka inyoni mu maraso y'uwapfuye yitwa igihunyira no kuba baganira n'amajini, n'ibindi nk'ibyo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

43- Imvugo igira iti "Ni byiza Imana nibishaka" igihe umuntu yumvise imbwa cyangwa indogobe, biremewe ☐ ntibemewe ☐.

45- Al Faalu ni: ijambo ryiza gusa riganirwa ☐ buri kintu cyose cyatera umuntu umwete wo gukora icyiza yaba imvugo cyangwa igikorwa ibirebwa cyangwa ibyumvwa ☐.

46- Umuntu iyo yemeye umwaku w'inyoni akagenda ariko afite ubwoba n'impagarara mu mutima atinya ko aribugervereho n'ingaruka (biremewe ☐ ni ibangikanya ritoya ☐ abona icyaha ☐). Naho iyo yemeye imyaku y'inyoni maze ikamubuza gusohoka no kujya mu kazi ke, ibyo ni ibangikanya ritoya ☐ ni ibangikanya rikuru ☐.

47- (Kwemera imyaku y'inyoni kubi) bigaragaza ko hari ukwemera imyaku y'inyoni kwiza, Nibyo ☐ Sibyo ☐.

48- Kwanga imwe mu mibare cyangwa hamwe mu hantu cyangwa imihanda, Biremewe ☐ Ni Tatwayur ☐.

49- Umuntu ashatse kurongora maze agaca ururabo akagenda aca ibibabi byaryo avuga ati: nzarongora sinzarongora akagendera ku kibabi cya nyuma, ibyo biri mu rwego rwo kwemera ☐ cyangwa ni Tatwayur ☐.

50- Umuntu agiye ku rugendo afite ugushidikanya maze agafungura umusafu agahita abona ayat y'impuhwe akajya mu rugendo rwe, Ni ukwemera ☐ ni Tatwayur ☐.

51- Umuntu afite umugambi wo gukora urugendo maze mu rugendo imbaraga zikiyongera amaze kumva umuntu abwiye undi ati: Urahiriwe, ese ibi biri mu rwego rwo kwemera, ☐ cyangwa ni Tatwayur ☐.

52- Umuntu mu mutima we harimo kwemera imyaku y'inyoni ariko ntibimubuza kujya mu rugendo rwe ndetse ntanagire impagarara mu mutima, abona icyaha ☐ nta cyaha abona ☐.

53- Uwemera umwaku w'inyoni yumvise mu mutima we birimo ariko agakomeza akajya muri gahunda ze ntabyiteho: aba abangikanyije ☐ ntabwo aba abangikanyije ☐.

54- Imana yagize bumwe mu burwayi kuba bushobora kwandura, Nibyo ☐ Sibyo ☐.

55- Buri wese utinye ikitari Imana, aragitererezwa iki ni igihano cy'uwemera imyaku, Nibyo ☐ Sibyo ☐.

56- Imvugo igira iti (Imana iradukiza ibibi byo guseka) nyuma yuko amaze guseka cyane: Biremewe ☐ Ntibemewe ☐.

57- Umuntu akoze isengesho rya Istikharat maze akaryama akabona mu nzizi ibimuteye ubwoba maze icyo yakoreye Istikharat akakireka, Ni Tatwayur ☐ Ni igisubizo cya Istikharat ☐.

- 58- Umuntu ufite ugushidikanya hagati y'ibintu bibiri: yasaba ubusabe ☐ yagisha inama ☐ yakora Istikharat ☐ yakora Tombora hagati yabyo ☐ icya mbere n'icya kabiri maze yagira icyo yumva yahisemo cyane agasenga Istikharat ☐ byose ibyavuzwe ☐.
- 59- Umuntu akoze Istikharat maze akajya mu rugendo maze umwenda we ugacikira mu rugendo, akarureka: Ni Tatwayur ☐ cyangwa ni igisubizo cya Istikharat ☐.
- 60- Gukora Istikharat nyuma yo kwifuza ikintu kimwe muri bibiri kubera ijambo rigira riti (kuri iki kintu), Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 61- Umuntu kureka ibyo yakoreye isengesho rya Istikharat kubera impamvu zigaragara cyangwa impamvu z'idini zonyine. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 62- Umuntu yemera ko inyenyeri arizo ntandaro yo kugwa kw'imvura, ariko Imana ikaba ariyo yayigushije, Ni ukuri ☐ Ni ibangikanya ritoya ☐.
- 63- Inyenyeri zo mu gihe cy'ubujiji ntizikiriho, ariko haje ibikurura ikirere, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 64- Umuntu kubwira izuba ati (Jyana imyaka yanjye maze umpe imyaka y'umugeni), Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 65- Birashoboka guhuza ukutavuga rumwe kw'abamenyi, kubyerekeye kwiga ubumenyi bw'amazu y'ukwezi nkuko twabikoze ku isomo rya Nushirat: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 66- Ibimenyetso biyobora abantu: biri ku isi ☐ biri mu kirere ☐ byose byavuzwe ☐.
- 67- Umuryango w'umuntu ni: abo hafi ye mu muryango ☐ imiryango y'abashakanye ☐.
- 68- Uburozi bwonona umutima y'abantu k'uburyo bugira urubaho zahabu, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 69- Hadith zisezeranya ibihano zigomba guhama uko zaje, ntizikoreshwe mu guhangana n'izindi nyandiko (Hadith zitanga icyizere) ibi nibwo buryo buhambaye bwo kubuza ikintu, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 70- Hari igihe mu nyandiko zimwe na zimwe havugwamo umubare, mu rwego rwo guhetura ubumenyi no kubuhuriza hamwe hakoreshejwe kugabanya n'imibare kuko bituma umuntu asobanukirwa vuba kandi agafata cyane, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 71- Ikigamijwe mu kwitirira ibintu igihe cy'ubujiji, Kubyangisha abantu ☐ kuba ari ubujiji n'ubugoryi ☐ ibyavuzwe byose ☐.
- 72- Intumwa ivuga ibintu bizaba atagamije kwigisha abantu ngo babikore, nk'ijambo rigira riti (Ntibazabireka...), Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 73- Ibyaha bikuru ntibikurwaho n'ibikorwa byiza, ni ngombwa ko byicuzwa, Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- 74- Qor'an yiswe Karim, bisobanuye ko yo ari: ari inyabuntu ☐ ubwayo ari nziza ☐ Byose ibyavuzwe ☐.
- 75- Ijambo Al Mutwahrana (abafite isuku) Ni abamalayika ☐ Kuba ntawemerewe gukora kuri Qor'an adafite isuku ☐.


IKIBAZO CYA GATATU: Shyira mu mbonerahamwe (أ) ibijyanye ubikuye mu mbonerahamwe (ب)

- | | |
|----------------|--|
| 1. Al Muahid | Ufitanye natwe amasezerano y'amahoro kubera ubucuruzi cyangwa kugirango asobanukire Islam. |
| 2. A Dhimi | Bakubita ku mucanga mu rwego rw'uburozi n'ubupfumu. |
| 3. Al Jibit | Ufitanye natwe amasezerano ko atazaturwanya natwe tutazamurwanya. |
| 4. Al Mustamin | Ufitanye natwe igihango akanariha Jiziyat |
| 5. A Twiyarat | Guca no gutanya. |
| 6. Al Adwuh | Ururimi rusobanutse neza rwigarurira ubwenge rukanahindura ibitekerezo. |
| 7. Al Kabirat | Izina rusange ry'abapfumu n'abakoresha inyenyeri n'abakubita ku mucanga n'abandi |
| 8. Al Bayan | Ni buri gikorwa cyagenewe igihano cyihariye |
| 9. A Twar'qa | Kubuzwa n'inyoni kumera kwemera imyaku cyangwa kwemera, biri muri Tatwayur y'ibikorwa |
| 10. Al Araafu | Kwemera imyaku y'ibizwi bigaragara cyangwa ibyumvwa, byari ari igihe cyangwa ahantu |
| 11. Al Iyafat | Buri kintu kitarimo icyiza na kimwe cyaba uburozi cyangwa ibindi. |

ICYA KARINDWI: IBIKORWA BY'IMITIMA (AMASOMO 9)

[31] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "NO MUBANTU HARI ABISHYIRIRAHO
IBIGIRWAMANA MU KIMBO CYA ALLAH, BAKABIKUNDA URUKUNDO
NK'URWOBAKUNDA ALLAH"

IBICE BY'URUKUNDO



Gihamya ya kabiri n'iya gatatu:


[1] Ni ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Niba ababyeyi banyu, abana banyu, abavandimwe banyu, abo mwashakanye, imiryango yanyu, imitungo mwahashye, ibicuruzwa mutinya ko byahomba ndetse n'amazu mwishimiye ari byo mukunze cyane kurusha Allah n'intumwa ye".

[2] Imvugo yaturutse kuri Anasi, ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Ntabwo umwe muri mwe yaba umwemera, atarankunda kurusha uko akunda umwana we, umubyeyi we ndetse n'abantu bose muri rusange" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

- Ijambo rigira riti "ababyeyi banyu, abana banyu": Gukunda aba bantu ntabwo arirwo rukundo rw'amasengesho, ariko ruramutse rurutishijwe urwo gukunda Imana icyo gihe biba impamvu y'ibihano.
- Ijambo rigira riti "Ntabwo umwe muri mwe yaba umwemera" igihakanwa hano ni ukuzura ko kwemera kw'itegeko, usibye igihe yaba adakunda intumwa.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

UBURYO BWO GUHAKANA IKINTU:




- Kujoyanisha Hadith n'ibigaragara igihe gukunda intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) biri mu gukunda Imana, no gukunda intumwa Muhamadi bigaragarira ku bintu bikurikira:

1. Kubera ko ari intumwa y'Imana, niba rero ukunda Imana kurusha buri kintu cyose, birumvikana ko gukunda intumwa Muhamadi bigomba kuruta iby'ibindi biremwa byose.
2. Ibyo yakozwe mu gusenga Imana no kugeza ku bantu ubutumwa bwayo.
3. Kuba Imana yaramuhaye imico myiza no gukora ibikorwa byiza.
4. Kuba intumwa Muhamadi ari intandaro yo kuyoboka kwawe no kwiga kwawe no gusobanukirwa kwawe.
5. Kubera ukwihanganira kwe ibibazo mu gusohozza ubutumwa.
6. Kubera umwete we no gutanga umutungo we no kwitanga we ubwe mu kwamamaza ijamba ry'Imana.

GUKUNDA INTUMWA MUHAMADI NYUMA Y'URUPFU RWE BIGOMBA KUBA BIMEZE BITE?

Ni ukwiga imigenzo ye no kuyishyira mu bikorwa, no kuyihamagarira abantu, no kurangwa nayo no kurutisha ijamba rye iry'undi wese, ndetse no gushikama k'umuyoboro we.

KU BYEREKEYE GUKUNDA IKINDI KINTU HAMWE N'IMANA ABANTU BARIMO IBICE BINE:



Gihamya ya kane kugeza ku iya gatandatu:

[4] Imvugo yakiriwe na bombi, ivuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imagisha) yavuze ati "Ibintu bitatu uzarangwa nabyo, bizatuma yumva uburyohe bwo kwemera: Kubalmana n'intumwa yayo aribo bakunze be kurusha ibitari bo, gukunda umuntu nta kindi umukundiye usibye Imana, kwanga gusubira mu buhakanyi nyuma yuko Imana ikurokoye ikabugukuramo, nkuko yanga kuba yajugunywa mu muriro" No muyindi mvugo "Ntabwo umuntu yakumva uburyohe bwo kwemera atabanje....."

[5] Imvugo yaturutse kuri Ibun Abas (Imana imwishimire) yaravuze ati "Umuntu uzakunda kubera Imana, akananga kubera Imana, akagira inshuti magara kubera Imana, akananga kubera Imana, icyo gihe aba inshuti magara y'Imana kubera ibyo, kandi nta muntu ubona uburyohe bwo kwemera – nubwo amasengesho ndetse n'igisibo cye byaba ari byinshi- atabaye atyo, ubu urukundo rusange rw'abantu akenshi rushingira ku indonke z'isi kandi ibyo ntacyo bimarira bene byo na kimwe" Yakiriwe na Ibun Jariri.

[6] Ibun Abasi yavuze ku ijambo ry'Imana rigira riti "nibamara kubona ibihano, ibyabahuzaga bizavaho" ati: Ni urukundo.

**URUKUNDO MU
NDORERWAMO YO KUBA
ARI AMASENGESHO**

Urukundo kuba ari isengesho ubwarwo:

Urukundo ni isengesho nta wundi rikorerwa usibye Imana Nyagasani, rusaba guca buguti gukuzza biyana no gukora ibyo utegekwa no kwirinda ibyo ubuzwa.

Urukundo kuba atari isengesho ubwarwo:

- Gukunda kubera Imana: Nko gukunda intumwa n'abahanuzi.
- Gukunda biyana no kugirira impuhwe: Nko gukunda umwana mutoya....
- Urukundo rujyana no kubaha: Nko gukunda umubyeyi n'umwarimu.
- Urukundo kamere: Nko gukunda ibiryo.

- Urukundo ruruta izindi nkundo ni urwa mbere, naho izindi ziri mu gice cyemewe, usibye igihe rwaba rujyanye no gusenga icyo gihe ruba isengesho. - Ijambo "Uburyohe bwo kwemera" ni ibyo umuntu yumva muri we biyanye n'umutuzo n'umunezero. -Ijambo rigira riti "Ukunze kubera Imana" uwo yanga uwo Imana yanga, akanakunda uwo ikunda. -Ijambo rigira riti "ibyabahuzaga bizavaho" impamvu zahuzaga ababangikanyamana zizavaho ndetse n'urukundo bari bafitanye.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

UBUCUTI MAGARA

UBUCUTI MAGARA BUTURUTSE KU K'UMUNTU BUJYA KU IMANA:

Bene ubu bucuti ni itegeko mu idini, Imana yaravuze iti “N’uzagira Imana n’intumwa yayo inshuti magara”

UBUCUTI MAGARA BUTURUTSE KU MANA BUJYA

UBW'UMWIHARIKO:

Ubucuti bwo kumwitaho no kumufasha no kumuyobora, ubwo bucuti ni umwihariko ku abemera.

UBUCUTI MAGARA RUSANGE:

Ubucuti bwo kuyobora no gutanga, ubwo bukubiyemo abemera n’abatari bo.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura Ayat yo muri Surat Al Baqarat, igira iti “No mu bantu harimo ababangikanya Imana n’ibigirwamana”.

Icyamba kabiri: Ni ugusobanura Ayat yo muri Surat Baraatu igira iti “Vuga (yewe Muhamadi) uti: Niba ababyeyi banyu n’urubyaro rwanyu”.

Icyamba gatatu: Ni ngombwa (kubanza imbere) urukundo rw’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ku umuntu ubwe, no ku b’iwe ndetse n’umutungo.

Icyamba kane: Guhakana ko umuntu adafite ukwemera, ntibivugaga ko aba yavuye muri Islam (**usibye igihe umutima we waba utarangwamo urukundo rw’intumwa na gato, icyo gihe nta gushidikanya ko uko guhakana ukwemera ari uguhakana ukwemera burundu**).

Icyamba gatanu: Nuko ukwemera gufite uburyohe, umuntu hari igihe abwumva, hari n’igihe atabwumva.

Icyamba gatandatu: Ibikorwa by’imitima ni bine, umuntu adashobora kuba inshuti y’Imana magara atabyujuje, kandi umuntu ntashobora kumva uburyohe bwo kwemera atabifite (**Gukunda kubera Imana, kwanga kubera Imana, kugira inshuti magara kubera Imana no kwanga kubera Imana**).

Icyamba karindwi: Kuba abasangirangendo basobanukiwe ibiriho ko ubucuti bw’abantu benshi bushingira ku iby’isi (Ibi ni ibyariho ku gihe cyabo, kuri iki gihe cyacu byaba bimeze bite?).

Icyamba munani: Gusobanura ayat igira iti “ibyabahuzaga bizavaho” (urugero ni urukundo n’izindi mpamvu zose).

Icyamba cyenda: Nuko ababangikanyamana harimo abakunda Imana urundo rukomeye (Abemera bakabarusha kuko urukundo rwabo rukaze ari urw’Imana naho bariya rukaba ari urw’ibigirwamana).

Icyamba cumi: Isezerano ry’ibihano kuri babandi bakunda, ibifite agaciro kurusha idini ryabo. **Icyamba cumi na rimwe:** Nuko umuntu uzanganisha urukundo akunda ikigirwamana n’urwo akunda Imana, aba abangikanyije ibangikanya rikuru.

[32] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "MU BY'UKURI, UWO NI SHITANI UBATINYISHA ABAMBARI BE; BITYO NTIMUZABATINYE, AHUBWO MUNTINYE NIBA KOKO MURI ABEMERA NYAKURI"

Umwanditsi (Imana imugirire impuhwe) yazanye isomo ryo gutinya nyuma y'isomo ry'urukundo, kuko gusenga Imana bishingiye ku bintu bibiri: **Urukundo:** arirwo rutuma umuntu abasha kubahiriza ibyo yategetswe. **Gutinya:** Bituma umuntu areka ibyo yabujijwe.

IBICE BIGIZE UGUTINYA

Ugutinya (mu ibanga) ni amasengesho no kwicisha bugufi, gukuza no kwibombarika: Kubikorera ikitari Imana ni ibangikanya rikuru, kandi abantu kuri icyo barimo ibice bibiri n'icyo gahati.

Ugutinya kwa kamere (biremewe): "Nuko awusohokamo akebaguzwa, afite ubwoba (bw'uko ashobora gufatwa)" kuko kureka gukora icyangombwa cyangwa gukora ikiziririjwe, ni ikizira.

- Ijambo rigira riti "ubatinisha abambari be" Shitani atera ubwoba buri wese ushaka gukora ibimugomba.
- Ijambo rigira riti "bityo ntumuzabatinye" bityo nimukore ibyo nabategetse n'ibyo nagize ngombwa kuri mwe byo kurwana mu nzira y'Imana, ntumuzatinye bariya, niba Imana iri kumwe n'umuntu ntawamutsinda n'umwe.

Gihamya ya kabiri:

Ni ijamba ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, abita ku misigiti ya Allah ni babandi bemeye Allah n'umunsi w'imperuka, bagahozaho amasengesho, bagatanga amaturo ndetse ntibagire undi batinye utari Allah".

- Ijambo rigira riti "Uwemera Imana" Imana yegeranyije ukuyemera no kwemera umunsi w'imperuka cyane, kuko kwemera Imana bifatwa nko kwiringira, naho kwemera umunsi w'imperuka bifatwa ngo gutinya.
- Ijambo rigira riti "Agahozaho amasengesho" ni ukuyakora uko bikwiye nta ugira icyo agabanyaho, guhozaho amasengesho biri mu buryo bubiri:
 1. Kuyahozaho by'itegeko: Bigarukira gusa ku iby'itegeko nk'ibigomba kubanza kubahirizwa, inkingi ndetse n'ibyangombwa.
 2. Guhozaho byiza: Ni ukurenza ku iby'itegeko agakora iby'itegeko ndetse n'ibindi bitari utegeko byiza.
- Ijambo rigira riti "maze ntatinye" ugutinya gushingiye ku bumenyi ni ugukuzwa uwo utinye n'ubwami bwe byuzuye.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

Itandukaniro riri hagati y'ijambo Al Khashiyat na Khawuf ni uko:

1. Al Khashiyat ari ubwoba bujyana no kumenya uwo utinya n'uko ateye, naho Al Khawuf: ishobora guterwa n'ubujiji.
 2. Al Khashiyat iterwa n'ubuhambare bw'uwo utinya, mu gihe Al Khawuf iterwa n'imbaraga nkeya z'utinya.
- Ijambo rigira riti "Wenda" Ibun Abasi yaravuze ati "Ijambo wenda iyo riturutse ku Imana riba ari itegeko, ryaje mu njyana yo kwiringira, kugira ngo umuntu adatwarwa na baringa, kuko yaje muri iyi shusho.

**IBICE BYO KWITA KU IMISIGITI IKINYURANYO CYABYO NI UKUYISENYA
KO IMISIGITI YA ALLAH "NI NA NDE MUHEMU KURUSHA UBUZA
"RYE, AGAHARANIRA KUYISENYA? ISINGIRIZWAMO IZINA**

Kuyitaho mu buryo bugaragara: Bijyanye no kubaka kuyisasamo kuyisukura no kuyisana, ikinyuranyo cyabyo ni ukuyisenya mu buryo bufatika nko gusenyanya inyubako zayo no kuzonona.

Kuyitaho mu buryo budafatika: Gusenga, gusingiza Imana no gusoma Qor'an, ikinyuranyo cyabyo ni ukuyonona mu buryo butagaragara nko kugira imisigiti ahantu h'ibangikanya n'ibihimbano.

Gihamya ya gatatu:

Ni ijambo ry'Imana rigira riti "No mu bantu hari abavuga bati "Twemeye Allah!" Ariko batotezwa bazira Allah, bagafata ibigeragezo by'abantu nk'ibihano bya Allah(bagata ukwemera)"

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Abi Saidi (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ko "Mu by'ukuri, bimwe mubigaragaza icyizere gikeye, ni ugushimisha abantu mu birakaza Imana, no kubashimira ku amafunguro y'Imana, no kubavebera ibyo bataguhaye Imana ubwayo itaguhaye, mu by'ukuri, amafunguro y'Imana ntazanwa n'umwete w'umuntu nta nubwo usubizwayo no kutayishimira k'uwo ariwe wese"

- Birazwi ko umuntu ahunga ibihano by'Imana, agomba gukurikiza amategeko yayo, uwo afata ibigeragezo by'abantu nk'ibihano by'Imana, bityo agahunga ibyo bigeragezo byabo yemera gukora ibyo bashaka, uwo aba agize ibyo bigeragezo nk'ibihano by'Imana, icyo gihe aba abatinya nkuko atinya Imana kuko afata ibigeragezo byabo nk'ibihano by'Imana bigatuma ahunga Imana yemera gukora ibyo bashaka.
- Muri ayat harimo kuburira uwo ariwe wese uvuga ibinyuranye n'ibiri mu mutima we.

- Ijambo rigira riti “Ni ugushimisha abantu” ubatinya kurusha uko utinya Imana no kutabagira inama. - Ijambo rigira riti “Kubashimira” kuberekezaho ishimwe rwose wiyibagije ko utanga ibyo byose ari Imana Nyagasani. - Ijambo rigira riti “Kubavebera” kuko Imana Nyagasani iramutse igennye ibyo hari kubaho impamvu zituma bibaho, igikenewe ni ukunyurwa.

Gihanya ya gatanu:

Imvugo yaturutse kuri Aishat (Imana imwishimire), yavuze ko intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Umuntu uzashakisha ukwishimirwa n’Imana mu birakaza abantu, Imana iramwishimira n’abantu bakamwishimira, naho ushakisha kwishimirwa n’abantu mu birakaza Imana, Imana iramurakarira n’abantu bakamurakarira” Yakiriwe na Ibun Hiban mu gitabo cye Swahihi.

- Ijambo rigira riti “Uzashakisha” ari ugutinya abantu, kugira ngo bamwishimire, maze akabatinya kurusha uko atinya Imana Nyagasani.

INYUNGU ZA HADITH

1. Ni ngombwa gushakisha icyashimisha Imana Nyagasani nubwo cyarakaza abantu, kuko Imana niyo yagira icyo ikumarira ndetse yanagira icyo igutwara. 2. Ntabwo byemewe gushakisha icyarakaza Imana ugamije gushimisha abantu uko baba bameze uko ariko kose. 3. Ugomba gushimangira ugushimisha no kurakaza kubera Imana mu buryo bwiza, ariko hatarimo gusanisha n’ibiremwa.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Im’ran igira iti “Mu by’ukuri, uwo ni shitani ubatinyisha abambari be”.

Icya kabiri: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Baraa igira iti “Mu by’ukuri, abita ku misigiti ya Allah ni babandi bemeye Allah n’umunsi w’imperuka”

Icya gatatu: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Ankabut igira iti “No mu bantu hari abavuga bati “Twemeye Allah!”.

Icya kane: Ni uko icyizere kigabanyuka kikaniyongera.

Icya gatanu: Ikigaragaza kugabanyuka kw’ikizere, harimo ibi bintu bitatu (Kuba washimisha abantu mu birakaza Imana, no kubashimira ku amafunguro y’Imana no kubaveba ku icyo Imana itaguhaye).

Icya gatandatu: Ni uko guharira Imana ugutinya biri mu bintu by’itegeko.

Icya karindwi: Kuba havuzwe ibihembo by’uzakora ibyavuzwe ko ari (Ukwishimirwa n’Imana ndetse no kwishimirwa n’abantu).

Icya munani: Ni ukuvuga ibihano by’uwaretse gukora ibyo ko ari (Ukurakarirwa n’Imana ikanatuma n’abantu bamurakarira).

[33] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "KANDI MWIRINGIRE ALLAH NIBA KOKO MURI ABEMERA".

- Nyuma y'urukundo no gutinya, umwanditsi (Imana imugirire impuhwe) yasobanuye ko kubona icyo ushaka no kuvaho kw'ikitari cyiza ntibishobora kubaho hatabayeho kwiringira Imana, nta nubwo umuntu ashobora gushimangira amasengesho hatabayeho kwirindira Imana, ibi bikaba ari urwego rwo hejuru, kandi ni ngombwa ku muntu ko agomba guherekezwa no kwiringira mu bintu bye byose.
- Ijambo rigira riti "kandi mwiringire allah": Iyi mvugo yumvisha kwiharira ikintu (Imana yihariye kwiringirwa) harimo no kutabaho ko kwemera mu gihe hatariho kwiringira Imana, usibye igihe umuntu yaba yiringira ikitari Imana burundu, icyo gihe biba ari ibangikanya rikuru.

Kwiringira Imana: Ni ukwiringira by'ukuri Imana uyifitiye icyizere no gukora impamvu zose zategetswe, ni ngombwa kwiringira by'ukuri no gushyiraho impamvu zemewe muri uko kwiringira, ibice byako ni:

Ni ugushyira mu maboko y'Imana buri kintu no kwizera ko ukuboko kw'Imana ariko kuzana ibyiza kukanakumira ibibi, ibi bintu rero kubikorera utari Imana ni ibangikanya rikuru.

Kwiringira umuntu muzima hagararamo kumukenera cyane, ibi ni ibangikanya ritoya, nko kuba umuntu yakwiringira cyane mu mafunguro ye umuntu.

Al Wakalat (guhagararirwa): ntibikwiye ko umuntu avuga ati "Niringiye kanaka, cyangwa ngo niringiye Imana hanyuma kanaka, ahubwo ibyiza ni ukuvuga uti: Mpaye kanaka kumpagararira, kuko intumwa Muhamadi yagiye ahagararirwa mu bintu bye by'umwihariko cyangwa ibva rusange.

Gihamya ya kabiri n'ya gatatu:

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "Mu by'ukuri, abemera nyabo ni babandi iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera; kandi bakiringira Nyagasani wabo (wenyine)" "Babandi bahozeho amasengesho kandi bagatanga mu byo twabahaye".

[3] Ni ijambo rigira riti "Yewe Muhanuzi (Muhamadi)! Allah araguhagije, wowe n'abemera bagukurikiye".

- Umuntu aba ukwemera nubwo atabwo arangwa n'ibi bintu, ariko nyine akaba ukwemera muri rusange.
- Ijambo rigira riti "Yewe Muhanuzi (Muhamadi)! Allah araguhagije, wowe n'abemera bagukurikiye". Ntawe uguhagije usibye Imana kandi anahagije abagukurikira mu abemeramana, bityo muyiringire mwese, yaba wowe ndetse n'abagukurikiye.

**IMANA MURI IYI AYAT NDETSE N'IZIYIKURIKIYE YAVUZEMO IBIRANGA
UKWEMERA KUZUYE:**

Bisobanuye ko imitima itinya kubera ko iba izi ubuhambare bw'Imana, ikimenyetso cyo kwemera nuko iyo Imana ivuzwe iyo mitima itinya.

“Iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana”

Bisobanuye ko bemera bakanashyira mu bikorwa, harimo ko umuntu ashobora kugirirwa akamaro n'igisomo cya mugenzi we kuruta uko icye cyamugirira akamaro.

“Banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera”

Bisobanuye ko Imana ariyo biringira yonyine, ariko hamwe no kwiringira Imana bakanakora impamvu zangombwa, aha ni naho hari gihamya.

“Kandi bakiringira Nyagasani wabo”

Bisobanuye ko bayakora mu buryo butunganye kandi bwuzuye, Iswala ni izina rusange rikubiyemo iswala z'itegeko n'izi migereka.

“Babandi bahozeho amasengesho”

Bisobanuye ko iyi mvugo ikubiyemo gutaka abatanze bimwe mu ibyo batunze ndetse n'abatanze byose bari batunze, uwatanze byose atunze yinjira muri ibyo bisingizo iyo yiringiye Imana.

“Kandi bagatanga mu byo twabahaye”

Gihamya ya kane:

[4] Ijambo ry'Imana rigira riti “Nuzaramuka yiringiye Imana, izaba imuhagije”

-Bisobanuye ko Imana imurangiriza ibibazo afite, ikanamworohereza ibye byose n'ubwo yagira zimwe mu ingorane, Imana iba imuhagije. Kandi intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) niwe Shebuja w'abaringira Imana bose, ariko hamwe nibyo yagiye agerwaho ni ngorane ariko ntacyo zamutwaye.

- Ayat mu rundi ruhande yumvisha ko uwiringiye utari Imana atereranwa, n'Imana ikamureka.

Gihamya ya gatanu:

[5] Imvugo yaturutse kuri Ibum Abasi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Imana iraduhagije kandi ni we Murinzi mwiza” byavuzwe na Ibrahimu (amahoro abe kuri we) igihe yajugunywaga mu muriro, nanone avugwa n'intumwa Muhamadi igihe bamubwiraga bati: “Mu by'ukuri abantu (Abakurayishi) babateraniyeho, bityo nimubatinye.”Ariko ibyo byabongereye ukwemera, maze baravuga bati “ Allah araduhagije kandi ni we Murinzi mwiza”. Yakiriwe na Bukhariy.

Iyi nkuru iri mu magambo ya Qor'an ubwo Abu Sufyani yavaga mu intambara ya Uhudi yashatse kugaruka ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo be ngo abarangize bose nkuko yabikekaga, ahura n'abantu bari ku mafarasi arababwira ati: Murajya hehe? Baramubwira bati: Tugiye Madinat, ati: Mubwire Muhamadi n'abantu be ko tugarutse kubarangiza, nuko abo bantu bageze Madinat babagezaho ibyo babwiwe na Abu Sufyan, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) we n'abo bari kumwe baravugaga bati "Allah araduhagije kandi ni we Murinzi mwiza". Nuko basohoka ariya bantu bari ku mafasi 70, bageze aho bita Ham'raul Asadi, hanyuma Abu Sufyan aza kuva ku gitekerezo cye asubira Makka, ibi ni ibigaragaza kuba Imana yarahagije intumwa yayo n'abemera, igihe bayiringiraga.

ICYITONDERWA:

Kuba Ibun Abas yakira imvugo azikomoye ku abayisiraheli, iyo ni imvugo izwi cyane mu bamenyi ba Mus'twalaha, ariko ni ikintu gikwiye kurebwa neza, kuko Ibun Abas (Imana imwishimire) ari mu bantu banga kwakira imvugo z'abayisiraheli.

ESE IMVUGO ZIKOMOKA MU ABAYISIRAHeli DUSHOBORA KUZEMERA?

1. Tugomba kuzemera igihe izo mvugo zaje no mu mategeko yacu igihamya ko ari ukuri.
2. Tugomba kuzihakana igihe izo mvugo zaje no mu mategeko yacu igihamya ko ari ibinyoma.
3. Tugomba kwifata kuri izo mvugo, igihe mu mategeko yacu hatajemo ibizemeza cyangwa ibizihinyura.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni uko kwiringira Imana biri mu bintu byategetswe (Kuko Imana yabifatanyije no kwemera).

Icyamba kabiri: Kwiringira Imana ni bimwe mu byangombwa byo kwemera.

Icyamba gatatu: Gusobanura ayat yo muri Surat Al Anfali igira iti "Mu by'ukuri, abemera nyabo ni babandi iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana".

Icyamba kane: Gusobanura indi ayat igira iti "Yewe Muhanuzi (Muhamadi)! Allah araguhagije, wowe n'abemera bagukurikiye".

Icyamba gatanu: Gusobanura ayat yo muri Surat Twalaq igira iti "Nuzaramuka yiringiye Imana, izaba imuhagije".

Icyamba gatandatu: Ubuhambaro bw'iri jambo, ni ukuba ryarakoreshejwe n'intumwa y'Imana Ibrahimu (amahoro y'Imana abe kuri we) rikanakoreshwa n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu bihe bikaze.

(Muri iri somo harimo kwiyongera ko kwemera, ko mu bihe bikaze umuntu agomba kwiringira Imana Nyagasani bikajyana no gukora impamvu, no kumenya ko gukurikira intumwa Muhamadi ufite ukwemera nibyo ntandaro yo kuba Imana yaba ihagije umugaragu wayo).

[34] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE BIBWIRA KO BATEKANYE, BADASHOBORA KUGERWAHO N'IBIHANO BYA ALLAH? NTABIBWIRA KO BADASHOBORA KUGERWAHO N'IBIHANO BYA ALLAH URETSE ABANYAGIHOMBO"

- Iri somo rikubiyemo: Gutekana ku bihano by'Imana no kwiheba ku impuhwe zayo, buri kintu muri ibyo byombi ni igice kinyuranye n'ikindi, umwanditsi yashatse ko umuntu ugana Imana yakusanya hagati yo gutinya no kwizera, muri ayat twungukamo:

1. Umuntu agomba kuba maso akareba inema Imana imugezaho ko bitaba ari ukumugerageza.
2. Kirazira kwizera ko ibihano by'Imana bidashobora kukugeraho.

Gihamya ya kabiri:

Ijambo ry'Imana rigira riti "(Aburamu) aravuga ati "Nonese ni nde wakwiheba mu mpuhwe za Nyagasani we, usibye abayobye?"

- Bisobanuye ko nta muntu utakaza icyizere ku mpuhwe z'Imana usubye uwabuze umuyoboro, warindagiye utazi ibyo Imana igomba, hamwe nuko Imana Nyagasani iri hafi, gutakaza icyizere rero ku mpuhwe z'Imana ntabwo byemewe kuko ari ugukekerana Imana ibibi, kandi ni: 1. Gufobya ubushobozi bwayo, kuko umaze kumenya ko Imana ishoboye byose ntiyagira ikintu na kimwe abona ko kidashoboka kuri yo. 2. Nino tugufobya impuhwe zayo, kuko umaze kumenya ko Imana ari Nyirimpuhwe ntabwo ashobora kubona ko Imana itamugirira impuhwe.

Gihamya ya gatatu n'ya kane:

[3] Imvugo yaturutse kuri Ibun Abas (Imana imwishimire), intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabajijwe kubyerekeye ibyaha bikuru, maze aravuga ati "Ni ukubangikanya Imana, gutakaza icyizere ku mpuhwe z'Imana no kwibwira ko utekanye ku ibihano by'Imana".

[4] N'imvugo yaturutse kuri Ibun Mas'udi yaravuze ati "Ibyaha bikuru biruta ibindi: Ni ukubangikanya Imana, kwibwira ko utekanye ku ibihano by'Imana, gutakaza icyizere ku impuhwe z'Imana no gukeka ko ibibi bitarangira" Yakiriwe na Abdu Razaq.

- Ijambo rigira riti "Kubangikanya Imana" ikigamijwe ni ibangikanya rikuru n'iritoya kandi iritoya ruruta ibyaha bikuru. - Ijambo rigira riti "Kwibwira ko utekanye ku ibihano by'Imana" akaba yakwigomeka ku Imana kandi inema zimugeraho ari izo kumugerageza. - Ijambo rigira riti "Gutakaza icyizere ku mpuhwe z'Imana" ni ukuba umuntu abona ko bidashoboka ko impuhwe z'Imana zimugeraho, akanabona ko bidashoboka kugera ku ibyo ashaka. - Ijambo rigira riti "No gukeka ko ibibi bitarangira" ni ukubona ko bidashoboka ko ibibi yagize byamuvaho.

INCAMAKE:

Ni uko umuntu wese ugana Imana agomba guhura n'ibintu bibiri byaba ibisitaza mu nzira igana Nyagasani we, aribyo kwibwira ko utekanye ku ibihano by'Imana ndetse no gutakaza icyizere ku impuhwe z'Imana, yagerwaho n'ingorane cyangwa akabura ibyo yakundaga, usanga iyo atagobotswe na Nyagasani we agotwa no gutakaza icyizere cy'impuhwe za Nyagasani we akabona ko ibisubizo kidashoboka ntagire icyo akora mu impamvu zamugeza kucyo ashaka, naho kwibwira ko utekanye ku ibihano by'Imana, ubona umuntu yarihamiye mu kwigomeka ku Imana hamwe nuko inema z'Imana zikomeza kumugeraho, kandi akabona ko ari mu kuri agakomeza kwibera mu bupfayongo bwe nta gushidikanya ko izo nema ziba ari ibigeragezo.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al A'araf igira iti "Ese bibwira ko batekanye, badashobora kugerwaho n'ibihano bya Allah?"

Icyamba kabiri: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Hijir igira iti "(Aburahamu) aravugaga ati 'Noneho ni nde wakwiheba mu mpuhwe za Nyagasani we, usibye abayobye?'".

Icyamba gatatu: Isezerano rikaze ry'ibihano kuri wa wundi azibwira ko atekanye adashobora kugerwaho n'ibihano by'Imana (Kuko ari kimwe mu byaha bikuru).

Icyamba kane: Isezerano rikaze ry'ibihano kuri wa wundi utakaza icyizere ku impuhwe z'Imana.

[35] ISOMO RIVUGA KO KWIHANGANIRA AMAGENO Y'IMANA
BIRI MU KWEMERA IMANA.

IBICE BIGIZE UKWIHANGANA NI BITATU

Kwihanganira kubaha Imana ukabasha kubikora: Ibi ni bimwe mu kwihanganira amategeko y'Imana nk'Iswala no gusiba.

Kwihanganira kureka kugomera Imana kugeza ubiretse: Nko kureka ibangikanya n'ibindi byose byaziririjwe.

Kwihanganira amageno y'Imana ababaza: Nko gupfusha uwo hafi yawe mu muryango.

Umwanditsi yabanje kuvuga ukwihangana mbere yo kuvuga kumvira kuko bikubiyemo kwiyezeza no gukora, hanyuma kwihanganira kureka ibyaha kuko harimo kureka naho kwihanganira amageno y'Imana ni uko impamvu yayo atari ubushake bw'umuntu, hashingiwe ku bikubiyemo kwihanganira kureka ibyaha biragoye ku muntu kuruta kwihanganira gukora ibikorwa byo kumvira.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti "Ndetse n'uwemeye Allah, (Allah) ayobora umutima we (mu kwemera nyako)" Aliqamat yaravuze ati "Ni umuntu ugerwaho n'ibyago akamenya ko b iturutse ku Imana, bityo akabyakira kandi akava ku izima"

IBICE BY'ABANTU MU GIHE CY'IBYAGO:

Kurakarira igeno (ni icyaha gikuru hari n'igihe byaba ubuhakanyi): (Kurakara) ku mutima, naho ku rurimi (kuboraga no gusaba gupfa) ku bihimba by'umubiri (Kwikubita no kwiciraho imyenda no gupfura imisatsi).

Uwihanganira igeno (ni itegeko nkuko byemeranyijwe): Ku mutima no kururimi no kubihimba by'umubiri, ibyo biraremereye kuri we kandi ntabyishimira ariko akemera akihangana.

Kwakira neza igeno (ni byiza): Kubera kwakira neza kandi kuzuye igeno rya Nyagasani we afite inema cyangwa atazifite ibigeragezo akabifata nk'igeno riturutse kwa Nyagasani we.

Gushimira igeno ry'Imana (uru nirwo rwego rusumba izindi): Kuko abona ko ibyamubayeho byaje mu rwego rwo kumuhanaguraho ibyaha no kumwongerera ibyiza no kwemera, hari ibyago birenzeho.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti "Ndetse n'uwemeye Allah, (Allah) ayobora umutima we (mu kwemera nyako)" Aliqamat yaravuze ati "Ni umuntu ugerwaho n'ibyago akamenya ko b iturutse ku Imana, bityo akabyakira kandi akava ku izima"

- Ijambo rigira riti "Iyobora umutima we" imuha ugutuzza iyo umutima uyobotse n'ibihimba by'umubiri birayoboka.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yakiriwe na Muslim ikomotse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ibintu bibiri mu bantu kuri bo ni ubuhakanyi: Gusebanya mu muryango no kuboroga kubera uwapfuye"

- Ijambo rigira riti "Gusebanya mu muryango" kugaragaza inenge yawo, ibi biri mu bikorwa by'abahakanyi.
- Ijambo rigira riti "Kuboroga kubera uwapfuye" aha niho hari gihamya, kuboroga biri mu kwanga kwakira igeno.

Gihamya ya gatatu n'iya kane:

[3] Imvugo yaturutse kuri bo bombi, ikomotse kuri Ibun Mas'udi ayikomoye ku intumwa Muhamadi yaravuze ati "Ntabwo ari muri twe umuntu wikubita ku matama, akiciraho imyenda akanavuga amagambo yo mu gihe cy'ubujiji"

[4] Imvugo yaturutse kuri Anasi (Imana imwishimire) intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Iyo Imana ishakira ibyiza umugaragu wayo, yihutisha kumugezaho ibihano ku isi, n'iyi Imana ishakira umugaragu wayo ibibi, amurekera ibyaha bye hanvuma akazabimuhanira ku muni w'imperuka"

- Ijambo rigira riti "Akanavuga amagambo yo mu gihe cy'ubujiji" buri magambo yose yakomotse mu gihe cy'ubujiji, nko gusenya amazu no kumena ibyombo no kwangiza ibiribwa n'ibindi nkabyo bikorwa na bamwe mu bantu mu gihe cy'ibyago.
- Ijambo rigira riti "Iyo Imana ishakira umugaragu wayo" ibibi ntabwo biri mu bushake bw'Imana ubwabyo, kubera ijamba ry'intumwa Muhamadi rigira riti "Ibibi ntabwo bituruka iwawe" Imana ibizana hashingiwe ku bugenge bwayo, icyo gihe rero ibyiza bibaho hashingiwe ku bugenge bw'Imana.
- Impamvu y'iyi Hadith ni uguhoza uwagezweho n'ibyago kugirango adahogora, kuko hari igihe byaba ari byiza kandi ibihano byo ku isi biroroshye kurusha iby'imperuka, bityo agomba gushimira Imana kuba itaramurindirije ibihano bye ku muni w'imperuka.

Gihamya ya gatanu:

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Mu by'ukuri, ibihembo bihambaye bijyana n'ibigeragezo bihambaye, kandi iyo Imana ikunze abantu irabagerageza, bityo awakiriye neza ibigeragezo arishimirwa naho ubyakiriye nabi abirakariye nawe ararakirirwa" Yakiriwe na Tir'midhiy.

Inyungu dukuyemo:

1. Uko ibyago birushaho kuba bikaze no kwihangana k'umuntu kugakara ibihembo nabyo biba bihambaye.
2. Imana iyo ikunze abantu irabagerageza ibyo ibageneye byose hano ku isi no mu mategeko.
3. Guhamya urukundo n'uburakari no kwishima by'Imana Nyagasani, hamwe no kwitonda ntibigereranywe n'ibyi biremwa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat A Taghabun igira iti “Ndetse n'uwemeye Allah, (Allah) ayobora umutima we (mu kwemera nyako)”.

Icyamba kabiri: Ni uko ibi biri mu kwemera Imana (Kwihanganira amageno y'Imana).

Icyamba gatatu: Gusebanya mu miryango (aribyho kuwutesha agaciro ibyo biri mu buhakanyi butoya).

Icyamba kane: Isezerano ry'ibihano rikaze ku muntu ugerwaho n'ibyago akikubita ku matama, akaniciraho imyenda, akanavugaga amagambo yo mu gihe cy'ubujiji (Kuko intumwa Muhamadi yavuze ko atari kumwe nawe).

Icyamba gatanu: Ibimenyetso by'ubushake bw'Imana bw'ibyiza ku mugaragu wayo (Ni ukwihutisha ibihano bye ku isi).

Icyamba gatandatu: Ibimenyetso by'ubushake bw'Imana bw'ibibi ku mugaragu wayo (Imutegereza kuzamuhana ku muni w'imperuka).

Icyamba karindwi: Ikimenyetso cy'urukundo rw'Imana ku mugaragu wawo (Ni ukumugerageza).

Icyamba munani: Kirazira kurakara (kurakarira ibigeragezo umuntu yahawe).

Icyamba cyenda: Ibihembo byo kwakira neza ibigeragezo (Ni umugaragu kwishimira Imana).

[36] ISOMO KU IBYEREKEYE
GUKORERA IJISHO

Gihamya ya mbere kugeza ku iya gatatu:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Mu by'ukuri, njye ndi umuntu nkamwe. Nahishuriwe ko Imana yanyu ari Imana imwe rukumbi (Allah)".

[2] Invugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) "Imana yaravuze iti "Njyewe mpagije ababangikanyamana bakareka ibangikanya, bityo uzakora igikorwa ambangikanyijemo n'ikindi kintu, murekera ibangikanyamana rye" Yakiriwe na Muslim.

[3] Invugo yaturutse kuri Abi Saidi ayikomoye ku intumwa Muhamadi yaravuze ati "Ese mbabwire ibyo ntinya cyanye kuri mwe kurusha ibigeragezo bya Masihi Dajali? Baravuga bati: bitubwire yewe ntumwa y'Imana, aravuga ati "Ni ibangikanya ryihishe, aho umuntu ahaguruka agasenga isengesho rye akaritaka cyane kugira ngo abantu bamurebe" Yakiriwe na Ahmadi.

- Ijambo rigira riti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Mu by'ukuri, njye ndi umuntu" intumwa Muhamadi yategetswe kubwira abantu ko we ari umuntu, ibyo abishimangiza ijamba rigira riti "Nkamwe" itandukaniro rye nabandi ni uko we ahishurirwa, ibyo bikaba bisaba kumwumvira, ariko kumusenga byo ni ikizira.

- Ijambo rigira riti "Kuzahura na Nyagasani we" uguhura gushimishije kandi kwiza ku mwiheriko w'abemera, kuzaba gukubiyemo kuzabona Imana ku mperuka.

- Ijambo rigira riti "ajye akora ibikorwa byiza" abigamijemo ibihembo (kandi abikoze kubera Imana kandi akurikije intumwa Muhamadi".

- Ijambo rigira riti "Njyewe mpagije" hano harimo ibisobanuro bibiri:

1. Igikorwa cyose kirimo ugukorera ijisho kiba infabusa, kandi gukorera ijisho ni ikizira.

2. Kugaragaza ubukungu bw'Imana no kuba ukuri kwayo guhambaye, no kuba bitemewe k'umuntu n'mwe ko abangikanya Imana n'ikindi kintu.

- Ijambo rigira riti "Masihi Dajali" ni umuntu wapfuye ijisho ry'iburyo, akaba ari umuntu ukomoka kuri Adamu ariko w'umubeshyi.

**NI UKUBERA IKI INTUMWA MUHAMADI (AMAHORO Y'IMANA ABE KURI WE) YATINYE
KU BANTU BE GUKORERA IJISHO KURUSHA MASIHI DAJALI?**

1. Kubera ko ibigeragezo bya Dajali biragaragara, naho ibigeragezo byo gukorera ijisho birihishe, kandi kugira ngo umuntu areke gukorera ijisho biragoye cyane.

2. Ni uko ibigeragezo bya Dajali bizabaho gusa mu bihe bya nyuma, bitandukanye no gukorera ijisho ibigeragezo byabyo bibaho buri gihe.

IBANGIKANYAMANA RIRIMO IBICE BIBIRI:

1. Ibangikanyamana ryihishe: Ni ryarindi riri ku mutima nko gukorera ijisho, rikaba ryitwa ibangikanya ryo mu ibanga. 2. Ibangikanyamana rigaragara: Ni iriba rigizwe n'amagambo nko kurahira ikitari Imana, cyangwa ibikorwa nko kunamira utari Imana.

Ugukorera ijisho: Ni umuntu gukora igikorwa agamije ko abantu bamureba, cyangwa bamwumva, ibi bikaba ari imyitwarire y'indyarya.

Ugukorera ijisho byaboneka mu isengesho ubwaryo: Byangiza iryo sengesho.

Ugukorera ijisho bishobora kuza bitunguranye:
Hano harimo ibisobanuro

Ugukorera ijisho byaboneka mu isengesho rirangiye: icyo gihe ntacyo bitwara isengesho, usibye igihe harimo ubugome nko kuvuga no kubuza amahoro uwo umaze guha Swadaqa.

Nyiraryo kugerageza kurirwanya: Akora ibyo yategetswe, kandi icyo gihe isengesho riba ritunganyeye.

Gukora igikorwa kikajyanirana no gukorera ijisho: Hano harimo ibisobanuro:

Kuba intangiriro y'isengesho ifatanye n'impera yaryo: Nk'iswala, icyo gihe isengesho rirononekara.

Kuba intangiriro y'isengesho igafatanye n'impera yaryo: Nk'iswala,

NI UWUHE MUTI WAVURA GUKORERA IJISHO?

1. Gukuza Imana wiga Tawuhidi no kuyishyira mu bikorwa, kuko umuntu iyo akuza Imana ntiyita k'uwo ariwe wese.
2. Ntugamba kugera igikorwa ushaka gukora kubera gutinya gukorera ijisho, kuko Shitani iyo itagutuye mu gukorera ijisho ikuroha mu gutinya ikitari Imana.
3. Gusaba Imana. 4. Guhisha ibikorwa ukora utinya kugwa mu gukorera ijisho.
5. Gusura amarimbi mu buryo bwemewe n'amategeko kuko byibutsa umuntu imperuka, naho gukorera ijisho bituma umuntu yibanda ku iby'isi gusa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ugusobanura ayat yo muri Surat Al Kah'fi igira iti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Mu by'ukuri, nje ndi umuntu nkamwe. Nahishuriwe ko Imana yanyu ari Imana imwe rukumbi (Allah)".

Icyamba kabiri: Iki ni ikintu gihambaye mu kunona igikorwa cyiza igihe cyinjiyemo ikindi kintu gikorewe ikitari Imana.

Icyamba gatatu: Kuvuga impamvu itera ibyo, ariyo ubukungu bw'Imana bwuzuye.

Icyamba kane: Ni uko zimwe mu mpamvu, nuko Imana iruta ibigirwamana.

Icyamba gatanu: Kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaratinziye abasangirangendo be gukorera ijisho (ni ukuvuga ko abazaza nyuma yabo ho bihambaye).

Icyamba gatandatu: Intumwa Muhamadi yasobanuye ibyo, nko kuba umuntu yasenga isengesho akaritaka neza ngo bamurebe (uko ni nako bikorwa mu kuvuga).

[37] ISOMO RIVUGA KO ARI IBANGIKANYA UMUNTU GUKORA
IGIKORWA AGAMIJEMO INDONKE Z'ISI GUSA

- Iri somo ryaje kubera umuntu wakora igikorwa adashaka ko ashimirwa kandi adashaka gukorera ijisho, ahubwo asenga Imana atayibangikanya, ariko yishakira indonke z'isi, nk'amafaranga, umushahara, kugira ubuzima bwiza n'ibindi, we nyine agakora igikorwa agishakamo inyungu z'isi, yirengagije ibihembo byo ku mperuka.
- Ntabwo ari bibi umuntu kuba yasaba mu isengesho rye ngo Imana imuhe umutungo, ariko ntagomba gusenga kubera iyo mpamvu. Kubo ibyo ari urwego rwo hasi cyane, kuba umuntu yashakira indonke mu gikorwa cy'imperuka.
- **Icyitonderwa:** Bamwe mu bantu iyo bavugaga inyungu z'amasengesho, bazihinduramo inyungu z'isi gusa, kandi icyiza ni uko tutagira inyungu z'isi kuba arizo zigamijwe mu gikorwa gusa.
- Iri somo rikomeye kurusha isomo ryo gukorera ijisho, kuko gukorera ijisho bishobora kuza bitunguranye mu iswala imwe gusa, naho gushakira inyungu z'isi mu gikorwa cy'imperuka ububi bwabyo bushobora no gutandukira bukagere no muyandi masengesho.

IBICE BY'ABANTU MURI IRI SOMO NI BITANU:

Ibi biremewe nk'umuntu ucuruza ngo azagure inzu.	Umuntu kuba ashakira indonke z'isi mu gikorwa cy'isi:
Ibi nabyo ni byiza nk'umuntu uhinga ngo azatange Isadaqa.	Umuntu kuba ashakira indonke z'isi mu gikorwa cy'imperuka:
Uyu arahirwa uru nirwo rwego rwo hejuru.	Umuntu kuba ashakira ibihembo by'imperuka mu gikorwa cy'imperuka:
Ibi biremewe ariko imperuka ikaba ariyo yiganza, Imana iti "Nyagasani duhe ku isi ibyiza, no ku mperuka uzaduhe ibyiza"	Umuntu ushaka indonke z'isi n'imperuka ku gikorwa cy'imperuka:
Ibi ni ibangikanya ritoya, nk'umuntu usengeshabantu kubera umushahara.	Umuntu ushaka indonke z'isi mu gikorwa cy'imperuka:
- Ni gute umuntu yamenya ko igikorwa cye agishakamo indonke z'isi cyangwa imperuka? "Iyo ahawe arishima atahabwa akarakara". - Icyitonderwa: Bamwe mu bantu biyereza Imana mu bihe by'ibizamini, amanota yasohotse akareka amasengesho.	

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry’Imana rigira riti “Abashaka ubuzima bwo ku isi n’imitako yayo, tuzabahembera ibikorwa byabo byuzuye bakiyiriho”

Ibi ni umwihariko muri ayat iboneka muri Surat Is’rai “Ushaka umunezero wo ku isi utaramba, twihutira kuyimuheramo ibyo dushaka (kandi tukabiha) uwo dushaka. Nyuma y’ibyo, twamugeneye umuriro wa Jahanamu azinjiramo asuzuguritse (kandi) Byirukanywe(mu mpuhwe za Allah)”

Gihamya ya kabiri:

Mu bitabo bibiri by’ukuri, imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze iti “Yarahombye umugaragu w’idinari, yarahombye umugaragu w’idirihamu, yarahombye uwita k’uko agaragara, iyo agize icyo ahabwa aranezerwa, atahabwa akarakara, yarahombye kandi ibintu byaramuhindukanye, niyo ajombwe n’ihwa ntashobora kuryikura, arahirwa umuntu ufata imigozi y’ifarasi ye akajya kurwana mu nzira y’Imana, imisatsi idashokoje ibirenge byuzuye ivumbi, iyo ari k’uburinzi aba ari k’uburinzi, yaba ari ku mpera y’igitero akaba ari ku mpera, iyo asabye uruhushya ntaruhabwa, n’iyo akorewe ubuvugizi ntibwakirwa”

- Ijambo rigira riti “Yarahombye” ni igihombo gikabije “Umugaragu w’idinari” ni amafaranga akozwe muri Zahabu, yiswe umugaragu w’idirihamu, kubera ko arishishikariye nk’uko umugaragu ashishikarira Shebuja, mbere ryabaye ikintu cye cy’ibanze, aritushya kumvira Nyagasani we.
- Ijambo rigira riti “Idirihamu” ni amafaranga akozwe muri Feza. “Al Khamiswatu” na “Al Hamilatu” bisobanuye umuntu wita k’uko agaragara ndetse n’ibikoreshe bya.
- Ijambo rigira riti “Iyo ahawe arishima atahabwa akarakara” nta kimushimisha usibye amafaranga nta nikimurakaza usibye yo, ari nayo mpamvu yiswe umugaragu wayo.
- Ijambo rigira riti “Intakasa” ni ukuba ibintu byaramuhindukanye bikaba uko atabishakaga, kandi bikaba bitamworohye.
- Ijambo rigira riti “Niyo ajombwe n’ihwa ntabasha kuryikura” kubera kutabyitaho. Izi nteruro uko ari eshatu birashoboka kuba zitanga inkuru cyangwa zitaba ari ubusabe asabirwa.
- Ijambo rigira riti “Twuubaa” azamererwa neza uyu muntu, banavugako iri jambo risobanuye igiti kiri mu ijuru, ariko imvugo ya mbere niyo iri rusange.
- Ijambo rigira riti “Mu nzira y’Imana” kugira ngo byemerwe nuko arwana kugira ngo ijamba ry’Imana ariryo rijya hejuru, ntabe arwanira ubwoko cyangwa ibindi.
- Ijambo rigira riti “Umutwe udashokoje” kubera ivumbi ryo kurwana mu nzira y’Imana uwo muntu akaba atitaye kuko ameze ndetse no kumubiri we kuva uko ameze bituruka ku kumvira Imana, n’ibirenge bya byuzuye ivumbi kubera kujya mu nzira y’Imana, ibyo byose bikaba byaturutse ku masengesho, igihe nta guhatiririza birimo arabihemberwa nk’ijamba ry’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) rigira riti “Ndahiyeko umwuka uva mu kanwa k’umuntu wasibye...”

- Ijambo rigira riti “Umurundi” ni ukuba ku mpera y’igitero, izi nteruro ebyiri zifite ibisobanuro bibiri iyi Hadith yajyana nabyo:

1. Kuba uyu muntu aho yashyirwa hose mu gitero ntacyo bimutwaye, ntasaba urwego rwo hejuru nko kuba k’umurongo w’imbere mu ngabo.

2. Yaba k’uburizi akora ibyo ategetswe ndetse niyo yaba ku mpero y’igitero abikora neza.

- Ijambo rigira riti “N’iyo asabye uruhushya” nta cyubahiro afite nta n’urwego rwisumbuye afite mu bantu, ariko arufite ku Mana Nyagasani.

- Gihamya nuko mu bantu harimo abasenga isi, akababazwa nayo, Hadith yagabanyijemo abantu ibice:

1. Ni umuntu adafite ikindi kimushishikaje usibye isi gusa, byaba kubona amafaranga cyangwa kuba agaragara neza, isi ikaba ariyo yatwaye umutima we maze imubuza gusingiza Imana no kuyisenga, maze ibintu bikamuhindukana ntanabashe kwikemurira akabazo na gato.

2. Umuntu ushishikajwe n’imperuka, bityo agakora ibigoranye byo mu rwego rwo hejuru aribyo kurwana mu nzira y’Imana, hamwe n’ibyo agakora ibyo asabwa mu buryo bwose icyo agamije ari ibyiza kandi akavugira abantu.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni umuntu gashaka indonke z’isi mu bikorwa by’imperuka.

Icyamba kabiri: Gusobanura ayat yo muri Surat Hud igira iti “Abashaka ubuzima bwo ku isi n’imitako yayo, tuzabahembera ibikorwa byabo byuzuye bakiyiraho”.

Icyamba gatatu: Kwita umuyisumu umugaragu w’idinari n’idirihamu no gushishikazwa n’uko agaragara.

Icyamba kane: Igisobanuro cy’ibyo nuko iyo agize icyo ahabwa arishima atagira icyo ahabwa akarakara.

Icyamba gatanu: Ijambo rigira riti “Taisa wa intakasa” birashoboka ko iyi mvugo yaba ari inkuru intumwa yatangaga cyangwa ikaba ari ubusabe yasabiraga uyu muntu.

Icyamba gatandatu: Ijambo rigira riti “Niyo ajombwe n’ihwa ntabasha kuryikura” iyi mvugo yaba ari inkuru intumwa yatangaga cyangwa ikaba ari ubusabe yasabiraga uyu muntu.

Icyamba karindwi: Kuvuga neza umuntu urwana mu nzira y’Imana urangwa na buriya bisingizo (uwo niwe ukwiye kuvugwa neza ntabwo ari abiruka inyuma y’amadinari n’amadinarihamu ndetse nabaharanira kugaragara neza no kuba mu nzego zo hejuru.

[38] ISOMO RIVUGA KO UZUMVIRA ABAMENYI N'ABAYOBOZI MU KUZIRIRIZA IBYO IMANA YAZIRUYE CYANGWA KUZIRURA IBYO IMANA YAZIRIRIJE UWO AZABA ABAGIZE IBIGIRWAMANA BISENGWA MU CYIMBO CY'IMANA

UBURYO BUTANDUKANYE BWO KUMVURA ABAMENYI CYANGWA ABAYOBOZI MU KWIGOMEKA KU IMANA NYAGASANI:

Kuba ari ubuhakanyi bukuru:

Ni ukubakurikira wishimiye ibyo bavuga, ubishyira imbere, wanga amategeko y'Imana, kandi buri wese wanga ibyamanuwe n'Imana aba ari umuhakanyi, nko kuba wakwemera amategeko yabo angana n'ayi Mana cyangwa se aruta ay'Imana.

Kuba ari ubuhakanyi butoya n'ishyano rihambaye rishobora kuroha umuntu mu buhakanyi bukuru:

Ni ukubakurikira yishimiye amategeko yabo azi neza ko ariyo akwiye kandi asobanutse ku bantu ndetse no ku bihugu kuruta ayandi, ariko kubera amarangamutima ye akayakurikira nko kuba ashaka kwibonera akazi, ayo mategeko aramutse ayakoresheje mu kunyanganya umuyisumu ukuri kwe aba amuhuguje.

Hari ibisobanuro nko kuba yabakurikira mu bujiji akeka ko ayo mategeko ari ay'Imana:

1. Kuba byamushobokera we ubwe kumenya ukuri, icyo gihe aba yararangaye kandi atarabihaye agaciro icyo gihe abona ibyaha.
2. Kuba atari umumenyi kandi atashobora kwiga akabakurikira buhumyi yibaza ko ibyo ariko kuri, icyo gihe nta cyaha kuri we.

Gihamba ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ibum Abasi yaravuze ati "Igihe kiregereje ko mumanukirwa n'amabuye aturutse mu kirere, kuko nduvuga nti: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze namwe mukambwira muti Abubakar na Umar baravuze!"

[2] Ahmad mwene Hambali yaravuze ati "Ntangazwa n'abantu bamenye ko urushorerane rya Hadith runaka ari ukuri, maze bakagendera ku gitekerezo cya Suf'yani, kandi Imana Nyagasani yaravuze iti "Bityo, abigomeka ku mategeko yayo (Intumwa) bajye bitwararika batazavaho bakagerwaho n'ikigeragezo cyangwa bakagerwaho n'ibihano bibabaza" ese muzi ibigeragezo ibyo aribyo? Ibigeragezo ni ibangikanya, wenda uwakwanga amwe mu magambo y'intumwa mu mutima we hajyamo uburyarya maze akarimbuka".

- Ijambo rigira riti "Abubakar na Umar baravuze" nta mvugo nimwe izwi igaragaza ko Abubakar na Umar baciye ukubiri n'amagambo y'intumwa bagakoresha ibitekerezo byabo.

- Ijambo rigira riti "abigomeka ku mategeko yayo" ni ukuyirengagiza no kutayaha agaciro.

KUBYEREKEYE GUKURIKIRA ABANTU HARI IMVUGO
ESHATU Z'ABAMENYI:

**Gukurikira
by'itegeko:**

Kuko ijithadi
yafunzwe nyuma yo
gupfa cy'aba
Imamu bane.

**Gukurikira
bibujijwe**

burundu: Kuko
harimo kwemera
amagambo
y'umuntu
bitemewe
kwemera

**Gukurikira byemewe (ari nayo mvugo
y'ukuri):**

Mu gihe cy'amaburakindi no
kuba umuntu atabasha kumenya ubwe
amategeko maze agakurikira uwo
yizeye ho idini n'ubumenyi akagendera
ku magambo ye mu bibazo byose kandi
ntagendere ku mpushya zatanze.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Idiyu mwene Hatimi, ivuga ko yumvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) asoma iyi ayat "Bagize abamenyi babo n'abihayimana muri bo, ibigirwamana mu cyimbo cy'Imana" ndavuga nti: Twebwe ntabwo tubasenga, maze aravuga ati "Ese ntibaziririza ibyo Imana yaziruye namwe mukabiziririza, bakazirura ibyo Imana yaziririje namwe mukabizirura?" ndavuga nti: Nibyo turabikora, aravuga ati "uko niko kubasenga" Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy avuga ko ari nziza.

- Ijambo rigira riti "Abamenyi babo" ni umumenyi ufite ubumenyi bwinshi "Abihayimana" ni umuntu usenga cyane utita ku by'isi.
- Ijambo rigira riti "Twabwe ntabwo tubasenga" ntabwo tububamira cyangwa tubunamira, ntutubabagira, nta nubwo tubakoreraho umuhigo, ariko intumwa yamusobanuriye ko kubasenga ari ukubumvira, ugusenga kwihariye.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gusobanura ayat yo muri Surat Nuur igira iti "Bityo, abigomeka ku mategeko yayo (Intumwa) bajye bitwararika batazavaho bakagerwaho n'ikigeragezo cyangwa bakagerwaho n'ibihano bibabaza"

Icyamba kabiri: Gusobanura ayat yo muri Surat Tawubat igira iti "Bagize abamenyi babo n'abihayimana muri bo, ibigirwamana mu cyimbo cy'Imana".

Icyamba gatatu: Kumenya igisobanuro cy'isengesho nyakuri Idiyu yahakanye (Kubasenga mu kubumvira).

Icyamba kane: Kuba Ibun Abasi yatanze urugero kuri Abubakar na Umar, na Ahmad agatanga urugero kuri Suf'yani.

Icyamba gatanu: Kuba ibintu byarahindutse bikagera aho, abenshi mu bantu batangira gusenga abihayimana bakabona ko aricyo gikorwa kiruta ibindi bakabyita Wilayat, naho abasenga abamenyi ni ubumenyi na Fiqihi, hanyuma ibintu biza guhinduka kugeza ubwo basigara basenga n'abatari abakiranutsi, gusenga mu gisobanuro cya kabiri biba mu bantu binjiji (Ni ngombwa kuri twe kuba maso no kumenya ko amategeko y'Imana agomba kurindwa no kubungabungwa nti hagire uwumvirwa mukuzirura ibyo Imana yaziririje cyangwa kuziririza ibyo yaziruye na rimwe.

[39] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE NTIWAMENYE (YEWE MUHAMADI) BABANDI BAVUGA KO BEMEYE IBYO WAHISHURIWE NDETSE N'IBYAHISHUWE MBERE Yawe, BAGASHAKA KO BAKIRANURWA N'ANDI MATEGEKO ATARI AYA ALLAH, KANDI BARATEGETSWE KUYAHAKANA? NYAMARA SHITANI ISHAKA KUBAYOBYA BIKABIJE"

- Iri somo rifitanye isano ikomeye n'irya ribanjirije, kuko iryaribanjirije harimo itegeko ry'umuntu wumvira abamenyi n'abayobozi mu kuzirura ibyo Imana yaziririje cyangwa kuziririza ibyo yaziruye, iri somo naryo harimo guhakanira umuntu wese ushaka gutegekwa n'amategeko atari ay'Imana.
- Ijambo rigira riti "Ese ntiwamenye (yewe muhamadi)" ikibazo cyumvikana mo kirashimangira kinatangirira imiterere yabo, ariko ubwirwa akaba ari intumwa Muhamadi.
- Ijambo rigira riti "babandi bavuga ko" ntabwo Imana yavuze iti "Babandi bemeye" kuko ntabwo bemeye, ahubwo babivuga ariko babeshya.
- Ijambo rigira riti "Nyamara Shitani ishaka" ni amashitani yose yaba ay'abantu cyangwa ay'amajini.
- Ijambo rigira riti "kubayobya bikabije" kubatura mu buyobe buri kure cyane y'ukuri ariko ikabikora mu byiciro.
- Ijambo rigira riti "Ubona indyarya" iyi mvugo igaragaje mu mwanya wari uwo kutagaragaza kubera inyungu eshatu:
 1. Ni uko bariya bantu bavugaga ko bemera ari indyarya.
 2. Nuko ibi nta wundi ubikora utari indyarya, kuko umwemera nyakuri ni ngombwa ko yumvira nta kimutangira.
 3. icyitonderwa: Kuko amagambo iyo yaje ari umujyho umwe hari igihe atakwitabwaho, ariko iyo aje mu mvugo itandukanye aritonderwa.
- Sheikhul Islam (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati "Iyi ayat ijyanye neza neza n'abantu bahindagura Qor'an bakanayisobanura uko itari cyane cyane ku ibisingizo by'Imana kuko bavuga ko bemera Imana n'intumwa yayo, ariko babwirwa bati: Nimugane ibyo Imana yahishuye ndetse munagane intumwa, bagatera umugongo, kandi bakanabuzza abantu kuyoboka bavuga bati: Turajya kwa kanaka na kanaka, hagira ubatangira bakavuga bati: icyo dushaka ni ibyiza no kugera ku ukuri, kandi tugomba guhuza za Gihamya z'ubwenge na Gihamya z'inyandiko.

Gihamya ya kabiri kugeza ku iya kane:

- [2] Ijambo ry'Imana rigira riti "N'iyu babwiye bati "Ntimugakore ubwangizi ku isi", baravugaga bati "Ahubwo ni twe dukora ibitunganye".
- [3] Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi ntimugakore ubwangizi ku isi nyuma y'uko itunganyijwe".
- [4] Ijambo ry'Imana rigira riti "Nonese barashaka amategeko yo mu bihe by'ubujiji?"

- Ijambo rigira riti “N’iyo babwiwe bati “Ntimugakore ubwangizi ku isi” gukora ubwangizi ku isi birimo ubwoko bubiri:

1. Ubwangizi bugaragara kandi bufatika: Nko gusenya inyubako no kwangiza imihanda.

2. Ubwangizi budafatika: Nko gukora ibyaha, ubu nibwo bwangizi bukuru ku isi.

- Ijambo rigira riti “Ahubwo ni twe dukora ibitunganye” ibi ni ukubeshya kurenze ukundi, kuko Imana ishobora kubagota bihambaye, bariya bakora ubwangizi ku isi bakavuga ko barimo gutunganya abo nibo bononnyi b’ukuri baruta abandi.

- Ijambo rigira riti “Nyuma y’uko itunganyijwe” n’abantu beza, bimwe mubyo abo bantu bonona isi bakora ni ugukumira ivugabutumwa ry’abamenyi, n’ivugabutumwa rishingiye k’uburyo ryakorwaga n’abatubanjirije, ndetse n’abategekesha amategeko y’idini.

- Ijambo rigira riti “Nonese barashaka amategeko yo mu bihe by’ubujiji?” iki kibazo kirumvikanamo gucyaha, bivuga ngo ubu nta kindi bashaka kitari amategeko y’ubujiji?

Ubujiji burimo ibisobanuro bibiri:

-Igihe cya mbere y’ubutumwa bwa Islam.

- Ibintu bishingira k’ubujiji.

- Ijambo rigira riti “Ese ni nde wakiranura neza kurusha Allah” nta numwe warusha Imana amategeko meza.

Gihamya ya gatanu:

Imvugo yaturutse kuri Abdullah mwene Umari, intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Ntabwo umwe muri mwe azaba umwemera atarakunda ibyo nazanye” Nawawiy yaravuze ati (Hadith ni ukuri twayakiriye mu gitabo cya Hujat k’urushorerane rw’ukuri).

Gihamya ya gatandatu:

Shaabiyu yaravuze ati: Hari ubushyamirane hagati y’umwe mu bantu b’indiyarya n’umuyahudi, umuyahudi aravuga ati: Tujye kwa Muhamadi adukiranure, yarazi ko atajya yakira ruswa, indiyarya iravuga iti: Tujye mu bayahudi badukiranure, kuko yari aziko bafata ruswa, nuko bemeranywa ko baja k’umupfumu wa Juhayinat akabakiranura, nuko hamanuka ayat igira iti “Ese ntiwamenye (yewe muhamadi) babandi bavuga ko bemeye ibyo wahishuriwe ndetse n’ibyahishuwe mbere yawe” Banavuga ko yamanukiye ku bantu babiri bari bashyamiranye, umwe muribo aravuga ati: Tubijyane ku intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha), undi aravuga ati: Tujye kwa Kaabu mwene Al Ashiraf adukiranure, hanyuma baja kwa Umari, umwe muri bo amubwira uko byagenze, nuko abwira uwanze kujya gukiranurwa n’intumwa Muhamadi ati: Koko niko byagenze? Aravuga ati: Yego, maze Umar amukubita umuhoro aramwica.

- Ijambo rigira riti “Ntabwo ari umwemera” nta kwemera kuzuye afite, usibye igihe nta kwemera yaba afite burundu icyo gihe nibyo byaba bisobanuye ko nta kwemera afite burundu.
- Iyi Hadith abamenyi benshi bavuga ko atari ukuri, ariko ibikubiyemo ari ukuri.
- Ijambo rigira riti “mu bantu b’indyarya” ni babandi bagaragaza ko ari abayislamu ariko bahishe ubuhakanyi.
- Ijambo rigira riti “Abayahudi” ni babandi bavuga ko bakurikira idini ya Mussa maze biyita batyo:
 1. Kuko bo bavuze bati “Mu by’ukuri, twe turakuyobotse” bisobanuye ngo turagarutse.
 2. Cyangwa bitirirwa ise wabo Yahudha.
- Ijambo rigira riti “Tujye kwa Muhamadi” ntabwo yamuvuze yongeyeho intumwa, kuko bo batemera intumwa Muhamadi.
- Ijambo rigira riti “Ruswa” ni umutungo wishyurwa kugira ngo ubashe kugera ku kintu runaka.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icy a mbere: Gusobanura ayat yo muri Surat Nisau, n’ibiyirimo byose bifasha gusobanukirwa Twaghut “Ese ntiwamenye (yewe muhamadi) babandi bavuga ko bemeye ibyo wahishuriwe ndetse n’ibyahishuwe mbere yawe”.

Icy a kabiri: Gusobanura ayat yo muri Surat Al Baqarat, igira iti “N’iyo babwiwe bati “Ntimugakore ubwangizi ku isi”. (Harimo gihamya igaragaza ko uburyarya ari ubwononnyi ku isi, kubera ko biri mu njyana y’indyarya, kandi ubwononnyi bukubiyemo ibyaha byose).

Icy a gatatu: Gusobanura ayat yo muri Surat Al A’araf igira iti “Kandi ntimugakore ubwangizi ku isi nyuma y’uko itunganyijwe”.

Icy a kane: Gusobanura ayat igira iti “Nonese barashaka amategeko yo mu bihe by’ubujiji?” (Jahiliyat ni buri kintu cyose kinyuranyije n’amategeko y’idini, byitiriwe ubujiji kubera kubyangisha abantu no kugaragaza ububi bwabyo, no kuba ikintu cyubakiye k’ubujiji).

Icy a gatanu: Ni amagambo ya Shaabiyu ku impamvu yatumye ayat imanuka.

Icy a gatandatu: Gusobanura ukwemera nyako ndetse n’ukw’ibinyoma, ukwemera nyako kugendana no kumvura kuzuye no kwemera no kuva ku izima ku mategeko y’Imana n’ayi ntumwa yayo, naho ukwemera kw’ikinyoma gutandukanye n’ibyo.

Icy a karindwi: Inkuru ya Umari hamwe n’indyarya.

Icy a munani: Kuba ukwemera kutagirwa n’umuntu uwo ariwe wese adakurikiye ibyo intumwa Muhamadi yazanye.

IKIZAMINI KU GICE CYA KARINDWI (AMASOMO 9)

IKIBAZO CYA MBERE: Shyira ikimenyetso (☒) mu mwanya ukwiye cyangwa wuzuze interuro:

1. Isomo rya mbere mu gice cya karindwi ni isomo ryerekeranye n'urukundo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
2. Bamwe mu basenga bakuzi kandi bagakunda zimwe mu imva cyangwa abantu beza urukundo nk'urwo bakunda Imana cyangwa rurushijeho: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
3. Umutima uramutse utarimo na gato urukundo rw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) (Kuba ari ukwemera guke ☐ Nta kwemera na guke aba afite ☐.
4. Ni ngombwa gukunda intumwa Muhamadi urukundo ruruta uwo ukunda umwana wawe, umubyeyi wawe ndetse n'abantu bose: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
5. Zi mwe mu mpamvu zituma umuntu yumva uburyohe bwo kwemera ni ukugunda kubera Imana ☐ ni ukugunda kubera umuryango ☐.
6. Uguhakana kuvugwa kwerekezwa ku kwanga cyangwa ku.....cyangwa ku.....
7. Ijambo rya ahalu Sunat rivuga ko inyandiko zose zisezeranya ibihano ko zigomba.....
Ese bisobanuye ko twaba tutazi igisobanuro cyaryo? Nibyo ☐ Sibyo ☐.
8. Umuntu ubona ko abayahudi n'abakirisitu bari ku idini ishimishijwe cyangwa yemewe ku Imana nyuma yo gutumwa kw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aba avuye mu buyisumu uhakana Qor'an: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
9. Umuyisumu ntabwo arimanganya umuhakanyi amugira inama akamusobanurira ko ari mu buyobe ibyo arimo bitandukanye nibyo Mussa na Yesu bategetse: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
10. Bamwe mu banzi b'Imana kubanga ntibisobanuye ko tutagomba kuzuzwa amasezerano twagiranye nabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
11. Uwavuze ati: (Iyo mbonye umukirisitu nfunga amaso nanga kureba n'amaso yanjye umwanzi w'Imana) ni Imamu Ahmad ☐ Ni Sheikhul Islam Ibun Tayimiyat ☐.
12. Uwavuze ati (Umwemera utinye Imana aba ari umunzi magara w'Imana) ni Ibun Tayimiyat ☐ Ni Ibunil Qayim ☐.
13. Urukundo rusange ruturuka ku Imana ruja ku bagaragu bayo, rukusanyije abemera n'abahakanyi n'ibiremwa byose: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
14. Umuntu aramutse asenga agasiba ariko akagirana ubucuti n'abantu b'Imana uwo ntashobora kubona ubucuti bw'Imana: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
15. Umwanditsi yazanye isomo ryo gukunda nyuma y'isomo ryo gutinye, kubera ko amasengesho yose yibanda kuri ibi byombi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
16. Abantu kuberekeye gutinye Imana barimo ibice bibiri ndetse n'icyo hagati: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
17. Gutinye biringaniye ni kwakundi kugarura umuntu agiye gukora ibyaziririjwe gusa, iyo birenze aho bikugeza mu gutakaza icyizere ku impuhwe z'Imana: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
18. Buri wese ushyigikira ibibi n'ibiteye isoni uwo aba ari umukunzi wa Shitani: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
19. Umuntu utinye Imana utinywa na buri kintu cyose, naho udatinye Imana imutinyura buri kintu cyose, n'utinye ikitari Imana uwo atinye buri kintu cyose: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
20. Ikigamijwe mu kwita ku imisigiti ni ukuyitaho: mu bigaragara ☐ mu ibitaragarara ☐ byombi ☐.
21. Imana yegeranyije ukuyemera no kwemera umunsi w'imperuka kenshi kuko bifatwa nko kumvira: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
22. Ni kuki dukunda intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)?
1.....2.....3.....4.....
23. Gukunda intumwa nyuma yo gupfa kwayo ni: 1.....2.....
24. (Guhozahoh amasengesho) ikigamijwe ni uguhozahoh: Ibyategetswe ☐ Ibyiza ☐ byimbi ☐.
25. Kwiringira Imana ni igice cy'idini: Nibyo ☐ Sibyo ☐, bireme kuba wavugaga uti: Ndagwiririyeye ☐ Umwagararire ☐ Niringiye Imana hanyuma nawe ☐ byose ibyavuzwe usibye icya mbere gusa ☐.
26. Kwiringira Imana ni.....bigabanyijemo ibice (3 ☐, 4 ☐, 5 ☐).
27. Kwiringira abapfuye mu bantu babakiranutse ndetse n'abadahari ni ibangikanya: rikuru ☐ ritoya ☐.
28. Umuntu kwiringira undi kwiringira kwa nyako ku mafunguro ye n'imibereho ye: Ni ukuri ☐ Ni ibangikanya ritoya ☐.
29. Intumwa Muhamadi niwe shebuja wa abiringira Imana bose, ariko hamwe nibyo (yagerwagaho n'ibigeragezo ☐ Ntibyamugeragaho ☐ Ntiyagerwagaho n'ibibi kuko Imana yari imuhagije ☐ Byamugeragaho ☐.
30. Ni ibiki umuntu avugaga mu gihe cy'amakuba?.....

31. Ibun Abasi (Imana imwishimire) ni umwe mubafataga inkuru z'abayisiraheri (Yarazifataga ☐ Yangaga kuzifata ☐.
32. Umuntu utakaza icyizere ku impuhwe z'Imana: Ni uwayobye ☐ Udafite umuyoboro ☐ Uwarindagiye utabi ibyo Imana yamutegetse ☐ byose hamwe ☐.
33. Gutekana ku bihano by'Imana bijyana no (gutinya ☐ No kwiringira ☐) naho gutakaza icyizere ku impuhwe z'Imana bikajyanirana no (gutinya ☐ ndetse no kwiringira ☐.
34. Ibyaha bikuru (Birabazwe ☐ Birazwi ☐) kandi byose biri ku rwego rumwe (Nibyo ☐ Sibyo ☐) n'ibangikanya ritoya rirabiruta (Nibyo ☐ Sibyo ☐) n'itegeko ry'umuntu ukora ibyaha bikuru aba ari umwemera w'ukwemera gucagase ☐ umwemera ku kwemera kwe umwononnyi kubera icyaha cye gikuru ☐, umwemera ☐ umuhakanyi ☐, icya mbere n'icya kabiri ☐). N'ukora ibyaha bikuru (arakundwa ☐ arangwa ☐, akundwa kubera ukwemera afite akanangwa kubera ibyaha bikuru akora ☐). Ese ibyaha bikuru bishobora gukurwaho n'ibikorwa byiza? (Nibyo ☐ Sibyo ☐). Ese ukora ibyaha bikuru igihe abikora wakwicarana nawe? (Nibyo ☐ Sibyo ☐). Ukwicuza kuremerwa kuri bimwe mu byaha bikuru (Nibyo ☐ Sibyo ☐.
35. Ibice bigize ukwihangana 3 ☐ 4 ☐, 5 ☐, n'ibimenyetso biranga kuba umuntu akundwa n'Imana ni ibigeragezo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
36. Urwego rwo hejuru mu nzego zo kwihangana ni ukwihanganira kureka ibyaha: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
37. Inyungu yo gufata isomo ryo kwihangana ni ugusoma ubusabe bwo kwihangana igihe wagize ibyago ndetse no kuwahuye n'ibyago: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
38. Ni ngombwa ko iyo umuyislamu aranzwe n'ibintu bibiri by'ubuhakanyi aba ari umuhakanyi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
39. Ntabwo ari ngombwa kuba umuhakanyi afite ibintu bibiri mu bintu byo kwemera nko kugira isoni, ko agomba kuba ari umwemera: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
40. Kuba ijambo (ubuhakanyi) ryaje ari rusange risobanura kuva mu buyisumu: (Nibyo ☐ Sibyo ☐.
41. Abantu igihe cy'ibyago barimo inzego: 3 ☐ 4 ☐, 5 ☐.
42. Kurakarira igeno bitera ubuhakanyi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
43. Kurakarira igeno biba ku mutima k'ururimi no kubihimba by'umubiri: ☐ ku rurimi no ku bihimba by'umubiri ☐.
44. Itandukaniro riri hagati yo kwihangana no kunyurwa n'itegeko n'uburemere bw'ibyago: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
45. Hari igihe ukwemera k'umuntu kwiyongera kubera ibyago: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
46. Imana ishaka ikibi kubera impamvu, kikaba ari icyiza kubera ubugenge bugikubiyemo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
47. Umunsi w'imperuka wiswe umunsi w'igihagararo kubera kuzahaguruka: abantu bava mu mva zabo ☐ abahamya ☐, ubutabera ☐ byose ☐.
48. Kwihutishiriza umuntu ibihano hano ku isi ni byiza kuruta kubimurindiriza ku imperuka: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
49. Igihembo cy'ihwa rijombye umuntu, kingana n'igihembo cy'urugingo rwavunitse: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
50. Ni ngombwa kuri buri gisingizo: kugihamya ☐ kwirinda kugisanisha n'icyi biremwa ☐, byose hamwe ☐.
51. Gusebanya mu miryango: Ni ukuyitesha agaciro ☐ kuyihakana ☐, byose hamwe ☐.
52. Gukorera ijisho ni ibangikanya: ritoya ☐. Ibangikanya ritoya rishobora kugeza ku rikuru, kandi gukorera ijisho k'umuntu wakoze igikorwa ngo abantu bamurebe, bitandukanye n'uwakoze igikorwa ngo abantu bacyumve: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
53. Zimwe mu nzira zo kuvura gukorera ijisho, ni ukwibuka urupfu n'ububabare bwarwo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
54. Umuntu kwishimira ko abantu bamenye amasengesho ye: Ni ugukorera ijisho ☐ Ntabwo ari ugukorera ijisho ☐.
55. Umuntu kwishimira ko yumvira Imana: Ni ugukorera ijisho ☐ Si ugukorera ijisho ☐.
56. Umuntu utanze amaturo kubera Imana, hanyuma Imana igashyira mu mitima y'abemera kumukunda no kumuvuga neza: afatwa nk'ukorera ijisho ☐ afatwa nk'ukorera kubera Imana ☐.
57. Umuntu atanze isadaka kugira ngo umutungo we wiyongere, agamije: Indonke z'isi mu gikorwa cy'imperuka ☐ N'imperuka ku nyungu yayo ☐.
58. Umuyislamu aramutse atinye kugwa mu gukorera ijisho, agomba kureka amasengesho: Biremewe ☐ Ni ibangikanya ritoya ☐.
59. Umuntu wiswe umugaragu w'idinari: Kubera kurisenga ☐ Kuryishimira no kurakazwa naryo ni kimwe no kurisenga ☐.
60. Ijambo "Twuuba" risobanuye: Uburyo bwiza umuntu aba arimo ☐ Igiti cyo mu ijuru ☐.
61. Isomo ryigisha ku umuntu ukora igikorwa cye cy'isi, rikaze kuruta isomo ryo gukorera ijisho: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
62. Ibyo umwe mubashyamiranye aha umucamanza: Ni intashyo ☐ ruswa ☐, byose hamwe ☐.
63. Nta tandukaniro riri hagati yo gukorera ijisho mu ijambo (La ilaha ila llah) no gukorera ijisho mu isadaka: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
64. Dir'hamu ni amafaranga akozwe muri: Zahabu ☐ Feza ☐.

65. Umuntu ukwiye kuvugwa neza ni abakungu n'abantu bo mu nzego zo hejuru: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
66. Umuntu amenyekana ko agamije indonke z'isi, igihe iyo agize icyo ahabwa arishima atagira icyo ahabwa akarakara: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
67. Abamenyi ni babandi (Bashinzwe gushyiraho agahato no gushyira mu bikorwa ☐ Abashinzwe kuyobora abantu no kubigisha ☐) naho abayobozi ni aba kabiri.
68. Ntabwo bizwi kuri Abubakar na Umar ko baba baranyuranyije n'innyandiko ku ibitekerezo byabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
69. Ibice byo kumvira abayobozi n'abamenyi mu kwigomeka ku Imana: 1-itegeko ryabyo.....2-
3-Ni tegeko ryabyo.....
70. Gukurikira buhumyi no gutsimbarara kuri Madhehebu: Ni byiza ☐ Ni bibi ☐.
71. Umupadiri ni (umuntu ufite ubumenyi byinshi ☐ Usenga cyane utitaye ku iby'isi ☐).
72. Muri Hadith ya Idiyu (Imana imwishimire) yatangiriye kukuziririza ibiziruye, kuko aribyo bihambaye kurusha kuzirura ibyaziririje, kandi byombi byaraziririjwe: Nibyo ☐ Sibyo ☐, no gukurikira abamenyi n'abayobozi mu (kunyuranya ☐ Guhuza nabo ☐, byose ☐) amategeko y'Imana kubagira ibigirwamana.
73. Buri wese wanga ibyahishuwe n'Imana aba ari umuhakanyi: Ubuhakanyi bukuru ☐ Ubuhakanyi butoya ☐.
74. Kwemera ko amategeko atari ayo Imana yamanuye yemewe ni ubuhakanyi: Ubuhakanyi bukuru ☐ Ubuhakanyi butoya ☐.
75. Kwemera ko amategeko y'utari Imana ari kimwe n'ayi Mana cyangwa se aruta ay'Imana ni ubuhakanyi: Ubuhakanyi bukuru ☐ Ubuhakanyi butoya ☐.
76. Kwemera ko amategeko y'Imana ariyo mategeko meza ariko kubera ishyari afitiye uburanirwa rituma aya gukiranurwa n'amategeko ataramanuwe n'Imana uwo aba ari: Umuhakanyi ☐ Umunyamahugu ☐, Umwononnyi ☐.
77. Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi Shitani ishaka" ni buri Shitani yose: Mu abantu ☐ Mu majini ☐, Byose hamwe ☐.
78. Bavuga ko: Bemeye kandi babeshya ☐ Ibikorwa byabo bivuguruzwa amagambo yabo ☐, Byose hamwe ☐.
79. Ibyago: mu rwego rw'amategeko y'idini ☐ mu iby'isi ☐, byose hamwe ☐.
80. Umuntu udakurikiza amategeko y'Imana nay'intumwa yayo ahubwo anakumira abantu kuyayoboka: Umwemera ☐ Indyarya ☐.
81. Ubwononnyi buruta ubundi ku isi ni ubwononnyi: Bugaragara ☐ Ubutagaragara ☐.
82. Konona nyuma yo gutunganya birahambaye kandi birakaze kuruta kuba umuntu yakonona mbere yo gutunganya, n'ubwo igikenewe ari ugutunganya nyuma yo konona: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
83. Igihe cy'ubujiji ni: Mbere y'ubutumwa ☐ Sibyo ☐.
84. Ruswa yaraziririjwe nubwo yaba iri bukuzeze k'ukuri kwawe wabujijwe cyangwa yamukingira ikitari kiza: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

**ICYA MUNANI: TAWUHIDU Y'AMAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO
BYABO (ISOMO 1)**

**[40] ISOMO K'UMUNTU UGIZE ICYO AHAKANA MU MAZINA
Y'IMANA N'IBISINGIZO BYAYO**

**KWAMAGANA NI UKWANGA, NO KWANGA BIRIMO
IBICE BIBIRI:**

Kwanga kubera ibindi bisobanuro ufite: Umuntu nk'uyu ntaba abyanze ariko abiha ibindi bisobanuro binyuranye:

Ibisobanuro bifite uburyo mu rurimi rw'icyarabu, umuntu nk'uyu ntabwo aba ahakanye ariko aba ari ahantu hakaze, tumusubiza tugira tuti:

Nk'umuntu uvuga ku ijambo ry'Imana rigira riti "Ahubwo amaboko ye ararambuye" ikigamijwe ku amaboko hano ni inema, uyu ntaba ari umuhakanyi, kuko ukuboko mu rurimi rw'icyarabu hari igihe kuvugwa hagamijwe inema, ariko umuntu nk'uyu tumusubiza tugira tuti:

Ibisobanuro bidafite uburyo mu rurimi rw'icyarabu, umuntu nk'uyu aba ahakanye:

Nk'umuntu uvuga ko ukuboko ari ibirere, umuntu nk'uyu aba ahakanye kuko igisobanuro atanze nta buryo gifite mu rurimi rw'icyarabu nta naho gihuriye n'amategeko y'idini, umuntu nk'uyu aba yanze kandi ahakanye.

**Kwanga byo guhakana
(Ni ubuhakanyi nta gushidikanya):**

Umuntu wanze izina ry'Imana cyangwa kimwe mu bisingizo byayo cyaje muri Qor'an na Sunat, uwo aba ari umuhakanyi, mu buryo bwemeranyijweho, kuko guhakana Imana n'intumwa yayo ni ubuhakanyi bukura umuntu muri Islam nkuko byemeranyijweho.

1. Kuba binyuranyije n'ibigaragara mu nyandiko n'ibyo abatubanjirije bemeranyijweho, nta nagihamya bihite.
2. Kuba ijambo ukuboko kwaravuzweho byinshi ntibishoboka kuba hano kwakwitwa inema cyangwa imbaraga, nko gushyira mu bubiri, ubwinshi, gukunja no kurambura, ntabwo rero kwaba ari inema cyangwa ingufu.
3. Imana yasingije Adamu ko yamuremye ikoresheje amakobo yayo, amaboko hano aramutse asobanurwe ko ari inema cyangwa imbaraga nta karusho Adam yari kuba afite ku bindi biremwa.

- Tawuhidu y'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo:

Ni uguharira Imana Nyagasani amazina yiyise n'ibisingizo yisingije ubwayo, ari mu gitabo cyayo, cyangwa se byavuze n'intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ibyo tukabikora dushimangira ibyo Imana yihamirije kuri yo ubwayo no guhakana ibyo yihakaniye kuriyo ubwayo, tutabiha ibindi bisobanuro, tutanabifobya tutanabigereranya cyangwa ngo tubisanishe n'ibyi biremwa.

Ni kuki umwanditsi yavuze ati (tutabiha ibindi bisobanuro) ntavuge ati (ntitubikorere Taawil)?

1. Kuko ibi nibyo byaje muri Qor'an ntitugomba kubivaho ngo tujye kubindi.
2. Kuko biri hafi cyane yo y'ubutabera, bo ni abantu bakora Taharif ntabwo ari abakora Taawil.
3. Gutuma abantu babahunga, ni uko abakora Taharif uramutse ubise ko ari abakora Taawil bakishima.
4. Ntabwo buri Taawilu yose ari mbi, Taawilu ifite gihamya iba ari ukuri kandi yemewe, naho idafite gihamya iba ari mbi kandi itemewe, naho Taharif yose iba ari mbi.

Ni kuki umwanditsi yahakanye Tam'thil ntahakane Tashibih?

1. Ni uko Tam'thil ariyo yaje muri Qor'an ikaba yaranzwe burundu, bitandukanye na Tashibih.
2. Ni uko kwanga Tashibih burundu bitemewe, buri kintu cyose kiriho ni ngombwa ko kigira ibintu bimwe na bimwe gisa nibindi hanyuma buri kintu nanone kikagira ibyo kihariye.
3. Abantu ntibavuze rumwe ku kintu bita Tashibih, maze bamwe babona ko kwemeza ibisingizo by'Imana ari Tashibih.

Ijambo Ismu: ryakomotse ku:

1. Ryakomotse ku ijambo Sumuw: bisobanuye kuzamuka, iyo umuntu yiswe izina rirazamuka agasobanuka kandi akagaragara.
2. Rishobora kuba ryarakomotse ku ijambo Simatu: Bisobanuye ikimenyetso, izina rero rikaba ari ikimenyetso cy'uryitwa.

Itandukaniro ry'izina n'igisingizo:

Ni uko izina ari iryo Imana yitwa naho igisingizo kikaba ari icyo Imana isingizwa.

Kuki twiga Tawuhidi y'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo?

1. Ni ukugirango dushimangire Tawuhidi, ahubwo nta muntu ushobora kuba umwemera atabanje guharira Imana Tawuhidi zose uko ari eshatu.
2. Kuko harimo guha imitima ubuzima, kandi ikintu gihambaye mu guha imitima ubuzima n'ubumenyi bufite icyubahiro kurusha ubundi ni ukumenya Imana.
3. Kwinjira mu ijuru, kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Imana ifite amazina 99 bitwo uzayabarura azinjira mu ijuru".
4. Ni uko ibi aribyo musingi abatubanjirije bariho.
5. Kugirango tutazagwa mubyo udutsiko twayobye twaguyemo mu gusanisha ibisingizo by'Imana n'iby biremwa ndetse no gupfobya.
6. Ni ukugirango tujye dusaba Imana tuyifashishije, Imana yaravuze iti "Kandi Imana ifite amazina meza mujye muyisaba muyifashishije".

TAH'RIF: NI UGUHINDURA IBYO USABWA GUSHIMANGIRA

Tah'rif mu buryo bw'amagambo:

Nko gukora Tah'rif ku izina ry'Imana (Allahu) ukavuga (Allaha) mu ijamba ry'Imana rigira riti "Kandi Allah yavugishije Musa mu buryo butaziguye" Bahakana igisingizo cyo kuba Imana ivuga, bavuga ko amagambo yaturutse kuri Musa, aba basubizwa babazwa ku ijamba ry'Imana rigira riti "Maze Nyagasani we aramuvugisha" ntacyo babona basubiza amagambo akabashirana.

Tah'rif mu buryo butagaragara:

Nko kuvuga ko ukuboko gusobanura inema.

TAATWIL : NI UGUHAKANA IBIGOMBA IMANA MU MAZINA YAYO N'IBISINGIZO BYAYO.

Taatwil y'igice: Nk'ikorwa na Al Ashairat bemeza bimwe mu bisingizo by'Imana bagahakana ibindi.

Taatwil yuzuye: Nk'ikorwa na Al Jahamiyat bahakana ibisingizo byose by'Imana.

TAK'YIIF: KUBAZA KU GISINGO CY'IMANA NGO KIMEZE GITE, IBYO BIKABAHO:

Kuvuga ku rurimi: Nko kuba umuntu yasingiza ikintu n'ururimi rwe.

Gukoresha urutoki yandika: Nko kuba umuntu yashushanya ikintu n'urutoki rwe.

Gukoresha umutima ugereranya: Nko kuba umuntu yashushanya ikintu mu mutima we.

IBYO IZINA RISOBANUYE:

Ibijyanye: Ni ukuba izina ryakumvikanisha ibisobanuro byose birikubiyemo.

Ibukubiyemo: Ni ukuba izina ryakumvikanisha bimwe mu bisobanuro byaryo.

Al Il'tizam: Ni ukuba izina ryakumvikanisha ikintu kidafite aho gihuriye naryo.

Urugero rwabyo: Al Khaliq: Bisobanuye Imana ubwayo imwe, rikanumvisha igisingizo cyo kurema kuri gihamba ko gukubiyemo, rikumvisha kandi ubumenyi n'ubushobozi. Nkuko Imana yavuze iti "Allah ni we waremye ibirere birindwi (anarema) isi (zirindwi) nkabyo. Itegeko rye rimanuka hagati yabyo (ibirere n'isi), kugira ngo mumenye ko Allah ari Ushobora byose, ndetse ko Allah azi neza buri kintu"

Ni gute twakwiga ubumenyi bw'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo?

1. Ubumenyi ni amasengesho, ni ngombwa rero ko tugendera kuri gahunda yagendeweho n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo be.
2. Ni ukuba ikigamijwe mu kwiga ubwo bumenyi ari ugukuzza Imana, no kubera iyo mpamvu ubwo Imana Maliki (Imana imwishimire) yabazwaga kubyerekeye Istiwau yabize icyuya (kuberako ari ikibazo gihambaye).
3. Ntitugomba kubaza ibibazo bitigeze bibazwa n'abasangirangendo b'intumwa Muhamadi (Imana ibishimire).
4. Kuvuga gihamya mbere, hanyuma kwemera kugakurikiraho, naho abanyuranya na Ahalu Sunat babanza kwemera ibintu hanyuma bagakurikizaho kubishakira gihamya, ntibazibone, bagatangira kurimanganya bityo bakagwa mu guhimba.
5. Tugomba gukurikiza inzira ya Imamu Shafiy (Imana imugirire impuhwe) igira iti (Emera uzayoboka), ukemera Imana n'ibyaturutse ku Imana bizanywe n'intumwa Muhamadi, ndetse n'ibyzanywe n'intumwa Muhamadi ubwayo.

Bimwe mu bifitanye isano n'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo:

1. **Amazina y'Imana ntabwo afite umubare ntarengwa:** Na gihamya y'ibyo ni ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti “**Cyangwa amazina wihariye mu bumenyi bwihishe bw'iwawe**”. Naho ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti “**Imana ifite amazina 99**” ntibisobanuye ko Imana idafite andi mazina usibye ayo, ibyo ni nk'ijambo rigira riti “Nfite ifarasi 100 ndazibara kubera kuzitanga isadaka.
2. **Amazina y'Imana ni bwite kandi n'ibisingizo:** Ntabwo ari bwite yumutse, kuko yo mu rwego rwo gusobanura Imana ni bwite, no mu rwego rwo gusobanura igisingizo kirikubiyemo ni ibisingizo bitandukanye n'amazina yacu, umuntu ashobora kuba yitwa Alliy ariko ariwe muntu wo hasi y'abandi.
3. **Amazina y'Imana arasobanurana kandi aratandukanye:** arasobanurana mu buryo bwo gusobanura Imana kuko yose avuga ikintu kimwe, izina Samiu, Baswir, Al Hakim yose yumvisha ikintu kimwe aricyo Allah, ariko aratandukanye hashingiwe ku bisobanuro byayo, kuko igisobanuro cya Hakim ntabwo aricyo gisobanuro cya Samiu.
4. **Rimwe mu mazina y'Imana risobanura Imana n'ibindi bisobanuro:** Ni ngombwa ko twemera ko ari izina mu mazina tukanemera igisingizo kirikubiyemo, tukanemera icyo igisingizo kivuga mu itegeko. Urugero: Samiu twemera ko ari rimwe mu mazina y'Imana, tukanemera ko ryumvisha igisingizo cyo kumva, tukanemera ko uko kumva hari itegeko, ko Imana ikumvisha, Naho iyo izina riri mu bwoko bwa Al Adwimu na Al Hayu na Al Jalilu: tugomba guhamya izina n'igisingizo ariko nta tegeko ririturukamo.
5. **Ibisingizo by'Imana biragutse kuruta amazina:** Kuko buri zina rikubiyemo igisingizo, ariko buri zina ntabwo ari igisingizo, Imana isingizwa no ivuga (Kalamu) kandi ikagira ubushake (Iradat), ariko ntiyitwa: Al Mutakalim na Al Muridu.
6. **Buri gisingizo Imana yisingije ubwayo icyo gisingizo ni ukuri ubwacyo,** ariko kigomba kwezwaho kugisanisha no kukigereranya.

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana Nyagasani rigira riti “Kuko bo bahakana Nyirimpuhwe”

- Abahakanyi b'abakurayishi bahakanaga iri zina ariko ntibahakanaga uryitwa, baramwemeraga.
- Harimo gihamya y'uko uhakanye izina rimwe mu mazina y'Imana aba abaye umuhakanyi.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo iri mu gitabo cya Bukhariy, Aliy yaravuze ati **“Mujye mubwira abantu ibyo bazi, ese murashaka ko abantu bazahakana Imana n’intumwa yayo?”**


- Ni ngombwa ko umuvugabutumwa amenya ubwenge bw’abo yigisha uko buhagaze, hanyuma buri wese akamushyira mu mwanya we, akanaganiriza abantu mu buryo ubwenge bwabo buri bubyakire, bigakorwa twabimura buhoro buhoro, kugeza ubwo bemeye ibiganiro kandi bakabyishimira, nta nubwo tugomba kureka ibyo ubwenge bwabo butageraho.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yakiriwe na Abdu Razaq, ayikomoye kuri Muamar, ayikomoye kuri Ibun Twawusi nawe ayikomoye kuri Ise nawe ayikomoye kuri Ibun Abasi, avuga ko yabonye umuntu, wamaganye ubwo yumvaga Hadith yakomotse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ivuga ku ibisingizo, abihakana maze aravuga ati **“Aba bantu ntibatandukanya? Baroroha iyo bumvise ayati Muh’kamat za Qor’an bakarimbuka iyo bumvise ayat za Mutashabih”**.

Ijambo rigira riti “Ni ubuhe bwoba” bisobanuye ngo ni ubuhe bwoba bw’aba bantu bwo guhamya igisingizo basomewe mu rurimi rwabo, kuki batagishimangira ku Imana nkuko Imana yakihamiye ho ubwayo hanyuma n’intumwa yayo ikagihamya ku Imana?.

QOR'AN ISINGIZWA KO ARI:



1. Qor'an yitwa ko ari Muh'kam yose hatavuzwe Mutashabihu: Bisobanuye ko nta kosa na rimwe ririmo, ntibeshya mu nkuru zayo nta guhuguza mu mategeko yayo, Imana yaravuze iti "N'ijambo rya Nyagasani wawe ryarasohoye mu kuri no mu butabera".
2. Qor'an nanone yose yitwa Mutashabihu, hatavuzwe Muh'kam: Bisobanuye ko yose imeze kimwe mu bwiza bwayo no kuzura kwayo, imwe yemeza indi nta nubwo ijya inyuranya, Imana yaravuze iti "Allah yahishuye inkuru nziza kurusha izindi; ari cyo gitabo (Qur'an) gifite imirongo yuzuzanya".
3. Na none Qor'an bayita ko muriyo harimo Muh'kamu hakabamo na Mutashabihu, bikaba bisobanuye ko Muh'kamu hano isobanutse kandi yumvikana, naho kuba ari Mutashabihu, bisobanuye kuba ibisobanuro byayo bidasobanutse, bikaba birimo ibice bibiri: rusange n'ibytiriro, ibi bikaba bishingiye ku bisomo byo kugenda uhagarara n'ibisomo byo kudahagarara, mu ijambo ry'Imana rigira riti "Nyamara ntawamenya ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse Allah":
Rusange: Ni ibizwi n'Imana yonyine, nk'uburyo ibisingizo byayo biteye, n'ukuri kw'ibiri mu ijuru.
Icyitiriro: Ni ibizwi n'abacengeye ubumenyi, naho ku abatari bo igakomeza kuba Mutashabihu. Muri Qor'an nta bwo ayat zose ari Mutashabihu ku bantu bose mu buryo bw'ibisobanuro, ariko ikibazo kiri ku myumvire, no kubera iyo mpamvu Ibun Abasi yaravuze ati "Njyewe ndi mubacengeye ubumenyi abazi ibisobanuro nyabyo bya Qor'an" kandi ibyo ntabwo yabivuze kubera kwiyemera, ariko yabivuze kugira ngo abantu bamenye ko nta kintu muri Qor'an kidasobanutse, kuko bitashoboka ko uyu muryango (Umat) kuva ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kugeza k'umuntu wa nyuma ntawaba azi ibisobanuro bya Qor'an, ko basoma Ayat z'ibisingizo by'Imana ntibasobanukirwe ibisobanuro byazo.

Gihamya ya kane:

Ubwo abakurayishi bumvaga intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) avuze ngo ARAH’MAN bahakanye iryo zina, Imana imanura kubera bo ijambo rigira riti “Kuko bo bahakana Nyirimpuhwe”.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kuba nta kwemera umuntu yagira aramutse ahakanye icyo aricyo cyose mu mazina y’Imana n’ibisingizo (bisobanuye kubura ukwemera kubera ibyo).

Icyamba kabiri: Gusobanura ayat ya Surat Raad igira iti “Kuko bo bahakana Nyirimpuhwe”.

Icyamba gatatu: Kureka kuvuga ibyo abo ubwira badasobanukiwe (tukababwira mu buryo bubasha kugera mu bwenge bwabo).

Icyamba kane: Kuvuga impamvu, ko ishobora gutuma abantu bahakana Imana n’intumwa yayo, n’ubwo uhakana ataba abigambiriye.

Icyamba gatanu: Amagambo ya Ibun Abasi areba umuntu wese uhakana icyo aricyo cyose muri ibyo, ko bimurimbura.

IKIZAMINI KU GICE CYA MUNANI (ISOMO 1)

IKIBAZO CYA MBERE: Shyira ikimenyetso (☒) mu mwaka ukwiye cyangwa wuzuze ahatuzuye:

- Guhakana amazina y'Imana n'ibisingizo byayo bigabanyijemo ibice: Ibice bibiri ☐ Ibice bitatu ☐ n'itandukanirwo hagati y'izina n'igisingizo, n'iryo Imana yiyise naho igisingizo n'icyo yisingije yo ubwayo. Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Kwanga izina cyangwa igisingizo mu byaje muri Qor'an na Sunat ni ubuhakanyi: ubuhakanyi bukuru ☐ ubuhakanyi butoya ☐.
- Ijambo (Is'mu) rikomoka ku ijambo Sumuw kujya hejuru ☐ rikomoka ku ijambo Simat ikimenyetso ☐ byose hamwe ☐.
- Amazina y'Imana Nyagsani yose ni amazina bwite ☐ ni ibisingizo ☐ Ni amazina bwite akaba n'ibisingizo ☐.
- Amazina y'abantu: Ni amazina bwite ☐ Ni ibisingizo ☐ Ni amazina bwite akaba n'ibisingizo ☐.
- Ibyo izina risobanuye: Ibijyanye naryo ☐ Ibirikubiyemo ☐ Ibidafitanye isano naryo ☐ Byose ☐.
- Amazina y'Imana asobanura kimwe ☐ aratandukanye ☐ asobanura kimwe akaba anatandukanye ☐.
- Amazina y'Imana azwi umubare ☐ ntabwo azwi umubare ☐.
- Ibisingizo by'Imana ni byinshi kurusha amazina, kuko buri zina rikubiyemo igisingizo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Hari ibindi bisingizo byinshi byitirirwa Imana ariko atari mu mazina yayo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Ijambo rivuga kwirinda kugereranya (Tam'thil) ni ryiza kurusha ijambo rivuga kureka Tashibihi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Impamvu zo kwiga amazina y'Imana n'ibisingizo byayo: 1-2-.....
3-.....4-.....5-.....
- Uburyo bwo kwiga: 1-.....2-3-.....
4-.....
- Tujye tureka amagambo abantu badashobora gusobanukirwa n'ubwo baba bayakenyeye: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- "Kuko bo bahakana Nyirimpuhwe". Bisobanuye.....
- Imyandiko z'ibisingizo by'Imana zose ni Muh'kam ibisobanuro byazo birasobanutse, harimo n'iza Mutashabihi zitamenywa n'utari Imana mu buryo bw'uko bimeze: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Igisobanuro cya Muh'kam iyo ivuzwe yonyine: Ni igifite ibisobanuro byumvikana ☐ Ni ikidafite inenge ☐.
- Igisobanuro cya Mutashabihi iyo ivuzwe yonyine: Ni ukuba ibirimo byose bisa mu bwiza no kuzura: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Tashabuhu Nis'biy: ni ikintu kihishe buri wese, naho Tashabuhu Mutw'laqa: Ni ikintu kitazwi na bamwe ariko abandi bakaba bakizi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Muri Qor'an nta kintu kirimo kidashobora kubonerwa igisobanuro: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Ni ngombwa ko umuvugabutumwa areba ubwenge bw'abo abwira, akabwirwa mu rwego barimo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Muri Qor'an nta Mutashabihi ku abantu bose mu rwego rw'ibisobanuro irimo (Nibyo ☐ Sibyo ☐), ariko kubereye ibiriko, ni uko ibyo Imana byerekeranye n'ibiyihishe ni Mutashabihi (Kuri bamwe ☐ Kuri bose ☐.
- Kuki Ibun Abas (Imana imwishimire) yavuze ati (njywe ndi mubacengeye ubumenyi, bazi ibisobanuro nyabyo bya Qor'an?).....
- Amagambo mabi y'abanyabihimbano ni ukuvuga ko Ayat z'ibisingizo by'Imana zidasobanutse, kuko haba harimo kugira intumwa Muhamadi n'abasangirangendo injiji, no guhinyura Qor'an no kuzamura abafilozofi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Bimwe mubimenyetso by'abanyamafuti ni uko bemera Muh'kam bagahakana Mutashabihi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
- Imwe mu misingi y'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo: 1-.....2-.....
3-.....

IKIBAZO CYA KABIRI: Shyira mu mbonerahamwe (l) icyo bijyanye mu mbonerahamwe (↔)

- Taharif Ni ukwanga kandi birimo ubwoko bubiri, guhakanya no gusobanura uko bitari.
- Taawilu Bikorwa ku rurimi bivugwa, no kurutoki byandikwa no k'umutima bihabwa agaciro.
- Taatwilu Imwe imeze nk'indi mu bwiza no kuzura, kandi imwe ishimangira indi.

4. Al Muh'kam: Ni uguhindura ibyari ngombwa kubishimangira, ishobora kuba mu magambo cyangwa mu bitagaragara.
5. Al Mutashabihi Guhakana ibyangombwa ku Imana mu mazina yayo n'ibisingizo (yose hamwe cyangwa amwe muriyo).
6. Atak'yiif Nta nenge irimo, nta kinyoma mu makuru yayo nta no guhuguza mu mategeko yayo.
7. Al Juhudu Ni ikintu cyose cyemejwe na gihamya kiba ari ukuri kandi cyemewe, bitari ibyo kiba gipfuye kitanemewe.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

ICYA CYENDA: IMVUGO ZABUJIJWE KANDI ZIBANGIKANYA (AMASOMO 26)

- Iki gice nicyo kirekire kurusha ibindi muri iki gitabo, kuko mu bisanzwe umwanditsi akunze kwandika mu ncamake hanyuma akaza gusobanura.
- Muri iki gice umwanditsi yavuzemo amagambo yabujijwe ndetse n'amagambo y'ibangikanya anavugamo na bumwe m'uburyo bw'ibangikanya, yibanda cyane ku ibangikanya ritoya kuko ryihishe, nanone yibanze ku uguhakana inema z'Imana kuberako ibi bintu ari byinshi.

[41] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "BAZI NEZA INAMA Z'IMANA HANYUMA BAKAZIHAKANA" (NI IBANGIKANYA GUHAKANA INEMA Z'IMANA)

Mujahidu yaravuze ati igisobanuro cyayo ni ikihe **"Ni umuntu kuba yavuga ati: Uyu ni umutungo wanjye nawuzunguye ku babyeyi banjye"** Awunyu mwene Abdullah yaravuze ati **"Baravuga bati: Iyo hataza kuba kanaka ibintu ibi n'ibi ntibyari gushoboka"** na Ibun Qutayibat yaravuze ati **"Baravuga bati: Ibi bikomoka k'ubuvugizi bw'imana zacu"**

- Inema ubusanzwe ziba ari ibigeragezo, na gihamya y'ibyo ni ijambo ry'Imana rigira riti **"Kandi tuzabagerageresha ibibi n'ibyiza"**.
- Kwitirira inema y'umuremyi utari we ni ukubura Tawuhidi: [1] Rububiyat: Kuko ari ukwitirira inema impamvu ko ariyo yazikugejejeho. [2] Amasengesho: Kuko umuntu aba yaretse gushimira Imana kubera iyo nema.
- Baravuga bati: **"Iyo bitaza kuba kanaka ikintu runaka nticyari kubaho"** umuntu abivuze agamije gutanga inkuru kandi iyo nkuru ikaba ari ukuri ibyanye n'ibiriho, ibyo ntacyo bitwaye.

INEMA NIBA ARI IKIGERAGEZO NI GUTE TWAKIROKOKA?

Mbere y'uko inema ikugeraho:

Ni ngombwa ko uyisaba ku Imana, kandi ukaba uyishyizeho umutima, bamwe mu bantu batekereza kubanza kwimenyekanisha kuri Ministre cyangwa Perezida ngo amuhe inema, ijuru ntawundi risabwa utari Imana ndetse n'amafunguro.

Nyuma y'uko inema zikugeraho:

Ni ngombwa gushimira uguhaye inema, ukabikoresha umutima, ururimi n'ibihimba by'umubiri.

IBICE BY'ABANTU MU KWITIRIRA INEMA:

Uburyo bwiza kandi bw'ukuri: Ni ukuba umuntu yitirira inema impamvu yayo y'ukuri ihari yemewe n'amategeko, ibi biremewe hashingiwe ku bintu bibiri:

Kuba ari ibangikanya ritoya: Ni ukuba umuntu yakwitirira inema yagize impamvu igaragara, ariko bikaba bidasobanutse ko icyo kintu aricyo mpamvu yayo yemewe n'amategeko.

Kuba ari ibangikanya rikuru: Ni ukuba impamvu y'inema yihishe nta ruhare ifite kuri iyo nema burundu.

Ni ukuba umuntu atakwemera ko impamvu y'inema ariyo yakoze igikorwa ubwayo.

Umuntu ugezweho n'inema ntagomba kwiyibagiza gushimira uwayimuhaye.

Gihamya ya kabiri:

Yaravuze Abul Abasa – Nyuma ya Hadith ya Zayidu mwene Khalidi irimo, ko Imana Nyagasani yarvuze iti “**Bwakeye mu bagaragu banjye harimo abanyemera n'abampakana ...**” Iyi Hadith yatambutse – (Ibi ni byinshi muri Qor'an na Sunat aho Imana inenga abitirira inema zayo ibindi bintu bayibangikanya”.

Bamwe mubatubanjirije baravuze bati “**Ibi bisa n'imvugo yabo igira iti (Umuyaga wari mwiza, n'umusabe azi gutwara ubwato neza, n'ibindi nk'ibyo bikunda kuvugwa akenshi n'indimi z'abantu**”.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gusobanura ukumenya inema no kuyihakana (bazi neza ko inema ziba zaturutse ku Imana ariko bakazihakana bazegeka ku bitari Imana).

Icyamba kabiri: Kumenya ko ibintu nkibi bikunze kuvugwa n'abantu (urugero ni imvugo zabo iyo indege igeze hasi).

Icyamba gatatu: Aya magambo kwitwa guhakana inema (Ni uguhakana ko Imana ariyo yazitanze, ntabwo ari uguhakana ko inema ziriho kuko barazizi kandi barazibona ko ziriho).

Icyamba kane: Kuba mu mutima hahuriramo ibinyuranye bibiri (kumenya inema no kuzihakana).

[42] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "BITYO, NTIMUKABANGIKANYE ALLAH N'IBIGIRWA-MANA KANDI MUBIZI (KO ARI WE WENYINE UKWIRIYE GUSENGWA BY'UKURI)" (IGISOBANURO CY'IJAMBO NIDA)

- Ntimuzashyirireho Imana ibigirwamana mu masengesho kandi muzi neza ko ntawe ubangikanye nayo mu bumana bwayo, iyi Ayat irimo itegeko rya mbere ndetse n'impamagazi ya mbere muri Qor'an hakoreshejwe Tawuhidi hakanabamo no kubuza kwa mbere ibangikanya muri Qor'an.

Ibun Abas kubyerekeye iyi Ayat yaravuze ati "Ijambo (Andada) ni ibangikanya ryihishe kurusha urushishi rw'umukara ruri hejuru y'urutare rw'umukara mu mwijima ukaze, bikaba ari nko kuvuga uti: Ndayihe Imana n'ubuzima bwawe yewe kanaka, n'ubuzima bwanjye, ukanavuga uti: Iyo bitaza kuba aka kabwa abajura bari kudutera, n'yo bitaza kuba imbata yari mu nzu abajura bari kudutera, n'ijambo umuntu abwira mugenzi we rigira riti: Iyo Imana itaza kubisha ndetse na we, n'ijambo rigira riti: Iyo bitaza kuba Imana na kanaka, ntushyiremo kanaka, ibi bintu byose kuri we ni ibangikanyamana" Yakiriwe na Ibun Abi Hatim.

- Ijambo rigira riti (Yihishe kurusha....) iri ni ijambo ryo gukabya kuba ikintu kihishe, niba ibangikanya riri mu mitima y'abantu ryihishe kurusha ibi, tugomba gusaba Imana ko yadufasha ikaridukura mo.

Gihamya ya kabiri:

Ni imvugo yaturutse kuri Umar mwene Khatwab (Imana imwishimire) igira iti "Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Uzarahira ibitari Imana, uwo azaba ahakanye cyangwa abangikanyije Imana" Yakiriwe na Tir'midhiy.

Gihamya ya gatatu:

Ibun Mas'udi yaravuze ati "Kuba narahira Imana mbeshya, ni byiza kuri njye kurusha kuba narahira ibitari Imana mu kuri".

- Ijambo rigira riti (azaba ahakanye cyangwa abangikanyije Imana): ibangikanya rikuru igihe yemera ko ibyo yarahiye bingana n'Imana mu buhambare, bitari kuri urwo rwego biba ari ibangikanya ritoya.

- Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) ntabwo yakundaga ibi cyangwa biriya, ariko ibibi by'ibangikanya biruta ibibi byo kubeshya, kuko ibangikanya ntabwo ribabarirwa.

Gihamya ya kane:

Imvugo yaturutse kuri Hudhayifatu (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimukavuge ngo Imana nibishaka na kanaka akabishaka, ariko mujye muvuga muti Imana nibishaka hanyuma na kanaka akabishaka" Yakiriwe na Abu Dauda.

Gihamya ya gatanu:

Bivugwa ko Ibrahim Anakhaiy yangaga abantu bavuga bati (Nikinze ku Imana no kuri wowe), biremewe kuba umuntu yavuga ati (Ku Imana hanyuma no kuri wowe) yaravuze ati: akanavuga ati: (Iyo bitaza kuba Imana hanyuma na kanaka), ntabwo wavuga ngo (Iyo bitaza kuba Imana na we).

- Ijambo rigira riti (Ariko mujye muvuga muti) iyo amategeko y'idini afunze umuryango w'ibyziririjwe, afungura umuryango w'ibzemewe, kugira ngo byorohe kureka ibyziririjwe, no kugira ngo tumenye ubuhambare bw'amategeko y'idini.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gusobanura Ayat yo muri Surat Al Baqarat muri Andada.

Icya kabiri: Ni uko abasangirangendo (Imana ibishimire) basobanura Ayat yamanutse ku ibangikanyamana rikuru ko ikusanyije n'iritoya (Kuko ijambo Nida rikusanyije, ibisa, ibingana mu rwego rusange cyangwa mu bintu bimwe na bimwe).

Icya gatatu: Mu by'ukuri, kurahira ibitari Imana ni ibangikanya (nko kuvuga uti: Ndahiye k'ubuzima bwawe, ndahiye ubuzima bwanjye, ndahiye intumwa, ndahiye icyubahiro cyanjye, ndahiye Al Kaabat, ndahiye isengesho ryawe, igisibo cyawe, imyaka yawe, cyangwa akavuga mukurahira kwe ati: Umuyahudi cyangwa umukirisitu cyangwa umuhakanyi nakora gutwa na gutwa).

Icya kane: Ko umuntu urahiye ibitari Imana mu kuri, ibyo biruta kurahira mu buryo butari k'umutima (aribyo kuba umuntu yarahira Imana abeshya kugira ngo umuntu arye umutungo w'umuyisumu).

Icya gatanu: Itandukaniraho hagati y'inyuguti ya (و) na (ثم) mu mvugo (kuko و yumvisha ko ibintu bingana, ikintu kikaba kingana n'ikindi, iyo nyuguti kandi yumvisha ibintu kuba bikurikirana ariko haciyemo akanya, icyo gihe ikintu kikaba kitangana n'ikindi, nk'ijambo rigira riti: Njyewe nikinze ku Mana no kuri wowe, njye Imana irampagije na we, njyewe niringiye Imana na we, njyewe nicujije ku Imana no kuri wowe).

[43] ISOMO KUBYEREKEYE UMUNTU URAHIRIWE KU IMANA NTANYURWE
N'INDAHIRO ARAHIRIWE (NI KIMWE MU BYAHA BIKURU)

Urahiye ashimangiza icyo arahiriye ubuhambare, maze ntaze kwemeza uwo arahiriye ku Imana haburamo ubuhambare bw'Imana, ibi bibusanye na Tawuhidi.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Ibun Umar (Imana imwishimire) ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimuzarahire ku ababyeyi banyu, kandi uzajya arahira ku Imana ajye aba umunyakuri, n'uzajya urahirirwa ku Imana ajye anyurwa, n'utazanyurwa ibyo ntibiba biturutse ku Imana" Yakiriwe na Ibun Madjah.

IBICE BYO KURAHIRA UKANYUZA UWO URAHIRIYE

Mu buryo bw'amategeko:

Ni ngombwa kwishimira ko arahiriye ku Imana, mu bintu urega asabwa indahiro agomba kurahira, bijyanye n'amategeko.

Mu buryo bugaragara: Urahirirwa ntamura kuba mu buryo butane:

1. Ni ukuba ikinyoma cye kizwi, si ngombwa kwemera ukuri kwe.
2. Kuba ibinyoma bye byigaragaza, si ngombwa kwemera ukuri kwe.
3. Kuba kuri we ibinyoma n'ukuri bingana, uyu agomba kwemerwa.
4. Kuba ukuri kwe kwigaragaza, ni ngombwa ko ukuri kwe kwemerwa.
5. Ni ukuba ukuri kwe kuzwi, uwo agomba kwemerwa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kubuza kurahira ku ababyeyi (uku kubuza gusobanuye kuziririza).

Icyamba kabiri: Gutegeka umuntu urahiriye ku Imana kwemera indahiro.

Icyamba gatatu: Isezerano ry'ibihano k'umuntu utemera iyo ndahiro.

Icyamba kane: Itegeko ry'uko urahira agomba kuba umunyakuri, kuko ukuri ari itegeko mu bitarimo indahiro byaba bimeze bite rero mu birimo indahiro.

[44] ISOMO KU IJAMBO RIGIRA RITI "IMANA N'IBISHAKA NA WE UKABISHAKA"

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Qutayilat: Umuyahudi yaje ku intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aravuga ati: Mu by'ukuri, mwebwe mubangikanya Imana, muravuga muti: Imana n'ibishaka na we ukabishaka, muranavuga muti: Ndahiye Alikaaabat, nuko intumwa Muhamadi abatega ko uzajya ashaka kurahira aje avuga ati "Ndahiye Nyagasani wa Alkaabat, banavuge bati: Imana n'ibishaka hanyuma nawe ukabishaka" Yakiriye na Nasaïy.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri we na none ayikomoye kuri Ibun Abasi, umuntu yabwiye intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ati: Imana n'ibishaka na we ukabishaka, maze intumwa Muhamadi iravuga iti "Ungize ikigirwamana ku Imana? Imana yonyine n'ibishaka"

- Ni ukubera iki Abayahudi biswe iryo zina?

[1] Ni ukubera ko bavuze bati (Hudunaa ilayika) bisobanuye ngo tugarutse iwawe,

[2] Ni ukubera ko Sekuru wabo yitwaga Yahudha mwene Yaqubu.

Hadith ya mbere harimo inyungu zikurikira:

1. Kuba intumwa Muhamadi itarahakaniye Umuyahudi hamwe nuko icya yari agamije ari ukunenga, ni uko ibyo yavuze byari ukuri.

2. Ni itegeko kugaruka k'ukuri, n'ubwo uwaba agukebuye wese yaba atari mu bantu barangwa n'ukuri.

3. Ni ngombwa iyo ikintu gihinduwe, ko hazanwa ikiri hafi yacyo.

- Ni gute nta wundi wari waravuze kuri iki kintu usibye uyu Muyahudi? Ikigamijwe ni ukugerageza bariya bayahudi babandi banenze abayisumu hamwe n'uko nabo babangikanya Imana ibangikanya rikuru kandi ntibabibone nk'igisebo.

- Ijambo rigira riti "Imana yonyine nibishaka" intumwa yagaragariye uyu muntu ibyarangiza muri we ibangikanya, ntabwo yamuyoboye k'ukuvuga ngo (Imana n'ibishaka hanyuma wowe) k'uburwo arangiza muri we ikintu cyose cyamugeza ku ibangikanya n'ubwo byaba biri kure yari kurinda Tawuhidi no kwitwara neza ku Imana.

AMOKO Y'IBYO UMUNTU ABONA MU NZOZI

Uruvagitirane rw'inzozi

Kwerekwa

Amagambo yo mu mutima

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yakiriwe na Ibun Majah, ayikomoye kuri Twufayilu – Musaza wa Aisha kuri Nyina- yaravuze ati: Nabonye mu nzozo nkaho ngeze ku bantu b'abayahudi, ndavuga nti: Mu by'ukuri, mwebwe muri abantu iyo muza kuba mutavuga ngo: Uzayiru ni umwana w'Imana, baravuga bati: Namwe muri abantu iyo muza kuba mutavuga muti: Imana nibishaka na Muhamadi akabishaka, nuko nyura ku bandi bantu b'abakirisitu, ndavuga nti: Mwe muri abantu iyo muza kuba mutavuga muti: Masihi ni umwana w'Imana, baravuga bati: Namwe muri abantu iyo muza kuba mutavuga muti: Imana n'ibishaka na Muhamadi akabishaka, maze mbyutse mu gitondo, nabibwiye abo nabibwiye, nuko njya ku intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndabimubwira, aravuga ati “Ese hari umuntu n'umwe wabibwiye?” ndavuga nti: Yego, nuko intumwa Muhamadi ashimira Imana aranayisingiza, arangije aravuga ati “Nyuma y'ibyo, Twufayilu yaraye aroze inzozo, hari nabo yazibwiye muri mwe, ko mwebwe muvuga ijambo najyaga mbuzwa kuribabuza n'ibi n'ibi, nanjye ndaribabujije, ntumukavuge muti: Imana n'ibishaka na Muhamadi akabishaka, ahubwo mujye muvuga muti: Imana yonyine n'ibishaka”

Ijambo rigira riti “Najyaga mbuzwa kuribabuza n'ibi n'ibi” intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabuzwaga kuribabuza n'isoni, ariko ntibyari ukubuza ikibi, ahubwo yabuzwaga kubibabuza no kuba Imana itarabimutegeka, nk'inzoga yarayihoreye kugeza ubwo Imana iyiziririje

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Abayahudi kuba bazi ibangikanya ritoya.

Icyamba kabiri: Uburyo umuntu ufite amarangamutima yumva.

Icyamba gatatu: Ijambo ry'intumwa y'Imana rigira riti “Ese ungize ikigirwamana ku Imana?” byaba bimeze bite k'uwavugaga ati (Umutungo wanjye nta wundi nywukeshya usibye wowe...) n'ibisigo bibiri nyuma yayo? (Ibi ni ubuhakanyi burenze ndetse no gukabya byo mu rwego rwo hejuru).

Icyamba kane: Ko ibi bitari mu ibangikanya rikuru, kubera ijambo rigira riti “Najyaga mbuzwa kuribabuza n'ibi n'ibi”.

Icyamba gatanu: Kuba inzozo nziza ari igice kimwe mu bice by'ihishurirwa.

Icyamba gatandatu: Kuba izo nzozo zishobora kuba impamvu yo gushyiraho amwe mu mategeko (ku igihe cy'ubutumwa).

[45] ISOMO KU BYEREKEYE UMUNTU UTUKA IGIHE KO ABA ABABAJE
IMANA (KWITIRIRA IBYABAYE IGIHE)

Ijambo rigira riti “Aba ababaje Imana”: Ntabwo ari ngombwa kubabaza Imana kuba byagira icyo biyitwara, umuntu ababazwa no kumva ibintu bibi, ariko ntacyo bimutwara, no kubera icyo mpamvu Imana yemeje kubabara muri Qor’an ihakana ko ntacyo byayitwara.

IBICE BYO GUTUKA IGIHE

Ibangikanya rikuru:

Ni umuntu gutuka igihe nkaho aricyo cyakoze igikorwa, nko kuba umuntu yakwemera ko igihe aricyo gihindagura ibintu kizana ibyiza n’ibibi.

Byajiririjwe: Ni umuntu gutuka igihe atemera ko aricyo gikora ibikorwa ahubwo yemera ko Imana ariyo ikora ibikorwa, ariko agatuka igihe gusa kuko aricyo cyabayemo ibitamushimishije

Byemewe: Ni umuntu gutuka igihe agamije kwivugira gusa, nko kuba yavugaga ati: Turarushye n’icyokere uyu muni, aha hari ijamba ry’Imana rigira riti “Uyu ni umunsi mubi cyane”.

Gihamya ya mbere n’iya kabiri:

[1] Ijambo ry’Imana rigira riti “Kandi baravuze bati “Ubuzima nta kindi buri cyo usibye kuba ku isi, tugapfa tukanabaho, kandi nta kindi kitworeka kitari igihe”

[2] Hadith iri mu gitabo cy’ukuri, yakomotse kuri Abi Hurayrat ayikomoye ku intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Imana Nyagasani yaravuze iti “Umuntu arambabaza, mugutuka igihe, kandi ari njye igihe mpindaguranya ijoro n’amanywa” No muyindi mvugo “Ntimugatuke igihe kuko Imana yino igihe”.

- Ijambo rigira riti “Ubuzima bwacu bw’isi” bisobanuye ngo ubu buzima turiho nta kindi buricyo usibye ibi tubona gusa nta mperuka iriho.
- Ijambo rigira riti “Kandi nta kindi kitworeka kitari igihe” ntabwo dupfa k’ubwitegeko ry’Imana n’igeno ryayo, ahubwo twicwa n’imyaka myinshi kubayigize, n’indwara n’ibibazo k’umuntu ubuzima bwe bwabaye bukeya, ikibarimbura ni igihe gusa.
- Ijambo rigira riti “Umuntu arambabaza” antera akababaro, kuba Imana ibabara birahari muri Qor’an ningombwa ko natwe tubihamya kuko Imana yabihamije ubwayo kuri yo, ntabwo twamenya iby’Imana kurusha yo ubwayo, ariko kubabara kw’Imana si kimwe no kubabara kw’ibiremwa.
- Ijambo rigira riti “Mugutuka igihe” ni ukugituka bisanzwe no kukivuga nabi kukinenga no kukivuma.
- Ijambo rigira riti “Kandi ari njye igihe” umugenga w’igihe n’ugihindagura, ugitegeka nk’umuyaga n’ibindi.

ESE IZINA IGIHE (DAHAR) NI RIMWE MU MAZINA Y'IMANA?

Ntabwo izina igihe riri mu mazina y'Imana, kubera impamvu zikurikira:

1. Kuba injyana ya Ayat ibikuraho, iyo izina igihe riza kuba mu mazina y'Imana, imyizerere y'abantu bo mu gihe cy'ubujiji yari kuba ari ukuri.
2. Injyana ya Hadith nayo irabihakana.
3. Umuntu ugize Imana ko ariyo igihe, uwo aba agize ikiremwa kuba aricyo umuremyi.
4. Amazina yose y'Imana ni meza cyane kandi aruzuye kandi afite ibisobanuro, naho izina igihe nta bwiza burimo.
5. Amazina y'Imana yose afite icyo akomokaho, naho igihe (Dahari) ntaho rifite rikomoka.
6. Hari imvugo ibuza gutuka inyamaswa n'umuyaga ndetse n'umuriro (Huma).

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ukubaza gutuka igihe (nk'ijambo ryabo rigira riti: Mbega igihe cyibi, cyangwa igihe ni cyiki cyangwa igihe kirahemuka).

Icyamba kabiri: Kubyita kubabaza Imana.

Icyamba gatatu: Gutekerezwa ku ijambo ry'Imana rigira riti “Kuko Imana ariyo igihe” (Niwe uhindagura ibihe, kandi ubinyuranya).

Icyamba kane: Umuntu ashobora gutuka igihe ariko atabishyize k'umutima.

Icyamba gatanu: Gusobanura Ayat yo muri Surat Al Jathiyat igira iti “Kandi nta kindi kitworeka kitari igihe”.

[46] ISOMO KU BYEREKEYE KWITWA UMUCAMANZA
W'ABACAMANZA BOSE N'IBINDI NKABYO (BIRABUJIJWE)

- Umuntu kuba yakwiyita iri zina cyangwa akishimira ko abandi barimwita.

Ni irihe tegeko ry'umuntu wiyita umucamanza w'abacamanza bose?

- Ni icyaha gikuru uryiyita aramutse agamije kuryiyita gusa.
- Ni ibangikanya rikuru, igihe yemera koko ko ari umucamanza uruta abandi bose, ndetse no ku Imana Nyagasani.
- Biremewe kandi ni byiza kurushaho, ko atabikora turamutse tubizingiye ku itsinda runaka cyangwa igihugu runaka cyangwa igihe runaka.

Gihamya ya mbere:

Hadith yakiriwe mu gitabo cy'ukuri, ikomotse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ayikomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yaravuze ati "Mu by'ukuri, izina rizahabwa igihano cy'ikinyuranyo cyaryo iwanjye (ku Imana) ni umuntu kwiyita umwami w'abami, nta mwami usibye Imana" Sufyanu yaravuze ati: urugero ni nko kwiyita SHAHAN SHAHA, No muyindi mvugo: "Umuntu Imana izarakarira cyane k'umunsi w'imperuka n'umuntu mubi kurusha abandi"

- Ijambo rigira riti "Akh'nau" ni ukuzahanwa ikinyuranyo cy'ibyo yari agambiriye mu kwiyita iryo zina, ni nk'andi mazina yose yerekena ubuhangange n'ubwami n'ubuhambare.
- Ijambo rigira riti "Agh'yadwu" harimo guhamya guhamya ko Imana irakara cyane mu buryo bukwiye Imana.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ukubuka kwiyita umwami w'abami.

Icyamba kabiri: N'uko nandi mazina ameze nk'iryo, nk'uko Sufyani yavuze ati (Nk'umucamanza w'abacamanza bose, n'umuyobozi w'abayobozi bose, umwami w'abami bose).

Icyamba gatatu: Ni ukumenya ko hari ibihano bihambaye kuri ibi n'ibisa nabyo, hamwe no kwemeza ko umutima uba utabigambiriye.

Icyamba kane: Ni ukumenya koi bi ari ukubera Imana Nyagasani.

[47] ISOMO RYO KUBAHA AMAZINA Y'IMANA NYAGASANI NO
GUHINDURA IZINA KUBERA IBYO

IBICE BY'AMAZINA Y'IMANA
NYAGASANI:

Amazina y'umwihariko:

Ni amazina adakwiye undi wese usibye Imana, aya mazina nta wundi ukwiye kuyitwa, niyo hari uryswe agomba kurihindura, urgero: Allah, A Rah'man, Rabul alamina, n'andi ameze nkayo.

Amazina atari umwihariko:

Ni amazina ashobora kwitwa n'abatari Imana, urgero: A Rahim, Asamiu, Al Baswir, haramutse hagamijwe igisingizo birabujijwe kuryitwa, naho hatagamijwe igisingizo, biremewe kuryitwa nkaho ari izina bwite gusa.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Abu Shurayih: Ko yajyaga yitwa Abal Hakam, nuko intumwa Muhamadi aramubwira ati "Imana niyo Hakamu n'amategeko yose agaruka kuri yo" aravuga ati: Mu by'ukuri, abantu b'iwacu iyo bagize icyo batumvikanaho, banzaho nkabakiranura, buri tsinda rikanyurwa, aravuga ati "Ibyo ni byiza, nta mwana ufite?" ndavuga nti nfite Shurayihu na Muslim na Abdullah, intumwa Muhamadi aravuga ati "Umukuru muri bo ni nde?" ndavuga nti: Ni Shurayihu, aravuga ati "Ubwo wowe uzajya witwa Abu Shurayih?" Yakiriwe na Abu Dauda n'abandi.

Izina mu rurimi rw'icyarabu bita Kuniya ni iritangirwa na Abu, Umu, Musaza wa, Sewabo wa, Nyirarume wa, iryo zina rero ryahawe uwo mugabo harebwe igisobanuro cy'igisingizo ariko Al Hakam, rihita riba neza nk'izina ry'Imana, ntabwo ryari izina bwite gusa, ahubwo ryari bwite rikubiyemo ikindi, icyo gihe umuntu aba afatanyije n'Imana kuri icyo gisingizo, no kubera iyo mpamvu intumwa Muhamadi yamwise ibyo akwiye kuba yitwa kandi ntiyamutegetse kongera gukora umuhango wa Aqiqat.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Ni ngombwa kubaha ibisingizo by'Imana n'amazina yayo, nubwo byaba mu magambo hatagamijwe igisobanuro cyaryo (mu mazina y'umwihariko ku Imana cyangwa amazina agamijwe kureba igisingiza cyayo).

Icyamba kabiri: Ni ngombwa guhindura izina kubera iyo mpamvu (ndetse n'igihe izina rifite igisobanuro kidakwiye).

Icyamba gatatu: Ni ngombwa gutoranya umwana mukuru ukaba ariwe witirirwa (kwitirirwa abana biremewe, ariko ntabwo umuntu yiyitirira umubangikanyamana).

[48] ISOMO K'UMUNTU UTESHA AGACIRO IKINTU KIRIHO GUSINGIZA IMANA
CYANGWA QOR'AN CYANGWA INTUMWA MUHAMADI

- Umuntu usuzugura akanatesha agaciro Imana cyangwa amagambo yayo mu bintu karemano no mu bijyanye n'amategoko cyangwa agatesha agaciro intumwa z'Imana, uwo aba ahakanye ubuhakanyi bukuru, kuko guhakana no gusuzugura ukwemera ari ikintu gihambaye, kandi ubuhakanyi buri ubwoko bubiri:

Ubuhakanyi bwo kujya imunanu:

Ubu bukaba aribwo buhambaye kandi buruta ubundi, nk'ubuhakanyi bwa Abu Jahali na Abu Lahabi.

Ubuhakanyi bwo gutera umugongo:

Umuntu ntiyinjire mu idini ry'Imana, ariko ntaribangamire cyangwa ngo arirwanye.

- Umuntu utesha agaciro akanasuzugura ibyo byose aba ari umuhakanyi ubuhakanyi bwo kujya imunanu, uyu ingaruka ze ziruta iz'umuntu wubamira ikigirwamana gusa, iki kibazo kirakaze cyane, hari igihe ijamba rishobora gutura nyiraryo mu bintu bihambaye ndetse rikanamugeza ku korama atabizi, umuntu ashobora kuvuga ijamba akarakarirwa n'Imana ariko we ntabyiteho maze rikamuturira mu muriro.

Umuntu usuzuguye iswala -n'ubwo yaba iya Sunat- cyangwa agasuzugura Zakat, cyangwa Igisibo, cyangwa Hijat uwo aba ari umuhakanyi nkuko byemeranyijweho n'abayisumu bese, uwo nikimwe nusuzugura ibimenyetso by'Imana byaba mu bintu karemano nko kuba yavugaga ati: Kuba habaho ubushyamba mu gihe cy'imbeho ni ubujiji, cyangwa akavugaga ati: Kuba habaho imbeho mu mpeshyi ni ubujiji, ibi ni ubuhakanyi bukuru umuntu mu idini, kuko Imana Nyagasani ibikorwa bya byose bishingiye k'ubugenge hari igihe dushobora dushobora kumenya ubwo bugenge hari n'igihe utabumenya.

- Abamenyi ntibavuze rumwe k'umuntu utuka Imana cyangwa intumwa yayo cyangwa igitabo cyayo, ese ukwicuza kwe kurakirwa, hari imvugo ebyiri z'abamenyi:

Ntabwo ukwicuza kwe kwemerwa ahubwo umuyobozi aramwica:

Uwo ntabwo asengerwa, nta nubwo asabirwa ubusabe bw'impuhwe akanashyingurwa kure y'imva z'abayisumu, nubwo yavugaga ko yicujije, kuko ubu buhakanyi ikibazo cyabwo kirakomeye, kwicuza ntacyo bigikoraho.

Ukwicuza kwe kuremerwa iyo kujije ibi bikurikira:

1. Kuba tugomba kumenya ukuri ko kwicuza kwe. 2. Kuba agomba gusingiza Imana. 3. Kwitandukanya n'ibyo yavuze. Ariko umuntu ututse intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) we ukwicuza kwe kurakirwa ariko umuyobozi agomba kumwica aharanira ukuri kw'intumwa iyo yishwe turamwoza tukamwambika isanda tukamusarira hanyuma tukamushyngura mu marimba y'abayisumu.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti "N'iyi ubabajije (impamvu y'uko kunnyega), baravuga bati "Mu by'ukuri, twatebyaga tunikinira".

[2] Imvugo yaturutse kuri Ibun Umar na Muhamadi mwene Kaabi na Zayidu mwene As'lam na Qatada – Hinjiyemo ibiganiro byabo kubwabo- ko umuntu mu ntambara ya Tabuki yavuze ati: Ntabwo ndabona abasomyi bacu bafite inda nini banabeshya kandi batinya guhura n'umwanzi – ashaka kuvuga intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo be basoma Qor'an maze Awufu mwene Maliki aramubwira ati: Urabeshya, ahubwo wowe uri umwe mu indyarya, ndabwira intumwa Muhamadi, nuko Awufu ajya ku intumwa Muhamadi kugira ngo amubwire maze asanga ayat yamutanze, nuko uwo muntu aza ku intumwa Muhamadi yamaze kugenda, yurira ingamiya ye aravugaga ati: Yewe ntumwa y'Imana mu by'ukuri, twarimo kuganira dukina tunganira ibiganiro by'abantu bari ku mafarasi bidufasha kwihuta, Ibun Umari aravugaga ati: Meze nkaho ndimo kumureba afashe k'umukandara w'ingamiya y'intumwa y'Imana amabuye arimo kujomba ibirenge bye, arimo kuvuga ati: Twarimo kuganira dukina, intumwa y'Imana iravugaga iti "Vuga uti "Nonese koko mwannyegaga Allah n'amagambo ye ndetse n'Intumwa ye?" ntamuhindukire ntanagire ikindi amurengereza.

- Ijambo rigira riti "Abasomyi bacu" abagambiriwe ni intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo be, arabeshya Wallah.
- Ijambo rigira riti "Ahubwo wowe uri indyarya" kubera ibi tumenya ko umuntu utuka abasangirangendo aba ari umuhakanyi, kuko kubasebya ni ugusebya Imana n'idini yayo ndetse n'intumwa yayo. – Ijambo rigira riti "Binis'at" ni umukandara umuntu yambara.
- Ijambo rigira riti "ajomba ibirenge bye" yakibitaga ibirenge bye.

INYUNGU ZA HADITH:

1. Kugaragaza ubumenyi bw'Imana ku ibizabaho, Imana izi ibyabaye n'ibizabaho.
2. Intumwa Muhamadi ayoboresha ibyo Imana imuhishuriye.
3. Gusuzugura Imana n'ibimenyetso byayo n'intumwa yayo ni ubuhakanyi buruta ubundi.
4. Umuntu usuzugura Imana aba ahakanye.
5. Ni ngombwa gukoresha ubukana mu mwanya wabwo.
6. Kwemerwa ko kwicuza k'umuntu wasuzuguye bigomba kubahiriza ibyangombwa.

IBYITONDERWA:

1. Umuntu uba kumwe n'umuntu utukana nawe aba atukanye, usibye igihe abyamaganye akanigendera, Imana yaravuze iti "Kandi rwose mwahishuriwe mu gitabo ko igihe muzajya mwumva amagambo ya Allah ahakanwa cyangwa se akerenswa, mutazajya mwicarana na bo (abayahakana n'abayakerensa), kugeza ubwo bahinduye bakajya mu bindi biganiro bitari ibyo".
2. Uzirinde kuba wavuga Qor'an cyangwa Hadith abantu bagaseka, ahubwo ujye utinya igihe ubivuga.
3. Niba amagambo ashobora kuba akubiyemo ibitutsi, tugomba gukebura uyavuga, iyo ayaretse akicuza icyo gihe biba ari byiza, naho iyo atayaretse aba asuzuguye.
4. Kwirinda kwibona no kwiyezera, kuko icyiza hari igihe cyakwinjiza mu ijuru n'ikibi hari igihe cyakwinjiza mu muriro, nk'uyu mugabo yajyanye n'intumwa Muhamadi mu ntambara ya Tabuki dore ibyamubayeho.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: - Ni ibintu bihambaye- kuba umuntu usuzuguye ibi aba ari umuhakanyi (ahakanye Imana n'ibimenyetso byayo n'intumwa yayo).

Icyamba kabiri: Ni uko icyi aricyo gisobanuro cya Ayat k'umuntu ukoze ibyo, uwo yaba ariwe wese (indyarya cyangwa utari indyarya).

Icyamba gatatu: Itandukaniro ryo gusebanya no gutanga impanuro kubera Imana n'intumwa yayo (ikiba kigamijwe ni ukubaha ibirango by'Imana).

Icyamba kane: Itandukaniro riri hagati y'imbabazi Imana ikunda (ni izirimo ugutunganya) no kugira ubukana ku banzi b'Imana (ariko kugenza bukeya akenshi muri Daawat no kumenyereza abantu hari igihe biba byiza).

Icyamba gatanu: Nuko hari zimwe mu mpamvu zitagomba kwemerwa (igihe uzi neza ko izo mpamvu atari zo).

[49] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "N'IYO TUMUSOGONGEJE KU MPUHWE ZIDUTURUTSEHO NYUMA YO KUGERWAHO N'INGORANE, RWOSE ARAVUGA ATI "IBI MBIBONYE KUKO MBIKWIYE"

Mujahidu yaravuze ati "Ibi mbibonye kuko nabikoreye, kandi ndabikwiye" Ibun Abasi yaravuze ati "arashaka kuvuga ko abibonye kubwe"

Ni uko umuntu iyo yitiriye inema yagize akazi ke n'ibikorwa bye haba harimo ubwoko bw'ibangikanyamana mu bumana bwayo, n'iyi yitiriye inema yagize Imana ariko akavuga ko yarazikwiye ko ibyo Imana yamuhaye atari impuhwe ahubwo ari uko abikwiye, harimo uburyo bwo kwishyira hejuru mu ruhande rw'ubugaragu.

Gihamya ya kabiri n'iya gatatu:

[2] Ijambo ry'Imana rigira riti "(Qaruna) aravuga ati "Mu by'ukuri, ibi nabihawe kubera ubumenyi mfite" Qatada yaravuze ati "Nabihawe kubera ubumenyi nfite no kubaho kw'ibyinjiza" Abandi baravuze bati "Nabibonye kubera ubumenyi bw'Imana ko mbikwiye" ibi nibyo bisobanuro by'amagambo ya Mujahidu "Nabihawe kubera icyubahiro cyanjye".

[3] Invugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ko yumvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Mu by'ukuri, abantu batatu mu Bayisiraheli: Urwaye ibibembe, ufite uruhara n'impumyi, Imana yashatse kubagerageza, maze iboherereza Malayika agera k'umunyabibembe maze aramubwira ati: Ni ikihe kintu ukunda nagukorera? Aravuga ati: Ni uko wampa ibara ry'uruhu ryiza n'umubiri mwiza, ubu burwayi butuma abantu bampunga bukamvaho, aravuga ati: Malayika aramuhagurira, uburwayi buragenda amuha ibara ryiza n'uruhu rwiza, maze aravuga ati: Ni uwuhe mutungo wifuza ko nakuha? Aravuga ati: Ni ingamiya cyangwa inka -Isihaq yagize ugushidikanya- maze amuha ingamiya zihaka, nuko aramubwira ati: Imana iziye umugisha. Malayika ajya k'uwari ufite uruhara aramubwira ati: Ni iki kintu cyiza wifuza ko nagukorera? Aravuga ati: Ndifuza imisatsi myiza, ati: Ni uwuhe mutungo ukunda nakuha? Aravuga ati: Ingamiya cyangwa inka, amuha inka zihaka maze aramubwira ati: Imana iziye umugisha. Malayika ajya kuri wawundi w'impumyi aramubwira ati: Ni ikihe kintu cyiza wifuza ko nagukorera? Ati: ni uko Imana yangarurira amaso, ati: umutungo ukunda nakuha ni uwuhe? Aravuga ati: Ihene, ahabwa ihene nyinshi zihaka, birabyara zirororoka, uriya agira umubande w'ingamiya, undi agira umubande w'inka undi umubande w'ihene. Aravuga ati: Hanyuma Malaika aza kujya kuri wawundi wari urwaye ibibembe mu ishusho nk'iyi yarimo akirwaye ibibembe, aramubwira ati: Ndi umukene, kandi ndi k'urugendo impamba yanshiranye kuri uru rugendo, ntacyo nfite uyu muni niringiye Imana hanyuma nawe, ngusabye kubera uwaguhaye ibara n'uruhu rwiza n'umutungo ngo umpe ingamiya imwe yatuma mbasha gukomeza urugendo, aramubwira ati: Ibindeba ni byinshi, Malayika aramubwira ati: ariko ndabona nsa nkaho nkuzi urwaye ibibembe abantu barakwanze uri umukene Imana ikaguha umutungo? Aravuga ati: Njyewe uyu mutungo nawuzunguye kuri ku bakurambere nabo barawuzunguye kuri ku bakurambere babo,

Malaika aravuga ati: Niba ubeshya Imana igusubize uko wari umeze. Aravuga ati: Nuko Malaika ajya k'uwari ufite uruhara mu ishusho yari arimo kera, maze amubwira nk'ibyo yabwiye awa mbere, nawe amusubiza nk'ibyo yamusubije, Malayika aramubwira ati: Niba ubeshya Imana igusubize uko wari umeze mbere. Aravuga ati: Maze Malaika ajya k'uwahoze ari impumyi mu ishusho nk'iyi yarimo mbere, aramubwira ati: Ndi umukene kandi ndi ku rugendo nashiriwe n'impamba kuri uru rugendo, none nta kiri bunfashe uyu muni usibye ko niringiye Imana hanyuma na we, ndagusaba k'ubwo uwagushubije amaso ko wampa ihene imwe yanshoboza kugera aho ngihe, uwari impumyi aramubwira ati: Njyewe nari impumyi Imana ingarurira amaso, none fata muri izi hene izo ushaka usige izo ushaka, ndakurahira Imana ko ntakwima ikintu usabye kubera Imana. Malaika aramubwira ati: Hamana umutungo wawe, kuko mwari mu bigeragezo kandi Imana yakwishimiye, inarakarira bagenzi bawe” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

- Muri iyi Hadith harimo amasomo menshi cyane muri yo:

1. Inkuru ziza muri Qor'an na Sunat kugirango zibe amasomo n'inyigisho.
2. Kugaragaza ubushobozi bw'Imana, mugukiza ibibembe n'uruhara ndetse n'ubuhumyi mu kuba Malaika ukoze ku mubiri gusa.
3. Abamalayika bashobora kwihinduranya bakagira ishusho y'abantu, ariko ibyo babikora ku itegeko ry'Imana.
4. Abamalaika bafite umubiri ntabwo ari roho cyangwa amagambo cyangwa imbaraga gusa.
5. Abakira Hadith bashishikajwe no guzana Hadith uko yavuzwe.
6. Umuntu ntabwo ari ngombwa kwishimira icyo yagenewe, ariko ni ngombwa kuri we kwishimira icyo Imana yamwandikiye, hari itandukaniro hagati y'icyo Imana yakwandikiye n'ibyakubayeho. Ibyakubayeho bigabanyijemo ibyago si ngombwa ko ubyishimira n'amategeko y'idini ni ngombwa ko uyishimira.
7. Biremewe gusabira umuntu ubusabe rusange.
8. Biremewe kuva ku izima n'uwo ujya impaka nawe mubyo atemera hagamijwe kurangiza impaka.
9. Ni uko imigisha y'Imana itagira aho igarukira, no kubera iyo mpamvu bariya bantu bari bafite imibande y'amatungo.

10. Kugaragaza ko ari ngombwa gushimira buri nema uko imeze.
11. Biremewe ko umuntu ashobora kwigaragaza ko atari.
12. Kuba ibigeragezo bishobora kuba rusange kandi bigaragara inkuru yabo bantu irazwi.
13. Ibyiza byo kwicisha bugufi no kwirinda gukunda isi cyane bishobora gukururira nyirabyo ikintu cyiza nk'uko byagendekeye wa muntu wari impumyi.
14. Kuba muri iriya Hadith hagaragaramo ko abantu bakera bajyaga bazungurana.
15. Kuba mu bisingizo by'Imana harimo kwishimira no kurakarira no gushaka, tukaba tugomba kubihamya mu buryo bukwiye Imana.
16. Ni uko ubucuti bushobora kwitwa ukumera kimwe ku kintu ariko si ngombwa kwegerana.
17. Imana igerageza abantu kubyo yabahaye.
18. Kuba kwibutsa umuntu bishobora gukorwa mu magambo, mu bikorwa no mu kwigaragaza.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gusobanura Ayat igira iti “N’iyo tumusogongeye ku mpuhwe ziduturutseho nyuma yo kugerwaho n’ingorane”.

Icyamba kabiri: Ni ikihe gisobanuro cy’ijambo ry’Imana rigira riti “Rwose aravuga ati “ibi mbibonye kuko mbikwiye” (bisobanuye ngo nyewe ndabikwiye kandi ninjye ubigomba).

Icyamba gatatu: Ni ikihe gisobanuro cy’ijambo ry’Imana rigira riti “Mu by’ukuri, ibi nabihawe kubera ubumenyi mfite”.

Icyamba kane: Mu by’ukuri muri iyi nkuru itangaje harimo amasomo ahambaye (no mu itandukaniro hagati y’urwaye ibibembe nu ufite uruhara ndetse n’impumyi, kuko umunyabibembe n’uwari ufite uruhara bahakanye inema z’Imana nyuma y’uko bazibonye, na mbere yuko zibageraho ntibari biringiye Imana, naho impumyi yemeye inema z’Imana nyuma yuko zimugeraho, bigaragaza ko na mbere yazo yari yiringiye Imana. Ibunil Qayim yaravuze ati: Umuntu agomba kwirinda amagambo y’ubuhakanyi agira ati (Njyewe, nfite, ibyanjye) kuko ayo magambo yageragereshwe Ibilis, na Farawo na Qaruna Ibilis aravuga ati “Njyewe nfite agaciro kumurusha” ageragereshwa Farawo aravuga ati “Nfite ubwami bwa Misiri” anageragereshwa Qaruna aravuga ati “Mu by’ukuri, ibi nabihawe kubera ubumenyi mfite”. Iri jambo (Njyewe) imvugo nziza ryashyiriweho, ni imvugo y’umugaragu w’Imana wakoze amakosa arimo gusaba imbabazi yemera amakosa ye, naho ijambo (nfite) imvugo nziza ryashyiriweho ni: Nfite ibyaha, nfite uburemere, nfite inzu, nfite ubukene n’igisuzugurira. Naho ijambo (nfite) ni mu ijambo rigira riti (mbabarira ibyaha byanjye, mu ntege nyinshi n’inkeya n’ibyaha byanjye n’ibyo ngamije ibyo byose ndabifite).

[50] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ARIKO (ALLAH)
YAMARA KUBAHA UMWANA UTUNGANYE, BAGATANGIRA
KUMUBANGIKANYA MUBYO YABAHAYE"

UBWOKO BW'IBANGIKANYA BUGAMIJWE MURI IYI
AYAT:

Ibangikanya rikuru:

Igihe yemera ko uwazanye uyu mwana ari umukunzi w'Imana kanaka, n'ibindi nkabyo, kuko baba bitiriye ukurema utari Imana.

Ibangikanya ritoya:

Igihe yitirira ubuzima bwiza bw'umwana no kumurinda abaganga n'abandi nkabo, kuko aba yitiriye inema impamvu yayo akibagirwa uwabiteye.

Ibangikanya ritoya:

Mu bijyanye n'ubugaragu, nko kuba yarutisha urukundo rwe urw'Imana, bigatuma areka kuyumvira, ni gute uyu mwana twamugira ikigirwamana ku Imana mu rukundo.

Gihamya ya kabiri:

Ibunil Hazim: yaravuze ati "Bemeranyijwe kuziririza buri zina ririmo ubugaragu butari ku Imana, nka Abdu Amuri, Abdul Kaabat, n'ibindi bimeze bityo, usibye izina rya Abdul Mutwalib".

- Biremewe izina ririmo ubugaragu butari ubw'Imana, n'utanga gihamya ku ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Njyewe ndi mwene Abdul Mutwalib" tumusubiza tugira tuti:

1. Aya ni amwe muma Hadith ya Mutashabih, kandi dufite inyandiko zisobanutse kandi za Muh'kam zihakana ibi.
2. Iyi Hadith iri mu zitanga inkuru ntabwo itegeka cyangwa yemeza.
3. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nta muntu yigeze yita izina nka ririya, nta n'uwo yigeze yemerera mu basangirangendo be ko ahamana izina nk'iryo.
4. Iri zina niryo ryatumye intumwa Muhamadi amenyekana iyo aza kuvuga ati (mwene Abdullah) ntabwo abantu bari kumumenya.
5. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ikintu cyabaye kikarangira, kandi Abdul Mutwalib yarapfuye.
6. Abdul Mutwalib ntabwo ari izina, ahubwo n'irytirirano kuko izina rye ryari Shayibal Hamdi, ise yitwaga Hisham yamwohereje akiri umwana Madinat muri ba Nyirarume ba Baniy Najari kugira ngo yige kandi abe ariho akurira, ubwo Se wabo Al Mutwalib yageraga Madinat yajyanye Shayibal Hamdi amugejeje Makka ibara rye rirahinduka kubera urugendo rururure, abantu baravugaga bati: Uyu mugaragu ni nde? Baravugaga bati: Ni Abdul Mutwalib (ubugaragu nta kibazo kirimo) bwongerwaho irindi zina, icyo gihe nta kibazo kirimo.

Gihamya ya gatatu:

Imvugo yaturutse kuri Ibun Abasi kubyerekeye iyi Ayat yaravuze ati “Adamu ariyemanye nawe (Eva) aratwita, maze Ibilis irabazira irababwira ati: Njyewe ndi inshuti yanyu yabavanye mu ijuru, mugomba kunyumvira cyangwa uwo mwana mutwite nzamuha amahembe nk’ayi nkoronko, asohoke munda yawe ayitobore, kandi nzabakorera, nzabakorera ibi nibi, ibatera ubwoba, bayita Abdul Harith, banga kuyumvira, umwana avuka yapfuye, barongera baratwita, iraza ibabwira nk’uko yababwiye, banga kuyumvira, inda ivamo nanone, barongera baratwita ibilis irongera irabazira ibabwira nk’ibyo, nuko batangira kumva bagize urukundo rwo kugira umwana bamwita Abdul Harith, iryo niryamba jambo ry’Imana rigira riti “Bagatangira kumubangikanya mubyo yabahaye” Yakiriwe na Ibun Abi Hatim.

N’imvugo yaturutse kuri we na none k’urushorane rw’ukuri, ikomotse kuri Qatada yaravuze ati “Babangikanyije mu kumvira, ntabwo babangikanyije mu gusenga”.

N’imvugo yaturutse kuri we na none k’urushorane rw’ukuri, ikomotse kuri Mujahidi ku ijamba ry’Imana rigira riti “Ariko (allah) yamara kubaha umwana utunganye” aravugaga ati “Dufite impungenge ko uyu mwana atazaba umuntu” na Hasan yavuze igisobanuro nk’icyo na Saidi n’abandi batari bo.

- Ijambo rigira riti “Amahembe y’inkoronko” ni inpfizi yayo.

- Ijambo rigira riti “Abdul Harith” Ibilis yahisemo iri zina kuko ariryo zina ryayo, ishaka ko ubugaragu babuyitirira.

- Iyi nkuru ntabwo ari ukuri mu buryo bukurikira:

1. Nta nkuru y’ukuri irimo yaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), Ibun Hazim yaravuze ati (Iyi nkuru ni ikinyoma yarahimbwe).

2. Ntibishoboka na gato kuba Imana yavugaga ikosa ntivuge ko bicujije.

3. Intumwa Imana yaziranye ibangikanya nk’uko abamenyi bose babyemeranyijweho.

4. Abantu bazagera kuri Adam ku muni w’imperuka, maze abahakanire ko atabakorera ubuvugizi, kuko yariye ku giti Imana yamubujije kandi ari ikosa, iyo aza kuba yarabangikanyije Imana icyo nicyo yari kubanza imbere.

5. Shitani yarababwiye iti “Njyewe ndi inshuti yanyu” amagambo nkaya ntabwo yavugaga n’umuntu ugamije gushuka undi.

6. Ntabwo Adam na Eva bakwemera ko Shitani yaha umwana uri munda amahembe, kuko byaba ari ibangikanyamana mu bumana bwayo.

7. Muri Ayat handitse ko babangikanya mu nsimbuzina y’ubwinshi, iyo baza kuba ari Adam na Eva gusa hari gukoreshwa insimbuzina y’ababiri.

8. No kubera iyo mpamvu igisobanuro kigaruka ku bantu bose babangikanyije ibangikanya nyaryo, kuko mu bantu harimo ababangikanyamana n’abemeramana.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Kuziririza buri zina ry'ubugaragu butari ubw'Imana (harimo na Abdul Mutwalib).

Icya kabiri: Gusobanura Ayat igira iti (ariko (allah) yamara kubaha umwana utunganye, bagatangira kumubangikanya mubyo yabahaye).

Icya gatatu: Kuba ibi ari ibangikanya mu mvugo itagambirwemo ukuri kwayo (ukuri nuko ibi ari ibangikanya nyakuri, kandi ni rimwe mu mabangikanya y'abantu ntabwo ryaturutse kuri Adam na Eva).

Icya kane: Nuko impano y'Imana ku abagabo ni umukobwa utunganye aba ari inema (Kuko bamwe mu bantu babonako impano y'umukobwa ari icyago, ndetse impano y'umuhungu ingana utunganye nayo ni inema).

Icya gatanu: Abakurambere bavuze itandukaniro hagati y'ibangikanya mu kumvira n'ibangikanya mu masengesho (Adam na Eva bumviye Shitani ntibayisenga, ibi bishingiye ku ukuri kw'inkuru).

[51] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "KANDIAMAZINA MEZA YOSE NI AYA ALLAH, BITYO MUJYE MUYIFASHISHA MUMUSABA, KANDI MUNITANDUKANYE NA BABANDI BAKERENSA AMAZINA YE"

Imvugo yaturutse kuri Ibun Abi Hatim ayikomoye kuri Ibun Abasi ku ijambo rigira riti "bakerensa amazina ye" : "Babangikanya" imvugo yaturutse kuri we na none "Bise ikigirwamana Lata barikomoye ku izina ry'Imana Al ilahu, na Uza barikomoye kuri Azizi" imvugo yaturutse kuri Al Aamashu "Binjizamo ibitarimo".

- Muri iri somo harimo igisubizo ku bavuga ko: Igitabo cya Tawuhid nta kindi gikubiyemo usibye Tawuhid Al Uluhiyat.
- Ijambo rigira riti "Kandi Imana ifite": Inzira ya Tawuhid hano ni ukubanza inkuru, kuko kubanza icyari guheruka byumvisha ko ikintu ari umwihariko.
- Ijambo rigira riti "meza": Ni amazina yuje ubwiza kandi aruzuye mu buryo bwose, nta busembwa burimo.
- Ijambo rigira riti "Mujye muyisaba muyifashishije" gusaba Imana Nyagasani ukoresheje amazina yayo bifite ibisobanuro bibiri:

Ubusabe bw'amasengesho:

Ni ugusenga Imana mu buryo bujyanye nayo mazina, urugero izina Al Baswir ni ugusenga Imana mu buryo bujyanye n'iryo zina ryo kurora k'uburyo Imana itakubonaho igikorwa yanga.

Ubusabe bwo gusaba icyo wifuza:

Kuba ugomba kubanza imbere amazina mu busabe bwawe, nk'ijambo rigira riti "Mbabarira imbabazi ziguturutseho kandi ungirire impuhwe kuko wowe uri Ubabarira ibyaha Nyirimpuhwe.

Kutemera amazina y'Imana: Ni ukureka kwemera ibiri ngombwa kubyemera muri ayo mazina. Bikaba birimo ibice bikurikira:

Kutemera amazina y'Imana n'ibisingizo byayo:

1. Ni ukwanga amazina yose cyangwa amwe muriyo nk'uko Jahamiyat babikora.
2. Kwemera izina ugahakana igisingizo, nk'ijambo rigira riti "Arumva ariko ntagira ukumva".
3. Kugira amazina y'Imana kuba yumvisha kuba asa, nko kuba ameze kimwe.
4. Kuvana mu mazina y'Imana amazina y'ibigirwamana, nk'izina ry'ikigirwamana Uza kurikomora mu izina ry'Imana Azizu.
5. Kwita Imana amazina itiyise ubwayo, nk'uvuga ati: Imana iri mu butatu cyangwa ko Imana ishobora kuvumbura.

Kutemera ibimenyetso:

Byaba ibimenyetso

1. **Ibijyanye n'amategeko y'idini:** nk'uvuga ko Qor'an ari ikiremwa.
2. **Ibya karemano:** nk'uvuga ko kamere ariyo irema ibintu.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Guhamya amazina y'Imana Nyagasani, (bitandukanye na Jahamiyat n'abakabya bo muri Muutazilat).

Icya kabiri: Kuba ayo mazina ari meza (bisobanuye ko ari meza cyane kandi yuzuye).

Icya gatatu: Kuba ari itegeko gusaba Imana uyifashishije (ubusabe bw'amasengesho n'ubusabe bw'ibyo ukeneye, muri ibyo bice byombi ni itegeko gusaba wifashishije amazina y'Imana).

Icya kane: Kureka abahakana amazina y'Imana mu bantu b'injiji n'abatayemera (ni ukureka gukurikira inzira yabo, ntabwo bisobanuye ko tutagomba kubahamagarira kumenya ukuri, no kubasobanurira, ayat kandi ikubiyemo isezerano ry'ibihano).

Icya gatanu: Gusobanuramo Ilihad.

Icya gatandatu: Isezerano ry'ibihano k'umuntu uhakana amazina y'Imana.

IKIBAZO CYA MBERE: Shyira ikimenyetso (☒) mu mwanya ukwiye cyangwa wuzuze imyanya irimo ubusa:

1. Igice cya cyenda nicyo gice kirekire mu gitabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
2. Umwanditsi yitaye cyane ku ibangikanya ritoya kuko ryihishe: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
3. Ijambo rigira riti "Inema z'Imana" inema imwe ariko ikigambiriwe ni ubyinshi ☐ imwe ☐.
4. Inema ibaho: Kuzana ibishimishije ☐ gukuraho ibitari byiza, Byose hamwe ☐.
5. Ijambo rigira riti "Hanyuma bakazihakana": ukubaho kwazo ☐ bahakana kuzitirira Imana ☐.
6. Gukoma amashyi indege imaze kugera hasi, ni ugushimira umupirote: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
7. Kwitirira inema utari Imana ni ubuhakanyi: Bukuru ☐ Butoya ☐.
8. Ibangikanya mu mitima y'abantu: ryihishe kurusha urushishi rwirabura ruri hejuru y'urutare rwirabura mu mwijima ukabije ☐ riragaragara cyane ☐.
9. Kurahira ikitari Imana ubeshya: Ni ibangikanya ritoya ☐ rikuru ☐. kirazira ☐ hari ibisobanuro birambuye ☐.
10. Kurahira ikitari Imana mu kuri: Ibangikanya ritoya ☐ icyaha gikuru ☐. kirazira ☐ hari ibisobanuro birambuye ☐.
11. Ibangikanya Imana ntiribabarira nubwo ryaba iritoya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
12. Kurahira Imana ubeshya nibyo byoroshye kuri Ibun Mas'udi, kuruta kurahira ku ikitari Imana mu kuri: Nibyo ☐ Sibyo ☐. Kandi Ibun Mas'udi ntakunda ibi cyangwa biriya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
13. Imvugo igira iti: Nkurahire iki kugira ngo wemere ukuri kwanjye: iremewe ☐ ntiyemewe ☐.
14. Uvuze ati "Imana nibishaka na kanaka akabishaka" uramutse wizera ko kanaka akomeye kurusha umuremyi, cyangwa angana n'Imana ibyo ni ibangikanya: (rikuru ☐ ritoya ☐), n'yo yemera ko kanaka ari muni y'Imana, ibyo ni ibangikanya (ritoya ☐ Sibyo ☐.
15. Ijambo rigira riti "Ni indagizo kuri wowe" cyangwa se: (Ni indagizo): ibangikanya ritoya ☐ ni icyaha gikuru ☐. biremewe ☐.
16. Ni ngombwa kwiga ibangikanya kugira ngo utarigwamo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
17. Abasangirangendo (Imana ibishimire) basobanurako Ayat zamanutse ku ibangikanya rikuru zikusanyije n'ibangikanya ritoya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
18. Indahiro y'impfabusa, ni ukuba umuntu yarahira Imana: abeshya ☐ indahiro imufasha gutwara imitungo y'umuyisumu ☐.
19. Inyuguti ya Waw yumvisha (gukurikirana ☐ kungana ☐) bikaba ari (ibangikanya ☐ Biremewe ☐.
20. Iyo urahira Imana atari umuntu wemerwa kandi wizerwa (ugomba ☐ ntugomba ☐) amwemeza akoze indahiro ye.
21. Kurahira intumwa (Imana imuhe amahoro n'imigisha) no kurahira ubuzima bw'umubyeyi n'icyubahiro: mubyarengewe n'ibyago ☐ ibangikanya ritoya ☐.
22. Ijambo rigira riti "Nabujijwe n'ibi n'ibi, bisobanuye....."

23. Kuki nta wundi wagaragaje ukurahira kutemewe usibye umuyahudi?.....
24. Umuyahudi ni umuntu witirirwa amategeko ya (Issa (Yesu) ☐ Mussa ☐. N'impamvu yo kwitwa gutyo (Ni ijambo rigira riti "Inaa Hud'na ilayika" ☐ sekuru wabo witwa Yahudha ☐ Byose hamwe ☐).
25. Intumwa Muhamadi yatanze gihamya ku ibangikanya ritoya ku ibangikanya rikuru mu ijambo rigira riti "Ungize ikigirwamana ku Imana" Nibyo ☐ Sibyo ☐, intumwa Muhamadi imuyobora ku byatuma (utegera burundu ibangikanya n'iyi ryaba kure ☐ kureka ibangikanya ☐).
26. Umuntu aramutse ukunamiye igihe agusuhuje (wabyamagana ☐ ntacyo bitwaye ☐, isoni ziramutse zikubujije kubikora ntacyo byaba bitwaye ☐) (uramutse utabyamaganye icyo gihe waba arti Twaghut ☐, waba uri umwemera nyakuri ☐).
27. Kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaramaganiye kure amagambo amunganisha n'umuremyi: Ni ibangikanyamana ☐ bigaruka ku mugambi w'umuntu, aramutse yagambiriye kubaha ntacyo bitwaye ☐.
28. Abayahudi bafite inenge nyinshi, ariko umwihariko wabo ni ijambo rigira riti "Uzayiru ni umwana w'Imana" kuko iryo jambo ariryo ryamamaye cyane muribo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
29. Ijambo rigira riti "Nabujijwe n'iki n'iki" isoni kwamagana ikibi ☐ kukibuka bitari itegeko ry'Imana ☐.
30. Ni ukuri: Yatanze gihamya hanyuma aremera ☐ yaremeye arangije atanga gihamya ☐.
31. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) icyubahiro cye ni ukuba: ukuba ari intumwa y'Imana n'umugaragu wayo ☐ Muhamadi mwene Abdullah ☐.
32. Inzozo z'ukuri ni zazindi: Zikubiyemo ibyiza ☐ Ziza zipama ☐, Byose hamwe ☐.
33. Inzozo iyo zidapanze izo ziba ari inzozo z'uruvangitirane: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
34. Inzozo zidashimishije ziba zikomoka kuri Shitani (Nibyo ☐ Sibyo ☐) kandi ni byiza (Kuzibwira uwazimusobanurira ☐ kuvuma ibumoso bwe gatatu kandi akikinga kuri Shitani ☐).
35. Iyo gihamya zigaragaje ko inzozo zinyuranyije n'amategeko y'idini: Zirarotorwa ☐ Ntabwo zirotorwa ☐.
36. Kubwira umugore we ati (Umunsi wijimye mu buzima bwanjye, ni umunsi twashakaniyeho): Biremewe ☐ Ntabwo byemewe ☐.
37. Ni ukuri ko: Atari ngombwa ko kubuza umuntu amahoro ugira icyibi umukoraho ☐ ni ngombwa ko kubuza umuntu amahoro ugira icyibi umukoraho ☐.
38. Amazina meza y'Imana, n'izina Dahari ni izina ryumutse nta kindi gisobanuro rifite usibye kuba izina ry'ibihe gusa: Nibyo ☐ Sibyo ☐, Ijambo "Ni nyje igihe" bisobanuye.....
39. Ijambo rigira riti "Igihe ni igihemu" : Rirabujijwe ☐ Ntibyemewe kuko riri mu rwego rwo gutanga inkuru ☐.
40. Ijambo rigira riti "Kanka yavutse mu mwaka w'amapfa" Rirabujijwe ☐ Ntiriyemewe kuko riri mu rwego rwo gutanga inkuru ☐.
41. Ijambo rigira riti "Yewe wa si we bungabunga abagutuyeho" Ni ugusaba ibitari Imana (ibangikanya) ☐ Biremewe ☐.
42. Ibice byo gutuka igihe: 1-.....itegeko ryabyo.....
2-.....itegeko ryabyo.....3-.....itegeko ryabyo.....
43. Kuvuga uti (Kamere ifite ibitangaza n'amabanga) cyangwa: (Ibi ni ibyakozwe na

kamere): Nibyo ☐ Sibyo ☐.

44. Ijambo Qadwi rikubiyemo gushyira mu bikorwa no gutanga fatuwa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

45. Ijambo rigira riti (Umucamanza w'abacamanza bose ihembe rya karindwi): Biremewe ☐ ibyiza ni ukubireka ☐.

46. Sheikhul Islam bisobanuye: Sheikh ukomeye ari nawe wiyambazwa muri Islam ☐ Ni umuntu uza kungandura imbaga (Mujadid) kandi afite uruhare mukurinda Islam ☐.

47. (Birakwiye ☐ Ntibikwiye ☐) hashingiwe k'uruhande rw'uvugwa ko atagomba gushukwa no kwiyepera.

48. Izina Imana ikunda ni ririmo guca bugufi no kwibombarika, urugero (Shaahan Shaha ☐ Abdu Rah'man ☐) kandi izina rifite agaciro gake ku Imana, ni iryumvisha: (Ubudahangarwa ☐ ubutegetsu n'ubuhambare ☐, Byose hamwe ☐) kubera iyo mpamvu ahanishwa ikinyuranyo cy'ibyo yari agambiriye, agacishwa bugufi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

49. Kwiya umwami w'abami n'umucamanza w'abacamanza bose: Biremewe ☐ Kirazira ☐, ni icyaha gikuru ☐.

50. Izina ryo kwitirirwa ni iritangirwa na: (Se) cyangwa (Nyiwa wa) cyangwa (Musaza wa) cyangwa (Se wabo wa): rikaba ryumvisha: Gusingiza ☐ Kuvuma ☐, kujyana n'ikintu no kucyibandaho ☐ kumenyekana ☐, byose hamwe ☐.

51. Mu abasangirangendo harimo abitwa izina rya Hakim na Al Hakam kandi ntabwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yayahinduye, kuko nta kindi yaragamije usibye kuba ari amazina bwite gusa (Nibyo ☐ Sibyo ☐) bikaba bibujijwe mu mazina y'Imana Nyagasani, Imana yihariye ☐ ayihariwe n'Imana harebwa igisingizo kirimo ☐, byose hamwe ☐.

52. Kwitirirwa umuntu itegeko ryabyo ni: Biremewe ☐ Ni byiza ☐.

53. (Umuntu utesha agaciro ikintu kiriho ugusingiza Imana cyangwa Qor'an cyangwa intumwa) ugamijwe ni intumwa Muhamadi, ☐ intumwa zose ☐.

54. Ibinyuranyo byo gusuzugura ukwemera, ni ibintu bihambaye cyane, ntabwo umuyisumu yaba atazi ibi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

55. Ibigomba kubahirizwa mu ukwicuza k'umuntu wasuzuguye amazina y'Imana: 1-.....
2-.....3-.....

56. Ni ngombwa gukaza umurego mu isomo ryo gusuzugura amazina y'Imana kandi ntutugomba kujenjeka: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

57. Hari umuntu uvuganira uwatutse Nyagasani, nubwo hatukwa we cyangwa nyina, abona ntacyo bitwaye: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

58. Ni ngombwa gusobanurira abantu ubuhambare bw'iri somo, ko kurikinisha ari ubuhakanyi bukura umuntu muri Islam, ntutugomba gutegereza ko Imana itukwa cyangwa isuzugurwa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

59. Hari umuntu uvuga ati: Tugomba kubaza utuka Imana cyangwa uyisuzugura tuti: Ese ugamije gutuka Imana koko cyangwa sibyo ugamije, kandi ibi ni: Sibyo ☐ Nibyo ☐.

60. Mu kugaragaza ubuhambare bw'ukuri k'umuntu ku Imana, ni imvugo ivuga ko uwatutse Imana yihanganirwa igihe yabitewe n'uburakari, ariko ntiyihanganirwe igihe yatutse Perezida cyangwa Ise cyangwa yaciye amafaranga: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

61. Gushyiramo umurego muri iri somo bitanga umusaruro Imana ishimwe mu bihugu bimwe na bimwe, no kujenjeka byatumye abakuru n'abato bose batuka Imana mu bihugu bimwe na bimwe: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

62. Umuntu usuzugura Imana aba ari mubi kurusha uwubamira ibigirwamana: Nibyo ☐

Sibyo ☐.

63. Hari igihe udashobora kumva mu abayahudi n'abakirisitu utuka Imana cyangwa utuka Mussa cyangwa Yesu cyangwa idini, ariko ibyo ushobora kubyumva mubiyita abayislamu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

64. Umwemera w'ukuri iyo havuzwe Qor'an cyangwa Hadith aratinya ukwemera kwe kukiyongera, naho indyarya arannyega ikanasuzugura ikazana umukino, ikavuga iti Hadith abantu baraguseka: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

65. Ese ushibora kwamamaza video irimo umuntu utuka nyoko cyangwa se wanayireba? Byaba bimeze bite k'umuntu utuka nyina w'abemera bose? Nibyo ☐ Sibyo ☐.

66. Ni ngombwa ubonye video irimo gutuka: kuyumva no kuyamamaza ☐ kuyisiba ako kanya ☐.

67. Gukusanya video zose zituka zinasuzugura ni inzira: y'abakurambere bacu ☐ y'abantu b'indyarya ☐.

68. Kuva muri Islam kubera gutuka Imana no kuyisuzugura ni ibintu bihambaye kandi icyaha gikuru, hari bamwe mu abamenyi bavuga ko kwicuza ntacyo bimarira uwo, ahubwo ubuyobozi bugomba kumwica kandi ntasengerwa ntanasabirwa impuhwe nta nubwo ahambwa mu marimba y'abayislamu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

69. Uwatutse Imana aramutse avuze ko yicujije hanyuma akongera kuyituka, iki kiba ari ikimenyetso cy'uko abeshya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

70. Indyarya iramutse itutse Imana: ikavuga iti: ntabwo ariyo ngamiye, aya aba ari amagambo y'ururimi gusa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

71. Bimwe mu bigaragaza ukuri ko kwicuza k'umuntu usuzugura Imana ni ukuvuga ko ututse Imana cyangwa uyisuzuguye aba ari umuhakanyi kandi akitandukanya nawe: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

72. Umuntu wumva utuka Imana akanayisuzugura, ntamwamagane cyangwa akigendera itegeko rye nawe afatwa nk'uwo usuzugura: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

73. Shitani hari igihe ishobora gufungura imiryango y'ibyiza kugira ngo ikugushe mu ibangikanya, uyu muntu wari Tabuki: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

74. Muri Hadith y'umuntu usuzugura Imana icyo twungukamo ni uko usuzugura abasangirangendo aba ari umuhakanyi (Nibyo ☐ Sibyo ☐) kuko kubasebya ninko gusebya (Imana ☐ intumwa ☐, idini ☐ abasangirangendo ☐, byose hamwe ☐.

75. Umuntu uhabwa imbabazi zikaba ubwononnyi aho kugira ngo zibe gutunganya, uwo (abona icyaha ☐ nta cyaha abona ☐) kubera uko gutunganya.

76. Umuntu aramutse yitiriye inema yagize akazi ke cyangwa umusaruro we, harimo ibangikanya mu (bumana bw'Imana ☐) naho iyo inema ayitiriye Imana ariko akavuga ko yayibonye ayikwiye, harimo ukwibona no kwiyemera: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

77. Kwishimira icyo Imana yakugeneye (Ni ngombwa ☐ Si ngombwa ☐) iyo icyagennye ari icyago singombwa kucyishimira (Nibyo ☐ Sibyo ☐.

78. Nta tandukaniriro riri hagati y'impumyi n'ufite uruhara n'umunyabibembe, mugusaba kwabo Malayika: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

79. Kwiyeza Abdul Mutwalib: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.

80. Kwita zimwe mu ndabo abagaragu b'izuba: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.

81. Shyira uruziga ku ibyemewe kwitwa: (Abdul Mutwalib – Abdul Kaabat – Abdul Manafi – Abdul Husein – Abdu Nabiyy – Abdul Harith – Fir'awun – Khinzab – Aswiyat – Sultwan Salatwin – Sayid Nassi – Ghulam Alliy – Rabul Alamina – A Rah'aman – Al Khaliq – Abdu Satar – Abdu Nuur – Butwos – George – Sayid Sadat – Situ Nisaau – Abdu

Naswir).

82. Mu bintu byinjiye mu bayisumu bikomoka mu gukabya kw'Abashiya, bashaka gusenga ni amagambo yabo agira ati: (Ghulam Alliy) bisobanuye umugaragu wa Alliy, ibyo ni ukugaragira utari Imana, kandi ni ibangikanya: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

83. Ijambo ry'umuntu utabasha gukoresha amafaranga n'ibindi rigira riti (Njyewe ndi umugaragu utegekwa): Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.

84. Inkuru ya Adam na Eva: Ni ukuri ☐ Si ukuri ☐.

85. Shitani yahisemo izina rya Abdul Harith: kuko ariryo zina ryayo ☐ ibi si ukuri, kuko izina Al Hadith ni rimwe mu mazina y'ukuri ☐.

86. Kwitwa Al Haruth: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.

87. Intumwa n'abahanuzi barinzwe gukora ibangikanya, nkuko byemejwe n'abamenyi bose, ubavuze rero cyangwa gushakisha ibyo bakoze uwo aba ari: Indyarya ☐ Umwemera ☐.

88. Gusaba Imana wishingikirije amazina yayoni ubusabe: bw'amasengesho ☐ gusaba icyo ukeneye ☐, byose hamwe ☐.

89. Igitabo cya Tawuhidi: Gikubiyemo amoko ya Tawuhidi uko ari atatu ☐ Kirimo Tawuhidi y'amasengesho gusa ☐.

90. Kutemera amazina y'Imana birimo ibice: Bibiri ☐ Bitanu ☐.

91. Ijambo ry'Imana rigira riti "Kandi munitandukanye na babandi bakerensha amazina ye bazahanirwa ibyo bakoraga": Bisobanuye ☐ ko tutagomba kubahamagarira kuyoboka, ntutugomba kubasobanurira ukuri ☐ kureka inzira yabo.

92. Kutemera amazina n'ibisingizo by'Imana bigabanyijemo ibice: 1-.....

2-.....3-.....4-.....5-.....

[52] ISOMO RY'UKO BATAVUGA BATI: AMAHORO ABE
KU MANA* (KIRAZIRA)

NI UKUBERA IKI?

Ni uko binyuranyije n'ukuri, Imana irasabwa ntabwo isabirwa, irakungahaye kuturusha ariko igomba gusingizwa ibisingizo byuzuye.

Ni uko bene ubu busabe bwumvikanamo gupfobya Imana, kuko nta gisabirwa amahoro kidakeneye kuyakoresha, kandi Imana iratagatifutse kuri buri busembwa bwose.

Gihamya ya mbere:

Imvugo iri mu gitabo cy'ukuri, yaturutse kuri Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) yaravuze ati "Iyo twabaga turi kumwe n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu iswala, twaravugaga tuti: Amahoro aturutse ku bagaragu b'Imana agere ku Imana, kandi amahoro agere kuri kanaka na kanaka, intumwa Muhamadi iravuga iti "Ntimukavuge ngo: amahoro abe ku Imana, kuko Imana niyo mahoro".

- Izina A Salam: ni izina rihamye rihakana ubusembwa bwose umuntu yakwibaza mu bwenge bwe, ntabwo rero Imana igerwaho n'ubusembwa ku giti cyayo cyangwa mu bisingizo byayo cyangwa mu bikorwa byayo no mu mategeko yayo, naho igisingizo gikubiye muri ririya zina ni A Salamatu.
- Ijambo A Salam rifite ibisobanuro byinshi:

Indamutso: nko kuba wavuga uti amahoro abe kuri kanaka.

Kutarangwaho inenge n'uburwayi, nko kuvuga uti: Amahoro abe kuri wowe yewe ntumwa y'Imana.

ASalam: rimwe mu mazina y'Imana.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gusobanura Salam (izina ry'Imana: utarangwa n'inenge cyangwa ubusembwa ubwo aribwo bwose).

Icya kabiri: Kuba Salam ari indahiro.

Icya gatatu: Kuba gusabira Imana amahoro bidakwiye ku Imana (niba bidakwiye Imana rero ni ukuvuga ko byaziririjwe).

Icya kane: impamvu iri muri ibyo (Ni uko Imana ubwayo ari amahoro)

Icya gatanu: Kubigisha indamutso ikwiye Imana (muri Atahiyatu, ntabwo twabwira umuntu ngo indamutso yanjye).

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

[53] ISOMO KU IJAMBO RIGIRA RITI “MANA MBABARIRA IBYAHA NUBISHAKA”
(KIRAZIRA GUKORA IS'TITHINAU MU BUSABE)

Iri somo rigaragaza ubwami bwuzuye bw'Imana Nyagasani n'ubuntu bwayo ndetse no gutanga kwayo, biboneka muri ibi bisobanuro:

Nuko byumvisha ko Imana hari uwayishyiraho agahato, kandi atariko bimeze.

Nuko byumvisha ko iki kintu gihambaye ku Imana ko gishobora kuyiremerera no kuyinanira, kandi atariko bimeza

Nuko byumvisha ko umuntu adakeneye Imana, kandi ibi ntibikwiye nta nubwo biri mu mucu mwiza.

Gihamya ya mbere:

Imvugo iri mu gitabo cy'ukuri, yaturutse kuri Abi Hurayirat, intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti “Umwe muri mwe ntakavuge ngo: Mana umbabarire ibyaha nubishaka, Mana ungirire impuhwe nubishaka, ahubwo ajye asaba afite ubushake bwo gusaba, kuko Imana ntawayishyiraho agahato”. N'imvugo yaturutse kuri Muslim iravuga iti “Umuntu nasaba ajye agaragaza ubushake mugusaba, kuko Imana nta kintu kiyibera umuzigo mukugitanga”

Kuregeka ubusabe mu iduwa ya Is'tikharat ntabwo ari ukuburegeka k'ubushake, ahubwo ni ukubera ikintu ntazi neza ntabwo nzi ko ari cyiza kuri njye cyangwa ari kibi? Uko niko bimeze no muri Hadith igira iti “Umpe ubuzima mugihe ubuzima bwaba aribwo bwiza kuri njye”

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Kubuza gukora Is'tithinau mu busabe.

Icya kabiri: Kugaragaza impamvu y'ibyo.

Icya gatatu: Ijambo ry'intumwa Muhamadi rigira riti “Ajye agaragaza ubushake mu gusaba” (Nusaba ujye usabana ubushake ntugashidikanye).

Icya kane: Kugaragaza ubushake buhambaye mugusaba (gusaba ibyo ashaka nta kintu gifite agaciro ku Mana itaguha cyangwa Imana itashobora kuguha).

Icya gatanu: Gusobanura ibi bintu [1] Ni ukugaragaza uburyo amategeko y'idini ari hejuru cyane. [2] Ni ukongera umutuzo k'umuntu. [3] Gukoresha kugereranya igihe ibyo usaba biri mu mategeko).

[54] ISOMO KO BIDAkwIYE KUVUGA UTI ‘UMUJA
WANJYE N’UMUJAKAZI WANJYE”

ITEGEKO RYO KUVUGA UTI‘UMUJA WANJYE
N’UMUJAKAZI WANJYE”

Kuba ashobora kubyiyegekaho: Ibi
nabyo bifite ishusho ebyiri:

Kuba ashobora kubyegera k’uwundi:
Ibi nabyo

**Kuba umuntu abivuze mu buryo bwo gutanga
inkuru:** Nk’ijambo rigira riti “Nagaburiye
umugaragu wanjye cyangwa narekuye umuja
wanjye, hano hari ibisobanuro.

**Kuba umuntu yabivuze mu buryo bwo
guhama:** nk’ijambo rigira riti “Yewe
wa mugaragu wanjye we” ibi birabujijwe

Iyo abivuze uwo
mugaragu cyangwa
umujakazi badahari ibyo
biremewe.

Aramutse abivuze uwo muja ahari, turareba niba hari
ibibi biri bukurikireho gishingiye kumugaragu cyangwa
kuri shebuja, iyo ibibi bibonetse birakumirwa byaba
bitabonetse icyo gihe biba byemewe.

Gihamba ya mbere:

Imvugo iri mu gitabo cy’ukuri yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) ko
intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Umwe muri
mwe ntakavuye ngo: Gaburira Nyagasani wawe, unacanire Nyagasani wawe, ahubwo
ajye avuga ati: Databuja n’uwampaye ubwigenge, kandi umwe murimwe ntakavuye
ngo umuja n’umujakazi wanjye, ahubwo ajye avuga ati: umuhungu wanjye
n’umukobwa wanjye”

- Ijambo rigira riti “Umwe muri mwe ntakavuye ngo: Gaburira Nyagasani wawe, unacanire Nyagasani wawe” kuko harimo kurengera ubumana bw’Imana.
- Ijambo rigira riti “Ahubwo ajye avuga ati: Databuja n’uwampaye ubwigenge” iyi niyo mvugo y’umuja, ariko ntabwo ari itegeko ahubwo ni ukumuyobora ibyemewe, kuko abamenyi baravuze bati: Iyo itegeko ryaje riteganywe n’ikintu cyibujijwe, iryo tegeko riba ari iryo kuzirura, harimo ijambo ry’Imana rigira riti “Nimumara kubohoka (mukuyemo imyenda ya ih’ramu) muje muhiga”.
- Ijambo rigira riti “Kandi umwe muri mwe ntakavuye ati” uku kubuza gushobora kuba ari uko kuziririza cyangwa kutishimira, k’uburyo hatagira uwibazo ko ari ubugaragu budakwiye undi wese usibye Imana “Umugaragu wanjye” ku muhungu “Umujakazi wanjye” ku mukobwa.
- Ijambo rigira riti “Ahubwo ajye avuga ati: umuhungu wanjye cyangwa umukobwa wanjye, cyangwa umwana wanjye” iyi ni imvugo ya Shebuja, harimo ko amategeko

Y'idini iyo afunze umuryango afungura undi w'ibyamewe, harimo gushimangira Tawuhidi ndetse no mu magambo.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kubuza kuvuga ngo (umugaragu wanjye n'umujakazi wanjye).

Icyamba kabiri: Umujakazi ntakavuye ati: (Nyagasanu wanjye), ntakabwirwe ngo (jya kugaburira Nyagasanu wawe).

Icyamba gatatu: amasomo ya mbere kuvuga uti “umuhungu wanjye n'umukobwa wanjye, umwana wanjye).

Icyamba kane: amasomo ya kabiri: kuvuga uti “Databuza, uwampaye ubwigenge”.

Icyamba gatanu: Kwitondera ikigambiriwe aribyo gushimangira Tawuhidi ndetse no mu magambo.

[55] ISOMO RYIGISHA KO UMUNTU USABYE KUBERA IMANA
ADASUBIZWA INYUMA (KIRAZIRA CYANGWA SI BYIZA)

IBICE BYO GUSABA KUBERA IMANA

Gusaba kubera Imana mu buryo: Nko kuba yavuga ati “Ndagusaba kubera Imana”.

Gusaba kubera amategeko y’Imana: Nko kuba yasaba mu buryo amategeko yemera nk’umukene gusaba mu isadaka.

ESE BIREMEWE KO UMUNTU YASABA KUBERA IMANA
CYANGWA NTIBYEMEWE?

Gusaba ubwabyo ni ikintu kitari cyiza cyangwa se kiziririjwe usibye mu gihe cy’amaburakindi, no kubera iyo mpamvu intumwa Muhamadi yagiranye igihango n’abasangirangendo be ko batazajya basaba abantu ikintu, naho gusubiza ikibazo, ubaza ntiyabura kuba ari:

Gusaba bisanzwe: Nko kuba yavuga ati “kanaka wampaye” niba biri mu byemewe n’amategeko arabihabwa.

Gusaba kubera Imana: Uyu arahabwa n’ubwo yaba atari abikwiye, kuko aba asabishije ikintu gihambaye, bityo kumuha ni ukubaha uwo uhambaye, ariko asabye icyaha cyangwa kumuha bikaba byagira ingaruka k’uwasabwe ntagomba kumuha.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Ibun Umar (Imana imwishimire) yaravuze ati: intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha yaravuze ati “Umuntu uzikinga ku Mana muzamurinde, n’uzasaba kubera Imana muzamuhe, n’uzabahamagara mujye mumwitaba n’uzabakorera ineza mujye mumwitura, nimutagira icyo mumwitura mujye mumusabira ku Mana, kugeza ubwo namwe ubwanyu mubonye ko mwamwituye” Yakiriwe na Abu Daudi na Nasaaiy.

- Ijambo rigira riti “Muyikinge ku Mana” usibye ko kwikinga ku Mana ku kintu cya ngombwa kuri we, cyangwa guterana inkunga mu bibi no m’ubugome.
- Ese kwitaba ubutumire ni ukuri kw’Imana cyangwa ni ukuri k’umuntu? Ni ukuri k’umuntu, no kubera iyo mpamvu uramutse usabye uwagutumiye ko yaguya aho kuruhukira akabyemera, nta cyaha kuri wowe, ariko kwitaba ubutumire ni ngombwa k’ubwi tegeko ry’Imana, ariko aramutse aguhaye aho uruhukira kubera kukugirira isoni n’ikimwari cy’uko atihagije, icyo gihe ntugomba kureka kwitaba ubutumire.

- Ijambo rigira riti “Mujye mumwitaba” ikigambiriwe mu butumire, bwo kwakira atari uguhamagara, abenshi mu bamenyi bemeza ko kwitaba ubutumire ari byiza, usibye gusa mu bukwe, ho kwitaba ni ngombwa hashingiwe ku bintu bitandatu:

1. Kuba uwagutumiye ari mu bantu bitari ngombwa gutererana.
2. Aho watumiwe hagomba kuba hatari ikintu kibi kiramutse gihari, biramutse bishobotse kugikuraho ni ngombwa ko yitabira ubutumire, yitabiriye ubutumire kandi agamije gukuraho icyo kibi.
3. Kuba uwatumiye ari umuyisumu, atari we si ngombwa kwitabira.
4. Kuba imitungo ye idakomoka muri Haramu.
5. Kuba kwitaba ubutumire bidakubiyemo kuburizamo ikintu cya ngombwa cyangwa ikintu cy'itegeko kurusha ubutumire.

6. Kuba ubutumire budakubiyemo icya girira nabi uwatumiwe, nko gukora urugendo no dutandukana n'abi we kandi bamukeneye.

- Ese impapuro z'ubutumire zitangwa ni kimwe no gutumira k'umunwa? Igihe utumiwe amenye cyangwa agakeka ko ubutumire yoherejwe ari ubw'ikintu runaka, icyo gihe nabyo bifatwa nkaho yatumiwe ku munwa.

- Ijambo rigira riti “Mujye mumwitura” kwitura umuntu bifite inyungu ebyiri:

1. Ni ugushyigikira ukora neza gukomeza kugira neza.
2. Kuba umuntu asenya igisuzuguriro yabonye igihe yakorerwaga ineza.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gukingira umuntu wese wikinze ku Imana (umuntu wese wikinze ku Imana ni ngombwa kumukingira, usibye igihe yikinze ku Mana ikintu cya ngombwa kuri we kugikora cyangwa kukireka, icyo gihe ntabwo akingirwa.

Icya kabiri: Guha umuntu usabye kubera Imana.

Icya gatatu: Kwitabira ubutumire.

Icya kane: Kwitura uwakugiriye neza.

Icya gatanu: Kuba n'ubusabe ari ukwitura umuntu igihe udafite ubundi bushobozi bwo kumwitura (kuko nabyo ari ukumwitura).

Icya gatandatu: Ijambo rigira riti “Kugeza ubwo mwumva ko mumwituye” (ntibigarukira k'ubusabe gusa, ahubwo ni ugusaba kugeza ubwo wumvise ko umwituye).

[56] ISOMO RY'UKO NTAWA USABA KUBERA
UBURANGA BW'IMANA USIBYE IJURU

IGISOBANURO CY'IRI
SOMO:

Bisobanuye: Ko utagomba gusaba umuntu uwo ariwe wese k'ubw'uburanga bw'Imana, kuko nta kiremwa gifite ubushobozi bwo kuguha ijuru.

Cyangwa: Nuramuka usabye k'ubw'uburanga bw'Imana, ujye usaba ijuru, ntazasabe ikintu icyo aricyo cyose mu iby'isi.

Harimo guha agaciro uburanga bw'Imana, k'uburyo ntawe ugomba gusaba k'ubw'uburanga butagatifu bw'Imana usibye ijuru, cyangwa ibiriganisha ho.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Jaber yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntihakagire usaba k'ubw'uburanga bw'Imana, ikitari ijuru gusa" Yakiriwe na Abu Dauda.

- Ijambo rigira riti "k'ubw'uburanga bw'Imana" harimo guhamya uburanga bw'Imana, kuko bwavuzwe na Qor'an na Sunat n'abamenyi babwemeranyijweho, kuba ari uburanga nya kuri butameze nk'ubw'ibiremwa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kubuza kuba umuntu yasaba k'ubw'uburanga bw'Imana usibye ikintu gihambaye (Kuko biri mu mico kuba utagomba kusaba k'ubw'uburanga bw'Imana, usibye ikintu cyo ku imperuka: Gutsindira ijuru, cyangwa kurokoka umuriro).

Icyamba kabiri: Guhamya igisingizo cy'Imana cy'uburanga.

ITEGEKO RYO GUSABA IGISINGIZO CY'IMANA:

Ntabwo byemewe gusaba igisingizo cy'Imana, nko kuba umuntu yavugaga ati: Yewe mpuwe z'Imana, yewe buranga bw'Imana, yewe cyubahiro cy'Imana, bene ubu busabe ni ubuhimbano ntabwo buzwi mu nyandiko zose, nta nubwo buzwi ku abatubanjirije, Sheikhul Islam yaravuze ati "Gusaba igisingizo cy'Imana ni ubuhakanyu".

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

[57] ISOMO KU IBYAVUZWE KU GUKOresha IJAMBO (LAW)
HARI IBISOBANURO BIRAMBUYE.

**IBICE BYO GUKOresha IJAMBO (LAW) HAMWE
N'AMATEGEKO ABIGENGA:**

Imana iti “Bavuga bati “Iyo tuza kugira amahitamo nti twari kwicirwa hano”. Indyarya zabivuze zishaka kubangamira, amategeko y'intumwa y'Imana, baravuga bati “Iyo batwumvira bakagaruka nk'uko twagarutse ntibari kwicwa, igitekerezo cyacu ni ukuri kuruta amategeko ye.

Ni ikizira hari n'igihe byaba ibangikanya: Kuba iryo jambo ryakoreshwa mu kubangamira amategeko y'idini.

Imana iti “Iyo baza kutwumvira, ntibari kwicwa” bisobanuye ngo iyo basigara ntibajye k'urugamba, ntibari kwicwa, babivuze barimo kubangamira ineno ry'Imana.

Ni ikizira: Gukoresha ijambo Law mu kubangamira igeno ry'Imana.

Ijambo rigira riti “Iyo nza kuba narakoze gutya na gutya, byari kugenda gutya na gutya” kuko kwicuza icyo utakoze bituma umutima wuzura agahinda, kandi Imana ikunda ko umutima uba wagutse.

Ni ikizira: Gukoresha Law mu kwicuza icyo utabashije gukora no kugira agahinda.

Ijambo rigira riti “Iyo Imana ibishaka nitwari kuyibangikanya” Ibi ntabwo ari ukuri, ariko biremewe kwitwaza igeno ku byago wahuye nabyo, umuntu akaba agomba kwicuza no kureka ibyaha.

Ni ikizira: Gukoresha Law mu kujya impaka n'igeno, ku ibyaha wakoze.

Ijambo rigira riti “Iyo nza kugira amafaranga nari gukora nk'ibyo kanaka akora” ibi ni ukwifuza ibyiza, intumwa Muhamadi yaravuze ati “We n'umugambi we, kandi ibihembo byabo birangana” na none intumwa Muhamadi yaravuze k'umuntu wifuza ibibi ati “We n'umugambi we, ibibi byabo bombi birangana”

Niba ari ibyiza ni ibyiza n'iba kandi ari ibibi ni ibibi: Gukoresha Law mu kwifuza.

Ijambo rigira riti “Iyo nza kumenya ibyari kumbaho sinari kwirirwa nzana igitambo” iyi ni inkuru, kuko intumwa Muhamadi ntabwo ashobora kwifuza ikintu kandi Imana yamugeneye ikinyuranyo cyacyo, urugero: Iyo nza kuba ndi mu isomo nari kuba nungutse.

Biremewe: Gukoresha Law mu gutanga inkuru isesuye.

Gihamya ya mbere kugeza ku iya gatatu:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti “Bavuga bati “Iyo tuza kugira amahitamo nti twari kwicirwa hano”.

[2] N'ijambo ry'Imana rigira riti "Babandi basigaye (mu ngo zabo) bakavuga bagenzi babo bishwe bati "Iyo batwumvira ntibari kwicwa".

[3] Imvugo iri mu gitabo cy'ukuri, ikomoka kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire), intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Jya wita cyane ku ibigufitiye akamaro, kandi wishingikirize Imana ntugatsindwe, nihagira ikikubaho, ntukavuge ngo: Iyo nza kugira ntya na ntya, byari kugenda gutya na gutya, ariko ujye uvuga uti: Imana niyo yabigennye kandi ibyo ishatse nibyo ikora, kuko ijambo Law (iyo nza) rifungura ibikorwa bya Shitani

- Ijambo rigira riti "Bavuga bati "Iyo tuza kugira amahitamo nti twari kwicirwa hano". Ibi ni bimwe mubyo indyarya zavuze mu kubangamira amategeko y'Idini, kuko batonganyije intumwa Muhamadi impamvu yasohotse ajya mu ntambara batabanje kubyemera.

- Biranashoboka ko byaba ari no kubanganira igeno na none, bisobanuye (ntabwo twagiye ngo twicwe).

- Ijambo rigira riti "Babandi basigaye (mu ngo zabo) bakavuga bagenzi babo bishwe bati "Iyo batwumvira ntibari kwicwa". Harimo kubangamira abemera ndetse n'igeno ry'Imana, ndetse n'ubwoba bwo kujya kurwanira inzira y'Imana.

- Umuntu ubangamira igeno, uwo ntaba yemera ko Imana ariyo Nyagasani we, nta nubwo aba yarashimangiye Tawuhid Rububiyat.

- Iyi Hadith harimo:

[1] Kwita ku bigufitiye akamaro no kureka ibifite ingaruka. [2] Kwishingikiriza Imana.

[3] Gukora ikintu no kugikomeza no kwirinda gutsinda, izi nzego zose ni izawe. [4]

Igihe habayeho ikinyuranyo cy'ibyo wari ugambiriye, ibi si ibyawwe, ahubwo ni igeno ry'Imana bityo jya ibishinga Imana.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gusobanura Ayat ebyiri zo muri Surat Al Im'ran (Iyambere igaragaza kubangamira amategeko y'idini, iya kabiri igaragaza kubangamira igeno ry'Imana).

Icyamba kabiri: Kubuza kugaragara imvugo igira iti "Iyo nza" igihe hari icyakubayeho.

Icyamba gatatu: Gusobanura impamvu y'uko ibyo bifungura ibikorwa bya Shitani (umuntu akagira agahinda akanicuza).

Icyamba kane: Kwerekana imvugo nziza zigira ziti "Imana niyo yabigennye, kandi ikora icyo ishatse).

Icyamba gatanu: Gutegeka gukora ibigufitiye akamaro, hamwe no kwishingikiriza Imana.

Icyamba gatandatu: Kubuza ikinyura cy'ibyo, aricyo gutsindwa (no kunebwa mu gukora igikorwa kuko ibyo nibyo biri mu byashoboye bw'umuntu).

[58] ISOMO RIBUZA GUTUKA UMUYAGA (KWISHIMIRA
IGENO RY'IMANA)

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Ubayu mwene Kaabu (Imana imwishimire) intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimugatuke umuyaga, nimubona ibitabashimishije mujye muvuga muti: Mana Nyagasani turagusaba ibyiza by'uyu muyaga, n'ibyiza biwurimo n'ibyiza wategetswe, kandi twikinze kuri wowe ibibi by'uyu muyaga, n'ibibi biwurimo n'ibibi wategetswe" Yakiriwe na Tir'midhiy.

- Gutuka umuyaga biri mu bisobanuro byatambutse mu isomo ryo gutuka igihe, umwanditsi yategenyije iri somo ukwaryo hano kubera ko bikunze kubaho, kubuza gutuka umuyaga no kuwuvuma byaje mu mvugo rusange, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Umwemera ntabwo agomba kuba umuntu usebanya cyangwa uvumana cyangwa ukora ibiteye isoni cyangwa uwandagazanya" arongera aravuga ati "Abavumana ntabwo bazaba abavugizi cyangwa abahamya k'umunsi w'imperuka".
- Mu kubuza gutuka umuyislamu, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Gutuka umuyislamu ni ubwononnyi, no kumurwanya ni ubuhakanyi".
- Kubuza gutuka abapfuye, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimugatuke abapfuye, kuko bo amaze kugera mubyo bakoze".
- Kubuza gutuka inyamaswa intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ingamiya ifite umuvumo ntikadukirikire".
- Kubuza gutuka umuriro intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ntimukajye mutuka umuriro".

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Kubuza gutuka umuyaga (ni muburyo bwo kuziririza, kuko gutuka umuyaga ni ugutuka uwawuremye akanawohereza).

Icya kabiri: Kwerekana amagambo afite akamaro igihe umuntu abonye ibitamushimishije (harimo: umuntu kuvuga ati: Mana Nyagasani ndagusaba, akanakora impamvu zigaragara zibimugezaho, nko kwirinda ibibi).

Icya gatatu: Kwerekana ko umuyaga nayo utegekwa.

Icya kane: Kuba umuyaga ushobora gutegekwa ibyiza, hakaba n'igihe utegekwa ibibi. (Igihari rero nuko umuntu agomba kwirinda kubangamira igeno ry'Imana, kandi akirinda gutuka umuyaga, agomba kandi guca bugufi ku itegeko ry'Imana rya kamere nk'uko asabwa nanone guca bugufi ku itegeko ryayo rijyanye n'amategeko y'idini, kuko ibi biremwa ntacyo bishoboye gukora bitari k'ubw'itegeko ry'Imana).

[59] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "RITEKEREZA KURI ALLAH IBITARI UKURI IBITEKEREZO BYA KIJJI. NUKO BARAVUGA BATI "ESE IBI (KUZA KU RUGAMBA) HARI URUHARE TWABIGIZEMO?" VUGA (YEWE MUHAMADI) UTI "GAHUNDA ZOSE ZIGENWA NA ALLAH"

- Ijambo rigira riti "Bakekera Imana" (Indyarya) gukeka ni umuco w'ubujiji, ukeka aba atazi agaciho n'ubuhambare bw'Imana, uko gukeka ntabwo ari ukuri buba bushingiye k'ubujiji, kandi gukekera Imana birimo amoko abiri:

1. Kuba umuntu ashobora gukekera Imana ibyiza, ibi bijyana n'ibintu bibiri:
 - a. Ibijyanye nibyo umuntu akora kuri iyi isi, kuri ibi ugomba gukekera Imana ibyiza.
 - b. Ibijyanye n'ibyo yagukoraho, ni ngombwa kuri ibi ko ugomba gukekera Imana ibyiza, hagomba kuba habayeho igituma ukekera Imana ibyiza aricyo kwereza Imana ibikorwa no gukurikiza intumwa Muhamadi.
2. Kuba umuntu yakekera Imana ibibi: urugero gukeka ko mu bikorwa yakoze harimo ubujiji cyangwa amahugu n'ibindi nk'ibyo, ibyo ni ibintu byaziririjwe kandi ni icyaha cyibi, nk'uko indyarya n'abandi zaketse ibitari ukuri.

Gihamya ya kabiri:

Ijambo ry'Imana rigira riti "Abakekera Allah ibibi. Amakuba nabe kuri bo!"

- Abagamijwe ni indyarya n'ababangikanyamana, ibibi bizabagota bose mu mpande zose.

Ibunil Qayim yaravuze ati "Ayat ya mbere, hasobanuwe uku gukeka ko Imana itabasha kurokora intumwa yayo, kandi ko idini ry'intumwa Muhamadi rizarangira nyacyo rigezeho, inasobanurwa ko ibyabaye ku intumwa Muhamadi bitari ari igeno ry'Imana n'ubugenge bwayo. Isobanurwo ko bahakanye ubugenge bw'Imana no guhakana igeno, no guhakana ko Imana itazatsindisha idini ry'intumwa Muhamadi ikaruta amadini yose, uku niko gukekera Imana ibibi, byakekwaga n'indyarya ndetse n'ababangikanyamana muri Surat Al Fat'hu. Mu by'ukuri, uko kwari ugukeka kubi kuko harimo gukeka ku Imana ibitayikwiye bitanakwiye ubugenge bwayo n'ibisingizo byayo n'isezerano ryayo ry'ukuri. Umuntu ukeka ko yayongereza ikinyoma mu kuri k'uburyo ukuri kukiburiramo, cyangwa agahakana ko ibyabaye bitari mu igeno ry'Imana, cyangwa agahakana ko Imana itabigennye ikurikije ubugenge bwayo buhambaye, ikwiriye kubishimirwa ahubwo akavuga ko ibyo byabaye k'ugushaka kutarimo Imana, uko ni ugukeka kw'abahakanyi, kandi umuriro ukaze uzotsa babandi bahakanye. Abantu benshi bakekera Imana ugukeka kubi mu bibareba no mubyo Imana ikorerera abatari bo, ntawe ubasha kurokoka muri ayo makosa usibye uzi Imana n'amazina yayo n'ibisingizo byayo. N'ibijyana n'ubugenge bwayo n'ibisingizo byayo, umunyabwenge rero akwiye

Kwita kuri ibi, akicuza ku Imana akanayisaba imbabazi kubera gukekeraga Nyagasani we ibibi, uramutse ukaze ubushakashatsi wasanga bafitemo kwigomeka ku igeno no kuriveba, bavuga ko byari ngombwa ko bigenda gutya na gutya, bamwe bagabanyaga abandi bongera, bityo genzura roho yawe urebe niba wowe uri muzima (Nuramuka usanze urokoze uzaba urokoze ikintu gihambaye).

- Aya magambo yavuzwe na Ibunil Qayim (Imana imugirire impuhwe) mu gitabo cyeye Zadul Maadi, nyuma y'intambara ya Uhudi mugushakisha ubugenge bwariho, incamake y'ibyo yavuze kugukekeraga Imana ibibi:

1. Ni ugukeka ko Imana izahindura ikuraho ikiza izana ikibi, ibihamya byihariye ukuri kukamirwa n'ikinyoma.
2. Umuntu guhakana ko ibyabaye bitari ku igeno ry'Imana, ni gute byaba mu bwami bwayo ibyo idashaka.
3. Guhakana ko igeno ryayo ridashingiye k'ubugenge buhambaye, ikwiriye gushimirwa.

Incumake y'umuti wavugaga gukeka kuri:

1. Kumenya neza amazina y'Imana n'ibisingizo byayo, bitari ukuyamenya uyagoronzora cyangwa uyaha ibisobanuro bitari ukuri.
2. Umunyabwenge akwiye kwita kuri ibi kugira ngo akekere Imana ukuri, ntakere ibibi ugukeka kwa kijiji.
3. Kugaruka ku Imana no kwicuza ibyaha, wumvira kandi usaba imbabazi z'ibyaha.
4. Kuba ugomba wowe ubwawe kwikekera ibibi, kuko umuntu igihe cyose ntabwo aba yuzuye kandi aba ashobora gukora ibibi.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gusobanura Ayat yo muri Surat Al Im'ran igira iti "Bakekera Imana ibitari ukuri" insimbura zina irimo iragaruka ku indyarya.

Icyamba kabiri: Gusobanura Ayat yo muri Surat Al Fat'hu igira iti "Abakekera Allah ibibi. Amakuba nabe kuri bo!" insimbura zina irimo iragaruka ku indyarya.

Icyamba gatatu: Gusobanura ko ibyo birimo amoko atabarika (kubimenya rero ni ugukekeraga Imana ibitayikwiye).

Icyamba kane: Kuba ntawe ushobora kurokoka muri ayo makosa usibye usi neza amasina y'Imana n'ibisingizo byayo akanimenya we ubwe (akishakishamo, ukuri n'uko umuntu atuzuye kandi akora ibibi, naho Nyagasani we aruzuye bisesuye ntashobora kugerwaho n'ubusembwa uko byagenda kose).

[60] ISOMO KU BYEREKEYE UMUNTU UHAKANA IGENO
ARI UBHAKANYI BUKURU)

(KO

-Igeno: Ni ibanga ry’Imana mu biremwa byayo, ntidushobora kurimenya keretse ribayeho, rikaba rishingiye kuri Tawuhid Rububiyat by’umwihariko, kandi rikaba rifite n’aho rihuriye na Tawuhid y’amazina y’Imana n’ibisingizo byayo, abantu kubyerekeye igeno ry’Imana barimo amatsinda atatu:

1- Itsinda ryitwa Al Jabriyat: Bemera igeno ry’Imana ariko bakarikaribiza cyane, kugeza ubwo bambuye umuntu uburenganzira bwo guhitamo n’ubushobozi bwe, bakavugaga bati: Umuntu nta mahitamo afite nta n’ubushobozi afite.

2- Itsinda ry’abitwa Al Qadariya Al Muutazilat: Bemeza ko umuntu afite amahitamo n’ubushobozi bwo gukora igikorwa, ariko nabo barakabije k’uburyo bavugaga ko ibikorwa by’umuntu Imana nta bushake iba yabigizemo cyangwa se itanabiremye.

3- Itsinda rya gatatu ni: Ahalu Sunat wal Jamaat: Bahuje za gihamya zose barangije barangije babyitwaramo neza, bemera igeno ry’Imana, kandi bahamya ko n’umuntu afite ubushake mu bikorwa akora ariko bushingiye k’ubushake bw’Imana.

KWEMERA IGENO BIFITE INYUNGU ZIHAMBAYE MURI ZO:


1. Kwemera igeno biri mu byuzuzwa Tawuhidi Rububiyat.
2. Kwemera igeno bituma umuntu yiringira Imana by’ukuri.
3. Kwemera igeno bituma umutima utuza, iyo umuntu aramutse amenye ko icyamubayeho kitari kumuhusha n’icyamuhushije nta buryo cyagombaga kumubaho, umuntu aratuzwa ku bintu byose bimubayeho nyuma yo gukora ibyo asabwa bimufitiye akamaro.
4. Bibuza umuntu kwiyezera ashingiye ku bikorwa aba yakozwe bituma abantu bamushima, kuko Imana aba ariyo yabimushoboje.
5. Bituma umuntu atababazwa n’ibyamubayeho, kuko biba byaturutse kwa Nyagasani we, biba biturutse ku impuhwe ndetse n’ubugenge bw’Imana.
- 6- Kuba umuntu agomba gukora impamvu zose zamugeza ku gikorwa, kandi ko Imana itagenda ikintu usibye ko kiba gifatanye n’impamvu yacyo.

Gihamya ya mbere:



Ibun Umar yaravuze ati: Ndahiye k’uwo roho ya Ibun Umar iri mu biganza bye, niyo umwe muri bo yaba afite zahabu zingana n’umusozi, hanyuma akazitanga mu nzira y’Imana, Imana ntiyabimwakirira, atabanje kwemera igeno, hanyuma atanga gihamya y’ijambo ry’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) rigira riti “Ukwemera: Ni ukwemera Imana n’abamalayika bayo, n’ibitabo byayo, n’intumwa zayo, n’umunsi w’imperuka, ukanemera igeno ryayo ry’ibibi n’ibyiza” Yakiriwe na Muslim.

KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

Ukwemera: Ni ukuvugisha ururimi no kwemera k'umutima no gukoresha ibihimba by'umubiri n'inkingi, ukwemera kwiyongera kubera kumvira kukanagabanyuka kubera ibyaha, ukwemera gufite inkingi esheshatu:



Ijambo rigira riti “Ugomba kwemera Imana” kwemera Imana bijyana n'ibintu bine:



- Ijambo rigira riti “N'abamalayika bayo”: Abamalayika n'ibiremwa bitagaragara, Imana yabaremye mu mucyo, bubaha Imana ntibajya bayigomekaho, bafite imitima (Roho Mutagatifu) bakagira n'imibiri (Imana yo yagize abamalayika intumwa zifite amababa abiri, atatu ndetse n'ane, yongera ku biremwa byayo icyo ishaka) bafite ubwenge n'imitima (Iyo Allah avuze, abamalayika barakangarana bakagwa igihumure) kugeza ubwo imitima yabo ishiriye ubwoba, (bamwe) bakavuga bati “Nyagasani wanyu yavuze iki?”. Tugomba kwemera abamalayika, n'amazina yabo Imana yatwigishije nka (Jibril, Mikail, Israfil) tukanemera ibisingizo byabo (Ntabajya bigomeka ku Imana ahubwo bakora ibyo bategetswe byose) tukanemera n'ibikorwa byabo (nko guheka Arishi) ndetse n'izindi nkuru zavuzwe kuri bo.

- Ijambo rigira riti “N'ibitabo byayo” Ni ngombwa ko twemera ko ibitabo byose byavuye ku Imana ari amagambo y'Imana by'ukuri atari Majazi, ko Imana yayamanuye atari ibirimwa yaremye, tukanemera ko Imana yamanuye kuri buri ntumwa igitabo, tukaba tugomba kubyemera ndetse tukanemera n'ibyo Imana yatubwiye mu mazina y'ibyo bitabo, n'inkuru zibirimo n'amategeko abirimo muri rusange, igihe yaba atarigeze ahanagurwa, kandi tugomba kwemera ko Qor'an yahanaguye ibitabo byayibanjirije, aribyo: Tawurat, Injili, Zaburi, Suhufi ya Ibrahimu n'iya Mussa.

- Ijambo rigira riti “N’intumwa zayo” Ni ngombwa kwemera ko intumwa zari abantu, nta kintu cy’umwihariko cy’ubumana bari bafite tukanemera ko bari abagaragu b’Imana badasengwa, tukemera ko Imana yabatumwe kandi ikabahishurira, inabafashisha kubaha ibitangaza, tukemera ko basohoje indagizo bahawe bakagira inama abantu bakanabagezaho ubutumwa, banarwanira inzira y’Imana nyabyo, tugomba kubemera rero’ tukanemera n’amazina yabo Imana yatwigishije n’ibisingizo byabo ndetse n’inkuru zabo, tukemera ko umuhanuzi wa mbere ari Adam naho intumwa ya mbere ikaba Nuhu, naho uwasozereje intumwa n’abahanuzi ni Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), tukemera ko amategeko yose y’Imana yariho mbere yahanaguwe n’amategeko y’intumwa Muhamadi, tukanemera ko intumwa zihanganiye ibigeragezo by’abantu bazo kurusha izindi (Ulul azim) ari ari eshanu zavuzwe muri Surat Shura na Surat Al Ah’zab arizo (Muhamadi – Nuhu – Ibrahim – Mussa- na Issa (Yesu).

- Ijambo rigira riti “N’umunsi w’imperuka” hakubiyemo kwemera buri kintu cyose cyavuzwe n’intumwa Muhamadi mu bizabaho nyuma yo gupfa: Nk’ibigeragezo byo mu mva, kuvuza impanda, abantu kuzurwa bava mu imva zabo, iminzani, gutanga ibitabo, Siratwa, ikizenga, Shafaa, ijuru, umuriro, abemera kubona Imana k’umunsi w’imperuka mu ijuru, n’ibindi byose byavuzwe bitagaragara.

- Ijambo rigira riti “Kwemera igeno” umwanditsi agaruye ijambo (kwemera) kuko kwemera igeno n’ikintu cya ngombwa, kandi gifite inzego enye: (Ubumenyi bw’Imana, kwandika ibizaba, ubushake bw’Imana ku ibizaba, kubirema).

Ubumenyi:

Ni ukwemera ko Imana izi buri kintu mu buryo rusange ndetse no muburyo burambuye, gihamya ni ijambo ry’Imana rigira riti “Azi ibyababayeho (ku isi) n’ibizababaho (ku mperuka)”

Kubyandika:

Ni ukwemera ko Imana yanditse amageno ya buri kintu kuzageza k’umunsi w’imperuka, Gihamya ni ijambo ry’Imana rigira riti “Nta na kimwe cyihishe mu kirere no ku isi kitari mu gitabo gisobanutse”

Ubushake:

Ni ukwemera ko icyo Imana ishatswe kibaho kandi icyo itashatse kitabaho, tukanemera ko n’umuntu afite ubushake bwe mubyo akora ariko buri mu bushake bw’Imana, Imana yaravuze iti “Kandi ntacyo mwashaka (ngo mukigereho) keretse Allah abishatse”

Kurema:

Nta kintu na kimwe Imana itaremye kandi ikaba ariyo ikigenga ndetse n’ibikorwa by’ibiremwa byayo, Imana yaravuze iti “Kandi Allah yarabaremye, mwe n’ibyo mwikorera?”

Gihamya ya kabiri kugeza ku iya kane:

[2] Imvugo yaturutse kuri Ubadat mwene Swamit, yabwiye umwana we ati: Yewe mwana wanjye ntabwo wakumva uburyohe bwo kwemera, utarasobanukirwa ko icyakubayeho nta buryo cyari kuguhusha n'icyaguhushije nta buryo cyagombaga kukubaho, numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Mu by'ukuri ikintu cya mbere Imana yaremye ni ikaramu, irayibwira iti: andika, ikaramu iravuga iti: Nyagasani nandike iki? Imana iti: andika amageno ya buri kintu kuzageza k'umunsi w'imperuka" Mwana wanjye, numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Uzapfira ku ibitari ibi, uwo sindi kumwe nawe" No muyindi mvugo ya Ah'mad "Mu by'ukuri, ikintu cya mbere Imana yaremye ni ikaramu, irayibwira iti: andika, ihera ubwo yandika ibizabaho kuzageza k'umunsi w'imperuka"

[3] No muyindi mvugo ya Ibun Wahabi: intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Utazemera igeno ryayo ry'ibibi n'ibyiz, Imana izamwokesha umuriro"

[4] No mu gitabo cya Musinadi n'icya Sunanu, imvugo yaturutse kuri Ibun Dayilamiy, yaravuze ati: Nagiye kwa Ubayu mwene Kaabu, ndavuga nti: Mu mutima wanjye harimo akantu kuberekeye igeno, mbwira ako kantu wenda Imana yagakura mu mutima wanjye, aravuga ati "Nubwo watanga Zahabu zingana n'umusozo wa Uhudi, Imana ntiyayikwirira utarabanza kwemera igeno, akanasobanukirwa ko ibyakubayeho nta buryo byagombaga kuguhusha n'ibyaguhushije nta buryo byagombaga kukubaho, uramutse upfuye utemera ibi waba mu bantu bo mu muriro, aravuga ati: Njya kwa Abdullahi mwene Mas'udi, na Hudhayifatu mwene Yamani na Zayidu mwene Thabiti, bese bambwiye ibintu nk'ibyo bakomoye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)" Yakiriwe na Al Hakim mu gitabo cye cy'ukuri.

- Ijambo rigira riti "Kugeza umaze kumenya" Imana yagize icyo ivuga kuri ibyo bisobanuro mu jambo ryayo rigira riti "Nta kibi cyagera ku isi cyangwa ngo kibabeho kitanditse mu gitabo

(kirinzwe) mbere y'uko kiba. Mu by'ukuri, ibyo kuri Allah biroroshye" "Kugira ngo mutababazwa n'ibyabacitse cyangwa ngo mwiratanze ibyo mwahawe. Mu by'ukuri, Allah

ntakunda umunyagasuzuguro wese, umwibone" Surat Al Hadid: 22-23.

- Ijambo rigira riti "Mwana wanjye" harimo gutwara buhoro abana mu kubigisha, ko ari ngombwa kubwira abana amategeko ashingye kuri za gihamya. [1] Kugira ngo umenyereze abana bawe kugendera kuri za gihamya. [2] No kugira ngo umurere mu gukunda intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

- Ijambo rigira riti "Mu mutima wanjye harimo akantu" ni akantu kari mu mutima wa Al Dayilamiy, ni gihamya yo kwicarana n'abantu bagenda kubihimbano, babandi bakemanga igeno, kandi ibishidikanywaho bikurwaho no kubyimura bikavaho, ntabwo bikurwaho n'ubwenge bubyongera.

- Ijambo rigira riti "Ikaramu" hari imvugo ebyiri, imvugo iriho Dwama n'imvugo iriho Fatihat:

1- Imvugo iriho Dwama: Isobanura ko ikintu cya mbere Imana yaremye ari ikaramu dushingiye ku ibiremwa tubona gusa, nk'ijuru n'isi, byo ni iby'ibanze, Ibunil Qayimu yaravuze ati:

Abantu ntibavugaga rumwe ku ikaramu yanditse igeno ku Imana. Ese yabayeho mbere ya Arishi cyangwa nyuma yayo, hari imvugo ebyiri kuri Abil Alai Al Hamadhaniy, kandi ukuri nuko Arishi yabayeho mbere kuko yabayeho mbere yo kwandika izo nizo nkingi.

2- Imvugo iriho Fat'ha: Isobanura ko Imana yategetse ikaramu ngo yandike imaze kuremwa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gusobanura ko kwemera igeno ari itegeko.

Icya kabiri: Gusobanura uburyo bwo kwemera (igeno ko tugomba kwemera inzego zaryo uko ari enye).

Icya gatatu: Kuba ibikorwa by'umuntu utemera igeno biba impfabusa (uwo aba ari umuhakanyi ubuhakanyi bukuru).

Icya kane: Kugaragaza ko umuntu adashobora kumva uburyohe bwo kwemera, atabanje kwemera igeno.

Icya gatanu: Kuvuga ikintu cya mbere Imana yaremye (Nta gushidikanya ko yaremye ikaramu mbere yuko irema Arishi, n'ikaramu ni ikintu cya mbere cyaremye mubyo tubona, yo ni mbere yo kuremwa kw'ibirere n'isi bikaba ibya mbere mu mvugo gusa).

Icya gatandatu: Kuba ikaramu yaranditse amageno kuva icyo gihe kuzageza ku imperuka (Harimo kuba Imana yarerekeje imvugo ku bidafite ubwenge, bimenya itegeko ry'Imana, kuko Imana yerekeje imvugo ku ikaramu, irasobanukirwa kandi yemera gukora ibyo isabwe).

Icya karindwi: Kuba intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaritaruye utemera igeno (uwo aba ari umuhakanyi ubuhakanyi bukuru umuntu muri Islamu).

Icya munani: Ubusanzwe abatubanjirije mu gukuraho igiteye amakenga babazaga abamenyi (biremewe kubaza abamenyi barenze umwe hagamijwe gusobanukirwa neza atari ugushakisha impushya zatanze).

Icya cyenda: Kuba abamenyi baramusubije mu buryo bukuraho amakenga, kuko amagambo yabo bavuze ko bayakomora ku intumwa gusa (kubera iyo mpamvu amakenga ararangira neza ku umwemera, ntaho bibujijwe kuba wazana gihamya z'ubwenge cyangwa izifatika kugira ngo wemeze uwo mujya impaka atuze, harimo gihamya ya kane ariyo ya kamere).

[61] ISOMO KU BYEREKEYE ABAKORA IBISHUSHANYO
(ISEZERANO RY'IBIHANO BIKAZE)

- 1- Mu gukora ibishushanyo harimo kurema no guhanga, ubikora akaba yigereranya n'Imana mu kurema no guhanga.
- 2- Ibangikanyamana rya mbere ryabaye ku isi mu bantu ba Nuhu, ryatewe n'ibishushanyo ndetse n'ibibumba.

Gihamya ya mbere kugeza ku iya gatanu:

[1] Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Imana Nyagasani yaravuze iti: Ni nde munyamahugu nka wawundi, ushaka kurema nk'uko naremye, ngaho nibareme ikingana n'impeke y'ururo, cyangwa se bareme impeke imwe, cyangwa se nibareme ingano imwe" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

[2] No mu mvugo yakiriwe nabo bombi, yaturutse kuri Aishat (Imana imwishimire) ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati "Abantu bazarusha abandi ibihano bikaze k'umunsi w'imperuka, ni abashaka kwigana ibiremwa by'Imana".

[3] Imvugo na none yakiriwe nabo bombi, ikomotse kuri Ibun Abasi: aravuga ati: Numvise intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati "Buri muntu wese ukora ibishushanyo azajya mu muriro, buri gishushanyo cyose yakoze gihabwe ubugingo maze abuhanishwe mu muriro wa Jahanamu".

[4] Imvugo yakiriwe nabo bombi ikomotse na none kuri Ibun Abasi ikomotse ku intumwa Muhamadi iragira iti "Uzashushanya igishushanyo ku isi, azahatirwa ku gihuhamo roho, kandi ntazabishobora".

[5] Imvugo yakiriwe na Muslim ayikomoye kuri Abil Hayaji, yaravuze ati: Alliy yarambwiye ati: Ese ngutume ibyo intumwa y'Imana yantumye? Ko utagomba kugira igishushanyo asiga utagisenye, nta n'imva yegutse ugomba gusiga utayiringanije".

- Ibihano by'umuntu ukora ibishushanyo: [1] Ni uko ariwe muntu uzaba afite ibihano bikaze kurusha abandi. [2] Kuba ari umuntu wavumwe. [3] Kuba Imana izamugenera kuri buri gishushanyo ubugingo azahanishwa mu muriro. [4] Kuba ari umuntu wo mu muriro. [5] Kuba azahatirwa guhuha roho muri ibyo bishushano ntabishobore. [6] Nya muntu w'umunyamahugu muri uru rwego kumurusha.

- Ijambo rigira riti "Utagisenye" niba gisize irange runaka ukarihindura ugashyiraho irindi rikuraho ikirango cyaryo, cyaba ari ikibumba kigacibwa umutwe, cyaba ari icyaconzwe ishusho yacyo ikononwa kuburyo kitagaragara, gusenya ibibumba biratandukanye, ikigaragara muri Hadith ni uko ikibumba icyo aricyo cyose kigomba gusenywa cyaba igisengwa mu cyimbo cy'Imana cyangwa ikidasengwa.

- Ijambo rigira riti "Imva yegutse" harimo ibisobanuro bibiri:

[1] Kuyitunganya mu buryo bwemewe n'amategeko y'idini. [2] Kuyiringaniza ikamera nk'iziyiri iruhande.

GUTUNGA IBISHUSHANYO BIRIMO IBICE BYINSHI:

- 1- Kutunga ibishushanyo ugamije kubikuzi: Ibi ni ikizira nta gushidikanya, kuko gukuzi umutegetsi mu gutunga amafoto yabo ni ukuvogera Ubutware bw'Imana, naho gukuzi umunyamasengesho utunga amafoto ye nabyo ni ukuvogera Ubumana bw'Imana.
- 2- Gutunga ibishushanyo ugamije kwishimisha mu kubireba: Ibi nabyo ni ikizira kubera ibigeragezo byavukamo.
- 3- Gutunga ibishushanyo nk'urwibutso: Nk'umuntu ukora ibishushanyo by'abana be batoya, ibi nabyo kirazira.
- 4- Kubitunga kubera inyungu: Nk'amafoto ari ku mafaranga no ku ibyangombwa, ibi nta kibazo kirimo, kuko ntabwo wabyirinda.
- 5- Kuba amafoto ari ku kindi kintu, utayakeneye na gato: Nk'amafoto aba ari ku binyamakuru, aya nta kibazo kirimo, ariko bishoboka ko yakurwaho nta kibazo biteye byaba byiza kurushaho.
- 6- Kuba amafoto yasuzugurwe yajugunywe muri Puberi cyangwa ari ku kintu gishashe hasi akandagirwaho, ayo ntacyo atwaye, ntabwo abarwa kuri icyo kintu ariho.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Gukarira cyane abakora ibishushanyo.

Icyamba kabiri: Kwerekana impamvu, ariyo: kutagira ikinyabupfura ku Imana, kubera ijamba ryayo rigira riti “Ni nde munyamahugu nka wawundi, ushaka kurema nk'uko naremye” (aba atahaye Imana icyubahiro, nk'umuntu unyuranya n'amategeko yayo, nta munyamahugu nkawe).

Icyamba gatatu: Kugaragaza ubushobozi b'Imana n'imbaraga nke z'abakora ibishushanyo kubera ijamba ry'Imana rigira riti “Ngaho nibareme ikingana n'impeke y'ururo, cyangwa se bareme impeke imwe, cyangwa se nibareme ingano imwe” (Kuko Imana yaremye ibiruta ibyo, ariko bo bananiwe kurema impeke, cyangwa ingano imwe).

Icyamba kane: Kwerura ko aribo bantu bazahabwa ibihano bikaze kurusha abandi.

Icyamba gatanu: Kuba Imana izarema ubugingo bungana n'ibyo bishushanyo bakabuhanihwa mu muriro.

Icyamba gatandatu: Kuba uwakoze ibishushanyo azahatirwa guhuhira roho muri buri gishushanyo yakoze (Ibi bikaba ari ibihano gikomeye).


Icyamba karindwi: Itegeko ryo gusenya ibishushanyo, igihe bibonetse (harimo gukomatanywa hagati y'ikigeragezo cy'ibibumba n'ikigeragezo cy'imva, kuko muri buri kimwe harimo ibangikanya, no kuzahanwa k'umunsi w'imperuka, no kuba igihembo kigomba kuba gifitanye isano n'igikorwa, no kuzabaho guhatirwa ku munsi w'imperuka ibyo badashoboye mu buryo bw'ibihano).

[62] ISOMO KU IBYAVUZWE KU KURAHIRA KENSHI (ISEZERANO RY'IBIHANO KUBERA GUKUZA IMANA)

Gihamya ya mbere:

Ijambo ry'Imana rigira riti “Kandi mujye murinda indahiro zanyu (ntimukarahire cyane)”.

KURINDA INDAHIRO BIRIMO INZEGO:



Gihamya ya kabiri kugeza ku iya gatandatu:

[2] Imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati “Kurahira ni ukurimanganya ku igicuruzwa, bikanakuramo umugisha” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

[3] Imvugo yaturutse kuri Salmanu, ko intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati “Abantu batatu ntabwo Imana izabavugisha, nta nubwo izabazaho ibyaha, kandi bazagira ibihano bikaze: Umukambwe usambana, umukene wirata, n'umuntu ugira Imana ibicuruzwa bye, utagira icyo agura atarahiye nta n'icyo yagurisha atarahiye” Yakiriwe na Twabaranayi.

[4] Imvugo yaturutse mu gitabo cy'ukuri, ikomotse kuri Am'rani mwene Huswayin (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati “Abantu beza mu bantu banjye, ni ikinyejana ndimo, hanyuma abazagikurikira, hanyuma abazagikurikira – Am'rani yaravuze ati: Sinibuka niba yaravuze nyuma y'ikinyejana cye ibinyejana bibiri cyangwa bitatu! – Hanyuma nyuma yanyu hazaza abantu batanga ubuhamya batabusabwe, abahemu batari abizerwa, biyemeza imihigo ntibayubahirize kandi ukabano babyibushye”

[5] Imvugo yaturutse mu gitabo cy'ukuri na none, ikomotse kuri Ibun Mas'udi, ko intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati “Abantu beza ni ikinyejana cyanjye, hanyuma abazabakurikira, hanyuma abazabakurikira, hanyuma hakaza abantu ubuhamya bw'umwe muribo bugatambuka indahiro ye, kandi indahiro ze zikaba aribwo buhamya bwabo”

[6] Ibrahimu yaravuze ati “Tukiri bato bajyaga badukubitira ubuhamya no kubahiriza amasezerano”.

- Ijambo rigira riti “Kurimanganya” ni ukubeshya uvuga uko igicuruzwa kitameze, “Bikanakuramo” bitakaza umugisha.
- Ijambo rigira riti “Kandi ntazabeza” ku munsu w’imperuka, Imana ntizabagira abizerwa, intabera kandi ntizahamya ko bafite ukwemera.
- Ijambo rigira riti “Umukambwe” ni umuntu watangiye kugira imisatsi yirabura ivangavanze n’imvi kubera izabukuru, ubushake bwaramaze kugabanyuka muri we.
- Ijambo rigira riti “Umukene wirata” ntiyemere ukuri ndetse akanirata ku bantu.
- Ijambo rigira riti “Utagira icyo agura atarahiye nta n’icyo yagurisha atarahiye” kubera indahiro ze nyinshi zigaragaza ko ataziha agaciro kandi azisuzugura.
- Ijambo rigira riti “Batasabwe gutanga ubuhamya” kubera gushyuhaguzwa mu kubutanga cyangwa batanga ubuhamya bw’ibinyoma.
- Ijambo rigira riti “Ubuhamya bw’umwe muriho bugatambuka indahiro ye” [1] Kubera icyizere gikeya bagirirwa nta buhamya batanga batarahiye. [2] Hari n’igihe iyi mvugo yaba igamije kumvisha ko batita ku ubuhamya batanga ndetse n’indahiro zabo.

IBINTU BY’INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kugirwa inama yo kurinda indahiro.

Icyamba kabiri: Kuvuga ko kurahira bitera uburimanganyi mu bicuruzwa, bikanakuramo umugisha.

Icyamba gatatu: Isezerano rikomeye ry’ibihano k’umuntu urahira igihe agura ndetse n’igihe agurisha.

Icyamba kane: Kugaragaza ko icyaha kigira ubuhambare igihe ikigiteye kidafite imbaraga.

Icyamba gatanu: Kunenga abarahira batasabwe kurahira (usibye igihe bibaye ngombwa, cyangwa igihe hari inyungu runaka).

Icyamba gatandatu: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kuba yaravuze neza ibinyejana bitatu cyangwa bine, akanavuga ibizaba nyuma yabyo.

Icyamba karindwi: Kunenga babandi batanga ubuhamya batabusabwe (bagahemuka ntibizerwe, bakiyemeza umuhigo ntibawubahirize, ugasanga bahana ibibabyibushya bibagiwe kubyibushya umutima bagira ukwemera n’ubumenyi).

Icyamba munani: Kuba abantu bo ha mbere barakubitoraga abana babo ubuhamya no kubahiriza amasezerano (harimo guha agaciro ubuhamya n’isezerano no kuba baritaga ku kurera abana babo, biremewe gukubita abana ariko hubahirijwe ibi bikurikira:

- 1- Kuba ari batoya bagifite igaruriro, ntibyemewe gukubita umwana utari bumenye icyo ahaniwe.
- 2- Uhana umwana agomba kuba ari umufiteho uburenganzira.
- 3- Kutarengera muguhana umwana mu buryo umuhanamo ndetse n’ingano y’inkoni umukubita.
- 4- Kuba umwana yakoze ikosa rituma ahanwa koko.
- 5- Uhana umwana agomba kuba agambiriye kumuhana atari ukwihimura.

[63] ISOMO KU IBYAVUZWE KU KUBAHIRIZA ISEZERANO RY'IMANA N'IRYI NTUMWA YAYO (KWEREZA IMANA IBIKORWA NO GUKURIKIZA INTUMWA)

Kutubahiriza isezerano ry'Imana no kuryica, ibi byonona Tawuhid, gukuza Imana bigomba kuba mu gukorana n'abantu nubwo baba ari abahakanyi, n'uyo haba ari mu bihe bikaze, uko niko kurwana mu nzira y'Imana, umuntu akayoboresha amategeko y'Imana akanubahiriza isezerano ry'Imana ndetse n'iry'intumwa yayo (Imana imuhe amahoro n'imigisha).


Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Ijambo ry'Imana rigira riti “Kandi mujye mwuzuzwa isezerano rya Allah igihe muritanze, ndetse ntumugatire indahiro nyuma yo kuzishimangira”.

[2] Invugo yaturutse kuri Burayidat yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iyo hari uwo yagiraga umuyobozi w'ingabo cyangwa agatero shuma, yamugiraga inama by'umwihariko yo gutinya Imana, we n'abo bari kumwe mu bayisumu akabagira inama nziza, yaravuze ati “Mujye kurwana ku izina ry'Imana murwane mu nzira y'Imana, uhakana Imana murwane kandi ntumuzagire icyo muhisha mu minyago, kandi ntumuhemuke ntumuzashinyagurire imirambo, ntumuzice abana bato, nuhura n'umwanzi wawe w'umubangikanyamana ujye umuhamagarira ibintu bitatu, icyo bazakwemerera muri byo azakibakirire, kandi ubihorere, uzabahamagarire kuyoboka Islam, nibabyemera azabibakirire, uzabahamagarire kuva aho batuye bajye mu bimukira, ubabwire ko nibaramuka babikora bazabona nk'ibyo abimukira babona, kandi bazagira icyubahirira nk'icyabimukira bafite, nibanga kuhajya, uzababwire ko bazamera nk'abarabu bo mucyaro, bazubahirizwaho amategeko y'Imana, nta ruhare bazagira mu minyago, badafashije abayisumu kurwana, nibabyanga uzabasabe kujya Katanga Jiziyat, nibabikwemerera ubabibakirire kandi ubihorere, ariko nibanga, uzishingikirize Imana ubarwanye, nuramuka ugize abo ugotera ahantu bakagusaba ko mwagirana amasezerano y'Imana n'ayi ntumwa yayo, ntuzemere kugirana nabo ayo masezerano, ahubwo azagirane nabo amasezerano yawe n'abo muri kumwe, kuko baramutse bishe amasezerano yanyu n'abo muri kumwe bizaba byoroshye kurusha kwica amasezerano y'Imana n'ayi ntumwa yayo, naho nugota abantu maze bagashaka ko ubashyira ku mategeko y'Imana, ntuzabyemere ahubwo ujye ubashyiriraho amategeko yawe, kuko udashobora kumenya niba uzubayiriza amategeko y'Imana muri bo cyangwa utazayubahiriza” Yakiriwe na Muslim.

- Ijambo rigira riti “Ingabo” ni abantu barenze Magana ane.
- Ijambo rigira riti “Cyangwa agatero shuma” ni abantu batageze kuri Magana ane.
- Ijambo rigira riti “Murwane ku izina ry’Imana” [1] mwishingikirije Imana [2] Mutangire urugamba muvuze izina ry’Imana.
- Ijambo rigira riti “Mu nzira y’Imana” hakubiyemo umugambi n’ibikorwa.
- Ijambo rigira riti “Abahakanye Imana” ntuzarwanye abantu kubera ironde koko cyangwa igihug, uzabarwanye kubera inyungu zabo, arizo kubarokora umuriro, n’ubuhakanyi buzenguruka ku bintu bibiri: Guhakana no kwibona.
- Ijambo rigira riti “Ntimuzagire icyo muhisha” guhisha icyo aricyo cyose mu minyago ngo ukigire umwihariko wawe, ibi ni kimwe mu byaha bikuru.
- Ijambo rigira riti “Ntugahemuke” iyo twahaye abantu isezerano ntiduhemuka, guhemuka nta sezerano rihari biremewe kuko intambara ni amayeri.
- Ijambo rigira riti “Ntimuzashinyagurire” ni ukonona imirambo uyica ibice by’umubiri nta mpamvu kuko ibyo biba ari nko kwihimura aho bitari ngombwa, usibye igihe nabo bagize abantu bacu nabo bashinyagurira.
- Ijambo rigira riti “Umwana mutoya” ntabwo tugomba kwica abana cyangwa abagore, abageze muza bukuru cyangwa abihaye Imana cyangwa abarwayi, usibye igihe nabo bari k’urugamba cyangwa barimo gukora umurimo wo gushishikariza urugamba, cyangwa bakaba batanga ubujyanama mu ntambara.
- Ijambo rigira riti “Umwanzi wawe” ni ukubashishikariza kubarwanya, umwanzi wawe ni wawundi ukwitegeye kandi uguhunga kandi aguhohotera.
- Ijambo rigira riti “Al Fayiu” ni igice cyagenewe gushyirwa mu nzu y’umutungo w’abayisumu, nka kimwe cya gatanu cy’iminyago, amahoro ndetse na Jiziyat.
- Ijambo rigira riti “Usibye igihe barwana” igihe abantu binjiye Islam bakarwana mu nzira y’Imana bahabwa ibigenewe abandi bayisumu mu minyago no muri Al Fayiu.
- Ijambo rigira riti “Al Jiziyat” ni umutungo urihwa n’abatari abayisumu, kubera gucungirwa umutekano no kuba bari mu gihugu cy’abayisumu, harimo ko tugomba gufata uwo musoro mubata abayahudi n’abakirisitu n’aba majusi.

**ABANTU TWAGIRANYE
AMASEZERANODUKORANA
DUTE?**



KUGABANYA IBIDAFITE AKAMARO MU MVUGO Z'INGENZI

IBYO ABAYISLAMU BAKORA MU NTAMBARA ZABO ZO KURWANA N'ABAHAKANYI	IBYO ABAHAKANYI BAKORA IGIHE BARWANA N'ABAYISLAMU
Kirazira kwica abana, abagore, abihaye Imana n'abarwayi.	Kwica abana, abagore abihaye Imana n'abarwayi.
Kubarwanya kubera inyungu zabo (kubarokora umuriro).	Kubarwanya kubera indonke z'isi
Bubahiriza amasezerano	Ni kenshi bakunze kwica amasezerano
Igihe abahakanyi baciye ku masezerano tugomba kubamenyesha ko amasezerano arangiye.	Ntibamenyesha abayislamu iyo hagize ikiba giturutse k'uruhande rw'abayislamu.
Ntibahemuka	Barahemuka
Ntibashinyagurira imirambo igihe iyabo itashinyaguriwe.	Bashinyagurira imirambo igihe iyabo itashinyaguriwe.
Ntibabarwanya batabanje kubahitishamo hagati yo kuba abayislamu no gutanga Jiziyat cyangwa kurwanywa.	Ntacyo bahamagarira abayislamu na kimwe.
Bagira ubutabera ku mategeko ntibahuguza.	Amategeko yabo ashingiye ku amahugu.
Umubare w'abiciwe k'urugamba kuva intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ahawe ubutumwa kugeza apfuye nturanga igihumbi mu ntambara zose.	Nta muntu intumwa yishe usibye umwe gusa.
Ntibishe umwana cyangwa umugore cyangwa ugeze muzabukuru	

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Itandukaniro hagati y'isezerano ry'Imana n'isezerano ry'intumwa yayo, n'amasezerano y'abayislamu.

Icya kabiri: Kwerekana ikintu kimwe muri bibiri gifite ingaruka zikaze.

Icya gatatu: Ijambo rigira riti “Murwane ku izina ry'Imana mu nzira y'Imana” (Ni ngombwa kurwana wishingikirije Imana no kuyereza ibikorwa no kugendera ku mategeko yayo).

Icya kane: Ijambo rigira riti “Murwanye abahakana Imana” (Impamvu yo kubarwanya ni ubuhakanyi).

Icya gatanu: Ijambo rigira riti “Ishingikirize Imana ubarwanye” (Umuntu ntakwiye kwizera uburyo bwe n'imbaraga ze).

Icya gatandatu: Itandukaniro hagati y'amategeko y'Imana n'amategeko y'abamenyi.

Icya karindwi: Kuba umusangirangendo yategeka amategeko igihe bibaye ngombwa, ntamenye niba ahuje n'ayi Mana cyangwa bidahuye (ibi ntabwo ari umwihariko k'umusangirangendo, ahubwo no kubaje nyuma yabo).

[64] ISOMO KU BYEREKEYE KURAHIRIRA IMANA (KURAHIRA KO
IMANA ITAZAKORA IKI N'IKI)

Uzahirira Imana (ko itakora iki n'iki) uwo aba agaragaje ikinyabupfura gike ku Imana, yirengagije ibyiza byayo kandi akekeye Imana ibibi, kandi ibi byose bibusanye no gushimangira Tawuhidi, hari n'igihe bikuraho Tawuhidi burundu, kurahirira Imana ko itakora iki n'iki ni uburyo buhambaye bwo gufobya.

IBICE BIGIZE KURAHIRIRA IMANA NYAGASANI

Ibyemewe: Ni umuntu kurahirira ibyo Imana yavuze n'intumwa yayo bavuze ahakana cyangwa yemeza, harimo gihamya y'uko afite ikizere (Ndahiye ko Imana izaha intumwa yoyo ubuvugizi k'umunsi w'imperuka)

Ibyemewe: Ni umuntu kurahirira Nyagasani we kubera ikizere gikomeye amufitiye no kumukekera ibyiza, ariko agomba kuba afite ibikorwa byiza, nkuko biri mu nkuru ya Anas mwene Nadwar.

Ibyaziririjwe bishobora no gutuma ibikorwa biba impfabusa: Ni ukuba ikibimutera ari ukwibona no kwiyemera, no kwiyibagiza ibyiza by'Imana no gukekera Imana ibibi.

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Imvugo yaturutse kuri Jun'dubi mwene Abdullah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Umuntu aravuga ati: Ndahiye Imana ko Imana itazababarira kanaka, Imana ikavuga iti: Undahiriye ko ntazababarira kanaka? Rwose ndamubabariye, n'ibikorwa byawe mbigize impfabusa" Yakiriwe na Muslim.

[2] No muri Hadith yaturutse kuri Abi Hurayrat: Ko uvuze ari umuntu usenga cyane, Abu Hurayrat aravuga ati (avuze ijambo ririmbuye isi ye n'ubuzima bwe bw'imperuka).

- Ijambo rigira riti "Imana ntizababarira kanaka" rwumvikanisha ukwiheba ku mpuhwe z'Imana, no gusuzugura amasengesho no kwibona.
- Ijambo rigira riti "Urahirira Imana" yirengagiza ibyiza byanjye, inema zanjye, ko ntashobora kubabarira umugaragu wanjye ukoze ikosa.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kwirinda kurahirira Imana.

Icyamba kabiri: Kuba umuriro uri hafi y'umwe muri twe kurusha udushumi tw'inkweto ze.

Icyamba gatatu: N'ijuru naryo ni uko.

Icyamba kane: Harimo gihamya mu ijambo rigira riti "Umuntu ashobora kuvuga ijambo..."

Icyamba gatanu: Kuba umuntu ashobora kubabarirwa kubera we byari mu bintu yanga cyane.

[65] ISOMO RYO KUBA BITEMEWE GUKORERA UMUNTU UBUVUGIZI
KU MANA (KUBERA UBUHAMBARE BWAYO)

Gukorera umuntu ubuvugizi ku Mana ni ugufobya Imana, kuko aba agize urwego ruri hasi cyane kurusha urwego rw'ukorerwa ubuvugizi.

Gihamya ya mbere:

Imvugo yaturutse kuri Jubayiru mwene Matwiani yaravuze ati: Umwarabu wo mu cyaro yaje ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) maze aramubwira ati: Yewe ntumwa y'Imana, abantu barazahaye cyane n'urubyaro rurashonje, imitungo yararimbutse, bityo dusabire kuri Nyagasani wawe aduhe imvura, kuko dusabye ubuvugizi ku Mana kubera wowe, intumwa Muhamadi aravugaga ati "Sub'hanallah, Sub'hanallah"! Akomeza kuvuga ayo magambo, kugeza ubwo byagaragaye mu buranga bw'abasangirangendo be, hanyuma aravugaga ati "Ceceka ubwo uzi Imana icyo aricyo? Muby'ukuri, iby'Imana birahambaye kurusha ibyo, mu by'ukuri, nta muntu usaba ubuvugizi ku Mana kubera umuntu..." Yakiriwe na Abu Daudi.

- Ijambo rigira riti "Barazahaye" nta ntege bagifite. "Imitungo yararimbutse" kubera imvura yabuze.
- Ijambo rigira riti "Dusabire imvura" saba Imana iduhe imvura, ibi biremewe k'umuntu wizeye ko yakwakirirwa ubusabe ariko utariwe wiringiye cyane.
- Ijambo rigira riti "Tukwifashishe mugusaba Imana imvura" ube umuhuza hagati yacu nawe kugira ngo udusabire ku Mana, ibi bigaragaza ko umuntu acishije bugufi urwego rw'Imana k'urwego rw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kandi ibi ni ibintu bibi.
- Ijambo rigira riti "Sub'hanallah, Sub'hanallah" iyi mvugo igaragaza ko intumwa Muhamadi yatangajwe n'ayo magambo, kandi arayamagana, atagatifuza Imana Nyagasani.
- Ijambo rigira riti "Ceceka" nkugiriye impuhwe.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kuba intumwa Muhamadi yaramaganye umuntu wavuze ati "Dusabye ubuvugizi ku Mana kubera wowe".

Icyamba kabiri: Kuba intumwa Muhamadi yarahindutse bikagaragarira mu buranga bw'abasangirangendo be kubera ayo magambo.

Icyamba gatatu: Kuba intumwa Muhamadi itaramuhakaniye ku ijamba yavuze rigira riti "Tugusabye ubuvugizi ku Mana".

Icyamba kane: Kugaragaza igisobanuro cy'ijamba (Sub'hanallah).

Icyamba gatanu: Kuba abayisumu barasabaga intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kubasabira imvura (Igihe yari akiriho). (harimo ko ari ngombwa umuntu gusaba yifashishije ibisingizo byatuma agirirwa impuhwe).

[66] ISOMO KU IBYEREKEYE INTUMWA MUHAMADI KURINDA
IMBIBI ZA TAWUHID NO GUFUNGA INZIRA Z'IBANGIKANYA
(NDETSE NO MU MAGAMBO)

Gihamya ya mbere n'iya kabiri:

[1] Imvugo yaturutse kuri Abdullah mwene Shikhiri yaravuze ati: Najyanye n'abantu bo muri Bani Amiri ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) maze turavuga tuti: Wowe uri databuja wacu, intumwa Muhamadi aravuga ati "Shobuja ni Imana Nyagasani" turavuga tuti: Uturusha agaciro, kandi udusumba uburebure, aravuga ati "Muvuge amagambo yanyu cyangwa amwe mu magambo yanyu kandi mwirinde kuba mwakururwa na Shitani mu magambo yanyu" Yakiriwe na Abu Dauda.

[2] Imvugo yaturutse kuri Anasi, yavuze ko abantu bavuze bati: Yewe ntumwa y'Imana, yewe muntu mwiza muri twe, umwana w'umuntu mwiza muri twe, databuja wacu, umwana wa databuja wacu, intumwa Muhamadi aravuga ati "Yemwe bantu, mujye muvuga amagambo yanyu kandi ntumugakururwe na Shitani, nyewe ndi Muhamadi umugaragu w'Imana n'intumwa yayo, ntabwo nshaka ko munzamura mu rwego rurenze urwanjye Imana Nyagasani yanshyizemo" Yakiriwe na Nasaïy.

- Ijambo rigira riti "Databuja Imana" Sayidu ni izina mu mazina y'Imana riri mu bisobanuro bya Swamadu, intumwa yababujijwe gukururwa na Shitani bakizamura bava ku rwego rw'icyubahiro cyihariye bajya mu icya rusange gisesuye aricyo cy'Imana.
- Ijambo rigira riti "kandi ntumugakururwe na Shitani" ngo abagushe mu kuvuga amagambo atari meza, maze intumwa ibayobora mubyo bakwiye gukora, anababuzza ibidakwiye kubera kurinda kugabanya Tawuhidi.
- Ijambo rigira riti "Yewe muntu mwiza muri twe" mu muryango no mu cyubahiro ndetse no mu mibereho "umwana w'umwiza muri twe" mu muryango bitari mu cyubahiro n'imibereho.
- Ijambo rigira riti "kandi ntumugakururwe na Shitani" Shitani kubakurura mubyo ishaka no gukurikira inzira zayo kugeza ubwo mugera ku gukabya.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icyamba mbere: Kuburira abantu kwirinda gukabya.

Icyamba kabiri: Ibyo umuntu akwiye kuvuga, igihe abwiye ngo "Wowe uri Databuja" (akavuga ati: Databuja ni Imana no kubera iyo mpamvu ntibyemewe kubwira umwononnyi ngo Databuja, cyangwa indyarya n'umuhakanyi yaba umugabo cyangwa umugore).

Icyamba gatatu: Ijambo rigira riti "kandi ntumugakururwe na Shitani" hamwe n'uko ibyo bavuze ari ukuri.

Icyamba kane: Ijambo rigira riti "ntabwo nshaka ko munzamura mu rwego rurenze urwanjye" arirwo kuba ari umugaragu w'Imana akaba n'intumwa yayo.

ICYA CUMI: UMUSOZO (ISOMO 1)

Umwanditsi yasoje igitabo cye kuri iri somo –Imana niyo ifite ubumenyi:-

[1] Kugirango tutaba nk'ababangikanyamana babandi badaha Umuremyi agaciro akwiye.

[2] Kugira ngo tutazashukwa n'ubumenyi bwacu, ni ngombwa ko mu bikorwa by'umuntu habamo amakosa, maze umugaragu akicisha bugunsi ku Imana kandi akayubaha.

[3] Yakurikije Imamu Al Bukhariy (Imana imugirire impuhwe) mu gusozesha Hadith “Amagambo abiri aremereye ku munzani” mbese nkaho asaba Imana ko yazaremereza umunzani we kubera iki gitabo nk'uko ibi biremwa biremereye kandi amubabarire aho yaba yaranyereye.

[67] ISOMO KU IBYAVUZWE KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI “KANDI (ABABANGIKANYAMANA) NTABWO BAHAYE ALLAH ICYUBAHIRO KIMUKWIYE. NO KU MUNSI W'IMPERUKA IBIRI MU ISI BYOSE BIZABA BIRI MU KUBOKO KWE, NDETSE N'IBIRERE BIZAZINGAZINGIRWA MU KUBOKO KWE KW'IBURYO. UBUTAGATIFU NI UBWE KANDI NTAHO AHURIYE N'IBYO BAMUBANGIKANYA

Insimbura zina muri iri jambo ry'Imana iragaruka ku Babangikanya mana kuko batahaye Imana agaciro ikwiye, igihe bayibangikanyije n'ibiremwa byayo, kandi Imana itagatifatse kuri buri busembwa n'inenge zose, mu byo igomba gutagatifuha ho harimo n'ibigirwamana, iyo baza kuyikuza nyabyo ntibari gusenga cyangwa ngo bumvire ibitari yo.

Gihamya ya kabiri:

Imvugo yaturutse kuri Ibun Mas'udi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umupadiri yaje ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aravuga ati: Yewe Muhamadi! Twebwe dusanga Imana ishyira ibirere k'urutoki rwayo n'ama si k'urutoki rwayo, ibiti nabyo k'urutoki rwayo, n'amazi k'urutoki rwayo, n'ubutaka k'urutoki rwayo, n'ibindi biremwa k'urutoki rwayo, maze ivuge iti “Ninnye mwami, nuko intumwa iraseka kugeza ubwo amenyo y'ibijigo agaragaye, agaragaza ko amagambo y'uwo mupadiri ari ukuri, arangije asoma ayat igira iti “kandi (ababangikanyamana) ntabwo bahaye allah icyubahiro kimukwiye. No ku muni w'imperuka” No muyindi mvugo yakiriwe na Muslim: “N'imisozi n'ibiti k'urutoki rwayo, maze Imana ikabizunguza, ikavuga iti: Ninnye mwami, ninnye Imana”.

No muyindi mvugo ya Bukhariy “Azashyira ibirere k'urutoki rwe, n'amazi n'ubutaka k'urutoki rwe, n'ibindi biremwa k'urutoki rwe” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

- Ijambo rigira riti “Umupadiri” Ni umuntu uba ufite ubumenyi bwinsi, bakamwita Uruzi, ijambo rigira riti “Twebwe dusanga” mu gitabo cya Tawurat.
- Muri iyi mvugo harimo guhamya intoki z’Imana mu kuri mu buryo bukwiye Imana, nk’uko ukuboko ari ukuboko nyako mu buryo bukwiye Imana.

Gihamya ya gatatu kugeza ku iya gatanu:

[3] Invugo yakiriwe na Muslim ayikomoye kuri Ibun Umari ivuye ku intumwa Muhamadi: igira iti “Imana izazingazinga ibirere ku muni w’imperuka, maze ibifate mu kuboko kwayo kw’iburyo, maze ivuge iti “Ninnye Mwami, abigiraga ibihangange barihe? Abirataga bikuza barihe? Hanyuma izingazinge isi zirindwi, hanyuma izifatishe ukuboko kwayo kw’ibumoso, maze ivuge iti “Ninnye Umwami, barihe babandi bari barigize ibihangange? Barihe babandi bajyaga birata bakanikuza?”.

[4] Invugo yaturutse kuri Ibun Abasi yaravuze ati “Ntabwo ibirere birindwi n’isi zirindwi mu kiganza cya Nyirimbabazi, usibye ko bimeze nk’ururo mu kiganza cy’umwe muri mwe”.

[5] Ibun Jariri yaravuze ati: Nabwiwe na Yunusu, nabwiwe na Ibun Wahabi, yaravuze ati: Ibun Zayidi yaravuze ati: Nabwiwe na Data ati: Intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ntabwo ibirere birindwi ugereranyije n’intebe y’Imana, usibye ko bimeze nk’amadirihamu arindwi yanazwe ku ingabo” Aranavuga ati: Abu Dhari (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) avuga ati “Intebe y’icyubahiro kuri Arishi ni nk’igikomo cy’icyuma cyanazwe mu butayu bunini cyane”.

- Ijambo rigira riti “Ninnye Umwami” ni nyewe ufite ubwami busesuye kandi bwuzuye ntawe mburwanira nawe.
- Ijambo rigira riti “Bari hehe abigiraga ibihangange?” iki kibazo n’icyo kugaragaza ko bataboneka, bisobanuye ngo bari he abami bo ku isi bari bafite ubwami n’ubuhangange no kwiyehera ku abagaragu b’Imana? Kuri uwo muni bazazurwa basuzuguritse abantu babakandagira ibirenge.
- Ijambo rigira riti “Mu kuboko kwayo kw’imoso” iyi nyongera ntahandi iboneka, turamutse tuyifashe ko hari ahandi iri, ubwo imoso iraba ari ukundi kuboko, kandi ntibinyuranyije n’invuga igira iti “Amaboko ye yombi ni indyo” ntabwo imoso y’Imana imeze nk’imoso y’umuntu ituzuye nk’indyo.
- Ijambo rigira riti “Impeke nto cyane” ni akabuto gato cyane, ibi bigaragaza ubuhambare bw’Imana no kuba ntawabasha kumenya uko Imana iteye.
- Ijambo rigira riti “Intebe” ni aho Imana ishyira ibirenge, ingabo ni ikintu gikozwe mu giti birindisha k’urugamba kirinda abarwanyi imihoro n’amacumu n’ibindi.
- Ijambo rigira riti “Al Arishi” ni ikiremwa gihambaye Imana yicaraho ntawe uzi uko kingana usibye Imana yonyine.
- Hadith igaragaza ubuhambare bw’Imana, ikaba ijyane n’ibisobanuro bya Ayat muri iri Somo.

Gihamya ya gatandatu n’iya karindwi:

[6] Invugo yaturutse kuri Ibun Mas’udi yaravuze ati: “Hagati y’ijuru ry’isi n’iririkurikira harimo urugendo rw’imyaka Magana atanu, no hagati ya buri juru n’irindi harimo urugendo rw’imyaka Magana atanu, no hagati y’ijuru rya karindwi n’intebe harimo imyaka Magana atanu, no hagati y’intebe n’amazi harimo imyaka Magana atanu, na Arishi iri hejuru y’amazi n’Imana iri hejuru ya Arishi nta gikorwa cyanyu na kimwe cyiyisoba” Yakiriwe na Ibun Mahadiy.

[7] Invugo yaturutse kuri Al Abasi mwene Abdul Mutwalib (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Ese muzi ubugari buri hagati y’ikirere n’isi? Turavuga tuti: Imana n’intumwa yayo niba babizi, aravuga ati “Hagati yabyo harimo urugendo rw’imyaka Magana atanu, no hagati ya buri juru n’irindi harimo urugendo rw’imyaka Magana atanu, n’igishishwa cya buri juru hari urugendo rw’imyaka Magana atanu no hagati y’ijuru rya karindwi na Arishi hari uruzi hagati y’indiba yarwo no hejuru yarwo ni nko hagati y’isi n’ijuru, Imana iri hejuru y’ibyo byose nta kintu na kimwe kiyisoba mu bikorwa by’abantu” Yakiriwe na Abu Dauda.

- Ijambo rigira riti “Kandi Imana iri hejuru ya Arishi” iyi ni imvugo itomoye yemeza ko Imana iri hejuru ubwayo ndetse n’ibisingizo byayo.
- Ijambo rigira riti “Ntacyisoba Imana mu bikorwa byabo” ibikorwa by’umutima n’ibihimba by’umubiri, ibigaragara muri byo n’ibyumvwa, ibyo ni ukubera ubumenyi bwayo bugeze kuri buri kintu, ibi yabizanye nyuma yo kuvuga kuba Imana iri hejuru kugira ngo agaragaze ko kuba hejuru kw’Imana ntibibuza kumenya ibikorwa byabo, bikaba ari ikimenyetso kigaragaza ko Imana iri hejuru ubwayo.
- Ijambo rigira riti “Ese” iki kibazo kirashaka kumvisha ibintu bibiri:
[1] Gutera amatsiko ku ibigiye kuvugwa. [2] Guhwitura abantu ku ibigiye kubamanurirwa.
- Ijambo rigira riti “Imana n’intumwa yayo nibo babizi” bivugwa igihe: [1] Intumwa ihari, [2] No mu bintu by’idini azi.
- Harimo gukuza Imana no kwirinda kuyigomeka ho, kuko iri hejuru yacu, kandi amategako yayo aratugose twese.

IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA

Icya mbere: Gusobanura ijamba ry'Imana rigira riti “ibiri mu isi byose bizaba biri mu kuboko kwe”.

Icya kabiri: Ko ubu bumenyi n'ubundi bumeze nkabyo buri mu abayahudi bariho ku igihe cy'intumwa Muhamadi, ntibigeze babuhakana nta nubwo babusobanuye ukundi (ni nkaho avuga ko abayahudi ari beza kurusha abagoreka amagambo y'Imana kuko ntibayahakana ahubwo barayagoreka).

Icya gatatu: Ko umupadiri ubwo yabwiraga intumwa Muhamadi amagambo yemeye ko ari ukuri, ndetse hanamanuka Ayat ishimangira ibyo.

Icya kane: Kuba intumwa yarasetswe cyane ubwo umupadiri yavugaga ibijyanye n'ubu bumenyi buhambaye.

Icya gatanu: Imvugo itomoye ivuga amaboko y'Imana, ko ibirere biri mu kuboko kwayo kw'iburyo naho isi zikaba mu kundi kuboko kwayo (Amaboko y'Imana yavuze muri Qor'an na Sunat ndetse n'abatubanjirije babyemeranyijweho).

Icya gatandatu: Imvugo itomoye yo kwita ukundi kuboko imoso (Imvugo itaragaragaye ahandi).

Icya karindwi: Kuvuga ibihangange n'ibyigomeke muri ibyo.

Icya munani: Ijambo rigira riti “Nk'akabuto gato cyane mu ntoki z'umwe muri mwe”.

Icya cyenda: Ubunini bw'intebe ku ibirere (ni nk'amadirhamu arindwi yashyizwe ku ingabo).

Icya cumi: Ubunini bwa Arishi ugereranije n'intebe (ni nk'igikomo kiri mu butayu bugari).

Icya cumi na rimwe: Ni uko Arishi atariyo intebe.

Icya cumi na kabiri: Ubugari buri hagati ya buri juru ni (imyaka miringo itanu).

Icya cumi na gatatu: Ubugari buri hagati y'ijuru rya karindwi n'intebe (imyaka Magana atanu).

Icya cumi na kane: Ubugari buri hagati y'intebe n'amazi? (imyaka Magana atanu).

Icya cumi na gatanu: Kuba Arishi iri hejuru y'amazi.

Icya cumi na gatandatu: Ubugari buri hagati y'isi n'ijuru? (imyaka Magana atanu).

Icya cumi na karindwi: Ubugari bw'igishishwa cya buri juru, ni imyaka Magana atanu.

Icya cumi nu munani: Kuba uruzi ruri hejuru y'ibirere kuva mu ndiba yarwo kugeza hejuru yarwo, hari urugendo rungana n'imyaka Magana atanu, Imana niyo ifite ubumenyi kurushaho. (Inyungu dukuye muri Hadith z'iri somo: [1] Kwirinda kwigomeka ku Imana. [2] Kuba Imana nta kintu na kimwe kiyisoba mu bikorwa by'abantu)

Imana niyo ifite ubumenyi kurushaho, kandi ishimwe n'ikuzo byuzuye bikwiye Imana Nyagasani w'ibiremwa byose, amahoro n'imigisha nibisakare ku intumwa yacu Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kandi ndasaba Imana ko twazasoza turi kuri Tawuhidi twese. AMINA.

IKIBAZO CYA MBERE: Shyira ikimenyetso (☒) mu mwanya ukwiye cyangwa wuzuze imyanya irimo ubusa:

1. Imvugo igira iti (amahoro abe ku Imana) itegeko ryayo Si nziza ☐ Yaraziririjwe ☐, Iremewe ☐.
2. Salamu ni rimwe mu mazina y'Imana: Rishimangira ☐ Ripfobya ☐ Byose ibyavuzwe ☐ Yitwa ☐ Bayita ☐.
3. Nta kintu gikwiye kwitwa Salamu usibye igihe cyaba gikwiye kubwitwa Nibyo ☐ Sibyo ☐.
4. Ijambo rigira riti “Mana umbabarire ibyaha nubishaka” itegeko ryaryo: Si ijambo ryiza ☐ Ryaraziririjwe ☐ Riremewe ☐.
5. Biremewe gukora istithina mu busabe: Nibyo ☐ Sibyo ☐. Kandi istithina ni condition Nibyo ☐ Sibyo ☐.
6. Umuntu igihe asaba agomba kujya asubiramo kandi ubusabe bwe akabuhanka: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
7. Igihe umuntu asaba ajye asaba ibyo ashaka byose nta kintu cy'igitangaza cyangwa kibujijwe ku Imana gutanga: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
8. Imvugo igira iti “Mana Nyagasani ndagusaba ko nazaba umurinzi w'umuryango w'ijuru” Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
9. (Mana Nyagasani nyewe ntabwo ngusaba gusubizayo ibyo wangeneye ahubwo ndagusaba ko wangirira impuhwe muri byo) Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
10. Ese ushabona gusaba Imana: Ijuru ☐ Firidawusi ryo hejuru mu ijuru ☐.
11. Ubusabe byo gusaba Imana ko yakubera umujyanama (Harimo ☐ Ntiharimo ☐) kuregeka ubusabe.
12. Imvugo igira iti (Umugaragu wa kanaka cyangwa umujakazi wa kanaka) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
13. Imvugo ya Shebuja igira iti (wa mugaragu wanjye we mpereza kiriya) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
14. Kubuza kuvuga uti (Umuhungu cyangwa umuhungu wanjye) kubera gushimangira Tawuhidi ndetse no mu magabo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
15. Kubaza biraziririjwe cyangwa sibyiza, usibye igihe hari impamvu cyangwa amaburakindi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
16. Umuntu ugusabye amafaranga kubera Imana ngo ajye kugura ibyaziririjwe nk'inzoga: Arikirizwa ☐ Ntiyikirizwa ☐.
17. Itegeko ryo kwikiriza usabye kubera Imana: Ni byiza ☐ Ni itegeko ☐.
18. Muri Hadith igira iti “Uzabasaba mujye mumuha” ubusabe bugamijwe aha ni: Bwo kuzimana ☐ Guhamagara ☐.
19. Kwikiriza ubusabe: Ni itegeko risesuye ☐ Ni byiza usibye ubutumire bw'ubukwe bwo ni itegeko kubwitaba ☐.
20. Umuntu wikinze ku Imana ikintu kugikora ari itegeko cyangwa kukireka: Aragikingirwa ☐ Ntagikingirwa ☐.
21. (Mujye mumusabira kugeza ubwo mubonye ko mumwituye) bisobanuye: Ubusabe bumwe ☐ Ntugahushure mu busabe ☐.
22. Nta kindi kintu gisabwa ukoresheje uburanga bw'Imana usibye ijuru” Ntugasabe uwo

ariwe wese mu biremwa k'ubwu buranga bw'Imana ☐ Ntugasabe Imana wifashishije uburanga bwayo ikitari ijuru ☐ Byose ibyavuzwe ☐.

23. Igisingizo cy'uko Imana ifite uburanga kiri muri: Qor'an ☐ Sunat ☐ Ijima ☐ Byose ibyavuzwe ☐.

24. Imvugo igira iti (Mana Nyagasani ndagusaba k'ubw'uburanga bwawe bwera ko wanshoboza gufata Qor'an mu mutwe) Kirazira ☐ Biremewe ☐. Nimvugo igira iti (Mana Nyagasani nikinze k'uburanga bwawe umuriro) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐.

25. Imvugo igira iti "Mana Nyagasani ndagusaba k'ubw'uburanga bwawe ko wampa ibikoresho byo mu nzu byiza" Biremewe ☐ Kirazira ☐.

26. Imvugo igira iti (Iyo uza kunyumvira ntujye mu rugendo ntiwari gukora impanuka) Biremewe ☐ Kirazira ☐.

27. Imvugo igira iti (Iyo ntaza kujya mu rugendo inyungu ntiziba zincitse) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐.

28. Imvugo igira iti (Iyo Imana iza kubishaka sinari kubeshya) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐.

29. Imvugo igira iti (Iyo nza kuba nfitse amafaranga nk'aya kanaka nari kuyatanga isadaka) Biremewe ☐ Ni byiza ☐ Kirazira ☐.

30. Imvugo igira iti (Iyo nza kuba nakurikiye isomo nari kuba nungutse) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐.

31. (Birakwiye ☐ Ntibikwiye ☐) ku muntu ufite ubwenge ko yatakaza imbaraga ze mu ibitamufitiye akamara.

32. Ibyo umuntu adafitiye ubushobozi (Ni ngombwa kuri we ☐ Si ngombwa kuri we ☐) kwitwaza igeno ry'Imana.

33. Biremewe kwitwaza igino ry'Imana mu: Byago atari mu bindi ☐ Ikinyuranyo ☐.

34. Gutuka umuyaga: Kirazira ☐ Si byiza ☐, n'imvugo igira iti: (Umuyaga wimvura uraje): Biremewe ☐ Kirazira ☐.

35. Imvugo igira iti (Nyagasani arankunda) k'umuntu wagezweho n'inema z'Imana: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

36. Imvugo y'umuntu ubonye umuntu w'umwononnyi w'umukungu akavuga ati (Uyu ntakwiye uyu mutungo): Biremewe ☐ Kirazira ☐.

37. Umuntu iyo atuzura ibyo yategetswe ahubwo akora ibyaziririjwe, akaba akekera Imana ibyiza ibi ni (Ibibi ☐ ibyiza ☐) ukekera Imana.

38. Abantu bamwe bakeka ko baramutse basabye Imana mu buryo bwemewe n'amategeko, Imana iatabasubiza ibi ni ugukeka: Kubi ☐ Kwiza ☐.

39. Imvugo igira iti (Ni ngombwa ko Imana ihana uwigomeka ikanahemba uwumvira) ni ugukeka: Kubi ☐ Kwiza ☐.

40. Imvugo igira iti (Njyewe nkwiye umwanya runaka kurusha kanaka) uko ni ugukeka: Kubi ☐ Kwiza ☐.

41. Umuntu kubwira urwaye ati (Masikini) na (ukwiye iki) na (Iyo nza kugira ubushobozi ntabwo ibi biba byakubayeho) ibi ni ugukeka: Kubi ☐ Kwiza ☐.

42. Imvugo igira iti (Ndamutse nfitse ubushobozi nagira kanaka kuba Mufti) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐.

43. Imvugo igira iti (Umuhanda uratekanye) ni bimwe mu gukeka kubi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.

44. Imvugo igira iti (Ni ngombwa ko tudakwiye gufatwa n'uburwayi kandi tukagurirwa amafunguro) gukeka: Kubi ☐ Kwiza ☐.

45. Ni ngombwa ko umuntu akekera umutima we: Ibibi ☐ Ibyiza ☐.

46. Ikiri ngombwa ni ugukekera umutima wawe ibibi kugira ngo utirara: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
47. Umutima w'umuntu ni intaho ya buri kibi yaba ubugugu cyangwa amahugu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
48. Inzego z'igeno ry'Imana: Enye ☐ Eshanu ☐ Eshatu ☐.
49. Itegeko ry'umuntu uhakana igeno ry'Imana: Bimuvana mu idini ☐ Ntibimukura mu idini ☐.
50. Imvugo igira iti (Mu mutima wanjye harimo akantu ku igeno ry'Imana) ariko: Gushidikanya no kudatekana ☐ Guhakana ☐.
51. (Mu mutima wanjye harimo akantu ku igeno ry'Imana) bisobanuye Ese ibi bituma umuntu ahakana?
52. Ikaramu: Nicyo kiremwa cya mbere y'ibindi ☐ Nicyo kiremwa cya mbere mubyo tubona ☐.
53. Akenshi abatubanjirije mu gukuraho urujijo babazaga: Abamenyi ☐ Abagandukiramana ☐.
54. Kubaza abamenyi barenze umwe biremewe igihe ushaka: Guhamya ukuri ☐ Ushaka gukurikira impushya ☐ Byose byavuzwe ☐.
55. Urujijo ruvaho burundu iyo ikintu kitiriwe: Imana n'intumwa yayo ☐ Abamenyi ☐.
56. icya ngombwa ni ukuba munge mu kumva ubiteye urujijo kuko bishobora konona: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
57. Abantu beshi banyuranya n'amabwiriza y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu kumva ibiteye urujijo no kubyamamaza: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
58. Ntibyemewe gusoma muri Tawurati no mu Ivanjiri, gusoma ibindi ni akarusho: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
59. Kuzana (Isomo ku byerekeye abakora amafoto) ni ikosa muri zimwe mu inyandiko, kuko iri somo: Nta sano rifitanye na Tawuhidi ahubwo rifitanye isano na Fiqihi: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
60. Igihano cy'umuntu ukora amafoto bikubiye mu bice (5 ☐ 4 ☐ 3 ☐).
61. Gukora ibishushanyo ni ukurema no guhanga ubikora akaba akaba afatanyije n'Imana muri ibyo: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
62. Gukora ibishushanyo ni icyaha gikuru, kuko ari: (Ukwisanisha n'abahakanyi ☐ Gusesagura ☐ Kurushanwa n'ukurema kw'Imana ☐.
63. Gufotora ibiti n'imigezi n'imisozi: Biremewe ☐ Kirazira ☐.
64. Gukura igishushanyo ku kintu bikorwa: (Gusigaho irange rigikuraho ☐ Guca umutwe w'igishushanyo kibumbye ☐ Konona uburanga bw'ikibumba giconzwe ☐ Byose ibyavuzwe ☐.
65. Imva yegutse iriho: Ibirango ☐ Yubakiye ☐ Amabara ☐ Itandukanye n'izindi kubera gushyirwaho amabuye n'ubutaka ☐ Byose ibyavuzwe ☐.
66. Kuringaniza imva bikorwa: Kuyikora hakurikijwe Suant ☐ Kuyisanisha n'iziyikikije ☐ Byose ibyavuzwe ☐.
67. Gutunga ifito hagamiye gukuza uwafotowe: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
68. Umuntu ukunda kurahira cyane aba ari: Ukuza Imana cyane ☐ Udakuza Imana ☐.
69. Buri ndahiro igira intangiriro no hagati ndetse n'impera: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
70. Umubyibuho umuntu aba afite ariko atawifuza: Uranengwa ☐ Ntabwo unengwa ☐.
71. icyaha gihambara igihe igitumye kibaho kitari ngombwa: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
72. Kurahira igihe bikenewe cyangwa harimo inyungu: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.

73. Gukubita umwana mutoya: Biremewe mu buryo busesuye ☐ Biremewe igihe byubahirije ibisabwa ☐.
74. Imana ifitanye isezerano n'abagaragu bayo: Bagomba kuyisenga batayibangikanya n'icyo aricyo cyose ☐ Imana ntizahana utarayibangikanyije ☐.
75. Igitero cy'ingabo ni abantu barenze: 400 ☐ Igihumbi ☐ Agatero shuma n'ikinyuranyo.
76. Mu nzira y'Imana: Bisaba umugambi ☐ Bisaba ibikorwa ☐ Hakubiyemo umugambi n'ibikorwa ☐.
77. Turwanya abahakanyi kubera inyungu zabo, arizo kubarokora mu muriro: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
78. Guhisha bimwe mu minyago ngo ubytwarire: (Nibyo ☐ Sibyo ☐) itegeko ryabyo: Biremewe ☐ Kirazira ☐ Icyaha gikuru ☐.
79. Ntibyemewe kwica abana, abagobe b'abahakanyi, abihaye Imana n'abapadiri: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
80. Gushinyagurira imirambo, guhisha imwe mu minyago, ubuhemu no kwica abana: Biremewe ☐ Ntibyemewe ☐.
81. Jiziyat ifatwa mu: Bayahudi, abakirisitu n'aba Majusi ☐ Abahakanyi bose ☐.
82. Imvugo igira iti (Imana ntizemera ukwicuza kwawe) itegeko ryayo: Biremewe ☐ Ni icyaha gikuru ☐.
83. Imvugo igira iti (Ndahiye izina ry'Imana ko Imana itazababarira uwayibangikanyije) itegeko ryayo: Biremewe ☐ Ni icyaha gikuru ☐.
84. Kwirinda ukunyerera k'ururimi mu guca iteka ku bantu: Biraziruye ☐ Biremewe ☐ Ni itegeko ☐.
85. Kubuza kuvuga uti (Imana ntizababarira kanaka muzima): Ni umwihariko k'umuyisumu w'umunyamakosa ☐ Hakubiyemo umuyisumu n'umuhakanyi ☐.
86. Ni bibi kuvuga uti (Turakora ubuvugizi ku Imana kuri wowe..) ☐ Tukwifashishije ku Mana ☐.
87. "Turasaba ubuvugizi ku Imana tukwifashishije" bisobanuye
88. Isomo ku ibyavuzwe m'uburyo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarinze: (Isomo ryihariye ☐ Riza kenshi ☐) harimo uburyo intumwa Muhamadi arinda Tawuhidi (Mu bikorwa ☐ Mu amagambo ☐)
89. Ijambo Databuja ni kimwe mu bisobanuro bya Swamadu: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
90. Ijambo Sayid ni rimwe mu mazina y'Imana ☐ Ntabwo riri mu mazina y'Imana ☐.
91. Icyubahiro cyihariye kiremewe bitandukanye n'icya rusange: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
92. Igisingizo cy'intumwa y'Imana cyiza kandi gisobanutse ni: Umugaragu w'Imana n'intumwa yayo ☐ Muhamadi mwene Abdullah ☐.
93. Umuyahudi aruta umuntu uhakana ibisingizo by'Imana akabisobanura uko bitari muri iri somo akanamenya Imana: Nibyo ☐ Sibyo ☐.
94. Arishi ni:Intebe ni:.....
95. Mu gusoza igitabo cya Tawuhidi, umwanditsi wacyo arasa n'usaba Imana ko yaremereza iminzani ye kubera iki gitabo nk'uko yaremereje ibirere na Arishi ndetse n'intebe (Nibyo ☐ Sibyo ☐) akanagaragaza ko umuhakanyi atahaye Imana agaciro kayikwiye, uramenye ntuzabe nkabo ahubwo jya uhimbaza Imana wifashishije Tawuhidi (Nibyo ☐ Sibyo ☐)
96. Abenshi mu batubanjirije bita iyobokamana ry'ukuri amazina menshi: Sunat ☐ Shariyat ☐ Tawuhid ☐ Fiqihi iruta izindi ☐ Ibyavuzwe byose ☐.

KU IZINA RY'IMANA NYIRIMPUHWE NYIRIMBABAZI.....	3
AMAHAME REMEZO UMUNTU ASABWA KUMENYA MBERE YO KWIGA IKI GITABO.....	3
KUKI TWIGA IKI GITABO.....	3
KUKI TWIGA IKI GITABO?	3
IGICE CYA MBERE: KIGIZWE N'ITANGIRIRO (AMASOMO 5)	4
ICYAMAKE Y'AMASOMO AKUBIYE MU GITABO CYA TAWUHIDU (67).....	4
IGICE CYA KABIRI: GUSOBANURA TAWUHIDI ICYO ARICYO (AMASOMO 9)	5
IGICE CYA KANE: IMPAMVU ITERA UMUNTU UBURAKANYI (AMASOMO 4)	6
IGICE CYA GATATU: AMASENGESHO ADAKOREWE IMANA ABA ARI IMPFABUSA (AMASOMO 4)	6
IGICE CYA GATANU: GUSENYA GIHAMYA Z'ABAVUGA KO IBANGIKANYA RITAZIGERA RIBAHU MURI UYU MURYANGO (UMAT) CYANGWA MU KIGUBE CY'ABARABU (ISOMO 1)	7
IGICE CYA GATANDATU: IBIKORWA BYA GISHITANI (AMASOMO 7)	7
IGICE CYA KARINDWI: IBIKORWA BY'IMITIMA (AMASOMO 9).....	8
IGICE CYA MUNANI: TAWUHIDI Y'AMAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO BYAYO (ISOMO 1)	9
IGICE CYA CYENDA: IMVUGO Z'IBANGIKANYA ZABUJWE (AMASOMO 29)	9
IGICE CYA CUMI: UMUSOZO (ISOMO 1)	11
KUKI IKI GITABO KITASHYIRIWEHO ITANGIRIRO?	11
ISOMO RYA MBERE: ITANGIRIRO (AMASOMO 5) IGITABO CYA TAWUHIDI	11
GUSOBANURA ICYO TAWUHIDI ARICYO	12
[1] ISOMO RYIGISHA KO TAWUHIDI ARI NGOMBWA.....	12
IYO MURI QOR'AN HAVUZE IJAMBO UMAT RIBA RISHAKA GUSOBANURA IBINTU BINE:.....	14
IGENO RY'IMANA RIGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:	15
NI GUTE IMANA IGENA IBYO IDAKUNDA?	15
IBIKUNZWE BIGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:	15
UBUGARAGU BUGABANYIJEMO IBICE BITATU:.....	16
IZI AYAT ZIKUBIYEMO IMIRAGE ICUMI:.....	17
ZIMWE MU INYUNGU Z'INGENZI	17
KUKI IBUN MAS'UDI YAVUZE KO IYI ARI UMURAGE W'INTUMWA MUHAMADI KANDI INTUMWA MUHAMADI ATARATANZE UMURAGE?	18
HARIMO IBIBAZO:	18
[2] ISOMO RIGARAGAZA IBYIZA BYA TAWUHIDI N'IBYAHA IHANAGURA	20
IBINTU IMANA YIYITIRIRA:.....	22
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	23
[3] ISOMO RYIGISHA KO USHIMANGIYE TAWUHIDI AZINJIRA MU IJURU ATABARURIWE.....	24
INYUNGU	24
IBICE BY'ABANTU MU GUSABA GUKORERWA RUQIYAT.....	26
UBWOKO BW'ABANTU (UMAT)	26
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	27
[4] ISOMO RYO GUTINYA IBANGIKANYA	28
NI KUKI UMWANDITSI YAZANYE IRI SOMO NYUMA Y'IRYO GUSHIMANGIRA TAWUHIDI?	28
NI GUTE TUGOMBA GUTINYA IBANGIKANYA?	28
NI KUKI INTUMWA MUHAMADI YATINYE KU BANTU BE GUKORERA IJISHO KURUTA UKO YABATINYIYE MASIHI DAJALI?.....	29
IBICE BIGIZE UGUKORERA IJISHO:	30

UBUSABE BUGABANYIJEMO IBICE BIBIRI:	31
ITANDUKANIRO RY'IBANGIKANYA RIKURU N'IBANGIKANYA RITOYA:.....	31
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA	32
IBYO UHAMAGARIRA ABANTU KUYOBOKA IMANA AGOMBA KUBA YUJUJE	32
[5] ISOMO RYO GUHAMAGARIRA ABANTU GUHAMYA KO NTA YINDI MANA IBAHO ITARI ALLAH.	32
MURI IYI HADITH TWUNGUKAMO:.....	33
IBITANGAZA BIRI UBWOKO BUNE: BIKABA ARI IBI IBINTU BIZA BITANDUKANYE N'IBYO ABANTU BARI	
BAMENYEREYE, NK'UMUNTU KUGURUKA MU KIRERE CYANGWA KUGENDA HEJURU Y'AMAZI:	34
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA	34
IKIZAMINI KU GICE CYA MBERE (AMASOMO 5)	36
[6] ISOMO KU IBISOBANURO BYA TAWUHIDI NO GUHAMYA KO NTA YINDI MANA IBAHO IKIYE	
GUSENGWA MU KURI USIBYE ALLAH	42
IBICE BIGIZE URUKUNDO	43
IBIBAZO BY'INGENZI UMUNTU AKWIYE KUMENYA:	44
[7] ISOMO RIVUGAKO ARI IBANGIKANYAMANA KWAMBAYE IGIKOMO CYANGWA URUDODO	
N'IBINDI NKABYO MU KWIKIZA IKIBI CYANGWA KUGIKUMIRA.....	45
ESE KWAMBARA IGIKOMO N'URUDODO N'IBINDI NKABYO NI IBANGIKANYA RITOYA CYANGWA	
IRIKURU?.....	45
ABANTU MUGUSHYIRAHU IMPAMVU ZEMWE N'AMATEGEKO BARIMO IBICE BIBIRI NDETSE N'ICYO	
HAGATI	45
IBICE BY'ABANTU MU KWEMERA IMPAMVU NI BITATU:	45
ITEGEKO RY'UWAMBAYE URUDODO N'IBINDI NKABYO BARI MU BYICIRO:	46
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	48
[8] ISOMO KU IBYAVUZWE KURI RUQIYA N'AMAHIRIZI	49
IBIGOMBA KUBANZA KUZUZA KUGIRA NGO RUQIYAT YEMWE N'AMATEGEKO Y'IDINI IBEHO:	50
IMPETA YATONGERERE NAYO NI INZARATSI	50
NI KUKI IHIRIZI ZIKORWA MURI QOR'AN?	51
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	52
[9] ISOMO RIVUGA K'UGIYE GUSHAKIRA UMUGISHA KU GITI CYANGWA IBUYE N'IBINDI NKABYO ..	52
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	53
[10] ISOMO KUBEREKEYE KUBAGIRA IKITARI IMANA.....	55
NI UKUBERA IKI UMWANDITSI YAVUZE NGO (ISOMO KU BYAJE) NTAVUGE NGO (KUBAGIRA IKITARI	
IMANA NI IBANGIKANYA RIKURU)?	55
IBICE BYO KUBAGA:	55
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	56
ESE ICYIZA K'UMUNTU IGIHE USHYIZWEHO AGAHATO NGO AHAKANE IMANA NI UKO AGOMBA	
KWIHANGANA NUBWO YAKWICWA CYANGWA YAKWEMERA IBYO ASABWA KU BIGARAGARA ARIKO	
KU MUTIMA ATABYEMERA?	57
[11] ISOMO KU KWIRINDA KUBAGIRA IGITAMBO CY'IMANA AHABAGIRWA IBITARI IBY'IMANA	58
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	60
ICYIRU CY'UMUHIGO WO KU IMANA NI NK'ICYIRU CY'INDAHIRO:.....	60
[12] ISOMO RYO KUBA ARI IBANGIKANYA KUGORERA UMUHIGO IKITARI IMANA	61
ITANDUKANIRO RYA NADHIR YO KUGANDUKIRA IMANA N'IYO KUYIGOMEKAHO	61
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	61
ICYITONDERWA:	61
[13] ISOMO RYO KUBA KWIKINGA KU KITARI IMANA MUBYO KIDASHOBOYE URETSE IMANA ARI	
IBANGIKANYA.	62
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	63
IZINDI NYUNGU.....	63

[14] ISOMO RY'UKO ARI IBANGIKANYA KWITABAZA IKITARI IMANA CYANGWA GUSABA IKITARI YO 64	
IBICE BY'AMAFUNGURO	64
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	65
IKIZAMINI KU GICE CYA KABIRI	66
(AMASOMO 9)	66
IKIBAZO CYA MBERE:	66
GUKORERA NADHIR IKITARI IMANA:	66
NADHIR YO KWIGOMEKA KU IMANA:.....	66
NADHIR YO KUGANDUKIRA IMANA:	66
IKIBAZO CYA KABIRI:.....	66
IKIBAZO CYA GATATU:	66
IKIBAZO CYA KANE:	69
ICYA GATATU: KUBA AMASENGESHO AKOREWE IKITARI IMANA ABA IMPFABUSA (AMASOMO 4) ...	70
[15] ISOMO RY'IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE BABANGIKANYA (ALLAH) N'IBIDASHOBORA	
KUGIRA ICYO BIREMA, KANDI NA BYO UBWABYO BYARAREMWE? NTIBINASHOBORA KUBATABARA"	
AYAT	70
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	72
[16] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "(IYO ALLAH AVUZE, ABAMALAYIKA	
BARAKANGARANA BAKAGWA IGIHUMURE) KUGEZA UBWO IMITIMA YABO ISHIRIYE UBWOBA,	
(BAMWE) BAKAVUGA BATI "NYAGASANI WANYU YAVUZE IKI?" (ABANDI) BATI "(YAVUZE) UKURI;	
KANDI NI UWIKIRENGA, USUMBA BYOSE".	73
GIHAMYA ZUKO ALLAH ARI UWI IKIRENGA UBWE MURI RUSANGE NI ESHANU:	73
ZIMWE MU INYUNGU ZA HADITH	74
ZIMWE MU INYUNGU ZA HADITH	75
"AKABUGEZA AHO IMANA YAMUTEGETSE"	75
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	76
[17] ISOMO KUBYEREKEYE SHAFAA (UBUVUGIZI)	77
NI UKUBERA IKI UMWANDITSI W'IGITABO YAZANYE IRI SOMO?	77
IBICE BIGIZE UBUVUGIZI (SHAFAA ARIYO: NI UKUVUGIRA UNDI HAGAMIJWE KUMUZANIRA INYUNGU	
CYANGWA KUMUKURIRAHU IKIBI).....	78
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	79
[18] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "MU BY'UKURI, WOWE NTIWAYOBORA UWO	
USHAKA" AYAT	80
IBICE BY'UMUYOBORO	80
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	81
IKIZAMINI KU GICE CYA GATATU (AMASOMO 4).....	82
IKIBAZO CYA MBERE:	82
IMPAMVU UMWANDITSI YAZANYE IRI SOMO:.....	82
ISOMO	82
[19] ISOMO KU IBYAVUZWE KO IMPAMVU YATUMYE ABANTU BAGWA MU BUHAKANYI BAGATA	
IDINI RYABO ARI UGUKABYA MU KUBAHA ABAKIRANUTSI	83
ICYA KANE: IMPAMVU YATUMYE IKIREMWA MUNTU KIGWA MU BUHAKANYI (AMASOMO 4)	83
IBIBI BYO GUKABYA MU IDINI:.....	83
IBICE BY'ABANTU KU BYEREKEYE ABAKIRANUTSI:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[20] ISOMO KU IBYAVUZWE KU UKUBUZA MU BURYO BUKAZE UMUNTU USENGERA IMANA KU	
IMVA Y'UMUNTU WARI UMUKIRANUTSI, BYABA BIMEZE BITESE ARIWE ASENZE UBWE?	83
NI UKUBERA IKI INTUMWA MUHAMADI YASHYINGUWE MU CYUMBA NTA NUMWE UBONA ICYO	
CYUMBA NKANSWE UBUTAKA BW'IMVA?	83

INCAMAKE Y'IRI SOMO:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[21] ISOMO KU IBYAVUZWE KO GUKABYA MU KUBAHA IMVA Z'ABANTU BARI ABAKIRANUTSI BIZIGIRA IBIGIRWAMANA BISENGWA MU CYIMBO CY'IMANA.	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[22] ISOMO KU BYEREKEYE KUBA INTUMWA MUHAMADI YARARINZE TAWUHID AGAKINGA BURI MURYANGO WOSE UGANA KU IBANGIKANYA.	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
ICYA GATANU: GUSENYA GIHAMYA Z'ABAVUGA KO IBANGIKANYA RIDASHOBORA KUBAHO MURI UYU MURYANGO (UMAT) CYANGWA SE MU KIGOBE CY'ABARABU (ISOMO 1)	83
[23] ISOMO KUBYAVUZWE KO BAMWE MU BANTU BO MURI UYU MURYANGO (UMAT) BASENGA IBIGIRWAMANA.	83
NI UBUHE BURYO UMWANDITSI YAZANYE AYAT MURI IRI SOMO ZITARIMO GIHAMYA Y'IBYO AGAMIJE?.....	83
ZIMWE MU INYUNGU ZA AYAT YA MBERE:	83
ZIMWE MU INYUNGU ZA AYAT YA KABIRI:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
IKIZAMINI KU IBICE BIBIRI ICYA KANE N'ICYA GATANU (AMASOMO 5)	83
ICYA GATANDATU: IBIKORWA BYA SHITANI (AMASOMO 7)	83
[24] ISOMO KU IBYAVUZWE KU UBUROZI	83
ESE URUHARE RWO GUSOBANUKIRWA IGITABO BARIYA BIMWE NI URWI IGITABO CYOSE, CYANGWA NI URWI IGICE KIMWE CYACYO?.....	83
"KWICA UMUNTU IMANA YAZIRIRIJE KWICA" NI IBINTU BINE:	83
"USIBYE MU NZIRA Y'UKURI" NABYO NI IBINTU BITATU:	83
[25] ISOMO RYO KUGARAGAZA AMWE MU MOKO Y'UBUROZI	83
UBUMENYI BW'INYENYERI BURIMO IBICE BIBIRI:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[26] ISOMO RY'IBIVUGWA KU ABAPFUMU N'ABANDI NKABO.	83
ITEGEKO RYO KUJYA KUBAZA UVUGA KO AZI IBYIHISHE N'ABANDI NKABO.	83
BIMWE MU BIMENYETSO BY'UMUROZI:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[27] ISOMO RY'IBIVUGWA K'UBURYO BWO KUVURA UBUROZI.....	83
NI GUTE TWASUBIZA ABAVUGA KO UBUROZI BUGOMBA KUVURWA N'UBUNDI?.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[28] ISOMO RY'IBIVUZWE KU KWEMERA IMYAKU Y'INYONI (TATWAYUR).....	83
NI UWUHE MUTI WAVURA KWEMERA IMYAKU Y'INYONI?.....	83
UBUSHAKASHATSI KU IBYAHA BIKURU	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[30] ISOMO KU IBYAVUZWE KUGUSABA IMVURA INYENYERI.....	83
UMUNSI W'IMPERUKA WISWE (QIYAMAT) KUBERA KO HAZAHAGURUKA:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
IKIZAMINI KU GICE CYA GATANDATU (AMASOMO 7)	83
ICYA KARINDWI: IBIKORWA BY'IMITIMA (AMASOMO 9).....	83
[31] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "NO MUBANTU HARI ABISHYIRIRAHU IBIGIRWAMANA MU KIMBO CYA ALLAH, BAKABIKUNDA URUKUNDO NK'URWOBAKUNDA ALLAH".	83
IBICE BY'URUKUNDO	83
UBURYO BWO GUHAKANA IKINTU:.....	83
GUKUNDA INTUMWA MUHAMADI NYUMA Y'URUPFU RWE BIGOMBA KUBA BIMEZE BITE?	83
URUKUNDO MU NDORERWAMO YO KUBA ARI AMASENGESHO	83

UBUCUTI MAGARA.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[32] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "MU BY'UKURI, UWO NI SHITANI UBATINYISHA ABAMBARI BE; BITYO NTIMUZABATINYE, AHUBWO MUNTINYE NIBA KOKO MURI ABEMERA NYAKURI"	83
IBICE BIGIZE UGUTINYA	83
IBICE BYO KWITA KU IMISIGITI IKINYURANYO CYABYO NI UKUYISENYA "NI NA NDE MUHEMU KURUSHA UBUZA KO IMISIGITI YA ALLAH ISINGIRIZWAMO IZINA RYE, AGAHARANIRA KUYISENYA?"	83
INYUNGU ZA HADITH.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[33] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "KANDI MWIRINGIRE ALLAH NIBA KOKO MURI ABEMERA"	83
IMANA MURI IYI AYAT NDETSE N'IZIYIKURIKIYE YAVUZEMO IBIRANGA UKWEMERA KUZUYE:.....	83
ICYITONDERWA:	83
ESE IMVUGO ZIKOMOKA MU ABAYISIRAHILI DUSHOBORA KUZEMERA?	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[34] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE BIBWIRA KO BATEKANYE, BADASHOBORA KUGERWAHO N'IBIHANO BYA ALLAH? NTABIBWIRA KO BADASHOBORA KUGERWAHO N'IBIHANO BYA ALLAH URETSE ABANYAGIHOMBO"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
INCAMAKE:.....	83
[35] ISOMO RIVUGA KO KWIHANGANIRA AMAGENO Y'IMANA BIRI MU KWEMERA IMANA.....	83
IBICE BIGIZE UKWIHANGANA NI BITATU	83
IBICE BY'ABANTU MU GIHE CY'IBYAGO:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[36] ISOMO KU IBYEREKEYE GUKORERA IJISHO	83
NI UKUBERA IKI INTUMWA MUHAMADI (AMAHORO Y'IMANA ABE KURI WE) YATINYE KU BANTU BE GUKORERA IJISHO KURUSHA MASIHI DAJALI?	83
NI UWUHE MUTI WAVURA GUKORERA IJISHO?.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[37] ISOMO RIVUGA KO ARI IBANGIKANYA UMUNTU GUKORA IGIKORWA AGAMIJEMO INDONKE Z'ISI GUSA	83
IBICE BY'ABANTU MURI IRI SOMO NI BITANU:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[38] ISOMO RIVUGA KO UZUMVIRA ABAMENYI N'ABAYOBOZI MU KUZIRIRIZA IBYO IMANA YAZIRUYE CYANGWA KUZIRURA IBYO IMANA YAZIRIRIJE UWO AZABA ABAGIZE IBIGIRWAMANA BISENGWA MU CYIMBO CY'IMANA.....	83
UBURYO BUTANDUKANYE BWO KUMVURA ABAMENYI CYANGWA ABAYOBOZI MU KWIGOMEKA KU IMANA NYAGASANI:.....	83
KUBYEREKEYE GUKURIKIRA ABANTU HARI IMVUGO ESHATU Z'ABAMENYI:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[39] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ESE NTIWAMENYE (YEWE MUHAMADI) BABANDI BAVUGA KO BEMEYE IBYO WAHISHURIWE NDETSE N'IBYAHISHUWE MBERE YAWA, BAGASHAKA KO BAKIRANURWA N'ANDI MATEGEKO ATARI AYA ALLAH, KANDI BARATEGETSWE KUYAHAKANA? NYAMARA SHITANI ISHAKA KUBAYOBYA BIKABIJE"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
IKIZAMINI KU GICE CYA KARINDWI (AMASOMO 9)	83
ICYA MUNANI: TAWUHIDU Y'AMAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO BYABO (ISOMO 1)	83

[40] ISOMO K'UMUNTU UGIZE ICYO AHAKANA MU MAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO BYAYO	83
KWAMAGANA NI UKWANGA, NO KWANGA BIRIMO IBICE BIBIRI:	83
TAH'RIF: NI UGUHINDURA IBYO USABWA GUSHIMANGIRA	83
IKIZAMINI KU GICE CYA MUNANI (ISOMO 1)	83
ICYA CYENDA: IMVUGO ZABUJIJWE KANDI ZIBANGIKANYA (AMASOMO 26)	83
[41] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "BAZI NEZA INAMA Z'IMANA HANYUMA BAKAZIHAKANA" (NI IBANGIKANYA GUHAKANA INEMA Z'IMANA)	83
INEMA NIBA ARI IKIGERAGEZO NI GUTE TWAKIROKOKA?	83
IBICE BY'ABANTU MU KWITIRIRA INEMA:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[42] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "BITYO, NTIMUKABANGIKANYE ALLAH N'IBIGIRWA- MANA KANDI MUBIZI (KO ARI WE WENYINE UKWIRIYE GUSENGWA BY'UKURI)" (IGISOBANURO CY'IJAMBO NIDA)	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[43] ISOMO KUBYEREKEYE UMUNTU URAHIRIWE KU IMANA NTANYURWE N'INDAHIRO ARAHIRIWE (NI KIMWE MU BYAHA BIKURU)	83
IBICE BYO KURAHIRA UKANYUZA UWO URAHIRIYE	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[44] ISOMO KU IJAMBO RIGIRA RITI "IMANA N'IBISHAKA NA WE UKABISHAKA"	83
AMOKO Y'IBYO UMUNTU ABONA MU NZOZI	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[45] ISOMO KU BYEREKEYE UMUNTU UTUKA IGIHE KO ABA ABABAJE IMANA (KWITIRIRA IBYABAYE IGIHE)	83
IBICE BYO GUTUKA IGIHE	83
ESE IZINA IGIHE (DAHAR) NI RIMWE MU MAZINA Y'IMANA?	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[46] ISOMO KU BYEREKEYE KWITWA UMUCAMANZA W'ABACAMANZA BOSE N'IBINDI NKABYO (BIRABUJIJWE)	83
[47] ISOMO RYO KUBAHA AMAZINA Y'IMANA NYAGASANI NO GUHINDURA IZINA KUBERA IBYO	83
IBICE BY'AMAZINA Y'IMANA NYAGASANI:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[48] ISOMO K'UMUNTU UTESHA AGACIRO IKINTU KIRIHO GUSINGIZA IMANA CYANGWA QOR'AN CYANGWA INTUMWA MUHAMADI	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[50] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "ARIKO (ALLAH) YAMARA KUBAHA UMWANA UTUNGANYE, BAGATANGIRA KUMUBANGIKANYA MUBYO YABAHAYE"	83
(bamwita amazinaabangikanya Allah).	83
UBWOKO BW'IBANGIKANYA BUGAMIJWE MURI IYI AYAT:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
[51] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "KANDIAMAZINA MEZA YOSE NI AYA ALLAH, BITYO MUJYE MU YIFASHISHA MUMUSABA, KANDI MUNITANDUKANYE NA BABANDI BAKERENSA AMAZINA YE"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83
IKIZAMINI CYA MBERE CY'IGICE CYA CYENDA (AMASOMO 11)	83
[52] ISOMO RY'UKO BATAVUGA BATI: AMAHORO ABE KU MANA" (KIRAZIRA)	83
NI UKUBERA IKI?	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA	83

[53] ISOMO KU IJAMBO RIGIRA RITI "MANA MBABARIRA IBYAHA NUBISHAKA" (KIRAZIRA GUKORA IS'TITHINAU MU BUSABE)	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[54] ISOMO KO BIDAKWIYE KUVUGA UTI "UMUJA WANJYE N'UMUJAKAZI WANJYE"	83
ITEGEKO RYO KUVUGA UTI"UMUJA WANJYE N'UMUJAKAZI WANJYE"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[55] ISOMO RYIGISHA KO UMUNTU USABYE KUBERA IMANA ADASUBIZWA INYUMA (KIRAZIRA CYANGWA SI BYIZA)	83
IBICE BYO GUSABA KUBERA IMANA	83
ESE BIREMEWE KO UMUNTU YASABA KUBERA IMANA CYANGWA NTIBYEMEWE?	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
IGISOBANURO CY'IRI SOMO:	83
[56] ISOMO RY'UKO NTAWE USABA KUBERA UBURANGA BW'IMANA USIBYE IJURU	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
ITEGEKO RYO GUSABA IGISINGIZO CY'IMANA:	83
[57] ISOMO KU IBYAVUZWE KU GUKORESHA IJAMBO (LAW) HARI IBISOBANURO BIRAMBUYE.	83
IBICE BYO GUKORESHA IJAMBO (LAW) HAMWE N'AMATEGEKO ABIGENGA:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[58] ISOMO RIBUZA GUTUKA UMUYAGA (KWISHIMIRA IGENO RY'IMANA)	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[59] ISOMO KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "RITEKEREZA KURI ALLAH IBITARI UKURI IBITEKEREZO BYA KIJJI. NUKO BARAVUGA BATI "ESE IBI (KUZA KU RUGAMBA) HARI URUHARE TWABIGIZEMO?" VUGA (YEWE MUHAMADI) UTI "GAHUNDA ZOSE ZIGENWA NA ALLAH"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[60] ISOMO KU BYEREKEYE UMUNTU UHAKANA IGENO (KO ARI UBUHAKANYI BUKURU)	83
KWEMERA IGENO BIFITE INYUNGU ZIHAMBAYE MURI ZO:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[61] ISOMO KU BYEREKEYE ABAKORA IBISHUSHANYO (ISEZERANO RY'IBIHANO BIKAZE)	83
GUTUNGA IBISHUSHANYO BIRIMO IBICE BYINSHI:.....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[62] ISOMO KU IBYAVUZWE KU KURAHIRA KENSHI (ISEZERANO RY'IBIHANO KUBERA GUKUZA IMANA)	83
KURINDA INDAHIRO BIRIMO INZEGO:	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[63] ISOMO KU IBYAVUZWE KU KUBAHIRIZA ISEZERANO RY'IMANA N'IRYI NTUMWA YAYO (KWEREZA IMANA IBIKORWA NO GUKURIKIZA INTUMWA)	83
ABANTU TWAGIRANYE AMASEZERANODUKORANA DUTE?	83
IBICE BIGIZE KURAHIRIRA IMANA NYAGASANI	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[65] ISOMO RYO KUBA BITEMEWE GUKORERA UMUNTU UBUVUGIZI KU MANA (KUBERA UBUHAMBARE BWAYO).....	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
[66] ISOMO KU IBYEREKEYE INTUMWA MUHAMADI KURINDA IMBIBI ZA TAWUHID NO GUFUNGA INZIRA Z'IBANGIKANYA (NDETSE NO MU MAGAMBO)	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
ICYA CUMI: UMUSOZO (ISOMO 1)	83
[67] ISOMO KU IBYAVUZWE KU IJAMBO RY'IMANA RIGIRA RITI "KANDI (ABABANGIKANYAMANA) NTABWO BAHAYE ALLAH ICYUBAHIRO KIMUKWIYE. NO KU MUNSI W'IMPERUKA IBIRI MU ISI BYOSE BIZABA BIRI MU KUBOKO KWE, NDETSE N'IBIRERE BIZAZINGAZINGIRWA MU KUBOKO KWE	

KW'IBURYO. UBUTAGATIFU NI UBWE KANDI NTAHO AHURIYE N'IBYO BAMUBANGIKANYA (NABYO)"	83
IBINTU BY'INGENZI UMUNTU AGOMBA KUMENYA.....	83
IKIZAMINI KU GICE CYA CYENDA CYASIGAYE NDETSE N'UMUSOZO (AMASOMO 16)	83
ISHAKIRO RY'AMASOMO	83

Cyanditse n'ukeneye impuhwe za

Nyagasani we

HAYITHAM MWENE MUHAMADI

SARHAAN

Uwahoze ari umwarimu mu
ishuri ryisumbuye ry'umusigiti
w'intumwa, akaba n'umuyobozi
w'urubuga rwa atasaswil al ilmiy
Cyasobanuwe mu Kinyarwanda

na : SH. TWAGIRAMUNGU

Mudathir